

# GUHINDUKA UMUYOBOZI NYAWE

UKO WAKORA KUGIRA NGO UBE UMUYOBOZI  
UMEZE NK'UKO UMUTIMA W'IMANA USHAKA



JOYCE MEYER



**GUHINDUKA  
UMUYOBOZI  
NYAWE**



# GUHINDUKA UMUYOBOZI NYAWE

UKO WAKORA KUGIRA NGO UBE  
UMUYOBOZI UMEZE NK'UKO UMUTIMA W'  
IMANA USHAKA

*na Joyce Meyer*



JOYCE MEYER  
MINISTRIES

P.O. Box 5, Cape Town 8000

Usibye aho byasobanuwe, amagambo yose yakuwe muri Bibiliya Yera 2000. Imirongo yanditseho “TLB” yakuwe muri Bibiliya yitwa *The Living Bible*©1971. Yakoreshejwe tubihereye uburenganzira na Tyndale House Publisher, Inc. Wheaton Illinois 60189. Uburenganzira bw’umuhanzi bugomba kubahirizwa.

Ibyanditswe biriho ijambo “MESSAGE” byakuwe muri Bibiliya yitwa *The message:New Testament with psalms and proverbs* (MESSAGE) yanditswe na Eugene H. Peterson. Copyright©1993, 1994, 1995 na Eugene H. Peterson. Nav Press, P.O. Box 35001, Colorado Springs, Colorado 80935. Yakoreshejwe tubihereye uburenganzira.

Ibyanditse byanditseho “NKJV” byakuwe muri Bibiliya yitwa *The New King James Version*. Uburenganzira bw’umuhanzi©bwa Thomas Nelson, Inc. Yakoreshejwe tubihereye uburenganzira. Uburenganzira bw’umuhanzi bugomba kubahirizwa.

Ibyanditswe biriho ijambo “TEV” byakuwe kuri Bibiliya yitwa “Today’s English Version - second Edition©1992. yanditswe na American Bible Society. Yakoreshejwe tubihereye uburenganzira.

Ibyanditswe biriho ijambo “KJV” byakuwe muri Bibiliya yitwa “King James Version of The Bible. Ibyanditswe byateruwe muri Bibiliya byanditse mu nyuguti ziberamye. Hari aho umwanditsi yagiye atsindagira amagambo amwe yavanywe muri Bibiliya. Ariko muri Bibiliya yaturutsemo ho nta bwo aba ateye atyo.

A Leader in the Making - Ruwanda  
Ibyangombwa kugira ngo ube umuyobozi  
umeze nk’uko umutima w’Imana ushaka  
ISBN 1-57794-219-1  
Uburenganzira bw’umuhanzi©2001 bwa Joyce Meyer  
Joyce Meyer Ministries  
P.O.Box 655  
Fenton, Missouri 63026

Cyahinduwe mu kinyarwanda kivanwa mu cyongereza  
na NIZEYUMUKIZA Justin

*Printed at*  
Caxton Printers  
Red Hills, Hyderabad - 500 004

Iriburiro

7

**IGICE CYA 1: *Kwitegura kuba umuyobozi***

- |   |    |
|---|----|
| 1. Teza imbere ubushobozi bwawe:<br>Nta muntu utangirira ikivi ku musozo wacyo, igice cya 1 | 13 |
| 2. Teza imbere ubushobozi bwawe:<br>Nta muntu utangirira ikivi ku musozo wacyo, igice cya 2 | 27 |
| 3. Gutuza bitanga ubushobozi, igice cya 1   | 43 |
| 4. Gutuza bitanga ubushobozi, igice cya 2   | 61 |

**IGICE CYA 2: *Umutima w'umuyobozi***

- |  |     |
|--|-----|
| 5. Imimerere mibi y'umutima, igice cya 1       | 81  |
| 6. Imimerere mibi y'umutima, igice cya 2       | 111 |
| 7. Imimerere mibi y'umutima, igice cya 3       | 135 |
| 8. Imimerere y'umutima utunganye, igice cya 1  | 151 |
| 9. Imimerere y'umutima utunganye, igice cya 2  | 177 |
| 10. Imimerere y'umutima utunganye, igice cya 3 | 195 |

**IGICE CYA 3: *Kugeragezwa k'umutima w'umuyobozi***

- |   |     |
|---|-----|
| 11. Kugeragezwa k'umuyobozi , igice cya 1 | 211 |
| 12. Kugeragezwa k'umuyobozi, igice cya 2  | 235 |
| 13. Kugeragezwa k'umuyobozi, igice cya 3  | 251 |

**IGICE CYA 4: *Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umuyobozi***

- |  |     |
|--|-----|
| 14. Gukuza ingeso n'imimerere myiza                | 269 |
| 15. Ibyiza byo kuba maso                           | 283 |
| 16. Abantu basanzwe ariko bafite intego zidasanzwe | 309 |

- |   |     |
|---|-----|
| Umwanzuro                                       | 333 |
| Isengesho ryo kugirana ubumwe bwihariye n'Imana | 337 |
| Ubusobanuro                                     | 339 |
| Ibitabo byifashishijwe                          | 353 |
| Ibindi bitabo byagufasha bivuga ku buyobozi     | 355 |
| Ibyerekeye umwanditsi                           | 357 |

## IRIBURIRO

**A**bantu bamwe na bamwe bagera aho bakaba abayobozi ariko bari basanganywe impano y’ubuyobozi. Hari rero abandi bantu na bo baba badafite impano nk’iyo ariko bakavamo abayobozi beza bitewe n’uko bagize amahirwe yo kwiga no guhugurwa ku bijyanye no kuyobora. Nyamara na ba bandi basa n’abaravukanye impano y’ubuyobozi muri bo nta bwo babigeraho gutyo gusa nk’aho bibari mu maraso, burya twese dukenera kugira ikintu gito twakora.

Hashize imyaka myinshi Imana impamagariye umurimo w’ivugabutumwa ariko nta bwo nabyutse mu gitondo kimwe ngo nisange ndi wa muntu wamaze kubona umwanya w’ubuyobozi wo kwicaramo, wanagombaga kuzamuka mu ntera yo kuba umuyobozi mukuru ku bandi mu cyumweru cyari gikurikiyeho. Si ko byari bimeze nubwo nibwiraga ko iyo gahunda nari nyiteguye bihagije, ingorane yari uko nta mbuto z’umwuka zagaragaraga mu mibereho yanjye.<sup>1</sup> Izo mbuto z’umwuka ntizangaragaraga mu myitwarire yanjye.

Nta mutuzo no gutekana byambagamo, nta kwizerwa, nta kwihangana, nta munezero, nta rukundo, nta mpuhwe, nta bwitonzi ndetse nta no kwiyoroshya no kwicisha bugufi nagiraga. Ndetse kandi muri jye harimo ubwibone n’ubwirasi burengeje kamere. Muri jye hari huzuye mo “Jye” gusa – Nahoraga ntekereza ku byifuzo byanjye gusa, nahoraga nkora nk’uko nishakiye gusa. icyo gihe iyo njya kuba ndi mu mwanya w’ubuyobozi, aho kugira ngo mbe narashoboye kubyara umusaruro ukwiriye muri abo bantu nayoboraga nk’umuyobozi, ahubwo mba naratumye twese tumererwa nabi. Nyamara nubwo byari



bimeze gutyo kuri jye, Imana yo yampamagariye kuba umuyobozi. Rimwe na rimwe najyaga nibaza impamvu Imana itajya ihamagarira abantu bagaragaza koko ko bashoboye kuyobora. Impamvu ni uko nta muntu n’umwe umeze utyo iba ibona.

Biratangaza kubona hari abantu hirya no hino ku isi basa nabicaye inyuma y’uruziga rw’ubuzima mu mibereho yabo. Nawe wenda ushobora kuba uri umwe muri abo. Ariko nshobora kukubwira ko kugira ngo Imana ibe yagukoresha cyangwa ntagukoresha biterwa n’ikintu kiruta cyane, kuba ufite impano cyangwa ubushobozi bwo kuba washobora gukora ikintu runaka yaguhaye. icyo kintu kindi gikenewe gifitanye isano ikomeye. Imyifatire n’imyitwarire yawe nk’umuntu – urwego uba ugezeho mu buryo bw’imikurire mu bitekerezo, kuba ufite imbuto z’umwuka, ndetse n’uko witwara, n’uko mu mutima wawe ubona abantu n’ibintu bikuzengurutse. Muri iyi nyigisho, iyo ndi kuvuga ku mutima w’umuntu, mba nshaka kuvuga ku buryo uwo muntu agerageza kubana na yo. Uko agerageza kubana n’abandi bantu ndetse n’uko abona ibintu ahura na byo mu mibereho ya buri muni. Dushobora kuba tutibeshya turamutse duhinduyeho inyito ahari ijamba umutima tukahashyira imimerere. Nemera ko Imana ijya ikoresha abantu batari muri ba bandi bafite ubushobozi n’ubumenyi bwo kuba bakora ikintu runaka kurusha abandi ahubwo bakaba imitima myiza cyane. Bafite umutima ushimwa n’Imana.

Abantu benshi bagerageza kuyobora kandi batarigeze babona amahugurwa y’ubuyobozi. Baba batarakura mu mitekerereze irebana n’ubuyobozi ngo bigaragare ko bafite imyitwarire myiza. Sintekerezako abantu nkaba bashobora kuba abayobozi Imana ishaka. Kugira ngo tube abayobozi bakomeye hari ibintu tugomba kunyuramo mu mibereho yacu ariko ku buryo bitagomba kutubuza gukomeza kugira umutima ubona ibintu mu buryo bukwiriye.

Kuki dukwiriye kunyura mu bintu bishobora gutuma dutera imbere mu bushobozi Imana yaduhaye? Hari impamvu imwe ituma bigomba kutubera bityo akaba ari uko tutazigera tuba abayobozi beza kandi buzuye nk’uko bikwiriye turamutse duteje imbere ubwo bushobozi Imana yaduhaye.

Abantu bamwe na bamwe baba bashaka kugera ku rwego rubashimishije, batazi aho gutangirira urwo rugendo. Abandi na bo baba bazi aho gutangirira ariko batazi uko bava aho hantu ngo bagere aho bakwiriye kurangiriza urugendo. Niba wumva rero uri muri kimwe muri ibyo byiciro, ugiye gukura isomo muri iki gitabo ku cyo wakora kugira ngo uzashobore kugera kuri izo ntego ugambiriye kugeraho kandi unashobore gusohozza imigambi Imana igufiteho. Ugiye kandi no kumenya ibigomba gukurikizwa byose kugira ngo umuntu ashobore kuba yakwitwa umuyobozi nyawe.

Mbere y’uko nandika iki gitabo, nari naragize amahirwe yo gusoma igitabo kitwa “*The making of a leader*” cyanditwe na Frank Damizio maze nkibona mo ibintu byingirakamaro bivuga: imimerere y’umutima.gukuzza imyifatire, kwitegurira kuba mu buyobozi, n’ishuri ry’ubuyobozi. Ibi bintu byatumye muri jye hazamo ubushake bwo kugira ukuntu nagira icyo nongera muri izi nyigisho zanjye. Ndizera neza ko igitabo cya Frank Damizio kizakugirira akamaro cyane none nkaba ngushishikariza kugishakisha no kugisoma ku buryo nagishyize ku rutonde rw’ibitabo ukwiriye kuzasoma ruri ku musozo w’iki gitabo.

Nubwo inyigisho ziri muri iki gitabo zisa nizateguriwe abayobozi n’abifuzza kuzaba bo, kinarimo inyigisho zishobora gushyirwa mu bikorwa mu mibereho ya buri muni y’umuntu uwo ari we wese ufite ubushake bwo kugera ku by’Imana umufitiye muri gahunda yayo yose. Nubwo waba wibwira ko udashaka ubuyobozi Imana yo ishobora kuba igufiteho imigambi itandukanye n’iyawe. Hari imigambi utazi, Imana igufiteho nubwo ubu nta cyo ubiziho. Igufitiye imigambi myiza kandi itubutse mu bubiko bwayo ku buryo burenze uko wabitekereza! Nyamara n’ubusanzwe abenshi muri twe duhora twifuza kugira icyo twayobora nubwo yaba ari ukuyobora imbwa gusa. Duhorana kamere yo kwifuza kuyobora.

Si ngombwa ngo umuyobozi abe afite umuryango runaka wagutse ayobora. Umuyobozi ni umuntu uboneka nk’uri hejuru y’ibintu, ashoboye kubitegeka no kubiyobora ku rwego yaba ariho hose.

Muri iki gitabo ndagenda nsangira nawe ibyo Imana yagiye inyigisha mu myaka yatambutse yose igihe yandindaga ikanyobora kuva mu minsi ya mbere, mu gihe nari ku rwego rw'ubuyobozi ruri hasi cyane kandi rugoye aho nayoboraga abantu bake cyane mu cyumba cy'inyigisho za Bibiliya cyari mu rugo rwacu, mu gihe kitari gito, none dore mfite inshingano y'umurimo udafite aho uhuriye na wawundi wa mbere. Ubu nyobora ibihumbi by'abantu mu muhamagaro Imana yaduhaye wo gokora umurimo wayo mu buryo bwo gukoresha ibiterane hirya no hino ku isi witwa *Life in the World Conferences and Outreaches*. Umugabo wanjye Dave hamwe nanjye dukora ibyo Imana yaduhamagariye kandi muri iyi gahunda yo guteza imbere impano Imana yaduhaye twumva turimo kugera ku rwego twifuzaga kugeraho kuva kera. Ubu ndabona inzozo zisohora. Sinemera ko iki ari ikintu Imana yateganyirije abantu bake gusa. Nemera ko icyo ishaka ubwayo ari uko abantu bose bagera ku nzego bifuzaga kugeraho. Imana irashaka guhindura ibintu byinshi mu bugingo bwawe kurusha ibyo wibwira.

Igihe cyose uzaba urimo gusoma iki gitabo ndagushishikariza kuzajya uhora ukinguye urugi rw'umutima wawe n'urw'ibitekerezo byawe kugira ngo ushobore kumva icyo Imana ishaka kukubwira.



# **IGICE CYA 1**

**KWITEGURA KUBA  
UMUYOBOZI**



# UMUTWE WA 1



## TEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWawe: NTA MUNTU UTANGIRIRA IKIVI KU MUSOZO WACYO, IGICE CYA 1

**D**ukunze kumva abantu bavuga ngo “uriya muntu yavutse ari umuyobozi.” Ariko se, abantu bavukana ubuyobozi cyangwa hari ibyo bakora ngo babe abayobozi?

Birashoboka ko abantu bamwe na bamwe basa n’abavukana impano zerekana ko bazavamo abayobozi beza. Ariko na none birashoboka ko abantu bamwe bazwiho kuba ari abayobozi beza cyane, ari ba bandi usanga bavugwa ko batabikwiye, kubera ko batabishobora. icyo abantu nk’abo baba bakeneye ni uko habaho umuntu wo kwemera ko hari icyo bashoboye gukora maze ahubwo akabafasha guteza imbere no kongera ubwo bushobozi bubarimo. Akenshi bavamo abayobozi beza kandi ubuyobozi bwabo bugatanga umusaruro ugaragara.

Waba waravutse ugaragaza ko ufite impano yo kuzaba umuyobozi cyangwa ukaba uri wa muntu ugomba kugira icyo ukora kugira ngo ube we? Impamvu nanditse iki gitabo ni ukugira ngo ngufashe kumenya no gusobanukirwa ibyo ushoboye gukora nk’umuyobozi no kukwereka uko ubwo bushobozi buke ufite wabukuza.

Hari abantu bamwe badukorerera njye n’umugabo wanjye muri uyu muhamagaro wacu babarirwa mu kicio cy’abantu bavukanye

impano y'ubuyobozi. Muri bo bagira ukuntu bateye gufite imikorere n'imatekerereze bihamye bitajya bitezuka kandi ibyo bigasa n'ibituma basa n'abahorana kamere yo gushobora kumenya no gusobanukirwa uburyo bwo gutera abandi gukorana neza. Kandi na none mu itsinda ry'abayobozi dukorana muri uyu murimo wacu hari abantu ntatekerezaga ko bari kuzavamo abayobozi. Nyamara hari igihe cyageze biba ngombwa ko dukenera abayobozi hamwe na hamwe maze tubona basa n'aho ari bo Imana yadutungiraga agatoki. Twarakomeje dukorana na bo kugeza na magikingo aya kandi biragenda biboneka ko bamwe muri bo bamaze kuba bamwe mu bayobozi beza cyane dufite.

Umwe muri aba bantu ni umugore witwa Shariloti. Ubwa mbere akiza kudukorera, yahoranaga ubwoba no gutinya ku buryo tutashoboraga kuvugana cyangwa kuganira ku kintu runaka ngo turangize atarize. Buri gihe iyo twageragezaga kumusaba gukora ikintu yumvaga atamenyereye gukora yarabitinyaga, kugeza aho avuga ati “Sinzi niba nabishobora. Ndumva ndibukore amakosa.”

Umunsi umwe niyumvamo ko Imana yambwiraga ko nkwiye kumuhamagara mu biro byanyje nkamubwira ngo “Sharilo, Imana irashaka kukubwira ko igihe cyawe cyo gukura cyigeze. Ugomba kurekeraho kujya urizwa n'ubusa no gutinya ikibonetse cyose.”

Hashize igihe arambwira ngo wa munsi yagiye mu rugo arira kuko nari namuteye akababaro mu mutima. Ariko yarabisengeye maze Imana iramubwira iti “Ibyo Joyce yakubwiye ni ukuri, iki ni igihe gikwiriye cyawe cyo gukura maze ugatangira kumenya no kwemera ko ugomba kugira inshingano ugomba kwitwararika no kuzuza.”

Ibyo yabyemereye Imana natwe aratwemerera ku buryo ubu yahindutse akaba yaravuyemo umwe mu bayobozi beza cyane dufite. Yize kwemera ko agomba kujya yakira inshingano zitandukanye n'ibindi bintu byose bizajya biza bishaka ko ari we ugomba kubwitaho - ibyo byose ariko byamushobokeye kubera ko yarekeye aho gutinya ahubwo agatangira gukuzubushobozi bwari bumurimo.

Ibyo byose kandi byagenze bityo kubera ko natwe ubwacu twagize umuhate wo kumva ko tutagombaga ku mutererana. Nk'uko byari

bimeze kuri Shariloti, habaho abandi bantu benshi bashobora kuba bakora ibintu bikomeye ariko bakaba bakenera umuntu wo gukorana na bo aho gutereranwa.

Rimwe na rimwe abantu tubona nk'abatubangamira, ni bo Imana ishaka ko dufasha gutera imbere nk'uko na yo yagiye itwihanganira mu minsi yashize kugeza n'ubu ikaba inagikomeje kudufasha gutera imbere mu bintu byose bituma tuba abo turi bo n'abo tuzaba bo.

## UMURIMO WACU WA MBERE

**Guteza imbere ubushobozi bwacu ni yo nshingano ya mbere ya buri wese muri twe.**

Twese tugira ubushobozi butubamo. Ariko ubwo bushobozi tukaba tuba tutarabukuzamo ngo bugere ku rwego rukwiriye kugeraho. Kandi koko ibyo ntibijya bishoboka tutaremerera Imana ngo twizere ko dushobora gukora icyo ivuga mw'Ijambo ryayo. Iyo rero tuba tutarahitamo gutera intambwe yo kwizera ngo twemere ko mu Mana nta kidashoboka<sup>1</sup> na yo nta bwo ishobora kugira umurimo ikora mu bugingo. Irashaka gukuzamo ubushobozi bwacu.<sup>2</sup>

Ndizera ko uri gusoma iki gitabo ubitewe n'ubushake bw'Imana. Nubwo muri iyi si yose nta muntu waba ukwizera, ku Mana si ko bimeze. Nuramuka ukomeje kwizera ibyo, uzashobora gukora ikintu cyose Imana ishaka ko ukora. Ariko nibitaba bityo nubwo hari ikintu icyo ari cyo cyose Imana yaba ishaka ko wakora ntuzabishobora kubera ko uzaba utemeranya na yo. Iyo tutemeranya n'Imana mu by'ukuri tuba twemeranya na Satani tuba tuvuga ko Satani ari mu kuri abitubwira mu bitekerezo bipfuye, cyangwa akaba abinyujije mu wundi muntu avuga ko nta cyo twashobora kugeraho.

Hari ubwo tuvuga ko Satani afite ukuri icyo ari kutubwira ibinyoma no kudushyiramo ibitekerezo bipfuye, cyangwa turi gutekereza ku magambo apfuye aba yatuvuzweho n'abandi bantu, wenda ngo nta cyo tumaze kandi ngo nta kizima twakora.



Kugira uwo twemeranya na we ni ikintu gikomeye. Yesu yaravuze ati: ababiri kuri iyi si iyo bahuje umutima bakemeranya ku kintu na Se wo mu ijuru yemeranya na bo akabakorera icyo bashaska.<sup>3</sup>

Mu gihe cyashize nari mfite ubuzima bwari bungoye cyane maze Imana inyibutsa uyu murungo kandi irambwira ngo nubwo bitashoboka ko ngira undi muntu wo kwemeranya nanjye, jye mba nkwiye kwemeranya n’Umwuka Wera.<sup>4</sup> Na we ari ku isi kandi muri twe. Tuba twemeranya na wo iyo twemeranyije n’ibyo tuba tuzi ko Ijambo ry’Imana rivuga ko ari ukuri kuri buri mibereho. Ubushobozi bwawe bukubamo. Twemerera Imana gukora ibyo iyo twemeye ko ibyo tuzi ko Ijambo ry’Imana ari ukuri mu bihe byose.

### HA UBUSHOBOZI BWAVE ISURA

Inkoranyamagambo yitwa Noah’s *Webster’s 1928 American Dictionary of the English Language* isobanura ijamba “ubushobozi” itya: ikintu kiba gishobora kuzabaho kera nubwo ubu kiba kitagaragara nk’ikiriho.<sup>5</sup>

Nta bwo ubushobozi bwo kuba umuntu yakora ikintu bushobora kubaho budafite isura. Ubushobozi bukenera ikintu cyo gutuma bugira uko busa, bugaragara kandi kigatuma bugira akamaro. Ubu bushobozi se busukwa mu yihe foromo? Busukwa ku byemezo. Kugira ngo dukuze ubushobozi bwacu tugomba kugira gahunda kandi tukayisengera. Tugomba kugira ikintu dukora.

Nemera ko abantu benshi baba batishimye kubera ko nta kintu bakora cyatuma ubushobozi bwabo butezwa imbere. Mu by’ukuri, abenshi muri bo ntibajya bakuza cyangwa bateza imbere ubushobozi bwabo. Kubera ko nta kintu bajya bakora ahubwo bahora bitotomba ngo nta kintu bagira cyo gukora!

Niba ushaka kubona ubushobozi bwawe bukura, ntugategereze ngo uzagira icyo ukora ari uko ibintu byose ari bishyashya. Gira icyo ukora ubu. Tangira ushyire amaboko yawe ku kintu kikuri imbere. Ntushobora gutangira ku musozo. Ugomba gutangirira aho ikivi gitangira nk’uko abandi bose babigenza.

Abantu benshi bashaka gutangirira kuri A ariko bahumbya kabiri gusa bakumva bageze kuri Z. Ibyo ntibishoboka.

Ubushobozi bwawe ugomba kubuha isura. Gira icyo ubukoresha. Nta bwo uzigera umenya icyo ushobora gukora nta kintu na kimwe uragerageza gukora. Ntugatinye kuba watsindwa cyangwa kuba wananirwa ngo bigutere gutinya kugerageza. Ntuzigere uhitamo kumva ko wakwigumira ahantu hatari ingorane, uhakorera ubusa, utekereza ko nubwo nta kintu urimo gukora, nta ngorane uzahura na zo. Niwibera aho, ntuzigera ugera ku ntego yo gushobora guteza imbere ubushobozi bwawe ku buryo buhagije cyangwa ngo wumve muri wowe wishimiye ibyo ukora. Jya usatira ibyo wumva cyangwa utekereza ko Imana ikuyobora gukora, kandi ntibizatinda utarasobanukirwa ibyo ushobora gukora n'ibyo udashobora.

Abantu benshi cyane babuzwa amahoro no kuba badasobanukiwe impano zibarimo. Icyo ugomba gukora gusa kugirango ushobore kumenya umuhamagaro wawe, ni ugutangira ukajya ukora ibintu bike bike bijya bikunezeza. Nta bwo Imana izigera ituma umara imyaka y'ubuzima bwawe bwose ukora ikintu utishimira cyangwa kitakunezeza. Nubwo mfite abana n'abuzukuru nkunda kandi bakananshimisha cyane, namenye ko impano yanjye n'umuhamagaro wanjye bitari mu gukorana n'abana. Nyamara hari abandi bantu bakunda kubikora. Umukobwa wanjye witwa Sandra ni umwe muri abo.

Habaho abantu baba barasizwe amavuta yo kubashoboza gukora buri kintu gikenewe gukorwa. **Umuyobozi nyawe amenya icyo ashobora gukora n'icyo adashobora gukora kandi akiyegereza abantu bashobora gukora neza ibyo we yumva adashoboye gukora.**

## KUZA IMBUTO IKURIMO

Nemera ko Imana ishyira imbuto muri twe. Na Yesu ubwe mu byanditswe hari aho avuga urubuto.<sup>6</sup> Akenshi tuvuga ku bintu dufiteho uburenganzira, no ku butsinzi bwose twaherewe muri Kiristo wongeyeho n'indi migisha yose; amahoro, agakiza, n'umunezero. Nizera ko ibi bintu byose biza mu bugungo bwacu nk'akabuto gato

igihe tuba twakiriye Yesu nk’umukiza wacu. (Niba utarabikora, ariko ukaba ubyifuza, hari isengesho ushobora gusenga ku musozo w’iki gitabo).

Impamvu imwe abantu bamwe na bamwe batajya bagira amahirwe yo kubona mu mibereho yabo ibyo Bibiliya ivuga ko bashobora kubona, ni uko baba batajya bateza imbere imbuto ibarimo. Imbuto nk’iyo ntijya ishobora kuva kuri rwa rwego rw’imbuto batagira icyo bayikoresha.

Mu buzima bwanjye no mu mibereho yanjye nagiyeye mbona insinzi igihe cyinshi. Nakuriye mu buzima bubi cyane aho namaze imyaka myinshi mbabazwa cyane, mpohoterwa, ntukwa, mbabazwa mu bitekerezo, nkaza no kugeraho nkagira urushako rubi, nkababazwa nkanababara ku mutima mbere y’uko nubakana n’umugabo wanjye Dave. Igihe Umwami Yesu yansangaga nkagirana umubano uhamye na we, nari mu buzima bupfuye. Nshobora kuvuga ko ibyo nasomye muri Bibiliya byakoze Umurimo ukomeye mu bugungo bwanjye. Ariko kandi na none nshobora kuvuga uko ayo mahirwe n’iyo mpano byagiye bikura. Nta gace ka byo na gato kapfuye kungwaho gusa nk’ikibuto gihishije kigwa kivuye ku giti. Nagombaga gufata ubwo bushobozi nkabubuyazamo igikorwa kigaragara.

## **IMPAMVU GUTERA IMBERE ARI NGOMBWA**

Nk’uko bisobanurwa, mu nkoranyamagambo ya Webster yanditswe mu 1928, Ijambo “gutera imbere” bivuga “Kubumbura icyari kibumbye, kugishyira ahagaragara, kuvumbura ikintu cyari gihishwe nk’ibanga.”<sup>7</sup>

Icyo wowe najye twiyumvamo, ni ikintu gikomeye, ariko nta bwo kizigera kitugeza ku bintu byiza cyangwa bishimishije, nituramuka tutagifashe ngo tucyambike ishusho izajya idufasha, igafasha n’abandi.

Muri 1 Petero 4:10 muri Bibiliya yo mu bwoko bwa TEV, tubwirwa ko dukwiriye guteza imbere no gukoresha impano zacu

kandi tukazisangira nk' abavandimwe. Iyo ni yo mpamvu Imana iduha impano kugira ngo tubere abandi umugisha.

Nta mpamvu yagombye gutuma duhorana umutima utishimye kubera ko hari umuntu wifuza ibyo dufite . icyo tugomba gukora rero ni ugushakashaka aho abo bantu bameze batyo bari maze tugatangira kubagezaho impano zacu kugira ngo zibagirire akamaro.

Enjeniyeri nyawe wubaka amazu ashobora kuba afite mu biro bye ibishushanyo by'ahantu yenda kubaka, ariko nta muntu washobora kubona amazu nyamazu yakuwe muri ibyo bishushanyo, kereka wa mu enjeniyeri aramutse afashe bya bishushanyo akagira icyo abikoresha. Ni bangahe muri twe se baba bafite ibitekerezo byiza kandi bizima ndetse na za gahunda nziza ariko ntibabikoreshe? Abenshi muri twe tuba beza mu nzozi, ariko ntituba beza na gato gukoresha imbaraga zacu zose.

Ni iki kiba hagati yo guteza imbere ubushobozi buba buturimo no kugaragara kw'ibintu bishobora kubyarwa nubwo bushobozi. Nta kintu na kimwe gikomeye cyane cyo mu buryo bwo mu mwuka gituma tubisobanukirwa, uretse kumenya ko hari ibintu byoroshye bibaho mu buzima bwa buri muni nk'igihe, ubushake no gukorana umwete.

Nta muntu ushobora gukorana ubushake mu cyimbo cyacu. Tugomba gukorana ubushake rwose. Iyo tudakoranye ubushake, umwanzi araza akatwiba ibyo dufite byose uko bingana. Ariko nubwo tugomba gukorana ubushake, ntitugomba kubikora ku buryo burenze urugero ngo tuzagere aho duhindukenk'abasazi. Nk'uko bibaho no mu zindi gahunda nti tugomba kurundumukira mu mirimo gusa, ahubwo gusaranganya igihe.

Imbere muri iki gitabo, nzavuga ku buryo burambuye icyo Imana yavuganye n'umutware wanjye Dave maze ikamubwira ko igihe cyari kigeze cyacu cyo kujya gukorera umurimo wayo kuri Televiziyo. Nyamara twe twumvaga tumerewe neza mu muhamagaro wo gukorera umurimo wayo kuri Radiyo. Ntagushidikanya, twari dufite ubushobozi bwo gukorera n'aho handi, ariko hari icyo twagombaga gukora kugirango ubwo bushobozi butezwe imbere. Uko gutezwa imbere nta

bwo kwari kuzanwa no kwicara ku ntebe ihenze ishobora kuzengurutsa umuntu.

Njya ngira akantu gasa n’umugani kavuga ngo ushaka inka aryama nka zo “ushaka kubana n’Imana agomba kumenya ko nta kiruhuko agomba kwibwira ko gihari.” Imyaka twaba dufite yose, mu mibereho yose twaba dufite, guteza imbere ubushobozi bisaba igihe, gukorana ubushake ndetse no gukora, utikoresheje.

### **NTAWE USARURA AHO ATABIBYE**

Abantu benshi bumva batifuza kugira ikintu bashobora ahantu batizeye ko bazakura umusaruro mu gihe cy’imbere. Imitekerereze yabo iba iteye itya, “Niba hari icyo ngomba gukora muri aka kanya, ngomba no guherako mbihemberwa.” Mu buzima bwanjye, natangiye gukora umurimo w’Imana nigisha abantu makumyabiri na batanu, tukajya twicara hamwe mu cyumba cy’uruganiriro cy’inzu yacu. Nashyize imbaraga zanjye mu gikorwa cyo kwigisha aba bantu nta gafaranga mbikuramo na gake kandi akenshi nta n’unshima, ari ugukora cyane gusa. Ariko iyo myaka itanu yambereye imyaka yo guteza imbere umuhamagaro wanjye wo kwigisha nkora n’ubu.

Si kera cyane ubwo umuhungu wanjye w’imfura witwa David, ubu watangiye kujya yigisha kandi akanabwiriza abantu bake, yambazaga niba hari inshamake ku kigisho kimwe yazishakagaho narimfite. Naramubwiye nti mfite utubati dutatu two kubikwamwo ibitabo, dufite imyanya itatu minini yuzuye ibyo mbikamo impapuro byanditswemo inyigisho n’ibisobanuro ku bintu bitandukanye. Harimo ibintu by’imyaka makumyabiri y’akazi kenshi. Akenshi abantu bareba ikintu giteye nk’uyu murimo wanjye, maze bakifuza bati iyaba biriya akora ari twe twabokoraga. Bifuza batyo nyamara ntibifuza no gukoresha igihe kirekire cyane no gukora cyane nk’uko byangendekeye kugeza uyu umurimo aho ugeze ubu.

Abenshi muri twe nta ngorane tugira kubirebana no kwifuza, biratworohera ahubwo icyo tubura ni ugukora kugira ngo tugere ku cyo twifuza.

## WUZUYEMO UBUSHOBOZI

Hari abantu benshi bafite ubushobozi bwinshi cyane kuri iyi si batazagera babuteza imbere ahubwo bakabukoresha nabi. Imana yaremeye buri muntu wese kugira icyo akora gikomeye. Buri umwe muri twe afite ubushobozi bwo kugira ikintu runaka cyatuma afatwa nk'umuntu ukomeye – umugore mu rugo ukomeye, umudozikazi ukomeye, umutware mu rugo ukomeye, umunyemari ukomeye. Ariko ibyo twaba dukora byose dukwiriye kuba tutabikorana iyerekwa rigufi.

Ibintu bito bijya biba iby'ingirakamaro, ku buryo tudakwiriye kujya tubikerensa.<sup>8</sup> Ahubwo dukwiriye kujya tugira ibitekerezo byagutse, inzozu zagutse, ndetse n'iyerekwa ryagutse kuko dukorera Imana nkuru. Aho kugirango ngire inzozu nto kandi zose zizasohore uko nakazirose ngira inzozu zagutse nubwo zitasohora nk'uko nazirose.

Nemera ko igihe Imana yaturemye twese uko tungana, buri umwe muri twe yaturemye ukwe kwihariye. Imuhumekeramo umwuka w'Ubugingo<sup>9</sup> maze irangije igenda imushyiramo agace gato ka yo.<sup>10</sup> Twese uko tungana umwe muri twe ashobora kuba afite impano yo kuririmba, undi akagira impano yo kuvuga, undi iyo kwandika. Ingorane ziza iyo dufashe ya mpano Imana yaduhaye tukagerageza kuyikoresha ikintu undi muntu arimo gukora aho kugira ngo dutenze imbere ubushobozi bwacu.

Buri wese muri twe afite ubushobozi muri we. Dufite agace k'Imana muri twe. Nta bwo twaturutse ku kubeshya runaka. Nta bwo tugomba kumara iminsi y'ubuzima bwacu bwose nta cyo dukora ngo dutegereje kuzaba tugikora ubundi. Nta bwo turi bakuru cyane kandi nta nubwo turi bato cyane. Dufite inzozu n'amayerekwa Imana yaduhaye. Ariko izo nzozu n'amayerekwa Imana iduha biba ari ibintu bimeze nk'amahirwe si ibintu “bigomba kubaho ijana ku ijana.” Kuri yo nta kintu kidashoboka ariko bishaka ko natwe tugira ubushake bwo gufatanya na yo. Tugomba kugira n'ubushake tukabyerekanira mu kugira umuhate, tukayumvira, tukakora byose kugira ngo dukuze icyo yadushyizemo.

## BYOSE BITANGIRA ARI NK'AKABUTO

*Gusohora kw'inzozi n'amayerekwa Imana iba yaradushyizemo nta bwo ari ikintu umuntu aryama ngo ejo mu gitondo asange byamubayeho. Bitangira ari nk'akabuto katewe mu mutima w'umuntu gatewemo n'Imana, ariko akaba ari twe tugaha ifumbire tukakuhira amazi tukakitaho kugeza igihe gahindukiye ikibuto mu bugingo bwacu.*

Kimwe n'akabuto gaterwa mu nda y'umugore igihe cyo gusama, umwana ntavuka ako kanya. Hashira amezi icyenda yose yo gutwita. Akenshi tubona bimeze kimwe, biteye kimwe n'uko Imana ikora ibintu, ikoresheje uburyo bugiye gusa “n'imiterere y'imyororokere n'imivukire.” Itangirana n'akabuto, inzozi, icyifuzo ikabitera mu bitekerezo byacu. Kugira ngo ako kabuto gakure tugomba kukuhira tukakitaho tukagakurikiranira hafi kandi tukakarinda icya gahutaza kubera ko Satani ari umuhanga mu kwiba imbuto. Hari umunsi ugera maze ka kabuto kakavamo icyo twifuzaga.

*Icyo ni cyo Yesu yavugaga ko umwanzi nta kindi kimuzana uretse kwiba, kwica no kurimbura<sup>11</sup>... “Yesu kandi yavuze ko Satani ari umubeshyi akaba se w'ibinyoma<sup>12</sup>... Akoresha kwiba no kubeshya, kubuza abenshi mu bantu kugira ikintu icyo ari cyo cyose bakora.*

Jye ndi umugabo wo guhamya ko uwashaka wese yagera ku rwego yumva, ahagaze neza kandi yujuje ibyo Imana ya muhamagariye aramutse abishaka.

Jye mu buzima bwanjye busanzwe mbona nta mpano zikomeye mfite. Ariko mfite umunwa, nkaba nywukoresha guhesha Imana icyubahiro. Kubera ibyo nkaba muri jye mpora niyumvamo ko mfite umunezero mwinshi uterwa n'uko nakoresheje igihe cyanjye n'imbaraga zanjye nta kwizigama mu gukuza icyo Imana yanshyizemo.

Twese tugira ubushobozi butubamo, ariko si ko tugira ubushake bwo gukorana umwete. Iyo hari umusore cyangwa inkumi y'imyaka 20, maze ukamubona acuranga piyano neza uherako umenya ko hari igihe cy'imyaka yakoresheje yitoza gucuranga mu gihe abo bangana bo

babaga bikinira n’ inshuti zabo cyangwa biruka hirya no hino n’ inshuti zabo. Cyangwa bishimisha nkuko urubwiruko rukunze kubikora. Umucuranzi nk’ uwo unezeza abantu mu bitaramo, ashobora kuba yarakoresheje igihe cyo kirekire yashoboraga kuba yagikoreshamo ibindi bintu byiza, ariko akemera gufata icyo gihe ateza imbere ubushobozi bwe.

Abantu benshi ntibajya babona umunezero nk’ uwo kubera ko batajya bemera kuwutangira ikiguzi. Aho gukora batyo, bahora bifuzaga kubona no kugira “Igihe cyiza cya none aha.”

Birambabaza icyo mbona abantu batari bake bamara igihe cyabo kirekire muri za gahunda zo gushimisha imibiri yabo ariko nyuma ntibagire icyo bageraho. Imbere muri bo bagasa n’ ikintu kirimo ubusa.

Wagira umunezero uterwa no kumva ko ubushobozi bwawe ufite ukuntu urimo kubukoresha neza nkuko bikwiriye ari uko ubuteje imbere, ntugere aho ngo ubivemo cyangwa ngo ucike intege urekere aho.

## **KOMEZA UTERE IMBERE**

*Twe gucogora gukora neza kuko igihe nigisohora  
tuzasarura ni tutagwa isari.*

Abagalatiya 6:9

Igihe kimwe nahagaritse umutima cyane mbura amahoro muri jye kubera ko natekerezaga ko akabuto nari mfite muri jye katari kuzapfa kabyaye imbuto. Muri icyo gihe, nigishaga itsinda ry’ abantu bake inyigisho za Bibiliya kandi urebye nta kindi kirenze. Kuri jye, icyo gihe cyari igihe cyo kugeragezwa no gucika intege ariko buri gihe aho nabaga ndi hose Imana yampaga uyu murongo wo mu Bagaratiya 6:9.

Uwo murongo wangezeho mu buryo bw’ indamutso. Wari no kuri kalendari yanjye. Nanawukuye mu gasanduka kanjye k’ amasezerano.



Umubwiriza butumwa yawutwigishijeho. Aho nabaga ndi hose ni wo numvaga, ni wo nabonaga.

Ni muri iyi minsi nagize umugisha wo guhura n’umukozi w’Imana wari ufite impano y’ubuhanuzi yaje ku Itorerero ryacu. Mu gihe yarimo abwiriza, yantoranyije mu bandi bari bamuteze amatwi, maze aravuga ati Imana irakubwira iti “We gucogora gukora neza kuko igihe nigisohora uzasarura nutagwa isari.” Narakariye Imana cyane ndatekereza nti, **sinshaka kuzongera kumva ririya jambo mu buzima bwanjye. Nsanzwe nshogoye, sinshaka kuzagira icyo nsarura mugihe kizaza, ndashaka gusarura none aha!**

Amateraniro arangiye, nari maze gusa nk’ucuba ho gake, nari ndi kugendagenda muri parikingi y’imodoka, nsitara ku mabuye yari aho. Naje guhagarara, maze ndivugisha nti “Mana ndemeye. Icyo ushaka kumbwira ni iki?”

Imana iransubiza iti (Nta bwo ibyo yambwiye nabyumvaga n’amatwi ahubwo nabyumviraga mu mutima wanjye), “Joyce, wowe wicogora komeza, uzagerayo.”

Nta muntu ushobora kugusezeranya ko uzagera aho wifuza kugera mu cyumweru kimwe cyangwa mu mwaka umwe cyangwa nyuma y’urugendo uzakora (inshuro imwe) uzenguruka umusozi muremure. Abisiraheli bazerereye mu butayu bazenguruka imyaka 40 bazenguruka umusozi witwa Seyiri kandi urwo rugendo ubundi rwari rukwiriye gutwara iminsi 11.<sup>13</sup>

Birashoboka ko wahura n’ikigeragezo kimwe gikomeye cyangwa ukanahura n’ibigeragezo 20 cyangwa 30. Ushobora kwihangana kubana n’umuntu umwe mubi cyane cyangwa kugira icyo ukorana n’abantu batatu batari beza. Ariko nta bwo wa byishoboza ukoreshije imbaraga zawe cyangwa ubushobozi bwawe wenyine. Imana iguha ubuntu bwayo bukabigushoboza. Ubuntu bwayo ni bwo bushobozi bwayo n’imbaraga zayo bidushoboza gukora ibyo tutashobora gukora twenyine tutari kumwe na yo; kandi twese abakiriye umwana wayo Yesu Kristo mu mitima yacu, tubuhabwa ku buntu.<sup>14</sup>

Niba ushaka kuzashobora guteza imbere ubushobozi bukubamo ugomba kwiyezeza mu mutima wawe ko utazigera ubivamo, ucika intege. Nubwo byagenda bite, kugeza igihe uzabonera ibyo Imana yagushyizemo bisohoye bikakugaragara ndetse n’abandi.

Aho ntiwaba waramaze kwemezwa ko ubuzima bwawe butazigera bugira icyo buhindukaho? Ujye wibuka ko umwanzi Satani azakubwira gutyo kubera ko ashaka ko icika intege ukabivamo ku buryo uzahora utekereza ko uzahora mu bibazo. Ariko ntukigere ufatwa n’umutego w’imyemerere ipfuye iterwa n’ibinyoma. Hari umuntu umwe umwanzi adashobora gutsinda ni wa wundi utajya wemera guta gahunda yari ari ho.

### SIGANIRWA GUTSINDA

*Ntimuzi yuko mu birori abasiganwa biruka bose, ariko ugororerwa akaba umwe? Namwe abe ariko mwiruka kugira ngo mugororerwe.*

*Umuntu wese urushanwa yirinda muri byose. Abandi bagenzereza gutyo kugira ngo bahabwe ikamba ryangirika, naho twebwe tugenzeza gutyo kugira ngo duhabwe iritangirika.*

1Abakorinto 9:24,25

Wowe se ubona umeze ute mu marushanwa? Ukeneye kwiruka ugamiye gutsinda? Umwanzi ntashaka ko utsinda kubera ko azi neza ko nuramuka utsinze uzaba umuntu wo guhindura isi. Ubuzima bwawe buzahinduka, maze ibyo bitume ubuzima bw’abantu benshi buhinduka. Nuramuka uteje imbere ubushobozi bwawe nta bwo ari imibereho yawe yonyine izahinduka ikaba myiza kurusha uko yari imeze, ahubwo bizagira ingaruka nk’izo ku bandi bantu. Abo bantu bandi na bo bazateza imbere ubushobozi bwabo maze bigira icyo bikora cyiza ku buzima n’imibereho by’abandi, bigende biba uruhererekane.

Muri iki gice, intumwa Pawulo iravuga ibintu bibiri ku kwiruka mu marushanwa bituma twumva tutaguwe neza. Icyamba mbere, avuga

ko abirukira gutsinda bitwara neza bakiyorashya. Ibyo ni ukuvuga ko badashobora gukora ibyo bishakiye byose. icya kabiri avuga ko birinda muri byose. Ni ukuvuga ko babaho mu buzima bworoheje. Nta gace na kamwe ko mu buzima bwabo badashobora gutegeka no kugenga.

Kuri bamwe muri twe, kubaho mu buzima umuntu ashobora kugenga no gutegeka buri gace k'ubuzima bwe bwose bishobora kumvikana nk'ikintu cyoroheje nko kujya mu gitanda kuryama mu masaha ya kare, kugira ngo uwo muntu atazaruha umunsi ukurikiyeho. Bishobora kandi no kumvikana nko kuba umuntu yasukura mu nzu ye n'ubwo yaba asa nutabishobora. Ibi ni ibintu bikoreka mu buryo bworoshye cyane ariko byerekana ukuntu dushobora kugenga no gutegeka imibereho yacu cyangwa ntitubishobore.

Mu itorero rya Kristo muri iyi minsi ya none, hari abantu benshi bagerageza kwirukana umwanzu n'abadayimoni nyamara bo ubwabo batari banigera kwerekana ko bashoboye gusukura bihagije aho bogereza ibikoresho byo ku meza no mu gikoni ndetse n'ibyo bikoresho ubwabyo byuzuranye aho hantu.<sup>15</sup>

Nk'uko Bibiliya ivuga, umuyobozi nyawe aba akwiriye kuba wa muntu ushobora gutegeka no gushyira mu buryo ibyo mu nzu ye mbere y'uko ashaka kujya gutunganya ibyo mu ngo z'abandi cyangwa ibirebana n'imibereho y'abandi bantu.

Hari uburyo bwinshi umuntu ategurirwamo kuba umuyobozi. Agashyira ubuzima bwe n'imibereho ye kuri gahunda bikareka kugararamo akaduruvayo. Gushyira ubuzima bwawe kuri gahunda bisaba ko ugomba kugira ibyo uhindura. Kandi iyo ubifashijwemo n'Imana, ugakorana ibyo ukora n'umwete, ushobora gucagagura no kureka imico n'imyifatire wari usanzwemo byaguhozaga mu kababaro bikanahora bikudindiza, maze ukiremamo imyifatire mishya myiza kandi izagufasha gutera imbere mu bushobozi bwawe no kugera ku byo wifuje kuva kera.

Ubushobozi umuntu agira muri we bumeze nk'izahabu. Nk'uko ugiye kubibona **twese dufite ubutunzi bw'izahabu buhishe imbere muri twe, ariko tugomba gucukumbura kugira ngo tubugere ho.**

## UMUTWE WA 2



### TEZA IMBERE UBUSHOBOZI BWawe: NTA MUNTU UTANGIRIRA IKIVI KU MUSOZO WACYO, IGICE CYA 2

**M**u buzima bw'umuntu uwo ari we wese, haba harimo ikirombe cya zahabu.

Umusore umwe yabonye ikibuye cya zahabu muni y'itaka ku musozi, agerageje kugikura hasi mu kuzimu aho cyari kimaze imyaka myinshi biramunanira. Yageze aho yumva akwiriye kubivaho akarekera aho ariko ageze aho ajya mu muji asaba ikigo cyari gishinzwe ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro kujyana na we aho hantu bakareba icyo kibuye. icyo kigo cy'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro cyapimye kuri uwo musozi gipima n'icyo kibuye cya zahabu maze cyifuzza kugura iyo zahabu. Babwiye uwo musore ko naramuka yemeye kukibagurisha, bamuha amafaranga menshi cyane.

Uwo musore yabitekerejeho cyane maze ahitamo ko aho kugira ngo akigurishe n'icyo kigo cy'ubucuruzi, yari kukibikira ahubwo akiga ibirebana n'ubucukuzi byose aho biva bikagera. Umwaka wakurikiyeho yawumaze yitoza iby'ubucukuzi bw'amabuye yagaciro. Yasomye ibitabo byose yahuraga na byo bivuga ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Yize inyigisho zose zihareranye na byo kandi yanagerageje kuganira na buri muntu atekereza ko hari ikintu azi ku birebana n'ubucukuzi bw'amabuye

y’agaciro. Yashyize ibindi bintu iruhande kugira ngo ashobore gushyira ibitekerezo bye byose ku bucuruzi bwa zahabu.

Mu mpera z’uwo mwaka yasubiye kuri wa musozi atangira gucukura ya zahabu. Kari akazi gakomeye cyane ariko nyuma y’aho aza gutunga amamiliyoni y’amadolari.

Dore rero isomo riri aha. Abantu benshi baba bararebye uriya musozi banatekereza ku kazi kagoranye kari mu gucukura zahabu muni y’umusozo, maze bakihitiramo gufata amafaranga vuba na bwangu batarushye. Ntibaba barahisemo kuruha ntibaba barifuje gukoresha igihe cy’umwaka wose biga ahubwo bari kuwumara bishimisha. Baba barahisemo gufata ikintu “cy’ako kanya.”

Ni abantu bangaha batajya bagera ku cyo bakagezeho cyangwa ngo babone ibyo bakabonye kubera uko batekereza? Wa musore na we aba yarakoze atyo. Ariko iyo akora atyo, nta bwo aba yaragize umugisha wo kubona cya kibuye cya zahabu.

*Ibyo hari icyo wumva bishatse kukubwira? Hari umuriro wumva bikongeza muri wowe? Urumva biguhatira kwiyambura buri kintu cyose cyakubuzaga gutumbira ubudahumbya kuri gahunda wakagombye gufata yo guteza imbere ubushobozi bwawe? Nka wa musore rero, birashoboka ko byagusaba gukoresha izindi mbaraga zirenze, ariko ukomeza gutumbira ku ntego, uzagera aho ugera kuri zahabu. Zahabu yo mu rwego rwo kugira ubuzima n’imibereho wumva wishimiye.*

## KOMEZA UTUMBIRE INTEGO

*Nuko natwe ubwo tugoswe n’igicucu cy’abahamya bangana batyo, twiyambure ibituremerera byose n’icyaha kibasha kutwizingiraho vuba, dusiganirwe aho dutegukwa twihanganye.*

Abaheburayo 12:1 KJV

Uyu murongouratubwirangoniba tugombakwiruka mu marushanwa, tugomba kwikuraho ibindi byose byasaga n’ibituremereye kandi

tukiruka dufite kwihangana. Nigeze kumva hari umuntu uvuga iki kintu mu magambo ahinnye atya ati: Tugomba kwiruka mu marushanwa nta birantega dufite.

Muri biriya bihe uyu murongo wandikwaga, umwanditsi yashakaga gutanga urugero rwumvikanaga neza icyo gihe kurusha uko rwakumvikana muri iki gihe. Muri icyo gihe abiruka bajyaga batoza imibiri yabo bitegurira uwo mukino wo kwiruka nk’uko tubikora ubu. Ariko iyo byageraga kuri wa munsu wo kwiruka no kurushanwa, biyamburaga imyambaro yabo kugira ngo mu gihe biruka, hatagira ibibadindiza. Ikindi bakoraga ni ugusiga amavuta meza ku mibiri yabo.<sup>1</sup>

Nk’uko byumvikana, natwe tugomba gusigwa neza mu buryo bwo mu mwuka bikozwe n’Umwuka Wera niba dushaka gutsinda ayo marushanwa. Iyo dufite za gahunda zikabije kuba nyinshi cyane, zitubuza guteza imbere ubushobozi. Kwemerera abandi bantu guhora bagenga ibihe byacu bituma tudashobora guteza imbere ubushobozi bwacu. Kutamenya kuvuga “oya” ku kintu runaka bituma umuntu adashobora guteza imbere ubushobozi bwe. Kwiha gukurikirana intego n’amayerekwa y’undi muntu nk’aho twembi dufatanyije ubushake bwo kuzazigeraho, bituma tudashobora guteza imbere ubushobozi bwacu ku buryo bushimishije.

Nabonye ko umwanzi ashobora kuntera akoresheje inzira zigeze ku gihumbi akamboha kugira ngo ankurure anjyana muri gahunda zishobora kumbuza gukora icyo nagombaga gukora. Njya kubona nkabona nishoye mu bintu bisa n’ibintu bitunguranye, kandi bigasaba ko ari jyewe ugomba kubikoraho gusa, kubera ko ari jye ushoboye kubikora.

Niba dushaka gukora ibyo Imana yaduhamagariye, tugomba gukomeza gushyira ibitekerezo byacu ku cyo dufiteho intego kuko iyi si dutuyemo muri iki gihe yuzuye ibiturangaza n’ibizazane.

Tugerageza gushaka akanya ngo twicare dusome Bibiliya zacu, hakaza umuntu akaturugoya. Twagerageza gusenga, telefoni ikavuga. Ibiturugoya ntibijya bishira. Byatinda cyangwa byatebuka, tuba

dukwiriyeye kwiga kujya tuvuga ngo oya. Tugomba kwiyemeza ko nta kintu na kimwe gishobora kutubuza gusohorezwaho gahunda y’Imana.

Rimwe na rimwe dushobora gusanga twafashe gahunda yo kurakara kwera ugasanga tuvuga ngo, **Oya wa si we! Nta bwo nkwemereye gukomeza kungira utya ukundi. Si nkwemereye. Kunyica urupfu n’agashinyaguro unkoza hirya no hino umunsi ku wundi. Niba utabishaka vugana n’Imana. Ni yo yampaye iri yerekwa. Ni yo yarinshyizemo kandi sinshaka gukomeza kwibabaza ngo nkunde ngushimishe!**

### JYA UBA NK’IKIMONYO

*Nuko nanjye ndiruka ariko si nk’utazi aho ajya; nkubitana ibipfunsi ariko si nk’uhusha.*

*Ahubwo mbabaza umubiri wanjye, nywukoza uburetwa, ngo ahari ubwo maze kubwiriza abandi nanjye ubwanjye ntaboneka ko ntemewe.*

1 Abakorinto 9:26,27

Pawulo aravuga ngo niba dushaka gutsinda mu marushanwa yo kwiruka, tugomba gutegeka imibiri yacu. Aha rero umubiri birashaka kuvuga irari n’ibyifuzo by’umubiri byose.

Ku murongo wa 27 Pawulo aravuga ku birebana no gushobora gutegeka umubiri wawe, gushobora gutegeka ubushake bwawe bwo gushaka kurya no kunywa ukurikiye uburyohe, no gucisha bugufi kamere yawe. Aravuga ati “mbabaza umubiri wanjye. Ntavuga ko uwuha ibyo ushaka byose.”

Gushobora gutegeka imibiri na kamere byacu nibwo buzima buruta ibindi byose. Mbese aho waba uzi neza icyo gushobora gutegeka no kuyobora ibitekerezo byawe n’umubiri wawe bishatse kuvuga? Bivuga ko ushaka kugenza atyo agomba kwiga kujya agendera mu nzira nziza akora ibyiza. Nta we ugombye kubimubwiriza cyangwa ku bimuhatira. Iyo bigeze mu gitondo akabyuka, kuko azi ko agomba kubyuka. Mbese

umuntu yashobora ate kuba umuyobozi atarashobora kwibwiriza kuva mu buriri buri muni ntawe umubwirije? Dushobora dute kuyobora abandi natwe ubwacu tudashobora kwisukura no gusukura aho dutuye?

Bintera kwibaza byinshi no kubabara iyo mbona ko muri iyi minsi ya none hari abantu benshi bashishikajwe no gushaka kuba mu myanya y’ubuyobozi ikomeye, ariko bakaba batajya bashaka kuzuza inshingano zijyanye n’iyo myanya y’ubuyobozi. Abantu benshi bamara iminsi y’ubuzima bwabo bwose bababaye kubera ko batigeze biyubakamo ubushobozi ngo banabuteze imbere kubera ko nta bushobozi buba bwarubatswe muri bo bituma batajya bagera aho babona ko inzozo zabo zabaye impano.

Mu matorero harimo abantu batabarika bababaye. Twe nk’abakristo rero dukwiriye kuba ari twe bantu tugera ku byo twifuza kurusha abandi kuri iyi si dutuyeho. Dukwiriye kuba umucyo w’isi, turi inzandiko zihora zisomwa n’abandi. Abantu bakwiye kutubona bakavuga bati “kuriya babayeho ni bwo buzima yakuri.”

Dukwiriye kujya dutuma abandi batubona bakatwifuza- bakifuza ibyo babona dufite. Ingorane ni uko hari ukuntu twashyizwemo kuva kera igitekerezo gipfuye ko ngo ubuzima bugomba kuba ibitatugoye. Twamenyereye cyane ubuzima nk’ubwa ba bandi bafite imashini zikoresha zoza ibikoresho byo mu gikoni, zimesa imyenda n’iziyumisha ku buryo dusigaye dutekereza ko nta kindi dusabwa gukora ureste gukanda kuri buto gusa maze ibintu bikikora. Nubwo byaba byashoboye kumera bityo ariko birashoboka ko umunsi twaba twakanze iyo buto twawufata nk’umunsi twavunitseho cyane ku buryo twakwitombera kuba twavunitse tuyikanda cyangwa tukitotombera kuba twagombye gukurura imyenda mu mashini ku gihe kandi kubikora dutyo bizwi neza ko ari byo bituma bitazaba ngombwa ko tuyigorora.

Mu Imigani 6:7,8 dusoma ko ikimonyo kitagira umutware cyangwa igisonga cyangwa shebuja ariko cyabona imyaka yeze mu cyi kikiyibutsa guhunika imyaka. Dukeneye kugira imitekerereze n’imikorere nkiby’ikimonyo. Dukeneye kuba abantu bashobora kwiha gahunda no kwibwiriza kandi bagashobora kwitegeka. Tujya dukora ikintu kizima kubera ko ari kizima atari uko hari umuntu wabategetse kubikora.



## TEGEKA AMARANGAMUTIMA YAWE

*Utihutira kurakara aruta intwari, kandi utegeka umutima  
we, aruta utsinda umudugudu.*

Imigani 16:32

Nk’uko ibyanditswe byera bibyerekana umuntu ushobora gutegeka imitekerereze ye aba ari umuntu ukomeye cyane. Nta muntu ushobora kuvamo umuyobozi adashobora gutegeka imitekerereze ye, cyane cyane iyo adashobora kwirinda no kurwanya kurakara.

Bibiliya ivuga byinshi kuri iki kintu. Urugero ni nko mu isezerano rya kera, aho dusoma ngo “*Uwihutira kurakara azakora iby’ubupfu, kandi uw’ imigambi mibi baramwanga.*” Imigani 14:17. Mu isezerano rishya tubwirwa dutya muri Yakobo 1:19,20, “*Nuko rero Bene Data bakundwa umuntu wese yihutire kumva ariko atinde kuvuga kandi atinde kurakara. Kuko uburakari bw’abantu budasohozza ibyo gukiranuka kw’Imana.*” Kimwe mu bintu byerekana umukiranutsi ni kwiyubakamo ubushobozi kandi akabuteza imbere. Ibyo bishobokera gusa umuntu uzi gutsinda uburakari.

Dufate Mose ho urugero, yagombaga kuyobora abisirayeli abakura muri Egiputa abajyana mu gihugu cy’isezerano. Arko we Imana yamuvukije ayo mahirwe kubera ko ibyo yakoze yabikoranye uburakari akananirwa. Kuburwanya no kubutsinda bigatuma arenga ku byo yari yabwiwe n’Imana, agafatwa nkuyisuzuguye.<sup>4</sup>

Twese burya tuba twifuza kuba twagira imiryango minini y’ivugabutumwa. Ariko si buri gihe dushaka gukora ibintu dukurikije inama zigirwa abantu bashaka gutegeka kamere n’imibiri yacu. Ahubwo usanga dushaka kwemerera imibiri yacu na kamere yayo kuba ari byo bitegeka ubuzima bwacu. Niba dushaka kuzaba abayobozi, tugomba gushobora gutegeka imitekerereze, imyitwarire, imyifatire, ibyifuzo byacu. Ibyo ntibishatse kuvuga ko tuzabaho nk’abantu batunganye ijana ku ijana. Nubwo Umwuka Wera aduha imbaraga zo kurwanya imitekerereze n’imyifatire n’imigirire byacu, akenshi

na kenshi birashoboka ko tubona twarakaye ariko tukimara kugwa muri uwo mutego, tuba dukwiriye kwemera ko twakoze icyaha tukakihana, tuvuga tuti “Mana ndemeza ko nakoze icyaha, mbabarira” maze tugakomeza urugendo. **Ubuzima bufite gahunda ntibusaba gusa igihe, ahubwo busaba kwiyeze, na byo bisaba kwiyeze, bikajyana no kureka imikorere yacu ya kera. Kandi buri mukozi wese akwiriye ibihembo.**

### AMBARA UMUNTU MUSHYA

*Mukwiriye kwiyeze umuntu wa kera uheneberezwa no kwifuza gushukana.*

Abefeso 4:22

Nubwo twatekereza ko tujya dushobora gutegeka imitekerereze yacu itari myiza ntihazya habura ikintu kigera aho kikatuvangira. Nta muntu n’umwe ushobora kwihandagaza ngo yemeze ko izo kamere zipfuye zitajya zigaruka mu mibereho ye cyangwa ko zitazigera zongera kumutera. Hari ubwo dushobora kwibwira ko twatsinze burundu ikitwa kurakara, nyamara tukagera aho tukisanga ari byo twakoze akenshi tukanabikora tubitekereje.

Iyo twakiriye Yesu nk’umukiza wacu, tuba twakiriye kamere y’Imana. icyo Bibiliya yita “Umuntu wa kera” wapfanye na Yesu ku musaraba igihe yapfaga. Abakiriye Yesu nk’umukiza wabo, Imana ibabona nk’abapfanye na Yesu bitewe n’uko bamwizeye. Baba barahawe kamere nshya kandi bafite amabwiriza yo guhitamo gukorera muri yo.<sup>5</sup> “Umuntu wa kera” bisobanura uburyo twakoragamo ibintu kera. Naho “umuntu mushya” bisobanura uburyo bushya uburyo bwo kubaho tubifashijwemo n’Umwuka Wera. Guhitamo rero kuracyari ukwacu. “umuntu wa kera” nta bwo ajya atuvamo burundu ariko hari ikindi kirusha ubushobozi iyo kamere ya kera.

Nshobora kuba mfite amakote abiri mu bubiko bw’imyenda, rimwe rishaje, ryipfunyapfunyitse naho irindi rigezweho. Nshobora kwambara

rya kote rishaje ndamutse ariryo mpisemo. Arikose ko mba nzi ko mfite ikote rishya kandi ryiza kuki na nahitamo kwambara ryarindi rishaje, ryipfunyapfunye?

Mbere yo kwakira Yesu nk’umukiza umuntu yavuga ko nta guhitamo twari dufite. Twari dufite kamere imwe gusa: Kamere yategekwaga n’umubiri. Nyuma yo kwakira Yesu nk’umukiza hari ukundi guhitamo duhabwa “Umuntu wa kera” ntapfa ahubwo dupfa kuri we. Ibyifuzo byacu birahinduka, tugatangira gushaka gushimisha Imana twitwara mu buryo buyihesha icyubahiro. Reka nkugire inama yo gusoma mu gitabo cy’Abaroma 6 kugira ngo ushobore kumenya no gusobanukirwa bihagije ibirebana n’iki kintu cya kamere ya kera na kamere nshya.

Ikindi kintu tugomba gukora ngo tubone ubushobozi bwacu bwateye imbere ni uguhorana kwihangana.

### **JYA UGIRA KWIHANGANA**

*Bene data, mwemere ko ari iby’ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n’ibibagerageza bitari bimwe.*

*Mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana. Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose mushyitse mutabuzeho na gato.*

Yakobo 1:2–4

Kuki tujya turakara? Akenshi biterwa n’uko abantu badakora ibyo tuba dushaka ko bakora vuba nkuko tubyifuzza. Iyaba twagiraga ukwihangana kuruseho, nta kibazo twagira. Igihe cyose tuzaba tudafite kwihangana muri twe, ntituzigera tubona ubushobozi bwacu butera imbere bihagije.

Iyo tudafite kwihangana, tugombakwemerera Imana ikakuturamamo. Muri iki gitabo ikintu kimwe turimo kurebaho ni ukuntu abayobozi batezwa imbere no kunyura mu bigeragezo bagakura, icyo gihe Imana ikaba irimo kububakamo imyitwarire mishya.

Mu gitabo cya Bibiliya, Yakobo atubwira ko tugomba kujya twihatira kugaragaraho kugira umunezero muri twe usesuye igihe cyose tugwiriwe n’ibigeragezo cyangwa amoshya bikatuvumburamo ibyo bigeragezo tuzirikana ko uko kugeragezwa k’ukwizera kwacu kutuzanira kwihangana.<sup>6</sup>

Nasobanukiwe ko mbere y’uko “ibitugora” bituzanira kwihangana, bibanza bikadukuramo ibindi bintu byinshi bibi. Kandi ibyo bintu bikaba bikwiriye kutuvamo. Naho ubundi iyo bitabaye bityo, dukomeza kugira ubuzima n’imibereho isa n’aho turi mu ikinamico, kubera ko imbere muri twe harimo umwanda w’ubwoko bwose utari wigera ujya ahagaragara ngo ukurweho. Impamvu uwo mwanda uba utarakorwaho ni uko aho kugira ngo twemere guhura n’ibigeragezo tugerageza uko dushoboye kose ngo tubice iruhande.

Muri Yesaya 43:2 Imana iratubwira ngo nitunyura mu mazi no mu muriro izabana natwe. Ibyo bisobanura ko hari ibigeragezo bimwe na bimwe tugomba kujya duhura na byo byanze bikunze.

Bibiliya ivuga ku gutunganywa, ku kweza, ku gutanga ibitambo no ku kubabazwa. Aya si amagambo abantu bakunda kumva, ariko nubwo bimeze bityo tuyasanga muri Bibiliya, kandi niba dushobora guteza imbere ubushobozi bwacu, tugomba guhora twiteguye kunyura mu bintu nk’ibyo.

Hari igihe nabayeho mu buzima bw’ubwigunge no gukora cyane bikabije, hari igihe numvaga nshaka kurekeraho gukora ibyo nakoraga nkigira mu bindi. Imana yakomeje kugenda inshyira abantu ntifuzaga guhura na bo. Ariko impamvu yabashyizemo ni uko nari mbakeneye. Bari umuseno nari nkeneye wo gutunganya ahataranganiye muri jye.

Mbese wowe hari ubwo Imana iragushyira imbere umuntu cyangwa ikintu byo kugusena? Niba ariko byagenze, uzagera aho umenye ko icyo watekerezaga ko icyari umwanzi wawe wa mbere cyavuyemo inshuti yawe ya mbere, kubera ko ari cyo Imana yakoresheje kuguhindura.

Kugira ngo Imana idukoreshe, igomba kubanza ikaduhindura. Tugomba kubanza tugasa na Yesu mu myifatire yacu no mu mico yacu. Agomba kutubera icyitegererezo kandi ugakurikiza inzira ze.

Naruhijwe igihe kirekire n’ibyo bihe nanyuzemo ndimo guhindurwa. Kugeza aho nageze aho nsobanukirwa ko Imana itagombaga gukora umurimo wayo ikurikije uko nabishakaga. Nta bwo Imana yifuzaga kumva mburana na yo. icyo yashakaga ni ukumva nyibwira nti, “yego mwami ubushake bwawe bube.”

Ntibyatizze maze menya ko n’iyo nari kugerageza guhunga umuntu umwe mubi cyangwa ikintu kimwe nari guhura n’ibindi bibiri bibi bintegereje mu mwanya w’ibya mbere. Ndakwingingira gusobanukirwa iri somo vuba kurusha uko byangendekeye. Nuramuka ubigezeho, bizakurinda agahinda kenshi igihe cyose uzagerageza gukirana n’Imana, uzatsindwa muri uwo mukino.

Wowe na nje dukwiriye gutuza tukemera ibyo Imana yadushyize imbere. Twese duhora twifuza gukunda ibidakwiriye gukundwa, ariko nta n’umwe muri twe ujya wifuza kubana n’umuntu mubi. icyo ni kimwe mu bintu bitwigisha kugira ukwihangana kandi biba bifite intego.

### **KORA NEZA CYANE UKO BISHOBOKA**

*Nuko rero ntimute ubushizi bw’ubwoba bwanyu bufite ingororano ikomeye. Kuko mukwiriye kwihangana kugira ngo nimumara gukora ibyo Imana ishaka muzahabwe ibyasezeranyijwe.*

Abaheburayo 10:35,36

Mbese dukwiriye kwihanganira nde? Dukwiriye kubanza tukiyihanganira ubwacu kubera ko rimwe na rimwe tugira umwete muke mu kwiga. Dukeneye kwihanganira Imana kubera ko itajya ikorera kuri gahunda yacu buri gihe ngo ibyo tuyisaba ibiduhere igihe dushaka. Kandi dukwiriye kwihanganira abandi, kubera ko atari amakosa yabo kuba tutari mu mwanya wacu.

Iyo tubona inzozi zacu ku kintu runaka zisa n’izitizze gusohora, rimwe na rimwe twisanga twarakariye buri muntu wese cyangwa buri

kintu cyose. Tugomba ariko kumenya kwihanganira imibereho, kandi tukiga kwakira umunsi wose nk’uko uje. Tukagerageza uko dushoboye kose gukoresha amahirwe y’ubuzima bwo muri uwo munsi. **Icyo ni kimwe mu bintu biranga umuyobozi kugira ubushobozi - kwakira ubuzima agezemo umunsi ku wundi, kandi akabukoresha neza cyane uko bishoboka.**

Impamvu tugomba gukora dutyo, ni uko hari iminsi tuzajya duhura n’ibibazo. Ariko nitugira ubwenge, tuzabihindura imigisha n’umunezero.

### KORA UNIDAGADURE

*Ariko arabasubiza ati “Data arakora kugeza n’ubu (Nta bwo arahagarika gukora aracyakora). Kandi nanjye ngomba gukora umurimo we.”*

Yohana 5:17

Aha Yesu yaravuze ngo we na Se barakoraga kandi n’ubu baracyakora. Yakomereje muri Yohana 9:4, abwira abigishwa be ati, “Nkwiriye gukora imirimo y’uwantumye hakiri ku manywa, bugiye kwira ni igihe umuntu atakibasha gukora.” Niba koko jye nawe twemera ko Yesu ari hafi kugaruka, kuki se noneho twakwifuzaga kumara  $\frac{3}{4}$  by’igihe cyacu dufite nta cyo dukora uretse kwinezeza gusa?

Ushobora kumbaza uti “Ariko se Joyce, wowe nta bwo ujya wemera ko abantu bagomba kwidagadura.” Ni byo ndabyemera. Nemera ko abantu bakwiriye kugeraho bagaseka, bakanezewa, bakaruhuka bakagira igihe bumva ubuzima bwabo butuje nta kintu runaka kibatugaritse. Mu by’ukuri, ibyo bintu mbibwirizaho kenshi, cyane cyane iyo nahuye n’ababwiriza butumwa batagira gahunda mu buzima, ko tugomba kwihambira ku byo dukora. Ahubwo icyo nshaka kuvuga ni uko rimwe na rimwe usanga turi guta igihe mu bindi bintu.

Kuringaniza ibyo bintu bibiri se twabikora dute? Mu bintu byose dukeneye gukoresha ubwenge.

## AMAHIRWE ANGANA

*Icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa  
n'abakobwa cumi bajyanye amatabaza yabo, bajya  
gusanganira umukwe.*

*Ariko muri abo cumi, abatanu bari abapfu, abandi batanu  
bari abanyabwenge. Abapfu bajyanye amatabaza yabo  
ntibajyana n'amavuta, ariko abanyabwenge bo bajyana  
amavuta mu mperezozabo. Bamwe n'amatabaza yabo.*

*Umukwe atinze bose barahunikira, barasinzira. Ariko  
nijoro mu gicuku habaho urusaku ngo 'umukwe araje,  
nimusohoke mumusanganire! Maze ba bakobwa bose  
barahaguruka baboneza amatabaza yabo. Abapfu babwira  
abanyabwenge bati 'nimuduhe ku mavuta yanyu, kuko  
amatabaza yacu azima.*

Matayo 25:1–8

Aba bakobwa bose uko ari icumi bari bafite amahirwe angana. Kimwe cya kabiri cyabo bitwaje amavuta arenze ku yo mu matabaza. Naho ikindi kimwe cya kabiri ntibagira ayo bitwaza. Abantu b'abanebwe ntibajya bagira ikindi kintu bakora kirenze ku byo bamenyereye. Bumva bashoboye gukora ibyo basanzwe bamenyereye gukora gusa, maze ubuzima bugakomeza, ariko ntibajya bifuza kugira ikintu bakora kirenze ibyo bumva bakeneye nk'ibintu by'ibanze mu mibereho yabo.

Igihe umukwe yatindaga, abakobwa bose bafashwe n'ibitotsi barasinzira. Bigeze mu gicuku humvikana urusaku ngo umukwe araje. Abakobwa bose batangiyeye gushaka gutunganya amatabaza yabo ngo bajye kumusanganira. Ariko ba bakobwa b'abapfapfa nta mavuta ahagije bari bafite bituma babwira bagenzi babo b'abanyabwenge bati "Nimuduhe ku mavuta."

Ibyo bibaho buri gihe. Abantu b'abapfapfa bahora bifuza gutunga ibyo abanyabwenge babonye baruhiye. Akenshi iyo batabibonye bakunze kwiririra no kwibabarira cyane. Hari igihe namaze imyaka itanu mbabaye cyane kubera ko nari narahemukiwe bikabije nkiri umwana muto. Kubera ko ibyo nashakaga byose atari ko nabibonaga,

kubera ko ntashoboye kujya mu mashuli makuru nk’abandi, ibyanteraga agahinda ni byinshi. Ariko byageze aho Imana irambwira iti “Joyce, ushobora guhora uri umunyamibabaro uhora wujujutira ibyamubayeho cyangwa ukaba umuntu ukomeye ariko ntushobora byombi.”

Batanu muri abo bakobwa bavugwaho muri Matayo 5 bari abantu bishwe n’agahinda kandi bitotombera ibyababayeho kandi ntibashoboye kugera ku cyo bashakaga kubera ko batari bibutse kubika amavuta ahagije mu matabaza yabo. Abakobwa bose uko ari icumi bari bafite amahirwe angana, ariko umukwe ahageze abakobwa b’abapfu batari biteganyirije amavuta bivukije amahirwe yabo yo kujyana n’umukwe kubera ko igihe yagendaga bo bari bagiye hanze kureba aho bagura amavuta yo gushyira mu matabaza yabo.

Imana ni umukoresha utanga amahirwe angana kuri bose. Imana ntiyita ku mateka umuntu cyangwa ngo yite ku babyeyi batubyaye cyangwa ku miryango tuvukamo. Ntireba ku ibara ry’uruhu rwacu cyangwa ku gitsina yacu cyangwa ku mashuli dufite, cyangwa ku bumuga bw’ingingo z’imibiri yacu. Nta na kimwe muri ibi bintu yitaho. Mu Mana twese dufite amahirwe angana.

Umuntu wese wemeye gukurukiza ibyo Imana imusaba gukora agakora ibyo imutegeka ashobora guhabwa umugisha na yo kandi ikamukoresha. Imana twese yadushyizemo ubushobozi bungana nta we yirengagije. Iyo duhisemo gukorana n’Imana tugateza imbere ubwo bushobozi buturimo tuba dushobora gukora ibintu bikomeye nk’ibyo abandi bakora.

Twese dushobora kugira inzozi. Buri umwe muri twe afite amahirwe angana n’ayabandi bose. Buri umwe muritwe ashobora kugira ibyiringiro. Ujye wibuka ko dukorera Imana ihora yivugira ko muri yo ibintu byose bishoboka. Buri muni uko tubyutse tuba dukwiriye kubukana ibyiringiro bisaze ko uwo muni dutangiye ibintu biri buhinduke byiza kurusha mbere. Dushobora kuvuga tuti, “Uyu muni ndahinduka; ubuzima bwanjye bugiye guhinduka ndetse n’iby’amafaranga byange bigiye guhinduka.”

Wowe gusa wige kuyitegereza. Ukomeze utumbire imbere kandi wizeye ko buri muni ugezeho hari ukuntu wowe uhindukaho. Ntukigere wishimira ubuzima bwo mu rwego rwo hasi.



**BA ICYO WUMVA USHOBORA KUBA CYO NTA  
KWIGABANYIRIZA**

*Bizaba nk'ibyo umuntu wari ugiye gutangira urugendo rwa kure maze agahamagara abagaragu be bose buri umwe akagira ibyo amuha ku mutungo we ngo abyiteho.*

*Umwe yamuhaye amatalanto atanu (wenda tugereranye ko yanganaga n'amadorari 5000 y'ubu), undi amuha abiri undi rimwe. Buri umwe yamuhaye akurikije ubushobozi bwe...*

Matayo 25:14,15

Kuva ku murongo wa 14 kugeza kuwa 29 muri icyo gice nkuko bimeze muri ya nkuru y'abakobwa cumi, Yesu yakomeje avuga ku mugabo wari ugiye kujya mu rugendo rwa kure, maze akoranya abagaragu be abaha amafaranga ye ngo bayakoreshe, buri umwe yamuhaye umubare utandukanye n'uw'abandi **kubera ubushobozi yamubonagamo.**

Oya pe! Nta bwo twese tunganya impano n'ubushobozi. Nta bwo twese dushobora gukora ibintu bimwe, ariko twese dushobora kuba icyo Imana yaduhamagariye kuba, umuntu ku giti cye. Ubwo Imana yahaga Mose abayobozi bo kumufasha kuyobora abisiraheli, bamwe muri abo bayobozi yagombaga gutegeka abantu ibihumbi, abandi bagategeka amagana abandi bagategeka mirongo itanu abandi icumi.<sup>7</sup>

Nta bwo buri wese yasizwe amavuta yamushoboza kuyobora abantu ibihumbi. Abantu bamwe baba basizwe amavuta yo kubashoboza kuyobora abantu amagana, abandi za mirongo itanu naho abandi basizwe ayo kubashoboza kuyobora ababarirwa mu macumi. Ariko icyo waba warasigiwe gukora cyose nuramuka wicishije bugufi ukemera kugikora uzasanga biguteye ibyishimo imbere muri wowe nubona birimo kukugendekera neza. Kandi igihe cyose uzaba ufite uko kwishima no kumva unyuzwe n'ibyo uzaba urimo gukora no kugeraho, uzi neza mu mutima wawe ko urimo gukora ibyo Imana yaguhamagariye, gukora ntibizabaho ko wumva ukwiriye kwigereranya n'undi muntu uwo ari we wese. Ntuzakenere gusa nk'ufite undi muntu muri kurushanwa.

**Icyo wahamagariwe gukora cyose ujye ugerageza kugikora neza cyane** kurusha undi wese wagikora. Niba wahamagariwe kuyobora abantu mirongo itanu ba umuyobozi w’abantu mirongo itanu urusha abandi gukora ibirebana n’ubuyobozi bwo kuri urwo rwego. Ntuzigere ugerageza kwishyiraho umugogoro wo kuyobora abantu igihumbi kuko nubikora, bizakunanira ukorwe n’isoni. Ni cyo kimwe rero no kuyobora abantu igihumbi. Ntuzagerageze kwirengagiza umuhamagaro wawe ngo wihe kuyobora abantu mirongo itanu, kubera ko wumva udashaka gukora ibikuvuna cyangwa gufata iyo nshingano. Nuramuka ukoze ubinyuranyije n’uko umuhamagaro wawe uteye, ntuzigera wishimira cyangwa unyurwa na byo.

Iyaba nari nkirwana no gukomeza kuyobora akaryango gato i Fenton muri Missouri n’ubu mba nkiri wa wundi wahoraga wumva hari icyo mbuze. Yego, mu murimo munini cyane nk’uyu wanjye haba harimo gukora cyane birenze kamere, hakanabamo inshingano zikomeye umuntu agomba kuzuza. Harimo kandi n’inshingano zikomeye ku birebana n’amafaranga.

Kugira icyo umuntu abwira abantu ibihumbi n’ibihumbagiza umunsi ku wundi na byo ni umurimo utoroshye. Nzi neza ko atari buri munsi njya nshobora kuvuga neza nk’uko bikwiriye ibyo mba nshaka kuvuga byose. Mba ngomba kureba ko buri jambo ry’ukuri ngiye kuvuga ndikwiriranya neza ku bantu baba banyumva,<sup>8</sup> bandeba, nk’uko Bibiliya ivuga ko dukwiriye gukora, kugira ngo mbe nakwisanga mbigisha ibintu bidapimiye ku minzani ifite aho ihuriye n’abanteze amatwi. Kubera rero ko uwo ari umurimo munini cyane, ngomba kwiringira Imana cyane. Ariko iyo ndamuka nanze gukora icyo nahamagariwe mba naramerewe nabi cyane kugeza n’ubu. Mu buryo bw’umubiri byari kunyorohera ariko mu mwuka byari kungora cyane. Mba narabaye wa muntu uhora agenda kandi imbere muri we yarashize.

Hari abantu benshi bahora barwaye imbere muri bo, kubera kudashobora kugera ku byo bifuzaga kugeraho. Bibabera bityo kubera kudashobora gukora ibyo bumva bazi ko bakwiriye gukora byose. Abantu nkabo baha umwanzi cyangwa abandi bantu umwanya wo kubambura imihamagaro yabo n’imigisha yabo.

Uko ni ko byagenze kuri umwe mu bagaragu b’Imana mu butumwa bwiza buri muri Matayo:25. Uwo muntu yari agiye kujya mu rugendo rwa kure, aha batatu mu bagaragu be amatalanto ye mbere yuko agenda. Ataragaruka, umwe muri abo bagaragu yashoye ibyo yahawe mu banyemari maze igihe kigeze barabimusubiza ndetse bamushyiraho n’inyungu. Igihe nyirubutunzi yagarukaga agasanga uwo mugaragu we hari uko yazikoresheje, yaravuze ati “Ni uko ni uko” warakoze neza mugaragu mwiza ukiranuka. Wakiranutse muri bike, nzakwegurira byinshi.

Umugaragu wa kabiri na we yakozze nk’uwo wa mbere maze na we shebuja amubwira nk’uko yabwiye uwa mbere. Ariko umugaragu wa gatatu we yaragiye acukurira italanto yahawe mu itaka arayihisha, kubera ko yatinyaga. Shebuja akimara kubona ibyo uwo mugaragu we yari yarakoze, yarababaye cyane abura amahoro agera aho amwambura iyo talanto ayiha wa mugaragu wari wa mumurikiye amatalanto icumi!<sup>9</sup>

Abantu benshi bameze nk’uyu mugaragu wa gatatu. Bahisha impano zibarimo kubera gutinya. Batinya ko bishobora kubakururira inshingano, batinya ibyo abantu bazabatekerezaho. Batinya gutera intambwe ngo bave aho bari, batinya kuba batsindwa, batinya kugawa, batinya kumva ibitekerezo by’abandi, batinya kuzumvikana nk’uko baba batarashatse kuvuga cyangwa gutekerezawaho uko badateye. Batinya ikiguzi n’umurimo ugoranye bishobora kubasabwa.

Si nshaka ko utinya gufata italanto yawe Imana yaguhaye ngo uyikoreshe kubw’ icyubahiro cyayo. Si nshaka ko uba umuntu ubabaye utajya agira icyo ageraho gishimishije, utajya agira ikimunyura, utajya wemera gukoresha ibyo Imana yamushyizemo.

Ndizerakokuberaimbaragaz’Umwuka Weraubundikugukongezamo umuriro uzagufasha gushobora guhagarara wemye ukarwanya umwanzi wacu Satani kandi ukagira ubutwari bwo kudatezuka bwo guhatiriza ugakomeza urugendo rugana kuri wa muhamagaro w’Imana ukomeye mu izina rya Yesu Kristo,<sup>10</sup> uzirikana ko umuhati wawe atari uw’ubusa ku Mwami.<sup>11</sup>

## UMUTWE WA 3



### GUTUZA BITANGA UBUSHOBOZI, IGICE CYA 1

**M**u gIce cyA 1 n'icyA 2, twabonye ko guteza imbere ubushobozi bwacu ari wo murimo wa mbere dushinzwe. Buri muntu aba afite muri we ubushobozi burenze ubwo akoresha. Kuba ikintu gishoboka? ntibisobanuye ko ari ngombwa ko kizabaho nk'impanuka gusa. Biravuga ko gishobora kubaho, ariko kikabaho ari uko hari ibindi bintu dukoze.

Njya ngereranya ubwo bushobozi butubamo nk'ibintu bitandukanye bivangwawangwa bigakorwamo cyeke Kuba mfite ibyo bintu mu kabati mbikamo ibikoresho byo mu gikoni ntibyemeza ko ngiye kurya cyeke. Haba hari ibintu ngomba gukora kugira ngo nkure mu kabati ya cyeke itarabaho ikiri mubyo ikorwamo nkayigeza ku rwego rwaho iba ihindutse cyecye nyayo kandi iri ku meza imbere yanjye.

Buri umwe muri twe afite ubushobozi bumubamo kubera ko dusabana n'Imana. Idushyiramo impano n'ubushobozi bwo gukora ibintu runaka. Ariko na none dufashe urugero rwa bya bintu bikorwamo cyeke biba biri mu kabati, izo mpano n'ubwo bushobozi bigomba gufatwa bigakoreshwa kugira ngo havemo ikintu runaka.

Jye na Dave turifotoza cyane, ariko nta bwo bikunze kudushobokera kogesha ayo mafoto tuba twifotoje. Rimwe na rimwe tuba dufite ibizingo bya za negatifu zinyanyagiye hirya no hino mu nzu yacu, ku

buryo mba nta nazi ibiziriho. Izo negatifu nta cyo ziba zimariye, kereka ndamutse nzijyanye kuzihanagura zikavamo amafoto mazima naho ubundi ziguma ari ibintu byadutwaye amafaranga n’igihe gusa.

Hari ubushobozi bwinshi businziririyeye mu itorero butarimo gukoreshwa bitewe n’uko abantu batarimo guteza imbere ibyo Imana yabashyizemo. Ni yo mpamvu nkwingingira gufata impano zose n’ubushobozi bwose ushobora kuba ufite ukabuteza imbere. Ubikoze utyo wahindura ubuzima bwawe kandi ugahindura n’ubw’abandi.

Twabonye mu gice cya 1 no mu cya 2 ko hagati y’urwego ikintu runaka kiba kigomba kugeraho n’urwego kiriho hagomba gushyirwa gahunda y’ubushake, umuhati n’imbaraga. Mu mubwiriza 5:3 haravugaga ngo *“Inzozi zizanwa n’imiruho myinshi kandi ijwi ry’umupfapfa rimenyekanira ku magambo menshi.”*

Nemera ko ndi imfashanyigisho ifatika yuko Imana ishobora gukora mu muntu ubusanzwe ugaragara nk’aho atagira ikintu runaka ahozaho umutima, ariko kandi akaba afite ubushake bwo gukoresha imbaraga ze zose kugira ngo azagere ku cyo yifuza kugeraho.

Singamije kwisuzugura, ariko nk’uko nari nabivuzeho mbere, ibyo mvuga ni ukuri ko muri jye ntagira impano nyinshi cyangwa ibyo nshobora gukora byinshi. Si ndi umuntu ufite impano y’ubuhanzi cyangwa ubukorikori cyangwa uburirimbyi. Ariko nshobora kuvuga. Mfite impano yo kuba nashobora kugeza ibitekerezo byanjye ku bandi haba mu buryo bwo kuvuga cyangwa kwandika. Ibyo ni byo bituma mfata iyo mpano yanjye nkagerageza kuyiteza imbere nkorerera Imana. Mba nkora ibyo Imana yashyize mu mutima.

Rimwe na rimwe jye na Dave tunganira ku bintu tubona bishobora kuzabaho muri uyu muhamagaro wacu witwa *“Life in the Word Ministries”* ndetse nibyo tubona bishobora kuzatubaho mu gihe kizaza. Twumva ko Imana ishaka ko dukomeza gukora ibyo turimo gukora, ndetse tukanarushaho.

Mfite intego nyinshi nkagira n’ibitekerezo byinshi ku buryo ubutumwa bwiza bwakwamamazwa neza kurushaho, bikazarushaho

kubyara umusaruro urenze ariko sinjya nshaka kurenga umupaka w'impano zanjye n'umuhamagaro wanjye. Ndamutse mbikoze nta kindi byamarira uretse kunzanira kubabara gusa.

Njya numva ijwi ry'Imana ibihe byinshi; amvugishiriza mu mutima akanganiriza mu ijambo ku bintu byinshi. Ariko rimwe na rimwe njya mara igihe kirekire ntabonye ijambo riyiturutseho ubwayo rimbwira riti "kora iki kora kiriya" kuri uyu murimo w'Imana ndigukora.

Ariko ibyo ntibimpagarika umutima kuko nzi ko ndi gukora icyo Imana ishaka ko nkora. Niba ishaka ko nzakomeza gukora ibyo kugeza igihe Yesu azazira,<sup>1</sup> ibyo ni byo nzakora. Numva ngamije gukomeza kuba mu mutuzo nta kindi uretse gukomeza gukora ibyo Imana yampamagariye gukora.

Nk'uko tuzabibona imbere, kugera kuri urwo rwego umuntu akigendera mu muhamagaro Imana yamuhaye, bisaba ko anyura mu bihe by'ibigeragazo bimwubaka mu myifatire kandi bikamwubakamo umutuzo n'umutekano.

Buri muntu ashobora kugira umutuzo muri we. Nta bwo wagenewe kugirwa n'abantu bakora umurimo w'Imana gusa. **Birakenewe kandi ni iby'ingirakamaro kuri buri wese, atari ku muyobozi mwiza gusa ahubwo n'undi muntu wese kugira umutuzo kubera ko Imana ishaka kugira byinshi ikora mu bugingo bwacu kurusha uko twabyibwira.**

## GARAGAZA UMUTUZO

*Kuko nibutse kwizera kutaryarya kukurimo, kwabanje kuba muri nyogukur Loyisi no muri nyoko Unike, kandi nzi neza yuko kukurimo nawe.*

*Ni cyo gituma nkwiibutsa gusesa impano y'Imana ikurimo ngo yake, iyo waheshejwe no kurambikwaho ibiganza byanjye. Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba, ahubwo yaduhaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda.*

2 Timoteyo 1:5–7

Njya ntekereza ko muri iyi minsi ya nyuma<sup>2</sup> hagiye kuzongera kubaho kwigishwa ubutumwa abantu bari bamaze iminsi badashaka kumva, ariko noneho bikaba bikwiriye ko babwumva. Ndatekereza ko dukwiriye kwibutswa (nk’uko Paulo yabikoze aha muri iki gice, igihe yari kumwe n’umwigishwa we Timoteyo wari muto). Ko dukwiriye kujya twemera kubabara cyangwa tubabazwa kugira ngo dushobore gusohoza ibyo Imana yaduhamagariye gukora. Nta bwo ibyo tugomba gukora byose bishobora kuba byiza cyangwa bizigera biba byiza igihe cyose.

Hari ukubabara no kubabazwa kwiza kwigishwaho muri Bibiliya. Ni ukuri nta bwo dushaka kuvuga ku bukene, ku ndwara, no ku byago bishobora kugwira umuntu. Ariko niba wowe nanjye tugomba gukora ibyo Imana ishaka ko dukora, tugomba kwemera ko imibiri yacu izajya igeraho ikababazwa.

Timoteyo yari umukozi w’Imana ukiri muto mu myaka kandi wumvaga ananiwe, atagishoboye gukomeza kugendera muri uwo muhamagaro w’umuriro yari yarigeze kugira imbere wari waratangiye kuzima. Intumwa Pawulo yaramwandikiye kugira ngo amutere imbaraga ndetse anamukosore ku myifatire n’imitekerereze imwe yabonaga atangiye kwemerera kumutegeka.

Icyo gihe hariho ibintu byinshi byabagaho mu itorerero. Hari akarengane kenshi cyane. Timoteyo yari afite gutinya muri we kandi byari bitangiye kumugiraho ingararuka ahagaritse umutima cyane. Twese tujya tunyura mu bihe bikomeye nk’ibyo mu buzima bwacu bwa buri muni, ndetse no mu murimo w’Imana tuba dukora, tukababara cyane. Twese tujya tunyura mu bihe isi iba nk’iyiteguye kutumira bunguri cyangwa ngo ijuru ritugwire, Hari igihe kigera tukumva tutagishoboye kuba muri iyi si no kugira icyo twakora ukundi.

Mbese hari igihe wigeze wumva umwanzi Satani akongorera mu ibitekerezo byawe ko rwose utagishoboye gukomeza gukora ibyo wakoraga? Reka nkubwire rero, ndashaka kukubwira ko najye bijya bimbaho – Ibihe bitari bike, cyane cyane iyo ndi mu ngendo mva mu muji njya mu wundi, ndi mu mahoteli aho mba nshumbitse ndara

amajoro nicaye nigisha abantu Ijambo ry’Imana cyangwa ntegura umunsi ukira. Rimwe na rimwe iyo mbyutse mu gitondo, mba naniwe cyane nabitewe no kubwiriza cyangwa kuba nahoze ngira ibyo niga ku buryo umwanzi amfatira muri uwo munaniro nkumva aranyongorera ngo “Nta bwo ugishoboye gukomeza gukora iki kintu ukundi. Nta bwo ukibishoboye.”

Hari igihe cyageze numva ndishimye cyane ubwo nasobanukirwaga ko ari umwanzi wabimbwiraga kuko nari maze igihe kirekire ntekereza ko arijye wabyibwiraga. Ubu rero kubera ko nzi ko ari umwanzi Satani wabimbwiraga kandi nk’uko twabonye akaba ari umunyabinyoma.... Akaba ari se w’ibinyoma, nshobora kuvuga nti “Satani we, uri umunyabinyoma, nshobora kubikora kuko Imana ari yo mbaraga zanjye.”

Iyo ngarutse mu rugo nkaruhuka, numva niteguye gusubira aho nahoze hose nkongera gukora nka bya bindi. Timoteyo yari ahantu nanjye njya ngera rimwe na rimwe. Yari aruhijwe cyane ku buryo yari hafi yo gucika intege akarekeraho gukora umurimo. Ibyo rero byatumye Pawulo agomba kumwandikira ubutumwa bukubiye muri Timoteyo wa 2 igice cya 1:5–7. Amwibutsa ukwizera yari yarabonyeho umurage uvuye kuri nyirakuru Loyisi na Nyina Unike. Yaramwinginze ngo yongere akongeze umuriro kugira ngo wongere wake. Impano nziza Imana yamuhereye ubuntu, umuriro wari muri we. Ku murongo wa 7 yaramubwiye ngo Imana ntiyamuhaye umwuka w’ubwoba, ahubwo yamuhaye umwuka w’imbaraga, w’urukundo n’umwuka wo kugira ibitekerezo bizima nk’uko Bibiliya yitwa *The King James Version* ibivuga. Naho bibilia yitwa *the Amplified Bible* yo isobanura iyi interuro ya nyuma itya: “Kugira umutuzo no gushobora gutegeka imibiri yacu n’ibitekerezo byacu.”

Kugira ngo tubone ubushobozi bwacu butuvamo ku buryo bugira umusaruro tugomba kwerekana ko dutuje mu mitima. Ubwo se powulo yari arimo kugera geza kubwira iki uwo musore Timoteyo? Yari arimo kumubwira ati “Timoteyo we, shikama wemye, hagarara kigabo, fata inzira imwe ntukagendere ku marangamutima. Ushobora kugera igihe ukumva usa n’aho ushaka kurambirwa ngo ubivemo. Ariko jye



ndakubwira ko nifuza ko utuza ntupfe guhuhwa n’imiyaga ibonetse yose.

Niba dushaka kuzagera igihe tubona ubushobozi bwacu bufite umusaruro, tugomba kwerekana ko dutuje mu mitima yacu. tudapfa guhuhwa n’imiyaga ibonetse. Gukomera no gutuza no kudapfa guhuhwa n’imiyaga ibonetse yose dushobozwa no kumvira.

### GUTUZA MU KUMVIRA

Inkoranya magambo yitwa *Webster’s II New college Dictionary* isobanura ijambo “gutuza” nko:

1. Kwanga guhinduka bitewe n’ibitwituye hejuru, kwanga gukurwa ahantu umuntu yari amenyereye, cyangwa kwanga gukurwa ku ntebe y’ubuyobozi.
- 2a. Kugira imigirire n’imyifatire n’ntego bidapfa guhindugurika Gushikama.
- 2b. Kuba umwizerwa, umwiringirwa.<sup>3</sup>

Iyo turi abantu batajya bapfa guhindagurika duhora dukora ibintu bikwiye haba mu bihe byiza cyangwa bibi–turasenga igihe twumva tubishaka cyangwa tutabishaka; turatanga twaba twumva tubishakaga cyangwa tutabishakaga; nta bwo dutanga ibintu twumva ko ari byo dukwiriye gutanga gusa, ahubwo n’ibyo twumva tutashakaga gutanga turabitanga.

Niba wowe nanjye tugiye kujya tugira imitima ituje tugomba kujya twumvira igihe cyose. Twaba twumva dukwiriye kubikora cyangwa kutabikora.

Nta cyo nkuziho ariko jye nafashe icyemezo cyo kuzahora ndi umuntu utuje. Nzahora nkora ibyo nemera ko Imana yambwiye gukora yaba yabimbwiriye mu mutima wanjye cyangwa mu Ijambo ryayo.

Twamaze kubona ko Bibiliya itubwira ko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba ahubwo yaduhaye uw'imbaraga, uw'urukundo n'uwo kugira ibitekerezo bizima kandi byiza bihora bitekanye.

Nkunda ukuntu Bibiliya yitwa the *Amplified Bible* isobanura uwo murongo wo mu byanditswe kuko imbwira ikintu ntari kuzapfa menye. Imbwira ko umwuka w'Imana undimo ari umwuka wo gutuma nifata neza, nkanashobora gutegeka kamere yanjye.

### REKA AMARANGAMUTIMA Y'UBUPFAPFA

*Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo  
n'amahoro, no kwihangana, no kugira neza, n'ingeso nziza  
no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda.*

*Ibimeze bityo nta mategekeo abihana.*

Abagalatiya 5:22,23

Dukurikije ibi yanditswe gushobora kwirinda bikorwa gusa n'impano y'Umwuka Wera. Niba dushaka kuba abayobozi, tugomba guhora twirinda. Tugomba kandi kuba abiringirwa. Tugomba kwiringirwa n'Imana. Kuba umwiringirwa bituruka ku muntu ufite umutuzo mu bitekerezo bye no mu mutima we.

Nta kintu kimbabaza nko kubona mu bakozi banjye dukorana abantu bamwe na bamwe bahora bahinduka nk'ibicu. Ngaho bari hasi ngaho bari hejuru ku buryo utamenya icyo bari bukore mu masaha ari imbere. Bene abo njye mbita "abakozi bashaka gukurukirana cyane" Abantu nk'abo barambabaza cyane kubera ko biba ngombwa ko ngomba kubakurikirana umunota ku wundi.

Impamvu biba ngombwa ko tugomba guhora dukurukiraniira hafi abantu nk'abo ni uko ibyo bakora byose babikora bakurikije ikibari ku mutima no mu bitekerezo, aho kugira ngo bemere kuyoborwa n'Umwuka Wera ubarimo. Iyo batemeye kwiga gukora icyiza kandi ntibakurikize ibyo babwirwa mu Ijambo, baba batazagera baba nk'uko Imana ishaka ko baba.

Kuba umwizerwa n’umwiringirwa biterwa no kuba umuntu adahindagurika cyangwa ngo atwarwe n’umuyaga w’ibibonetse byose. Abayobozi bagomba guhora bashobora gutegeka imibiri yabo, ibitekerezo byabo n’imyifatire yabo. Bagomba kuba abantu bashobora kwemera ko bakoze nabi, kandi bagahita bikosora.

Iyo myifatire yo kuba umuntu utekanye mu bitekerezo no mu myifatire, nta bwo yagenewe abayobozi gusa. Ni ikintu twese nk’abantu dukeneye imbere mu imibereho yacu.

Njya nibuka imyaka nari nkiri wa mukiristo nakwita “Umukristo w’umupfapfa,” nahoraga mpinduka nk’igicu. Iyo Dave yakoraga ikintu numvaga nshaka, narishimaga, yaba yakoze icyo ntashaka, nkamusarana.

Ubu ariko singiteye ntyo, narahindutse, narakuze. N’ubu Dave hari ibintu bimwe na bimwe akora bitanshimishije, ariko nta bwo bintesha umutwe ngo bimbabaze nkuko byambagaho icyo gihe. Impamvu bitakimbabaza cyane nka kera nuko ubu noneho nize gushobora kwirinda.

Ushobora kuba wubatse urugo rugushimishije nk’uko jye na Dave ubu tumeze (Nyuma y’uko hari ibintu byambayeho nkahinduka mbifashijwemo n’Umwuka Wera). Ariko, nta bwo uwo mwashakanye yahora akora ibyo ushaka gusa igihe cyose. Niba uri bene wa muntu wishima gusa igihe uwo mwashakanye aba yakoze ibyo ushaka, byaba bitagenze bityo ukababara, biragaragara ko uteye nk’uko nari nteye icyo gihe - Buri gihe uhora uri wa muntu uhinduka nk’ibicu. Imana ntijya ishaka ko tuba abantu bapfa guhindukana n’ibihe. Ishaka ko dutuza.

Ndizera ko ufite inzara n’inyota byo kudahindagurika. Niba umeze utyo, ibyo usoma muri iki gitabo bizagufasha cyane.

## **ITA KU BYO WEMERA**

Niba wowe nanjye dushaka kuba abantu bafite umutuzo dukwiriye

kumenya ko imibiri yacu ishobora kuzajya rimwe na rimwe ibabara bitewe n’uko twahisemo gukora ibikwiriye gukorwa kandi bitugoye.

Akenshi, abakristo bakunze kumbwira uko bamerewe. Umwe ati: “Numvamo ntawe unkunda.” “Ntekereza ko uwo twashakanye atamfata neza.” “Numva ntazigera nezerwa cyangwa ngira icyo ngeraho mu buzima bwanjye bwose!” “Numva..... mbona.....sinumva ukuntu .....sintekereza ukuntu” bityo, bityo, bityo. Bisa n’aho duhora dufite ibyo twibwira cyangwa dutekereza cyangwa tutibwira buri gihe. Nk’abakristo ariko, aho kugira ngo tujye duhora dushyize imitima yacu ku byo dutekereza no ku byo twibwira, dukeneye kubishyira ku byo twemera.

Mvugishije ukuri, si buri gihe mba numva nsizwe amavuta. Ariko nemera ko nsizwe. Si buri gihe mba numva nishimiye ko ngiye kubwiriza, ariko n’iyo bimeze bityo ndabikora. Kubera iki? Kubera ko mba numva kubikora ari inshingano zanjye nk’umuyobozi ufite icyo ategerejweho.

Twaba dute abayobozi niba duhora dutegekwa n’amarangamutima. Tugomba kugendera ku byo tubona ko ari ukuri. Iyo dutegereje ko twumva tumeze neza kugira ngo dukore ikintu, dushobora kutagikora cyangwa kutakigeraho. Ushaka kuba umuyobozi ntaba akwiriye kugendera ku byo yibwira, aba akwiriye gukora ibyo abona ko ari bizima.

Twese dufite umubiri, kandi dukwiriye gushobora kumenya itandukaniro riri hagati y’ibitekerezo n’umwuka.<sup>4</sup> Tugomba gushobora gusobanukirwa neza ibintu, kuko haba hari ibifitanye isano n’ibyo dutekereza, n’ibyo twifuzaga n’ibyo twibwira, cyangwa akaba ari Umwuka Wera urimo kutuyobora. Nidusobanukirwa ko ari ibitekerezo byacu biri kudutegeka, tugomba kugira imbaraga zo kubyangira, ahubwo tugahitamo kugendana n’umwuka. Icyo ni cyo Bibiliya ivuga ku birebana no kugira imibereho n’ubuzima birangwa no gutuza no kugira umutekano wo mu mutima no mubitekerezo – ubushobozi bwo kugira imyifatire myiza no gushobora kwirinda guhuhwa gutwarwa no gutegekwa n’ibibonetse byose.

## TEGEKA AMARANGAMUTIMA YAWE

Iyodukomeje gutekereza ibyoyumuntu akwiriye kubakakugirango abe umuyobozi mwiza, biratangaza kubona inshuro nyinshi abantu bakunze kuvuga ku bushobozi umuntu akwiriye kuba afite bwo kuba arangwa n'ikinyabupfura, no gutegeka ibitekerezo bye, n'amarangamutima ye. Mu by'ukuri, ni ikintu cy'ingenzi kuba naranditse igitabo cyose kuri iki kintu mu gitabo nise *“Tegeka amarangamutima yawe.”*<sup>5</sup> Muri icyo gitabo nsobanura ko kubera ko amarangamutima atazigera atuvamo, tugomba kwiga kuyategeka aho kugira ngo abe ari yo adutegeka.

Duhora twifuza ko ibintu bitadushimishije byakwigira hirya yacu. Iyo hari ikintu kiduteye, ingorane twifuza amasengesho no kubona umuntu wakwirukana ibyo bintu mu buzima bwacu kugira ngo bituveho.

Ku rundi ruhande ariko, Imana ishaka ko dukura tugasobanukirwa ko muri ubu buzima bwacu hari ibintu bimwe na bimwe tugomba kwiga kugenga no gutegeka ubwacu. Kimwe muri ibyo bintu ni ibitekerezo byacu n'ibyo twibwira.

Dore urugero, kubera ko muri jye numva byanshimisha kugira uwo nkubita ikofe cyangwa umutwe ntibivuga ko ngomba kwiha uburenganzira bwo gukora ntyo. Si nshobora gukora ikintu cyose numva nshaka.

Nta gihe kinini gishize, ubwo nabwiraga umugabo wanjye nti *“Dave uzi ukintu numva nshaka gukora? Nduma nshaka kuva mu rugo nkigendera.”*

Icyo gihe numvaga buri kintu cyose kibaho mu buzima cyarasaga nk'aho kigiye kungwira. Mu biro hari ingorane, mu rugo hari ingorane, aho nerekezaga amaso hose nabonaga ingorane. Byatumye ntekereza nti ahari wenda uwakwigendera nkava hano. Numvaga nta muntu nshaka ko amvugisha, numvaga nishakira kwigira ahantu abantu baho batanzi cyangwa badashobora kumenya. Numvaga nshaka ko buri muntu uwo ari we wese yandeka ukwanjye. Nifuzaga kuva mu rugo.

Ariko nasobanukiwe ko ntagomba guhunga urugo kubera ko ntashoboraga kubikora.

**Ndi umuyobozi kandi abayobozi nta bwo bahunga ibintu bitabashimishije, badashaka. Barashikama, bagahangana na byo bakabikemura.**

Niba jye nawe dushaka kuzaba abayobozi, tugomba gusobanukirwa ko tutazashobora gukora cyangwa kuvuga ibiturimo byose. Cyane cyane ibyo bibaho ku bashakanye. Jye n’umugabo wanjye Dave turi nk’ikipe, Dufite urugo tuyobora ndetse tukanagira umuryango tuyobora twembi dufatanyije. Nubwo tudahuje imico n’imitekerereze, tugomba kubana mu mahoro kandi tukagendana muri uru rugendo turimo mu rukundo, kugira ngo tubere abandi urugero rwiza. Ndatekereza ko tubanye neza cyane nkurikije ibihe byose tuba turi hamwe ndetse n’ibyemezo dufatira hamwe.

Uburyo tubayeho nk’abashakanye si bene bwa bundi dushobora kuvuga tuti “Buri umwe yinjire mu modoka ye mu gitondo tujye gukora nyuma yo kuganira iminota cumi n’itanu gusa. Nta bwo tugera mu rugo nimugoroba ngo tumarane gusa isaha imwe n’igice mbere y’uko tujya kuryama. Mu gitondo gikuriyeho ngo tubyuke dukore nk’ibyo, bityo bityo. Tuba turi hamwe igihe cyose, umunsi n’ijoro. Iyo abashakanye bakora nk’uko kwa mbere, byababera byiza batandukanye, buri umwe agashaka undi muntu ashobora kubana na we neza.”

Mvugishije ukuri, nubwo nkunda Dave cyane, birashoboka ko nibura inshuro mirongo itanu buri cyumweru mba numva nkwiye guceceka. Jye mba numva mu by’ukuri nubwo nkwiye kugira icyo mvuga, ariko kikaba cyatera akaduruvayo. Ariko kubera Umwuka Wera uba muri jye mba nzi ko mu gihe nk’icyo ningira icyo mbwira Dave hari buvuke ibibazo ingorane. Ibyo rero bituma nirinda kugira icyo mvuga. Nzi neza ko na Dave na we hari ibihe byinshi akora nkanjye.

Twembi twize ko tudashobora gukora uko dushaka kubera kwifuza ko urugo rwacu rwakomeza kuba rwiza. Iryo hame ni ryo dukurikiza nk’abayobozi b’Ubwami bw’Imana.

Niba ushaka kuba umuyobozi cyangwa uteganya kuzaba we ukwiriye kumenya ko udakwiriye kuvuga ikintu cyose wishakiye, kujya

ahantu wishakiye, kurya icyo wifuje kurya cyose, kuryamira cyangwa kubyukira igihe cyose wishakiye. **Bizagusaba rero kwimenyereza kwifata.**

Ugomba kuzajya ubwira umubiri wawe uti “Ugomba kwemera gukurukiza ibyo ubona ko bikwiriye, wabishaka utabishaka!” Ku muyobozi haba hari ikintu mu muhamagaro we gifite akamaro kurusha kunezeza umubiri we, gifite akamaro karenze ako kumva amerewe neza buri gihe.

Kugira ngo umuntu ashobore kuyoborwa n’Umwuka Wera aho kuyoborwa na kamere y’umubiri, agomba kugaragaza byimazeyo ko ashaka kuba umuyobozi.

### **KUGIRA INYOTA Y’UBUYOBOZI NI BYIZA**

*Iri jambo ni ryo kwizerwa ngo umuntu nashaka kuba umwepisikopi cyangwa umudiyakoni abayifuje umurimo mwiza.*

1 Timoteyo 3:1

Kwifuza kuba umuyobozi ni ikintu cyiza. Nta kosa riri mu gushaka kuba umuyobozi. Ariko dukurikije igice gikurikira hari ibintu bimwe na bimwe umuntu ushaka kuba umuyobozi mu bwami bw’Imana agomba kuba yujuje.

Reka turebe ibyo bintu bivugwa mu Ijambo ry’Imana umuntu ushaka kuba umuyobozi mu itorero, cyangwa agakora indi mirimo ijyanye n’ubuyobozi bwo mu mwuka agomba kuba yujuje:

Agomba guhora umuntu udapfa kurakazwa n’ubusa, kubabazwa n’ibibonetse byose kandi udapfa gucira abantu imanza.

### **BA INYANGAMUGAYO**

*Nuko umwepisikopi akwiriye kuba inyangamugayo, no kuba umugabo w’umugore umwe, abe udakunda*

*ibisindisha, wirinda, ugira gahunda mu kubaho kwe, ukunda  
gucumbikira abashyitsi, ufite ubwenge bwo kwigisha.*

1 Timoteyo 3:2

Umuyobozi w'iby'umwuka ntagomba guha urwaho ikintu cyatuma agawa akareka kuba inyangamugayo. Abantu nk'abo bagomba guhora birinda kurakara no kunegurana. Ibyo birashaka kuvuga ko bagomba guhora bitwara neza cyane ku buryo abantu batazashobora kubabonaho impamvu n'imwe yatuma babavugaho ko bakora ibintu bibi ngo babarege.

Jye na Dave nta bwo twashobora kuba mu myanya y'ubuyobozi ngo twigishe abandi uko bakwiriye kwitwara no kwifata mu buzima bwabo niba twe ubwacu twiyerekana imbere y'abantu nk'abantu barangwa n'imyifatire ibusanye n'ubushake bw'Imana. Ushaka kuba umuyobozi wese agomba kubera abandi urugero rwiza. Nta bwo twakwigisha abandi gukora ikintu runaka kandi twe tutagikora.

Uko ni ko abafarisayo bakoraga akaba ari na yo mpamvu Yesu yabise indyarya. Bigisha abantu ibyo bakwiriye gukora n'uko bakwiriye kubikora ariko bo bagakora ibinyuranye na byo.<sup>6</sup>

Kandi unibuke ko umuyobozi agomba kuba ari umuntu witondera ibintu akabitekerezaho cyane mbere yo kubivuga cyangwa kubikora. Umenya kwirinda no gutegeka umubiri we, ibitekerezo bye n'imigirire ye, kandi agahora agaragaraho ibitekerezo bizima. Nkunda iyo myifatire ya nyuma. Ingorane nini kandi ikomeye cyane abantu benshi bahura na yo tubariyemo na bamwe bari mu mubiri wa kristo ni uko bitwara nabi birenze kwemera. Rimwe na rimwe hari ubwo bisa n'aho iyo abantu bamaze kubyarwa ubwa kabiri bakuzuzwa Umwuka Wera bamwe muri bo batangira gutekereza ko bakwiriye kwikuramo umuco na kamere byo kugira ibitekerezo bizima, nk'aho ari ikintu batagikeneye bajugunyira mu idirishya. Nyamara ariko gukora ikinyuranyo cy'ibyo ni cyo kintu kizima kandi cy'ukuri. Niba hari umuntu uteganya gutangira umuryango w'ivugabutumwa runaka akwiriye kugira imitekerereze n'imigirire myiza ku buryo budashidikanywaho.



Nk’uko twabibonye mu Imigani 24:3,4. Muri Bibiliya yitwa **T.L.B** (*The Living Bible*) kugira ngo umushinga uwo ariwo wose. utangire kandi utere imbere hagomba: kuwutegurira, ubushishozi, ugakuzwa kandi ugakomezwa no kuwukorarana ubwenge n’ibitekerezo bizima. Ubyara inyungu zishimishije bitewe n’uko abawushinzwe bose bajyana n’igihe.

Wibuke ko muri 1 Timoteyo 3:2 havuga ngo umuyobozi agomba kugira imico myiza kandi akiyubaha, akarangwa n’imibereho igendera kuri gahunda kandi yitwara neza. Aha na none dore kwitwara neza biragarutse.

Tugomba kuba abantu bakunda kwakira no gucumbikira abashyitsi, tukabereka urukundo, cyane cyane abaje batugana ari abanyamahanga. Nk’urugero, ahantu hose abanu bashobora guhurira mu minsi mikuru, mu materaniro, cyangwa bahujwe n’ikindi kintu, tugomba gukorera ibishoboka byose abantu bashobora kuba bariho ariko abashyitsi na bo bagomba kugubwa neza.

Icy a nyuma, uyu murongo utubwira ko umwigisha agomba kuba ashoboye kwigisha kandi. Ibi bisaba ko akwiriye kubera abandi urugero rwiza bakwigiraho. Abantu bashaka kubona abakristo barangwa no kugira imibereho izira amakemwa bashaka kubona umuntu bakwizera. Kandi ni inshingano zacu kubwira abandi ubutumwa bwiza<sup>7</sup> kandi ahantu ha mbere ibi bigomba gutangirira ni mu ngo zacu.

## UJYE WITA KUBO MUBANA MU RUGO

*Utari umunywi wa vino cyangwa umunyarukoni,  
ahubwo abe umugwaneza utarwana, utari umukunzi  
w’impiya, (ngo ahore afite umutima wo kurarikira ubutunzi  
akaba atanatinya kugira ubutunzi abona anyuze mu nzira  
zidasobanutse).*

*Agomba kuba ashoboye kuyobora abo mu nzu ye  
neza, ashoboye kuyobora abana be neza kandi bamuha  
icyubahiro cye cyose nk’uko agikwiriye bakamwubaha mu*

*buryo bwose kandi muri byose kandi akabatoza kubaha no  
kumvira igihe cyose.*

*Mbese utazi gutegeka abo mu rugo rwe yabasha ate  
kurinda itorerero ry’Imana?*

1 Timoteyo 3:3,5

Kubivugisha umunwan’ururimi bishoborakumvikanank’ibyoroshye kubigeraho. Gutoza abana bacu kubaha no kumvira ni umurimo tugomba gukora buri muni. Tugomba kubikora tubyitayeho tugahora tubabwira tuti “Jye sinzihanganira gukomeza kukubonaho imitekerereze n’imico nk’ibyo. Ugomba guhinduka ugatangira kubahana.”

Rimwe na rimwe mu buzima busanzwe, biroroha kureka abana bakikorera ibyo bashatse aho kwemera gufata umwanya wo kubakosora.

Hari igihe Dave yajyaga ahanisha abana bacu igihano cyo kuguma mu rugo ntibagire aho bajya nk’igihe cy’ibyumweru bibiri, maze nabibona nkumva ari jye ahana Atari bo. Ubwo naramubwiraga nti “Ariko ntibyaba byiza kurutaho turekeye aho kubaha amafaranga twabageneraga cyangwa ikindi kintu? Kuko niba ari ngobwa ko bagiye kumara ibyumweru bibiri ntaho bajya, wowe uzajya ujya gukora, ariko jye bizaba ngombwa ko ngumana nabo hano mu rugo.

Rimwe na rimwe kurera abana neza hari igihe bitugora. Biba ngombwa ko duhura n’ibintu bikomeye tutagahuye na byo. Nemera ko iyo ari impamvu imwe ituma abana bakomeje guhura n’ingorane muri iki gihe ari kubera ko twe nk’ababyeyi babo duhora duhuze ku buryo tudashaka kugira akanya na gato twafata ngo dukore inshingano dufite zo kubakosora. Ni ingorane zikomeye cyane.

Pawulo aravuga ati “Niba umuntu adashoboye kuyobora neza abo mu rugo rwe, yashobora ate gutegeka neza itorerero ry’Imana? Iyo Pawulo ari kuvuga ku gutegeka abo mu ngo zacu, nta bwo aba ari kuvuga ku mitegekere irangwa no gukandamiza abo tubana.

Umuyobozi mwiza ni wa wundi ushobora kuyobora abo munzu ye abereka inzira nziza, akabitaho abagaburira ubwenge, urukundo no kumenya bituruka ku Mana.

### TSINDA IBIKUGERAGEZA

*Kandi ntakwiriye kuba uhindutse Umukristo vuba, kugira ngo atikakaza akagwa, agacirwaho iteka Satani yaciriweho.*

*Kandi agomba gushimwa neza n'abo hanze, kugira ngo adahinyuka akagwa mu mutego wa Satani.*

*Kandi n'abadiyakoni na bo ni uko: bakwiriye kuba abitonda, batari interaganya cyangwa abamenyereye vino nyinshi bakifuzza indamu mbi, ahubwo bakomeze ubwiru bwo kwizera bafite umutima utabacira urubanza.*

*Bakwiriye kubanza kugeragezwa, maze nibatabaho umugayo babone gukora w'ubudiyakoni.*

1Timoteyo 3:6-10

Aha Pawulo arabuza abantu kuba bagira umuntu bemerera gukora umurimo w'ubudiyakoni mu buryo bwa huti huti kuko umuntu nk'uwo aba akeneye kubanza gutegurwa no kwitegura. Uko kumutegura bikubiyemo no kunyura mu bintu bimeze nko kugeragezwa. Ibihe bikomeye biduhindura imyifatire yacu, bikadukomeza. Biradukuza. Biduhata kurushaho gutumbira Imana aho kwirebaho, gutumbira abantu, cyangwa ibintu. Iyo tutateguriye kuba abayobozi twisanga twuzuye ubwirasi n'ubwibone maze bikaba byatugeza ahantu hatari heza.<sup>8</sup>

Mu Byanditwe Byera tumamaze kuvugaho haruguru, Pawulo avuga ashimangira icyo kintu. Avuga ko abantu baba bifuzza guhabwa imyanya y'ubuyobozi bagomba kubanza bakageragezwa kugira ngo bigaragare ko bakwiriye guhabwa iyo myanya mu itorerero. Iyo bibonetse ko

batsinze bashobora kwemererwa kuyobora abantu bakaba basohoje umugambi w'umuhamagaro w'Imana kuri bo.

Niba mu minsi ya none wumva ubabajwe cyane n'uko umuhamagaro wawe wo gukorera Imana utarasohora, nakubwira ko ukiri mu kibuga cy'igeragezwa. icyo Imana izaguhindura kizaterwa n'ukuntu uzaba watsinze ikizamini.

Mu mpapuro ziri inyuma tuzareba ku buryo burambuye ibigeragezo bimwe na bimwe tugomba kunyuramo kugira ngo Imana iteze imbere imimerere yacu. Kimwe muri byo ni ugusabwa gutuza kandi nta bwo byoroshye.

Kugira ngo dushobore kuba abantu badapfa guhinduka, cyangwa guhindurwa kubera ibibonetse byose, tugomba guhitamo ko tugiye kujya dukora ibyiza gusa twaba tubona bitugoye cyangwa bitatuguye neza. Tugomba kwiyemeza kujya dusoma Bibiliya kandi tugakora ibyo idutegeka gukora, byaba bidushimishije cyangwa bitadushimishije, twaba tubishaka cyangwa tutabishaka.

Niba dushaka gukomeza gukorerwamo n'Umwuka Wera, tugomba kwiyemeza gukora ibyo atubwira gukora, yaba abitubwiriye mu mitima yacu cyangwa mu Ijambo ry'Imana. Nta bwo turi mu butware bumwe n'Umwuka Wera ngo tube twavuga ko kugira ngo tubikore ari uko twabikoraho amatora, turasabwa kumvira tukabikora.



# UMUTWE WA 4



## GUTUZA BITANGA UBUSHOBOZI, IGICE CYA 2

*Kuko Umwami Imana izantabara, ni cyo gituma ntamwara.  
Ni cyo gituma nkomera mu maso hanjye hakamera  
nk'urutare, kandi nzi yuko ntazakorwa n'isoni.*

Yesaya 50:7

**T**wabonye ko buri wese muri twe agomba kuba umuntu Imana yizera, yiringira. Turamutse rero tutagira gutuza, ubwo ntituba tukibaye abantu Imana ishobora kwiringira no kwizera. Yemwe n'abantu ni uko.

Mu mirimo y'Imana dukora, mba nshaka ko abantu dukorana bagomba gukora ibyo basabwa gukora, ni ukuvuga abantu bagarajwe bagatsinda maze nganshobora kwizera ibyo bagiye gukora igihe icyo ari cyo cyose.

Nk'urugero, igihe kimwe nari mfite gahunda yo kujya kuyobora igiterane mu muji umwe munini. Ariko kubera ko byageze aho urugendo rw'indege nari kugendamo rugasubikwa, jye n'itsinda twari kujyana twahisemo gufata umuhanda tujyenda n'imodoka maze tugera muri uwo muji hasigaye amasaha abiri yonyine ngo igiterane ngo gitangire. Hari ibintu byinshi byo gukora mu rwego

rwo kwitegura igiterane, nko gutegura ibikoresho bitandukanye twari kwifashisha mu nama ndetse no gutunganya ibikoresho bifata amajwi n'indangururamajwi.

Muri ayo masaha twari dufite yo gukoramo ibintu mu buryo bwa huti huti, sinigeze numva umuntu n'umwe mu itsinda nari hamwe na ryo avuga n'ijambo na rimwe ryo kwitotomba. Sinanabonye ikimenyetso na kimwe cyerekanaga ko hari n'umwe muri twe wabonaga ukundi ibyo twari turimo. Mu by'ukuri, twese twarasekaga, twari twishimye. Ibyo byarashobotse kuko hari abantu badufasha kandi bazi icyo gukora, kandi bakorana umutima mwiza.

Nishimira cyane kubona Imana yarampaye abo dukorana batuje, baba abo mu nzego zo hejuru dukorana imirimo y'ubuyobozi cyangwa abo mu zindi nzego zo hasi, ikaba yarampaye inshuti zitajya zihinduka, umuryango utuje, ndetse n'umugabo uteye atyo. Kudahindagurika birashoboka ko ari cyo kintu cy'ingenzi cyane mu buzima bwa Dave.

Muri iyo myaka yose yashize twamaranye nk' abashakanye ndetse nk' abakorana umurimo w'Imana, hari igihe nagiraga bitekerezo hadatuje na gato; ngaho nababaye, ubundi nishimye, ndetse nkanabwira Dave n'abana nabi, cyangwa ngakuka umutima cyane kubera amafaranga twabaga dusabwa kwishyura cyangwa andi twabaga dukeneye mu rugo, Dave we yabaga ari aho, akomeye nk'urutare.

Mu by'ukuri Dave yari akomeye imbere muri we ku buryo ibye byanteraga umutima uhagaze. Nageraga aho ngasa n'umuburanya nti: “Wowe nta cyo bikubwiye? Nta bwo ujya ugira ikintu na kimwe kikubabaza? Nyamara ngukubise urushyi mu maso wata ubwenge.”

Iyo tugeze aho twabuze gutuza, n'abantu basanzwe biftiye umutuzo turabarakarira, tukabiyenzaho, tukabona ari babi. Tugashaka ko bababara nka twe. Ibyo kuba bafite imitima ituje byonyine biducira urubanza tukimenya ko twe atari ko bimeze.

Muri ya myaka y'icyo gihe, hari ubwo nabonaga ndi mu gikoni ndi kubara amafaranga cyangwa ndi guteranya imyenda twagombaga kwishyura, maze nkabona hakomeje kwiyongeraho n'indi, maze nkarushaho kumeneka umutwe no gukuka umutima.

Dave we yabaga yibereye mu ruganiriro hamwe n’abana, bareba Televiziyo cyangwa bakinana udukino. Naramusaranaga nkamurakarira cyane maze nkavuga nti “Kuki wowe utaza hano ngo nawe ugire icyo ukora?” Yarambazaga ati “Urashaka ko nkora iki? Wamaze kumbwira umubare w’amafaranga dufite ndetse n’imyenda tugomba kwishyura. Wavuye ku kazi kawe kugira ngo ubone uko utegurira umurimo wawe (Minisiteri yawe) kubera ko aricyo Imana yakubwiye gukora. Twiyemeje gukora ibyo idushakaho byose kandi tukayiringira, tukayizera. Turayiha icya cumi. Na yo ikatwitaho buri kwezi iduha ibyo dukeneye mu mibereho yacu byose. Ubwo se urabona tugomba kubisubiramo na none?”

Nyuma yaravugaga ati: “Joyce urashaka ko nza aho ngo mbabarane nawe? Ngoranwe nawe ariko sindi bubikore. Wowe washyuhijwe no kubona nezerewe. Ushobora kuza hano nawe ukishimana natwe niba ubishaka. Ariko niba ushaka kuguma aho ngo ukomeze ubabare ibyo birakureba. Nta cyo nakora ngo wishime, ku bw’ibyo sinzakwemerera kuntera akababaro.”

N’ubu ndakibuka umujinya mwinshi byanteraga icyo gihe. Ubwo burakari bwanteranaga imbaraga nyinshi cyane ku buryo numvaga nshaka gukora ikintu kidasanzwe. Ariko nta kindi nashoboraga gukora uretse kwivovota no gusakuza gusa.

Niba dushaka kuba abayobozi, tugomba gupfa ku bintu nk’ibyo. Tugomba kurekeraho kuzenguruka uwo musozi. Tugomba kurekeraho gukora ikizamini kimwe uko iminsi igenda isimburana kandi na cyo tukisanga twagitsinzwe buri gihe. Kandi tugomba kumenya ko nubwo twagitsindwa inshuro zitabarika, Imana yo itazigera itwirukana mu ishuri ryayo. Icyo tugomba gukora ni ukwikosora kugeza igihe tuzatsindira.

Nigeze kugendererwa mu bugingo bwanjye maze Imana irampamagara irambwira iti “Joyce, ndagukunda kandi nagushyizemo impano zanjye. Ngufitiye ibintu bikomeye nkubikiye ntekereza kuzaguha. Ariko kugira ngo uzabibone, ugomba kuba umuntu utuje.”



Imana nta bwo ijya yifuza ko duhindagurika ngo ni uko ibihe tugezemo byahindaguritse cyangwa hari ibindi bintu duhuye na byo byahindaguritse. Ishaka ko duhora tumeze nk’uko dukwiriye kuba tumeze, tukaguma uko turi nk’uko na yo idahinduka.

Nubwo twatsindwa inshuro zitabarika nta bwo Imana izigera itwirukana mu ishuri ryayo.

### **GUTUZA NI UKUDAHINDAGURIKA**

*Yesu kristo uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose.*

Abaheburayo 13:8

Ni ikihe kintu cy’ingenzi cyane kurusha ibindi byose dukundira Yesu? Ntagushidikanya ko iki kibazo cyabonerwa ibisubizo byinshi, nko kuba yaradupfiriye ku musaraba kugira ngo tutazahanirwa ibyaha byacu, hanyuma akazuka ku muni wa gatatu.<sup>1</sup> Ariko (mu busabane bwacu na we) kimwe mu bintu tumukundira cyane kandi tukamwubahira ni uko tuzi neza ko atajya ahinduka.

Dukunda Yesu kandi tugashobora no kumwizera no kumwiringira kubera ko atajya ahinduka. Mu Ijambo rye yaravuze ati “Uku ni ko nahoze, ni ko ndi kandi ni ko nzahora.”<sup>2</sup> Niba hari ikintu wakwizera cyangwa wakwiringira, ujye wizera kandi wiringire ko Yesu atajya ahindagurika. Ashobora guhindura buri kintu gikwiriye guhindurwa ariko we ntajya ahinduka.

Inshuti ziteye nka e ni zo nshaka kugira, abakozi bameze nka we, nanjye ubwanjye ndashaka kuba nka we. Ndashaka kuba umuyobozi uteye nka Yesu. Ndashaka kugira imibereho nk’iyo idahindagurika mu mibereho yanjye, kugira ngo abantu bashobore kubona ko ndi uwo kwiringira.

Hari igihe cyabayeho ibyo niyumvira bikaba ari byo bintegekaga. Nta bwo ari jye wabitegekaga, Ni byo byantegekaga. Muri iyo minsi, sinari nzi ibyo nzi ubu.

Si abandi bantu batashoboraga kunyizera gusa, uhubwo hari n'igihe ibitekerezo byanjye n'ibyumviro byanjye byabaga byandushaga imbaraga ku buryo nanjye ubwanjye ntigiriraga icyizere. Sinamenyaga icyo ndibukore mu minota yari iri mbere, mu masaha yari imbere, ku muni wari gukurikiraho. Buri muni nabyukaga numva ntiyumvisha icyo nagombaga gukora. Sinaniyumvishaga uko nagombaga kumera uwo muni.

Yesu we si uko ateye, umuntu yavuga ko Yesu we akuze bihagije mu bitekerezo no mu byikumviro. Agace k'ubwo bukure ni uko atajya ahinduka, ibye bihora biteye kimwe, ni uwo kwiringirwa. Ubukure nk'ubwo ni bwo dukwiriye kugira intego. Kuba abantu bakuze mu bitekerezo biravuga ko bagomba gushobora gufata ibyemezo bishingiye ku kuyoborwa n'Umwuka Wera, bidashingiye ku byo twiyumva. Ariko ibyo ntibipfa kubaho gusa.

Kuba tuzi ibi bintu si byo bituma cyangwa bizatuma ibyo bitekerezo n'ibikumviro byacu bituvamo cyangwa bigenda. Ariko dufite Imana ishoboye. Iyo tugeze ahantu twumva aho dushaka kurekeraho gutegekwa ibikumviro byacu, tugomba kwizera ko Imana yiteguye kudufasha gukura no gutegeka amarangamutima nk'uko Umwana wayo Yesu yari ameze kandi akimeze.

Ibyo ntibishatse kuvuga ko tuba duhindutse abantu batagira amarangamutima. Imana iduha ibikumviro kugira ngo tujye dushobora kwishima. Iyo dushoboye kudahindagurika kubera byikumviro, bishatse kuvuga ko tuba dufite ubuzima butuje. Nk'abizera Yesu ibyo biba bibaye bimwe mu bintu turagwa mu buryo bwo mu mwuka.<sup>3</sup>

Ubwo rero, mu gihe kiri imbere nuramuka ugize ikintu gituma ibikumviro byawe bituma ujya mu birere uzabibwire mu butware uti “Igihe mwangiriye imbata yanyu kirahagije. None ubu ibintu byahindutse ni jye ugiye kubategeka, mbikorera mu mbaraga n'ubushobozi by'Umwuka Wera.

## IMANA NI NZIZA – IGIHE CYOSE

*Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri Se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire n'igicucu cyo guhinduka.*

Yakobo 1:17

Muri uyu murongo Yakobo arashaka kuvuga iki? Aha arashaka kuvuga ko Imana ari nziza iteka ryose si nziza rimwe na rimwe gusa. Si nziza kubera impamvu runaka ibiteye. Ni nziza gusa.

Yakobo kandi avuga ko Imana itajya, ihindagurika. Ku Mana nta guhindukira ngo ibe yava kuri gahunda zayo, nta n'igihe ibyayo bijya bizamo itandukaniro cyangwa guhindagurika. Twabonye ko Yesu atajya ahinduka. Muri Yahana 10:30 tubwirwa ko Yesu n'Imana ntaho batandukaniye. Niba rero Yesu atajya ahinduka, n'Imana na yo ntihinduka; haba mu Bumana bwayo nka Data cyangwa ubw'Umwuka Wera, ntihinduka.

Imana ntihinduka ihora ari nziza gusa nta kindi: n'iyoye turimo kunyura mu bikomeye, n'iyoye hari ikintu cyiza cyatubayeho, Imana yo ikomeza kuba nziza. Imana ni Imana nziza kandi akaba ihora ishaka kudukorera ibyiza gusa. Nta bwo idukorera ibyiza kubera ko turi beza, ibidukorera kubera ko yo ari nziza.

Abantu bagomba kumenya ibi, n'itorero na ryo.

## GUTUZA BIZA GAHORO GAHORO

*Yongera kuvuga iby'Umwana wayo iti “Uwiteka, mbere na mbere, ni wowe washyizeho urufatiro rw'isi, n'ijuru na ryo ni umurimo w'intoki zawe. Ibyo bizashiraho ariko wehoho uzahoraho, ibyo byose bizasaza nk'umwenda, kandi uzabizanga nk'umwitero bihindurwe ukundi. Ariko wehoho uri uko wahoze, imyaka yawe ntizagira iherezo.*

Abaheburayo 1:10–12

Mbega ukuntu kumenya ko, nubwo ibindi bintu ibyo ari byo byose kw'isi bishobora guhinduka, Imana yo itajya ihinduka bidusubizamo n'umunezero. Ariko se ubundi byadushobokera bite kwizera no kwiringira Imana nk'uko ibidushakaho niba tutemera cyangwa ko Imana yo ihora ari iyo kwizerwa no ku buryo, uko byaba bimezee kose ihora yiteguye kuza aho turi ngo idukemurire n'ibyifuzo byacu, nubwo twe twaba tutiyumvisha neza uburyo yabikora, yabikoze cyangwa izabikora?

Imana ihora itugaragariza urukundo rwayo nta kindi kintu ishingiyeho. Nta bwo idukunda kubera ko turi beza twahinduka babi ngo irekere aho. Ihora idukunda. Ihora ari Imana y'impuhwe, itinda kurakara, yuzuye ubuntu n'imbabazi, ihora yiteguye kubabarira.

Iyaba twari tumeze nk'Imana byamera bite mu buzima bwacu cyangwa mu buzima bw'abaturanyi bacu cyangwa abandi batuzengurutse? Byamera bite turamutse turanzwe no guhora duha abantu urukundo rwacu, tugahora dutinda kurakara, tugahora twujwe ubuntu n'imbabazi tugahora twiteguye kubabarira? Byamera bite turamutse turi abantu bahora bakora ibyiza gusa tukanagirira abandi neza gusa, tugahora turi abanyamahoro ndetse tunarekura tugatanga?

Nta bwo tugomba guhora turi abantu bahora bahindagurika, kubera dutegkwa n'ibiyumviro byacu, ku buryo usanga uyu munsi turi mu bwere, ejo turi hasi nka twa dukinisho tw'abana. Tugomba gutuza. Ingorane tugira ni uko duhora duhindagurika.

Jye n'umutware wanjye tumamaranye imyaka irenga mirongo itatu ariko buri gitondo, Umutware wanjye Dave Meyer abyuka anezerewe. Ndetse nta nubwo ari ibyo gusa, ntashobora kumara iminota irenze itanu nyuma y'uko abyutse atararimba.

Tugitangira kubana jye nakoraga ibinyuranye n'ibyo. Nifuzaga ko ahora acecetse kugira ngo nshobore gutekereza. Nashakaga ko ingorane zanjye n'ibyifuzo byanjye aribyo bibanza kwitabirwaho gusa. Ndashima Imano ko ubu nahindutse.

Jye na Dave tugitangira kubana, nari mfite ingorane z’ubwoko bwose kubera ko nari narahohotewe nkiri muto. Kubera rero ko ntari narigeze umutuzo, nta bwo nari nzi icyo ibyo bintu bivuze.

Ushobora kuba wararezwe n’abantu batari bafite gutuza muri bo, batari bafite kumenya ko ubuzima bushingiye ku guhindagurika atari bwiza, atari na bwo Imana ikwifuriza.

Imana irashaka ko wibera mu mutuzo. Nta bwo uzigera ushobora kwishima mu buzima kugeza igihe uzagirira umutuzo no kudapfa guhindagurika muri wowe.

Nta bwo uzigera ushobora kwishima mu buzima nk’uko byakugenewe kugeza igihe uzagirira umutuzo no guhagarara ku gitekerezo cyawe no ku cyemezo wafashe mbere niba ubona ko ari byiza. Dave ajya ambwira ko ajya yibuka uko nari nteye mbere y’uko ntangira gushobora gutegeka ibiyumviro n’ibitekerezo byanjye. Maze akambwira ati: “Ndibuka ko hari igihe najyaga nza mu rugo nijoro ntwaye imodoka mvuye ku kazi, nkaza nibaza nti ese noneho Joyce ndasanga ameze ate uyuhungira mugoroba.”

Nawe ushobora kuba umeze nka Dave. Ushobora kuba ufite umugabo cyangwa umugore ufite imibereho birangwa no kudatuza. Niba ari uko bimeze, ugomba kumenya ko abantu nk’abo bigoye kubana na bo. Kubana birakorana iyo abantu bapfa guhindagurika ku buryo nta muntu byorohera kubizera cyangwa kumenya uko bene abo bantu baza kuba bameze mu masaha y’imbere.

Ibyo ariko ntibivuga ko tutazajya tugera aho duhura n’iminsi mibi. Si ntekereza ko buri muntu ashobora kugira amahirwe nk’aya Dave. Ariko yambereye urugero rwiza ku buryo kubana na we no kumwigiraho byanyigishije byinshi. Ubu nemera ko 99% by’igihe cyanjye cyose nkimara ntujye. N’ubu ariko mbona muri jye ngifitemo ubukare bwinshi kurusha Dave ku buryo iyo hari ikindakaje bishobora kuntwara umwanya muremure kugira ngo nongere ntuzwe kurusha uwo we amara. Ariko muri iyi minsi ibyo bintwara iminota ibiri cyangwa itatu gusa kandi ubundi kandi byarantwaraga ibyumweru bibiri cyangwa bitatu! Ibyo rero bituma nshima Imana kubera icyo ntera nziza maze gutera.

Ubu nzi neza ko buri muntu uwo ari we wese ashobora guhinduka kuko nanjye nabishoboye kandi nari naragize amahirwe make yo kunyura mu bintu byatumye ngira ubuzima budatuje. Ngahora mpindagurika. Ariko icyiza ni uko nakomeje kugenda ndushaho gutera imbere muri icyo nzira kugeza ubu nkaba narabaye umuntu utuje. icyo ni ikintu kimwe Imana yifuza cyangwa ishaka kuri buri wese. Nta bwo Imana ibona ko dushobora kubigeraho ijana ku ijana nyuma y’umunsi umwe, ahubwo ishaka kudufasha kugenda turushaho gusa na yo umunsi ku wundi.

### IMANA NI URUTARE

*Icyo gitare umurimo wacyo uratunganye rwose, ingeso zacyo zose ni izo gukiranuka. Ni Imana y’inyamurava itarimo gukiranirwa, ica imanza zitabera, iratunganye.”*

Gutegeka kwa kabiri 32:4

Mu isezerano rya kera, nta bwo Mose yabaye umuntu Imana yakoresheje akura abisirayeli mu butayu umunsi umwe. Mu mpapuro ziri inyuma muri iki gitabo tuzavuga byinshi ku mwanya w’ubuyobozi yarafite. Muri iki gice arabwira abisirayeli iby’Imana. Arababwira ibyo yize byerekana uko iteye.

Dukurikije ubusobanuro bwatanzwe na Jamieson, Fausset hamwe na Brown, ijambo ‘urutare’ ryanditswe mu byanditswe byera **“ryerekana ububasha no kudahinduka”** cyangwa kudahindagurika. Impamvu ryakoreshejwe muri iki gice ni ukugira ngo twerekane ko Imana itigeze yirengagiza amasezerano yari yaragiranye n’abakurambere b’abisirayeli ndetse nabo ubwabo. Yabaye inyakuri. Nta kintu na kimwe yabasezeranyije kigeze kidasohora.

Ijambo “Urutare” rikoresheya nk’igisobanuro cy’ubuhungiro cyangwa rigakoreshwa mu kwerekana gukiranuka kw’Imana no kudahindagurika kwayo. Rigaragara inshuro irenze imwe muri iyi ndirimbo (Gutegeka kwa kabiri, igice cya 32 yiswe indirimbo ya Mose) kandi riboneka n’ahandi henshi mu bindi bice by’Ibyanditswe.<sup>4</sup>

Muri iki gice ndetse no bindi bice byo muri Bibiliya Imana yitwa Urutare kubera ko ari Imana ikomeye kandi idahinduka cyangwa ngo ihindagurike. Ntitinya ibiduhungisha. Ni ikintu gifatwa nk’igisanzwe k’Umwana w’umuntu wambaye umubiri ahindagurika ariko Imana yo ntihinduka; niba dushaka kuba abayobozi nyabo, dukwiriye gukurikiza urugero rwayo.

### URUTARE NK’ICYITEGEREZO

*Ubwo ni ubwoko butabasha kwigira inama, butarimo ubwenge na buke. Iyo baba abanyabwenge baba bamenye ibi, baba bitaye kw’iherzo ryabo. Umwe yabashije ate kwirukana igihumbi cyabo, babiri babashije bate kunesha abantu babo inzovu, iyo Igitare cyabo kitabagura, iyo Uwitete atabagabiza? Kuko igitare cya ba bandi kidahwanyeye n’Icyacu, nubwo ababisha bacu ubwabo ari bo baca urubanza rw’ibyo.*

Gutegeka ka kabiri 32:28-31

Nasomye uyu murongo wanyuma maze numva hari ikintu kinkirigise mu mubiri. Nahereye ko ntekereza ku butumwa bwanyuzwaga kuri Televiziyo bwo kwamamaza ibikorwa by’isosiyete imwe yakoraga imirimo y’ubwishingizi. Muri uko kwamamaza herekanwaga igishushanyo cy’igitare kinini hakananyuzwaho amagambo akomeye yo kwerekana uburemere n’akamaro ko kwishingana muri iyo sosiyete. **“Fata ubu bwishingizi maze ushobore kubona agace k’urutare.”**

N’ubwo nemera ko gufata ubwishingizi ari byiza kandi bifite akamaro, nshobora ku kubwira ko icyo gitare cyabo kitameze nk’icyacu. Igitare gitangwa n’isi kikagira akamaro k’igihe gito nta bwo kimeze nk’igitare kizahoraho.

Igitare cyacu ni ubuhungiro. Ntigindagurika, nticyivuguruza, ni icyo kwizerwa, gihora hafi y’abagishaka, ntiginduka, gihora ari cyiza kandi gihorana urukundo, impuhwe n’imbabazi. Nta bwo Imana

izigera idusiga cyangwa ngo idutererane. Kandi dukwiriye guhindurwa tukagira ishusho yayo.<sup>5</sup> Ni igitare cyacu kandi ni urugero rwacu. Tugomba gusa na yo.

### **IGITARE CYO KWIZERWA URUFATIRO RUKOMEYE**

*Nuko Yesu ajya mu gihugu cy'i Kayisari ya Filipino abaza abigishwa be ati "Abantu bagira ngo Umwana w'umuntu ni nde?" Baramusubiza bati "Bamwe bagira ngo uri Yohana Umubatiza, abandi ngo uri Eliya, abandi ngo uri Yereimiya cyangwa ngo uri umwe wo mu bahanuzi."*

*Arababaza ati "Ariko mwebwe ubwanyu mugira ngo ndi nde?" Simoni Petero aramusubiza ati "Uri Kristo, Umwana w'Imana Ihoraho."*

*Yesu aramusubiza ati "Urahirwa Simoni wa Yona, kuko umubiri n'amaraso atari byo byabiguhishuriye, ahubwo ni Data wo mu ijuru."*

*Nanjye ndakubwira nti "Uri Petero, kandi nzubaka Itorero ryanjye kuri urwo rutare kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora."*

Matayo 16:13-18

(Mu rugiriki Petra bivuga urutare runini nk'ururi i Gibraltar.)

Igihe Petero yavugaga ko Yesu ari we Kristo, umwana w'Imana ihoraho, ayo magambo yari amagambo agaragaza kwizera. Igihe Petero yavugaga ayo magambo yerekanaga kwizera kwe.

Sintekereza ko Petero yapfuye kuvuga ayo magambo gusa utabikuye k'Umutima. Ndatekereza ko yabivuze nk'udafite gushidikanya na guke muri we, ku buryo byagize aho bikora mutima wa Yesu, bikamushimisha bigatuma na we ahindukirira Petero akamubwira ati uhawe umugisha. Yarakomeje amubwira kuri urwo rutare, urwo rufatiro rwo kwizera yari kuzubaka Itorero rye.



Yesu yabwiraga Petero ati “Nugumana uku kwizera kuzaba ikintu gikomeye nk’urutare mu bugingo bwawe kandi nzacyubakiraho ubwami bwanjye. Ubushobozi bwawe buzakuzwa butezwe imbere cyane ku buryo n’amarembo y’ikuzimu atagushobora.

Ariko iri sezerano nta bwo ryari irya Petero wenyine. Jye nawe Yesu aratubwira atyo. Ingorana zihari ni uko tudahorana ukwizera muri twe. Rimwe na rimwe tugira kwizera ubundi tugashidikanya.

### **KUVA MU KWIZERA TUJYA MU KWIZERA**

*Kuko muri bwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera kugakomezwa na ko, nk’uko byanditswe ngo ‘Ukiranuka azabeshwaho no kwizera.’*

Abaroma 1:17 KJV

Maze igihe kirekire mfite intego yo kwiga kugira ubuzima burangwa no kwizera uko ibihe bisimbirana. Hashize imyaka Imana imbwiye ngo “Joyce uva mu kwizera ukajya mu gushidikanya, ukava mu gushidikanya ujya mu kutizera, ukongera ukajya mu kwizera ukahava ujya mu gushidikanya, ukahava ujya mu kutizera.”

Ingorane ziri mu Itorero ry’uyu muni ni uko dufite kuvangirwa kwinsi. Ntidukomera, turashidikanya, turahindagurika. Uko kuvangirwa kugaragara mu byo tuvuga, nk’uko tubibona muri Yakobo 3:10 “*Mu kanwa kamwe havamo gushima no kuvuma. Bene Data, ibyo ntibikwiriye kumera bityo.*”

Igihe kimwe Imana yambwiye ku muntu twari dufitanye gahunda dukunze kuba turi hamwe igihe kitari gito. Uyu muntu kandi w’igitsina gore yari afite ibyamugoraga byinshi cyane. Akanya gato yashoboraga kuba yishimye maze akavuga ati “ibintu nk’ibi, ahaa, Imana ishimwe. Ndizera ko Imana igiye kunkiza. Yewe, Imana igiye kwita ku bibazo byanjye.”

Hagashira igihe cy’imuni ibiri cyangwa itatu gusa. Nyuma yaho

agacika intege akababara cyane maze agaherako arakarira buri muntu na buri kintu cyose ku buryo yatangiraga no kuvuga ko buri kintu cyose ari kibi kandi akabyerura. Agatangira kuvuga ati “nta kintu cyiza kimbaho, nta n’ikizambaho. Abandi bantu bahabwa imigisha ariko jye ntibijya bimbaho. Bene wacu batari n’abizera bahawe umugisha kundusha.” Agakomeza atyo muri uwo mwuka w’ubwihebe.

Twaramufashaga tukamubwira amagambo y’Imana akongera agakomera ariko hashira iminsi mike akongera agasubira ibubisi.

Yari amaze nk’uko natwe tujya tumera rimwe na rimwe, nk’uko bijya bigendera umupira w’ikinyabiziga washizemo umwuka. Natwe hari ubwo duhagwa tukuzura, tukamererwa neza igihe gito, ariko umunsi ukurikiyeho, tukongera tugashiramo ibyo twahazwemo, tugasa na wa mupira washizemo umwuka.

Umunsi umwe, Imana yaramvugishije imbwire neza mu mutima wanjye iti “Icyo urimo kureba ni ikikwereka impamvu z’ukuri abantu banjye bahora bakorera mu mbaraga ziri ku gipimo cya zeru. Bahora bavanga kunezerwa no kubabara. Iyo bari mu byiza, baba bari mu mbaraga, ariko bikaba iby’igihe gito. Hanyuma bagatangira kuvanga ibibi n’ibyiza bari bafite maze bigatuma za mbaraga bari bafite zihanagurika bakongera bakisubirira ku gipimo cya zeru mu mbaraga.

Nta cyo nkuziho ariko jye sinjya nshaka gukorera mu mbaraga z’igipimo kingana na zeru. Nta bwo nshaka kuzajya mara iminsi ibiri cyangwa itatu mfite ubuhamya (bwiza) bufite igipimo cyo guteranya ngo nkurikizeho ubufite igipimo cyo gukuramo (bubi) bw’iminsi ibiri hanyuma kuri zeru.

Ndatekereza ko iyi ari impamvu imwe mu zituma abantu bo mu mubiri wa Kristo rimwe na rimwe bagera aho, bakavangirwa, bakabura icyo bafata n’icyo bareka, batekereza bati “Jye simbyumva mpora ngerageza gukora byiza ariko bisa n’aho bitajya bibyara ikintu kizima.” Impamvu ni uko abantu nk’abo bahora basimbuza ibikorwa byabo byiza amagambo apfuye, bakiyaturiraho amagambo mabi.

Nanjye sinshaka kuvuga ko hatajya habaho ibihe ngira umunabi cyangwa ngo nitotombe kubera impamvu runaka. Ariko iyo bimbayeho

ngeregeza kubihagarika kugira ngo bitaza kumara igihe kirekire nk’uko najyaga mbikora kera. Nta muntu ushobora kuvuga ngo ntajya akora amakosa nk’ayo. Ariko dukeneye gutangira kwimenyereza kuba abantu batuje mu mitima, niba dushaka ko Imana iduha umugisha wo kuba abayobozi. Dukeneye kuba abantu bashobora no kwiringirwa kugira ngo abantu batubona bashobora kutwizera uko byaba bimeze kose, ndetse n’Imana ikatubona ityo.

### **GUTURIZA MU KWIZERA NO KWIRINGIRA**

*Mwa Bantu mwe, mujye muyiringira, ibyo mu mitima  
yanyu mubisuke mu mitima yanyu imbere yayo, Imana ni yo  
buhungiro wcu.*

Zaburi 62:8

Nta bwo bikwiriye ko twiringira Imana rimwe na rimwe gusa cyangwa ngo tuvuge ko dukunze kubikora, ahubwo tugomba kubikora igihe cyose. Tugomba kwitoza kubaho mu kwizera igihe cyose, tukiringira Imana, ibintu byaba ari bibi cyangwa ari byiza.

Bijya byoroha kwiringira Imana igihe ibintu ari byiza. Ariko n’iyo ibintu bitangiye kugenda nabi tugafata icyemezo cyo kuyiringira, icyo gihe tubona gukura muri twe.

Uko turushaho gukomeza kugaragaza gukura muri twe, ni ko tunagenda turushaho gushobora kwerekana no gushyira ahagaragara ubushobozi buturimo. Iyo ni yo mpamvu mvuga ko kudahindagurika mu mutima no bituma ubushobozi buturimo bwigaragaza.

Uko turushaho kugenda tuba abantu badahindagurika, ni na ko ubushobozi buturimo burushaho kugenda bwiyoungera kubera ko ubushobozi n’imbaraga bitubamo biba bifite ikintu cyo kuririraho.

Abantu benshi bagira impano zishobora kubageza ahantu imiterere yabo idashobora gutuma baguma igihe kirekire. Impano umuntu arazihabwa ariko imyifatire itezwa imbere.

Jye kuva kera nari umuntu uzi kuvuga. No ku ishuri nari nshoboye kuvuga cyane ku buryo na mwarimu yari azi ko nabaga nzi ibintu byose yigishaga kandi nta n'ikintu na kimwe nzi.

Nari kandi umuntu ushoboye kuvuga nkaba nashobora kumvikanisha ibitekerezo byanjye ku bandi bantu. Ariko kugira ngo Imana inyemerere guhagarara ku ruhimbi ngo mbwirize amamiliyoni y'abantu buri muni ntibyagombaga gusaba ko mba mfite impano gusa, nagombaga no kugira umutima mwiza kugira ngo Imana ingirire ikizere mu byo ngiye kuvuga, Naho ubundi, ntiyari kunyemerera kwigisha abantu benshi batyo kuko nashoboraga kuvuga ikintu uyu muni ejo nkaba nagihinduye.

Kugira ngo tube abantu bihagije kandi twere imbuto z'Umwuka, twaba twumva tubishaka cyangwa tutabishaka, bidusaba gushobora gutegeka ibitekerezo n'ibiyumviro byacu, n'ururimi rwacu. Uko tugenda turushaho gutuza ni na ko turushaho kugaragaza ubushobozi.

## IBIHE BYOSE

*Nzahimbaza Uwiteka iminsi yose, ishimwe rye nzabarizaba mu kanwa kanjye iteka.*

Zaburi 34:1

Tekereza umuntu uriya mwanditsi wa Zaburi yavuze ko azahora ahimbaza Uwiteka iteka ryose. Uretse no guhimbaza Uwiteka nk'uko ibi byanditswe byera bivuga, hari ibindi byanditwe byera bitari bike bitubwira ibintu dukwiriye gukora igihe cyose. Kwanga gushukwa n'mwanzi igihe cyose,<sup>6</sup> kwiringira Imana igihe cyose,<sup>7</sup> gukunda igihe cyose<sup>8</sup> tutabikora gusa ngo ni uko tubona ko nta cyo bidutwaye.

Kimwe mu bintu nkunda gukora cyane kurusha ibindi nyuma yo kurangiza kubwiriza mu materaniro, ni ukujya muri resitora ngafata amafunguro meza. Mba nakoze cyane, ibyo bikaba uburyo bwanjye bwo kuruhuka. Igihe kimwe twahamagaye umwe mu bakozi bo muri

resitora imwe ahantu abantu bageze kuri cumi na batanu bari kwakirwa. Ariko tuhageze, tuhasanga uruvunganzoka rw'abantu. Tugeze aho bakirira abantu baratubwira ngo “hano nta bwo tujya tubikira abantu imyanya!”

Numvise uburakari buzamutse, mperako ntekereza nti “**Ariko se ubu kuki aba bantu batabitubwiye kuri Telefoni?**” Maze ndakomeza ndibwira nti “Joyce ni bwo ukirangiza kubwiriza, ihangane utagibwaho n’umugayo.”

Ntuzi se ukuntu ari ikintu gitangaje ukuntu iyo watuje ibyo wizera Satani aza akaba ari byo akugerageresha.

Twagombye gutegereza iminota mirongo ine n’itanu kugira ngo tubone aho kwicara. Baduhaye imeza nini kandi ndende maze umukozi atangira kutubaza ibyo tunywa. Nyuma y’akanya gato yaragarutse aza acigatiye ikintu cyari cyuzuyeho bya binyobwa twari twamutumye. icyo gihe aho hantu hari hari abantu benshi cyane ku buryo byamugoye kubona aho anyura. Agerageje kunyura hagati yacu n’ikibambasi, cya kintu gikoma ku kibambasi maze ibyo kunywa biramucika, bimeneka k’umugabo wanjye.

Icyo gihe Dave yari yambaye ikositimu nziza cyane maze imenekaho amazi n’icyayi na barafu. Ibyo bikimara kuba uburakari buba buratuzamukanye. Tukabaza uwo mukozi tuti “Wabayete ute? Nta bwo ushobora gukora akazi kawe neza? Dore wononye imyenda yacu. Sinzongera no kugaruka hano ukundi!” Ariko Dave aritonda yihanganira uwo mukozi ntiyita ku byari bimaze kuba. Aho kumurakarira yaramubwiye ati “nta kibazo.” Wakoze ikosa ndabyumva ariko nanjye nigeze gukora muri resitora kera mena ikivuge cy’umusemburo mu modoka y’umukiriya wari waje muri iyo Resitora nakoragamo. Nyiri iyo modoka yari yaje yambaye ikositimu nziza cyane kandi yaje asohokanye n’umukunzi we. Nzi ukuntu byakubabaje ariko ntubwiteho cyane ngo bive aho byagutera ikibazo!”

Dave ntiyagarukiye aho, ahubwo yarahagurutse ajya mu biro by’Umuyobozi wa Resitora aramubwira ati “Sinshaka ko uriya mukozzi hari ingorane ari bugire. Aha hantu hari abantu benshi cyane uyu muni, ubundi umukozzi nta ko atagize, arakora akazi ke neza uko bishobotse kose. Ibyabaye ntibyaturutse ku makosa ye. Dave nta ko atagize ngo agaragaze ubwitonzi.

Ntibyatizze wa mukozzi agaruka yikoreye isiniya yuzuye ibinyobwa kandi ku maso he hagaragaraza ko yahoze arira. Atugeze iruhande yaratubwiye ati “Nababaye cyane. Iki ni icyumweru cyanjye cya mbere hano, kandi iyi ni yo meza yanjye ya mbere nini. Birambabaje cyane kubona nabamennyeho ibinyobwa!” Yunamyeye gato hejuru y’ameza, andeba mu maso maze arambwira ati “Ndumva bimpangayikishije. Mpora nkubona kuri Televiziyo buri muni!”

Ndakubwira ukuri, numvise hari igikoretse mu mutima wanjye, maze ndatangira ndavuga nti “**Wakoze Mana, Wakoze, Wakoze, Wakoze kubona tutagize ikintu kibi dukora kubera ibi bintu byabaye!**”

Aba yarasigaye yibaza iki ku Mana, ku bayobozi, ku bavugabutumwa bo kuri Televiziyo niba ahora anyumva mbwiriza buri muni kuri Televiziyo hanyuma akaza kubona Dave nanjye tuzamukira mu birere, agakubitwa cyangwa akabwirwa nabi kubera kumumenaho ibinyobwa?

Ese ibi bintu hari icyo byankozeho? Yego! Nta ho Bibiliya ivuga ko icyaha gipfa. Ahubwo iravuga ngo kubera ko Kristu yapfuye kubera ibyaha byacu dukwiriye natwe gupfa ku byaha.<sup>9</sup> Niba dutegereje ko ibyaha bizapfa tuzategereza icyo kintu igihe kirekire. Iyo mvuze ngo “gutegereza ko icyaha kizapfa” mba nshaka kuvuga kutongera kugeragezwa n’icyaha ukundi. Tuzahora tugeragezwa ni ko Bibiliya ivuga. Ariko Yesu yigishije abigishwa be gusaba kutagwa mu cyaha igihe cyabagezeho.<sup>10</sup>

Kamere ntifpa, ni twe tugomba kuyica nk’uko tubisoma mu gitabo cy’Abakolosayi 3:5 ngo “*Nuko noneho mwice ingeso zanyu z’iby’zi:*

*gusambana no gukora ibiteye isoni, no kurigira no kurarikira, n’imyifurize yose ari yo gusenga ibigirwamana.”*

Iyo umuntu aguye mu cyaha nta bwo bivuga ko aba atakaje ubushobozi yari amaze iminsi yiyubakamo imbere muri we ahubwo bituma adindiza gutera imbere yari afite uko gutera imbere nta bwo kuba ari uk’uwo muntu gusa ahubwo kuba ari n’ukw’abandi bose bamuzengutse.

Mbega ukuntu tuba twararetse nabi cyangwa biba byaratubereye bibi iyo tuba twaremeye gutegekwa n’umubiri aho kugira ngo tugume twemye, twange guhindura n’ibyabaye icyo gihe. Abantu bari aho baba baravuze bati “Niba ari kuriya abakristo bameze, nta bwo nshaka kugira ikintu na kimwe kizatuma ngira aho mpurira n’ubukristu. Niba ari kuriya bakora. Nta bwo nifuza ikintu na gito gisa na ko. Nsanzwe nanifitiye ingorane zimpagije. Nshobora gukora bene kariya kageni ntaniriwe nkizwa.

Iyi ni yo mpamvu Imana ikorana natwe igateza imbere imyifatire myiza imbere muri twe mbere yuko itwemerera kujya hanze mu bantu kubera ko iyo ntabushobozi bwo gutuza no kudapfa guhindagurika kuturimo, dushobora gutukisha izina ryayo aho gutuma rishyirwa hejuru.



## **IGICE CYA 2**

**UMUTIMA W'UMUYOBOZI**





# UMUTWE WA 5



## IMIMERERE MIBI Y'UMUTIMA, IGICE CYA 1

*Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha  
umusatsi cyangwa kwambara izahabu cyangwa uwo  
gukanisha imyenda, ahubwo ube uw'imbere uhishwe mu  
mutima, umurimbo w'umwuka utangirika ufite ubugwaneza  
n'amahoro ari wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana.*

1Petero 3:3,4

**K**imwe mu bintu by'ingenzi cyane kurusha ibindi ku Mana ni umutima w'Umuyobozi. icyo Bibiliya yita umuntu uhishwe w'imbere, Bibiliya yitwa *The King James Version* iwita umuntu uhishwe wo mu mutima.<sup>1</sup> Iyo turebye bagenzi bacu cyangwa abandi bantu, ibyo tubona nta bwo ari ko biba bimeze. Dushobora kuvuga no gukora ikintu, dushaka kugaragaza ko ibintu byose bimeze neza nyamara imbere mu mutima dushira, tubabaye. Ndetse hari n'igihe dukora ikintu bitugoye kandi tubabaye cyane.

Nemera ko Imana yita cyane ku mitima yacu kurusha uko yita ku mikorere yacu, kubera ko imitima yacu iramutse imeze neza, imikorere yacu na yo nta kabuza ntitinda gusa n'imitima yacu. Ariko nidukora ibintu bizima tubikoranye imitima idatunganye, ibyo tuzakora byose nta cyo bizabwira Imana, nta cyo bizaba bivuze ku Mana.

Kimwe mu bintu byahinduye ubuzima bwanjye kurusha ibindi muri uyu muhamagaro ndimo wo kuba ndi umuyobozi mu mubiri wa Kristu, ni uko Imana yanyeretse iby'ubuzima bw'imbere, ni ukuvuga umuntu uhishwe wo mu mutima. Mu mitima yacu habamo iki? Hateye hate? Dufite imitima iteye ite? Mu by'ukuri imbere mu mutima wacu duteye dute? Ubuzima bwacu bwo mu bitekerezo buteye bute? Ibintu bituzengurutse cyangwa ibyo tubona cyangwa ibyo duhura na byo tubibona dute? Iyo turi ahantu hiherereye twifata dute? **Niba dushaka kuba abayobozi beza tugomba kureba no kwita kuri ibyo bintu byacu bwite, bitazwi n'abandi ariko Imana yo ikaba ibizi natwe tubyiyizaho.**

Mu myaka yashize, Imana yatangiye kunsanga no kumpishurira ukuntu ubuzima bwo mu mutima ari ikintu cy'ingenzi kandi gikomeye. Bidutwara igihe kugira ngo tumenye neza kandi dusobanukirwe ukuntu ubwo buzima ari ikintu cy'ingenzi kandi gikomeye kubera ko twese uko tungana twita gusa ku buryo twibona cyangwa tugaragarira abandi inyuma ku maso no k'umubiri. Tunyura mu buzima bwo kuri iyi si tugerageza gukora icyatuma duhora dusa neza inyuma, tukiyibagiza ko hari ikindi gice cyacu cyuzuye mu buryo bwacyo kidashobora kubonwa n'amaso y'umuntu, ariko kikaba ari kimwe mu bitugize. Imana ihora igihozaho amaso n'umutima. Mu gihe ab'iyi si bahugiye muri gahunda zo kugerageza gutsinda no kwigarurira ibiri hejuru y'isi mu kirere cya kure twe dukwiriye guharanira kwigarurira imbere mu mitima yacu.

Igihe Imana yatangiraga kunyigisha no kumpishurira ibirebana n'iki kintu, nanjye natangiye kubyigaho maze muri iyo minsi mbyigishaho inshuro zitari nke zikurikiranye. Nababajwe n'ukuntu izo nyigisho zitaguzwe cyane. Abantu basamiye hejuru kasete zavugaga ku gukira, ku gutera imbere mu bukire no k'ukuntu umuntu ashobora kwigeza ku byo ashaka cyangwa yifuza, ariko ntibitabiriye izavugaga ku gukura, ku kwiyoroshya imbere y'abandi, kubaha no kumvira.

Igihe kimwe nateguye kasete zikurikiranye ku biganiriro n'inyigisho zavugaga kubaha no kumvira ariko biba ngombwa ko mbiha umutwe uvuga ngo "Uburyo bwo guhabwa umugisha mu buryo bugaragara cyane kandi budasanze." Iyo Alubumu iragurwa cyane kubera ko

abantu bakunda guhabwa umugisha. Ariko iyo nza kuyita “Uburyo bwo kuba umuntu wubaha kandi wumvira mu buryo bugaragara cyane kandi budasanze abantu bake ni bo baba barayiguze. Ariko ukuri ni uko niba umuntu ashaka kuba umunyamugisha mu buryo bugaragara cyane kandi budasanze agomba noneho kuba umuntu wubaha kandi wumvira muri ubwo buryo.

Ukuri ni uko twese uko tungana duhora dushaka kugira icyo tugeraho - umusaruro - ariko ntidushishikarire gushaka gukora kugira ngo uwo musaruro twifuza twugeraho. Kubera ibyo rero abantu benshi bakunze guhora bazenguruka umusozi umwe ubuzima bwabo bwose, ntibagire aho bagera.

Mu rwandiko rwanditswe na Pawulo muri 1Petero 3, intumwa Pawulo yifashisha urugero rw'imirimbo nk'izahabu, cyangwa imiti basiga ku maso no ku minwa n'imyenda, ariko ibyo si byo yashakaga kuvugaho cyane. Ahubwo yashakaga kuvuga ku kwita k'uko tumeze imbere mu mitima yacu. Dukeneye kwiga kubaho nk'abantu bafite ubuzima n'imibereho y'imbere bisumbye kure uko dushaka guhora twita cyangwa dushishikajwe no gushaka kugaragara neza inyuma ku mubiri gusa.

Muri Luka 5, Petero n'abandi bagabo b'abarobyi bari hamwe bari baraye bagerageza kuroba no gufata amafi ariko nta cyo bari bashoboye gufata ku buryo icyo gihe bari bavuye imuhengeri n'amato yabo baza ku nkombe y'inyanja, batangira koza no gutunganya inshundura zabo ngo bazishyire mu bubiko bwazo kuko ijoro ryari ryegereje. Ubwo ni bwo Yesu yageze aho bari bari yigendagenda ku nkombe y'inyanja maze ababonye arabasanga arababwira ati, “...*Igire imuhengeri maze mujugunye inshundura murobe.*” (umurongo wa 4)

Abantu benshi cyane mu itorero bakwitwa ko ari abarobyi, ariko ntibagire icyo bafata kubera ko badatinyuka kujya imuhengeri. Kubera ibyo rero bagira ubuzima n'imibereho batishimiye kubera ko babayeho ubuzima butabageza aho bifuzaga kugera.

## KUGIRA IMIBEREHO IKWIRIYE

Ubutumwa bwanditswe muri Luka 5 mu by'ukuri ni bumwe mu butumwa Imana yakoresheje gutangira guhindura ubuzima bwanjye. Yatumye nsobanukirwa ko Yo idashishikazwa na gato n'ibigaragara inyuma nk'amazina, inyito n'ibyubahiro cyangwa umubare munini w'inzandiko z'ubutumire tujya tubona dutumirwa kuzajya gutanga ibiganiro ahantu runaka. Imana yo ishaka abayobozi bafite imitima itunganye. Imana ishaka ko tujya mu murimo wayo kubera ko twiyumvamo ko dushaka gufasha abantu, aho gushaka kuba ibyamamare. Twahamagariwe umurimo ukomeye kandi uvunanye, kuba abagaragu, kwitanga n'ibindi. Umuhamagaro wo gukora umurimo w'Imana ushobora kwandikwa mu bundi buryo nk'ijambo **GU-K O-RA.**

Yego nibyo muri uyu murimo dukora hari ibintu bitangaje tugenda twungukiramo kubera imirimo dukora mu itorero nkuko Pawulo yabivuzeho mu rwandiko yandikiye ab'itorero ry'i Korinto,<sup>2</sup> ariko imirimo yacu yose izanyuzwa mu kibatsi cy'umuriro kubera ko icyangombwa atari icyo dukora ahubwo ari uburyo tugikora.

Igihe tuzaba tuvuye muri iyi si tuzahagarara imbere ya Yesu Kristo<sup>3</sup> afite amaso yaka nk'umuriro, nemera ko buri murimo umuntu uwo ari we wese yakoze uzasuzumwa, kugira ngo harebwe niba impamvu izaba yaraduteye gukora uwo murimo yari nziza cyangwa yari mbi. Kubera iyo mpamvu rero tugomba kujya twemerera Umwuka Wera akarondora imitima yacu kugira ngo atwereke aho dushobora kuba tutitwaye neza kandi tukanamwemerera kuturanduramo icyo mbuto mbi akaduhindura.<sup>4</sup>

Aduhindura se ngo duhinduke iki? Tukaba abatunganye tugahesha Imana icyubahiro kandi tukaba abantu yishimira. Iyo tutabayeho dutyo, ikindi kintu cyose tugerageza gukora kiba kibaye imfabusa ijana ku ijana.

Iyo twangiye Imana kugira icyo ikora ku bicumuro byacu, tuba twemeye gukingurira Satani. Satani yinjira mu buzima bwacu anyuze mu byaha byacu. Imana ihora yifuzza kumubuza kugira n'agace gato

kacu yafata cyangwa yakwinjiramo, ariko gufatanya na yo. Igihe Yesu yavugaga muri Yohana 14:30 ati, “Satani nta gice cyangwa ikintu na gito yari amufiteho,” yashakaga kumenyesha ko atajyaga amwemerera kugira ahantu na hato yinjira anyuze mu byaha kuko nta n'ibyo yagiraga. Yesu yahoraga yubaha kandi yumvira Se, kandi akabikora igihe cyose.

Urugero rwiza rw'ibyo ruboneka mu gitabo cy'Abefeso 4:26-27. Dutegekwa kutazajya turakara ngo izuba ririnde rirenga; kuko iyo tubikoze tuba duhaye umwanzi Satani urwaho n'amahirwe yo kutwinjiramo. Abantu babaho bategekwa n'ibitekerezo byabo cyangwa ibiyumviro byabo iyo barakaye barakomeza bakarakara kugeza igihe bazumva bashaka kubireka. Naho ababaho bayoborwa n'Ijambo ry'Imana banga kurakara igihe kirekire, kubera ko mu Ijambo ryayo Imana yababujije kubikora. Nta bwo ari ibintu bigoranye kumenya impamvu abantu bamwe bahora banesha mu buzima bwabo kandi hariho n'abandi banesha muri bike cyangwa baneshwa burundu.

## UMWUKA W'UBUGWANEZA N'AMAHORO

Muri 1 Petero 3:4 havuga ko Imana ishaka ko tugira umutima w'ubugwaneza n'amahoro, umwuka utari uw'ubwoba cyangwa uhagarika umutima. Ibyo biravuga ko Imana itajya ishaka ko duhagarika umutima igihe cyose. Ishaka ko tugira amahoro mu mitima yacu umunsi ku wundi. Kubaho gutyo muri iyi si dutuyeho ni inshingano yacu za buri munsi. Ariko bishobokera abafite umutima nk'uw'Imana, uhora ushaka gukora nk'ibyo ishaka. Birashoboka kandi iyo tuyisabye gushyira umutima wayo cyangwa Umwuka Wera wayo muri twe kugira ngo dushobore kumva nk'uko yumva no gushaka nk'ibyo ishaka cyangwa kwanga ibyo yanga. Imana yanga icyaha ariko igakunda umunyabyaha.

Mu Byakozwe n'intumwa 13:20 handitswe ko Dawidi yari afite umutima umeze nk'uko Imana ishaka. Tuzi ko Dawidi yakoze ibyaha bikomeye cyane,<sup>5</sup> arihana maze arongera yiyuzuzwa n'Imana. Hari ikiguzi yatanze kubera ibyaha bye ariko agumana umutima nk'uw'Imana.

Sinja nshaka rwose kumenyekana cyangwa gufatwa nk'umuvugabutumwa w'umugore uzi kubwiriza cyane, ahubwo nifuza ko nafatwa nk'umuntu ugendera mu rukundo kandi ufite umutima nk'uw'Imana.

Ibyo ni byo bidukwiriye twese. Birakenewe cyane ko umutima w'umuyobozi uba utunganye kuko umuyobozi abwira abantu cyangwa abwiriza abantu ibivuye mu mutima we. Umutima ni cyo gice cy'umuntu ibindi byose bishingiyeho, umwuka wabo, ibitekerezo byabo, umuntu w'imbere wabo. **Nta bwo bivuga ko tugomba kuba intungane ijana ku ijana kugira ngo dukunde tube abavugabutumwa, ariko na none ntidushobora guha abantu icyo tudafite.**

Twashobora dute kubwiriza abandi ibirebana n'insinzi twe nta yo tugira. Twashobora dute kubwiriza abandi ku mahoro twe ubwacu nta mahoro dufite? Nta bwo igihe cyose ibyo tuzaba tunyuramo cyangwa duhura na byo bizahora ari ibintu bituma tugira amahoro, ariko Imana izajya idushoboza kwiga no gusobanukirwa ko dukwiriye kugira amahoro muri twe ndetse no mu gihe tuzaba turi kunyura muri ibyo bihe.

## AMAHORO NO MU BIHE BY'UMURABA

Muri Matayo 4:35-41 tuhasanga ukuntu habayeho umuraba igihe Yesu n'abigishwa be bari mu bwato bambuka inyanja y'i Galilaya. Abigishwa bahagaritse umutima, ariko Yesu acyaha uwo muraba yitonze, awubwira iby'amahoro maze uratuzaza. Uzi impamvu yashoboye kubwira uriya muraba iby'amahoro? **Ni ukubera ko atigeze yemerera umuraba kumucengezamo ibikangisho byawo.** Abigishwa be ntibashoboye guhosha umuraba kubera ko bari bahungabanijwe no guhuha kwawo. Ibuka ko udashobora na rimwe gutanga icyo udafite. Yesu yabahaye amahoro kuko yari ayafite. Yari yifitemo umutima wuzuye amahoro.

Reka nkubwire, mpora nifuza kuba umuntu ushobora guhumuriza abababaye tubana. Ndashaka kuba umuntu ushobora gutinyuka kwinjira mu cyumba cyuzuyemo imvururu n'akaduruvayo, maze

abantu bateraga izo mvururu bagatangira gucisha make no kurekera aho amahane bakimara kubona ninjiye.

Igihe Yesu yagendaga hirya no hino ku isi yari afite ikintu cyamubonekagaho kikanamuturukamo, yari asizwe amavuta afite ubwiza bw'Imana, ari na byo byamugaragazagaho imbaraga z'Imana. Hari ikintu cyahoraga kimuvamo maze kigatuma abarwayi bakira, abandi bakabona amizero n'ibyiringiro by'ejo hazaza, abandi bakabona agakiza. Nta bwo ari ikintu Imana yapfuye kumuha cyangwa kumushyiraho gusa. Hariho urufatiro rw'imibereho ya Yesu.

Yesu koko yari asize. Ariko uko gusigwa nta bwo kwagombaga kujya ahagaragara ngo hagire ibikuvamo iyo atemera kubaho mu buryo butunganye. Iyo ni yo mpamvu nyayo yatumye atarigeze yemerera umwanzi Satani kumukura umutima. Mu mutima we hakomeje kurangwa n'amahoro n'ubugwaneza, hahoraga umutuzo ndetse n'urukundo nk'uko twabibonye mbere. Tugomba kumera nka we.

### RINDA UMUTIMA WAVE

Mu gitabo cy'Imigani 4:23 muri Bibiliya yitwa *King James Version (KJV)* hatubwira ibi bikurikira: “*Rinda umutima wawe kuruta ibindi byose birindwa, kuko muri wo ariho iby'ubugingo bikomoka.*” Ayo magambo akwiriye kwitabwaho n'umwizera wese, ariko umuntu ushaka kuba umuyobozi we birakenewe cyane. Tugomba guhora dukora ibishoboka byose ngo duhore dufite imitima ituje yuzuye amahoro n'ubugwaneza.

Mu gitabo cy'Abafilipi 4:6,7 tubwirwa icyo dukwiriye gukora ngo tubishobore. *Ntimukagire icyo mwiganyira ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mu byingingiye, mushima. Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo umuntu yamenya azarindire imitima yanyu n'iby mwibwira muri Kristo Yesu.*

Ibyo birashaka kuvuga ko tugomba kurinda imitima yacu nk'uko umusirikare arinda umudugudu ngo abanzi batawutera. Icyo ni ikintu cy'ingenzi cya ngombwa kandi cy'ingirakamaro. Mu mitima yacu haba



hari ibintu byinshi bitari bikwiriye kuba birimo. Nitwemerera Imana, izashyira ibyo bintu ahagaragara kandi ibituranduremo maze tugire imitima ituje kandi ifite amahoro.

### IMIMERERE Y'UMUTIMA

*Amasiya yari amaze imyaka makumyabiri n'itanu  
avutse ubwo yatangiraga gutegeka, amara indi myaka  
makumyabiri n'icyenda i Yerusalemu ari ku ngoma... akora  
ibishimwa n'Uwiteka abikorana umutima utunganye ariko  
si rwose.*

2 Ingoma 25:1,2

Iyo Imana igize icyo itubwira ku birebana n'imitima yacu cyangwa ikadusaba kuyiyegurira, burya iba idusaba kuyegurira ubuzima bwacu bwose, Imyitwarire, imyifatire, imibiri, ibitekerezo, n'ibyo twibwira mu mwuka. Burya erega umutima ni wo muntu nyakuri, atari wa wundi abantu babonesha amaso y'umubiri. Ari itorerero, ari isi, bose bakeneye kureba uwo muntu nyakuri.

Abantu benshi bakunze kwibaza impamvu ibintu byaba bitagenda neza. Akenshi biba biterwa n'uko baba barakunze kwita cyane ku buzima bw'umuntu w'inyuma ntibahe umwanya uhagije ubuzima bw'umuntu w'imbere. Muri iki gice cy'iki gitabo tugezeho, tugiye kureba ku bintu birebana n'ubuzima bw'umuntu w'imbere cyangwa ibintu biba mu mutima – ibintu biwuzuyemo.

Mu by'ukuri hari imimerere itandukanye. Imitima iba yuzuye ibintu byiza, bishimwa ubundi ikaba yuzuye ibintu bibi. Birazwi neza ko abantu benshi bafite imitima itunganye, bakaba bakunda Imana n'imitima yabo yose, kandi koko mu buryo budashidikanywaho bakaba bahora bashaka guhora bakora ibyiza gusa. Ariko hari n'abandi bafite imitima mibi. Bakora ibintu byiza, ariko bakabikora bafite imigambi mibi.

Mu gitabo cya 2 Ingoma 25:1,2 dusoma iby'umwami wari ufite umutima udatunganye. Muri iki gice tubona ko umwami Amasiya

yakoze ibintu byiza byose ariko akabikorana umutima udatunganye. Ibyo na byo bikaba byaratumye Imana itamwishimira. icyo cyari ikintu kibabaje. Dushobora rwose gukora ikintu runaka cyiza ariko icyo kintu kikaba kidashobora kwishimirwa n'Uwiteka kubera ko twagikoranye umutima udukeye. Reka dufate urugero.

Mu 2 Abakorinto 9:7 hatubwira ko Imana yishimira umuntu utangana umutima ukunze kandi unezerewe. Ni ukuvuga umutima udatanga ikintu kubera ko wabihashwe cyangwa ngo nyirawo abikore atabyishimiye, agononwa cyangwa kubera izindi mpamvu mbi. Mu by'ukuri, Imana ikunda umuntu utangana umutima unezerewe ku buryo itajya ishaka na rimwe kugira icyo ikora itakinyujije ku muntu nk'uwo.

Hari umuntu wavuze ko nubwo Imana ishaka ko dutangana imitima ikunze kandi inezerewe, iyo tubikoze dufite imitima igononwa, Imana ishobora kwakira ya mafaranga yacu twatanze ikayakoresha kubaka ubwami bwayo, nubwo bene iyo mitima atari yo idushakaho igihe nk'icyo cyo gutanga.

Habaho umutima ubonekera amaso ukoze mu nyama n'amaraso, hakabaho n'umutima wo mu mwuka kandi yombi ijya gusa. Mu buryo bufatika bw'umubiri, umutima ni ko gace k'umubiri karusha ibindi bice byose by'umubiri agaciro no gukomera. Mu buryo bw'umwuka umutima na none ndemera ko ari ko gace karusha ibindi bice byose byo mu mwuka gukomera no kugira agaciro. Ku bw'ibyo, umwizera cyangwa umuyobozi yakagombye kuwutura Imana. Ni yo mpamvu imimerere y'umutima ari ikintu cy'ingenzi cyane.

Umutima w'umubobozi ni ikintu cy'ingenzi. Biranakwiriye ko buri mwizera wese yita ku mimemere y'umutima we. Nta bwo ari ubushobozi cyangwa amahirwe bibuza ababantu gutera imbere. Jye nemera ko babiterwa n'uko muri bo harimo uburyo babona ibintu gupfuye, kutari kwiza, uburyo babyitwaramo gupfuye. Ni yo mpamvu tugiye kureba mbere na mbere iyo myifatire iba muri bene iyo mitima.

## 1. *Umutima ukiranirwa*

*Kandi Uwiteka abona yuko ingeso z'abantu zari mbi cyane mu isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose.*

*Uwiteka yicuza y'uko yaremye abantu mu isi bimutera agahinda mu mutima.*

*Uwiteka aravuga ati, nzarimbura abantu naremye mbatsembe mu isi uhereye ku muntu n'inyamaswa n'amatungo n'ibikururuka n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere kuko nicujije yuko nabaremye. Ariko Nowa agirira umugisha k'Uwiteka.*

Itangiriro 6:5-8

Muri iki gice turabonamo ibintu bitatu bivugwa ku bantu byababaje Imana: gukiranirwa, ibitekerezo bibi no kwibwira ibibi. Kubera ko ibyo bintu byerekanye ukuntu imitima y'abantu bo mu isi b'icyo gihe yari iteye kutari kwiza, Imana yafashe icyemezo cyo kurimbura abantu bose. Ariko Nowa we agirira umugisha k'Uwiteka.

Nowa agomba kuba yari umuntu ufite umutima utunganye, kuko iyo bitaba ibyo aba yararimuranywe n'abo bantu bandi bose bariho muri icyo gihe.

Ndibwira ko isomo dushobora gukura muri iyi nkuru ari uko abantu benshi bo mu gihe cya none barimo kurimbuka nta kindi kibiteye uretse gusa imitima yabo idatunganye. Nta bwo bitonda ngo babanze basesengure neza ibiba biri mu bitekerezo byabo mbere y'uko batangira kugira icyo bakora.

Ntibyatworohera kwiyumvisha uburyo byaba byiza iyaba twatunganyaga imitima imbere, tugakora ibyo Imana ishaka. Imitima ishobora kuba itarimo ibitekerezo bibi, nk'iby'abantu bo mu gihe cya Nowa ariko kugira umutima ukiranirwa ushobora kurangwa no kugira ibitekerezo bitari byiza bishobora gufatwa nk'ibyiyumviro n'ibitekerezo bibi. Iyo ni yo mpamvu dukwiriye kugira imimerere myiza kuko imyifatire nk'iyi ari yo ibindi byose dukora bishingiyeho.

Iyo umuntu afite muri we imitekerereze ifata ibintu uko bitari cyangwa uko bitakabaye biri cyangwa akagira muri we ibitekerezo byinshi “bibi cyane” aba ntaho azigeza mu buzima bwe.

Ibi tuzabirebaho mu buryo burambuye inyuma, ariko birakwiye ko tugira imitima imenetse. Dukeneye kujya twumva ijwi ryo mu mitima yacu ritubwira ibyiza dukwiriye gukora kandi tukaryumvira kugira ngo umwanya uwo ari wo wose tumenye ko hari ukuntu tutifashe neza. Iyo ni yo mpamvu tubwirwa guhora turinda imitima yacu kuko muri yo ari ho hakomoka iby'ubugingo byose.

Akenshi usanga tudakunze kurinda imitima yacu cyane bihagije nk'uko bikwiriye. Twemerera ibidafite akamaro byose n'iby'ubupfapfa byose kuyinjiramo. Twari dukwiriye kujya twibuka itegeko rigenga imikorere ya mudasobwa (orudinatori). Iyo muri mudasobwa hinjijwemo ibintu bidakenewe, biba bizatanga umusaruro mubi na wo udakenewe. Dukeneye gusobanukirwa ko iyo twinjijwemo n'umwanda, tudashobora kubibonamo ikintu cyiza ari bwo bwiza bw'Imana. Ntitugomba rero kwitondera ibikorwa byacu gusa ahubwo tugomba no kwitondera ibyo twibwira n'ibyo dutekereza, ibyo dukunda bijya bidushimisha, ingamba zacu cyangwa ibyo tuba twifuza gukora cyangwa kugeraho n'ibyo tuba twumva tugamije kugeraho. Turamutse tudashobora gutegeka ibi bintu, dushobora kugera aho twisanga twatwe n'umutima ukiraniwe, udatunganye.

## 2. *Umutima winangiye*

*Nuko rero nk'uko Umwuka Wera avuga ati “uyu munsu ni mwumva ijwi ryayo ntimwinangire imitima nk'uko mwayinangiriye igihe cyo kurakaza ku munsu wo kugerageza mu butayu.”*

Abaheburayo 3:7,8

Nk'uko tubona, iki gice kivuga ku bisirayeli bari mu butayu. Umutima winangiye, ubyara cyangwa utera nyirawo kwivumbura no kwanga

kumvira. Umuntu ufite umutima winangiye bikunze kutamworohera kwemera no kwizera Imana. Ibyo na byo bishobora gutuma bagwa mu cyiciro gikurikiraho cyerekana urundi rwego rw’umutima ari na cyo tugiye kuvugaho.

### 3. *Umutima mubi, utizera*

*Nuko rero bene Data mwirinde, hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi, utizera umutera kwimura Imana ihoraho.*

Abaheburayo 3:12

Mu gice cya 12 cyo mu gitabo cy’Abaheburayo, mu mirongo yaho ya 7,8 n’uwa 12 tuhabona ibyiciro bibiri by’imitima – umutima winangiye n’umutima ukiranirwa utizera Imana. Uyu mutima wo mu cyiciro cya 2 ni ingorane ikomeye kuri ba nyirawo kuko ibintu byose tubona bivuye ku Mana tubibona kubera kwizera. Kugira ngo igire icyo iduha tugomba kubanza tukayegeza twicishije bugufi dufite kwizera nk’ukw’abana kandi tukabikora nta kindi dushingiyeho uretse kwizera gusa.<sup>6</sup>

Twiyita abizera. Ariko mu by’ukuri muri twe harimo “abizera batizera” benshi. Reka ngire icyo mbibabwiraho. Aha hantu tugiye kuganiraho ni ahantu hajyaga hangora cyane. Hari ibintu bimwe na bimwe bitajya bingora kwemera no kwizera. Ariko hari n’ibindi ntapfaga kwemera no kwizera. Kandi sinari nzi ingorane nari mfite iyo ari yo. Nyuma y’imyaka itari mike Imana yatangiye kumpishurira impamvu yanteraga kugira ingorane yo kudashobora kwizera. Byaterwaga n’uko nari mfite umutima winangiye, nkaba na byo narabiterwaga n’ihohoterwa nagize mu bwana bwanjye.

Abantu bahohotewe bakunze kwisanga bafata ingamba zo kwintangira muri bo batekereza ko ari uburyo bwo kwirinda no kwirengera no kwirwanaho haramutse hari izindi ngorane bongeye guhura na zo. Baba bumva ko ari bwo buryo bafite bwo kurwanya, gutsinda no kurenga ibyo baba baranyuzemo cyangwa baba barimo kunyuramo. Hari urwego bageraho bakumva nta kintu na kimwe

bumva bakwifuzako cyabageraho cyangwa cyakwegera imibiri yabo. Baba barakomeretse cyane ku buryo bagera n'aho bishyiramo ko icyo undi muntu yabakorera icyo ari cyo cyose, nta cyo cyaba kibabwiye.

Uko ni ko nari meze igihe Imana yageragezaga kunyegera no kumfasha ngo nshobore kuyizera no kuyiringira. Byarankomerereye cyane kubyemera kubera ko umutima wanjye wari waramaze kwiringira. Nari maze imyaka myinshi ndi mu mwitoto wo kutazajya ngira umuntu uwo ari we wese niringira. Ariko ubwo Imana ni yo yonyine yari irimo kunsaba kuyiringira.

Dukeneye kujya tugera ahantu mu kwizera kwacu tukizera kandi tukabikora bitatugoye. Ntitube tukiri abantu batinda kwizera ahubwo tukaba abantu bizera nta kuzarira.

Hari ahantu Mose yageze, akajya yizera bimugoye,<sup>7</sup> kujya kubikora bimutwara igihe. Hari ibintu byinshi bitangaje twavugaga kuri Mose. Nta bwo ndi kugerageza kumusuzugura no kumushyira ku rwego rwo hasi. Yari umuntu w'igitangaza. Sinzi ukuntu yashoboye kuyobora za miliyoni z'abantu mu butayu muri ya myaka mirongo ine. Jye mba naracitse intege rugikubita tukizenguruka umusozo inshuro ya mbere. Ariko nk'uko twigeze kubibona, yaje kugirana ibibazo n'Imana bituma imubuza kuzageza abisirayeri mu gihugu cy'isezerano.

Hari ahantu Mose yageze agaragaraho kuba atakiri umuntu ugifite umutima wizera bihagije. Yari yamaze gucogora. Kandi natwe iyo turushye, kwizera Imana birushaho kudukomerera. Ni yo mpamvu dusabwaga gukomeza kuba abantu bakomeye mu mwuka wo kudashidikanya aho kwizera bikenewe kandi tukagenda muri uwo mwuka wo kwizera umunsi ku wundi. Tugomba kwitonda tukava mu kwizera tujya mu kundi aho kugira ngo tube twatangiyeye kukuvamo no gushidikanya cyangwa kutizera.<sup>8</sup>

Akenshi usanga amayerekwaga Imana ishaka kuduhishurira adashyamba kubera ko hari igihe Imana iba igitangira kuyatwerekana no kuyaduhishurira maze twe tukaba dutangiye kuvugaga tuti "Aha! Jye ibi simbyizera, simpamya ko ari iby'ukuri." Nyamara kandi mu Baheburayo 3:12 havugaga ko Imana uko kutagira kwizera ikwita

gukiranirwa cyangwa umutima utizera - kandi ishaka ko tugaragaza kwizera, kandi gucishije bugufi, kumeze nk'uk'umwana muto.

Mu gihe cy'imyaka myinshi ishize nari ntangiye kugirana ubusabane n'Imana, mu itorero ry'icyo gihe hariho imyizerere yashimangiraga cyane ibirebana no gukira, gukiza indwara ndetse no kugaragara kw'impano z'Umwuka, cyane cyane impano yo guhabwa kuvuga amagambo y'ubuhanuzi. Byasaga n'aho buri muntu wese icyo gihe yari afite impano yo kugenda hirya no hino mu misozi ahanurira uwo yahuraga na we wese, ati dore “uku ni ko Imana avuze!”

Kuri jye byasaga nk'aho Imana iri gukora. Abantu barimo kugerageza guhata ikintu kuba kandi mu by'ukuri kitari kuzigera kibaho. Ibi bintu byose nabonaga byatumye ngera aho mba umuntu utagishaka kugirana isano na byo, ku buryo muri jye hajemo umutima wo kwintangira no kutizera bikantera ingorane nyinshi igihe Imana yabaga igeze igihe cyo gutangira kukoresha no gukoresha impano z'Umwuka.

Nabaga nigisha mu materaniro yanjye abantu bagatangira gukira indwara, ariko ntibinyorohere kubyemera. Ubwo ngatangira gutekereza nti, “Sinemera ko bakize koko.”

Kuva icyo gihe maze kugenda urugendo rurerure kubera rero ko ntashakaga ko muri jye habamo umutima winangira kandi utizera narisengeye mara igihe kirekire kugeza aho nahawe umugisha wo guterwamo umutima wizera.

Impamvu imwe yatumye bitanyorohera kwizera ndetse no mu gihe nari naramaze kuba umukozi w'Imana, ni uko mu buzima bwanjye bwose nari narigishijwe ko ngomba kuzajya mpora ngira amakenga kuri buri wese no kuri buri kintu. Nari narabwiwe inshuro nyinshi ko ntagomba kwizera umuntu uwo ari we wese. Umuntu wese ava iwabo ari wowe ashaka. Umuntu wese uzaguha ikintu hazaba hari icyo agushakaho! Iyo ibintu nk'ibyo bitsindagiwe mu mutwe wawe mu myaka yawe y'ubuto wakagombye kuba wigiramo ibintu bitandukanye, uba udashobora kubyikuramo mu buryo bworoshye.

Umuntu ufite umutima winangiye akunze kudashobora kugirira abandi imbabazi igihe bakosheje. Abantu bagira imitima yinangira

bakunze kuba abantu bahora bashaka kwitabwaho no gushaka ko amategeko cyangwa amabwiriza byatanzwe bikurikizwa uko byakabaye. Baba barakomerekejwe ku mutima.

Ujye wibuka ko Yesu ashaka gusana umutima wawe.<sup>9</sup> Agace kamwe k'umutima wawe ni amarangamutima. Ndagushishikariza kwemerera Yesu kwinjira aho hantu hose h'ubuzima bwawe hadashobora kugerwa n'umuntu uwo ari we wese uretse Yesu wenyine. Jye nageze aho hantu ndabikora kandi nubwo byari binkomereye, byavuyemo umusaruro ugaragara, ukwiriye.

Hari ikintu kimwe cy'ukuri. Nta bwo dushobora kugera aho twifuza kugera no kuba icyo dushaka kuba cyo iyo twanze kwemera aho turi muri iki gihe aho ariho n'uko hateye. Amacenga no kwibeshyera, kugaragaza ibintu uko bitari ku mutima, ndetse no gushaka kwerekana ko hari icyo dufite kandi mu by'ukuri nta cyo dufite, nta cyo bishobora kutugezaho. Ukuri ni ko konyine gushobora kutubatura<sup>10</sup>

Niba hari ingorane cyangwa ibikugoye ugira aha hantu, saba Imana imbabazi, maze uyinginge ikweze. Uyisabe kuguhindura umuntu yishimira.

#### **4. Umutima wohejwe**

*Mwirinde imitima yanyu itoshiywa mugateshuka,  
mugakorera izindi mana mukazikubita imbere,  
mukikongereza uburakari bw'Uwiteka, akaziba ijuru, akica  
imvura ubutaka ntibwere imyaka yabwo, mukarimbuka  
vuba mukava mu gihugu cyiza Uwiteka abaha.*

Gutegekwa kwa kabiri 11:16,17

Hari ibintu byinshi bishobora kutubera imana. Umuntu afite umuryango w'ivugabutumwa ayobora kandi akabona urimo ugenda ukura bishobora kumutera gutekereza ko uwo muhamagara ukomeye kandi umufitiye akamaro kurusha Imana. Ntitugomba kuzajya twibagirwa ko ari Imana ishyira amayerekwa yo gukora imirimo yayo mu mitima yacu. Ni yo iduhamagara maze ikadushyiramo ubushake



bwo kuyikorera. Igomba rero guhora ifite umwanya wa mbere mu buzima bwacu. Iyo turamutse dufashe ikintu yaduhayemo umugisha tukakiyirutisha birayibabaza.

Mu gice turangije gusoma Imana iratubwira ngo nitutagira imitima iboneye ntituzahabwa imigisha. Nta bwo imigisha izanwa no kwirukana umwanzi Satani gusa. Rimwe na rimwe tujya twibwira ngo ibintu byose duhura na byo cyangwa twifuzza mu buzima bwacu byatubera byiza umwanzi Satani n’abadayimoni be baramutse bataduteye. Si ko bimeze. Uko biteye bitandukanye n’ibyo. Turamutse tugize imitima itunganye, icyo gihe nta bwo umwanzi Satani yaturushya. Ashobora kuba yajya atubuza amahoro, ariko nta cyo yadutwara kubera ko yaba nta bubasha n’imbaraga bigaragara yaba adufiteho, nk’uko nta byo yari afite kuri Yesu.

*Nuko mubike ayo magambo yanjye mu mitima yanyu no mu bugingo bwanyu, muyambare ku maboko yanyu ababere ikimenyetso, muyashyire mu mpanga zanyu hagati y’amaso yanyu.*

*Mujye muyigisha abana banyu, mujye muyavuga mwicaye mu mazu yanyu, n’uko mugenda mu nzira n’uko muryamye n’uko mubyutse.*

*Kandi muzandike ku nkomyirizo z’amazu yanyu no ku myugariro byanyu, kugira ngo iminsi igwirire mwebwe n’abana banyu, mu gihugu Uwitwaga yarahiye basekuruza banyu ko azabaha ihwanye n’iy’ijuru riri hejuru y’isi.*

Gutekwa kwa kabiri 11:18-21

Mbese urumva ufite guhishurirwa kw’ibyo aba bantu bagombaga gukora? Bagombaga kwandika amagambo y’ibyanditswe ku nkomanizo z’imiryango y’amazu yabo, no ku nkike zabo, bakayandika ku mpanga no ku maso yabo, mu biganza byabo ndetse no ku maboko yabo. Bagombaga kuyavuga no kuyaganiraho buri muni aho bashoboraga kuba bari hose. Baba bicaye hasi, baba baryamye cyangwa bari kwigendagenda. Kuki se babwiwe gukora ibi bintu? Ni uko Imana yo yari izi ko kumenya ijamba ryayo ari byo birinda imitima y’abantu

kugwa mu moshya ari na byo Yesu yavugaga muri Yohana 8:31-32 ati: Nuko Yesu abwira abayuda bamwemeye ati “*Nimugume mu ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri. Namwe muzamenya ukuri kandi ukuri kuzababatura.*”

Ni tutita ku ijambo ry’Imana nkuko bikwiriye ngo turikurikize, tuzagira ingorane muri iyi minsi ya nyuma. Nta bwo kurivuga ku rurimi gusa ritavuye k’umutima bizadufasha kunyura no gutsinda ibyo tuzahura na byo muri iyi minsi ya nyuma. Tugomba rero kwita cyane ku kwiga no gusobanukirwa Ijambo ry’Imana.

Kuko iyo tuzi neza Ijambo ry’Imana tukanarikurikiza, Imana na yo iraturinda ikaduhora hafi ikatwitaho. Naho ubundi tuzajya twisanga twagushijwe mu moshya n’ibidushuka.

Ntuzakore ikosa ngo wibeshye ko twese tuba dukwiriye gusenga ngo tutajya mu moshya ahubwo tugomba gusenga ngo dusobanukirwe ahantu aho ariho hose amoshya ashobora kudutera aturutse. Iyo twemeye kandi tukizera amoshya nk’ikintu cy’ukuri burya tuba dushutswe birangiye. Satani ahora atubwira ibinyoma. Iyo rero tutabifitiye ubumenyi buhagije kw’Ijambo ry’Imana nta nubwo tunamenya cyangwa ngo dusobanukirwe ibinyoma bya Satani. Abantu bamwe na bamwe ni bo bishuka kubera gutegereza mu buryo butandukanye n’ukuri.<sup>11</sup>

Mu buzima bwanjye, ntariyegurira ubushake bw’Imana, hari igihe Imana yanshyiraga ku mutima ko nagombaga gutanga ikintu runaka ariko jye nkumva nshaka kukigumana. Gukora amakosa byagiye binyigisha ko byari ibintu byoroshye cyane kuri jye kwibwira ibitari byo no kwibeshya igihe cyose Imana yansabaga kwikuraho ikintu runaka. Dukunze gutanga inzitwazo z’ubwoko butandukanye zirimo no kujijisha tuvuga tuti wenda nta nubwo ari Imana yavuganaga natwe, ko ahari byaba binashoboka ko ari Satani wageragezaga kutubabaza adusaba kwikuraho ibintu dufata nk’iby’agaciro kuri twe. Dushobora kuba abantu “b’ibipfamatwi mu buryo bw’ mwuka” nitwumve ijwi ry’Imana igihe itubwiye ikintu tudashaka kumva.

Umutima wuzuye amoshya nta cyo umarira abayobozi cyangwa n’abandi bose bagamije kugira ubuzima n’imibereho byuzuye insinzi.

Tugomba kugira ubuzima buzira ubwiko kandi tukaba abanyakuri n’abanyamurava. Buri gihe tukihatira kugendera mu mucyo uturuka mu kuri kw’Ijambo ry’Imana.

## 5. *Umutima wibona*

*Ugimika akagira umutima wibona sinzamwihanganira.*

Zaburi 101:5

Mbese hari igihe Imana yigeze ivugana nawe cyangwa igira icyo ikora kubera kwibona kwawe?

Hashize imyaka myinshi Imana inyoboye gusoma igitabo cyanditwse na Andrew Murray cyavugaga ku kwiyorosha.<sup>12</sup> Nta bwo byanyoroheye kugisoma kubera ko nari mfite umutima wuzuye ubwibone. Nubwo nari mfite umuhamagaro, impano yo gushobora kuvuga no gushyira ibitekerezo byanjye ahagaragara no kuba naribonagaho amahirwe menshi n’ubushobozi, nari mfite ikibazo cyo kugira ubwibone no kwiyemera. Kandi burya umuntu wiyemera ntajya ashaka kwemera ko afite ikibazo cyo kugira ubwo bwibone.

Abantu benshi baba bafite ubushobozi bwinshi n’amahirwe menshi n’ubushobozi bwinshi byo kuba bashobora kugera ku bintu bifuzaga ariko kubera kugira imitima idatunganiye Imana, ntibabigereho. Tujye duhora twibuka ko amahirwe n’ubushobozi byacu ari ibintu bishoboka, atari ibintu bigomba kugerwaho. Imana mu bisanzwe iradukoresha, ariko iyo itangiye kuduteza imbere iraduhindura, igatangira kutwerekana imitekerereze n’imyifatire bigomba kutubamo.

Igihe kimwe nigeze gutanga inyigisho zikurikiranye ku “Bwibone no kwicisha bugufi.” Nta muntu n’umwe wigeze agerageza kugura amakeseti y’izo nyigisho kubera ko abari bazikeneye cyane kurusha abandi bari bafite ubwibone burengeje kamere bwababuzaga kuzifata, kubera gutinya ko hari umuntu washoboraga kubabona akamenya ko bafite indwara yo kwibona.

Ni gute ushobora kumenya ko ufite ikibazo cyo kugira ubwibone no kwiyemera muri wowe? Wowe wisuzume. Niba uhora ubona ikintu runaka ukumva ugomba kukivugaho, umenye ko ufite ikibazo cy'ubwibone. Niba wumva ugomba kugaya buri kintu uhuye na cyo, menya ko ufite ikibazo cy'ubwibone. Niba uri wa muntu utajya wemera gukosorwa, ubwo ufite ikibazo cy'ubwibone. Niba ujya ukunda kwivumbura no kwanga kumvira abakuyobora, niba uhora ushaka kuba ari wowe ushimirwa ikibaye cyose, niba ukunze kwivugaho ngo “Ni jye” inshuro nyinshi, ubwo ufite ikibazo cy'ubwibone.

Bidukomerera cyane kwemerera Imana kudukuramo ibyo bintu byose ariko ni ikintu cy'ingenzi mu muhamagaro no mu buyobozi. Igiteye agahinda ni uko abantu benshi baba bagaragaraho kugira impano, baramaze kuzurwamo n'umwuka w'ubwibone. Biyemera nk'abantu bahora bari mu kuri. Mu by'ukuri kugira ngo umuntu ashobore kuba yagira ikintu cy'ingenzi akora cyangwa ageraho, ni ngomba ko aba yifitemo kumva yifitiye icyizere. Ariko na none bikaba bikenewe ko agomba kuba afite imyifatire y'umuntu wiyoroshya kandi wicisha bugufi kugira ngo abashe gusobanukirwa ko adashobora guhora mu kuri kuri buri kintu. Kandi akemera gukosorwa aho yakosheje. Iyo tudafite agace na gato ko kwiyoroshya tuba tuzagera aho tugahura n'ingorane. Ibi bigaragara neza mu buzima bw'umwami Hezekiya mu isezerano rya kera.

## TEGEKA UMWUKA W'UBWIBONE

*Uko ni ko Uwiteka yakijije Hezekiya n'abaturage b'i Yerusalemu amaboko ya Senakerebu umwami wa Ashuri n'amaboko y'abandi bose, maze abarinda impande zose.*

*Nuko benshi bazanira Uwiteka amaturo i Yerusalemu na Hezekiya umwami w'Abayuda bamutura ibintu by'igicro cyinshi, bituma yogezwa n'amahanga yose uhereye icyo gihe.*

2 Ingoma 32:22,23

Imana imaze gusubiza gusenga kwa Hezekiya n'uk'umuhanuzi Yesaya, yakijije abayuda abanzi babo. icyavuyemo ni uko Hezekiya yatangiye gushyirwa hejuru no kubahwa n'abantu be. Nta bwo ibyo Imana ibyanga. Nuramuka ubaye umuyobozi, abantu uyobora bazakubaha. Bashobora no kuzajya bashaka gukora icyagushimisha. Ibyo byose si bibi. Ariko bishobora guteza ingorane. Nk'uko tubibona muri iki gice, abantu bakunze umuyobozi wabo, n'umuyobozi akabibona ntafate ingamba bishobora gutuma uwo muyobozi agira ubwibone muri we, nk'uko byagenze kuri Hezekiya.

*Muri icyo gihe Hezekiya ararwara yenda gupfa, asaba Uwiteka amubwira ijamba amuha n'ikimenyetso. Ariko Hezekiya ntiyitura ubuntu yagiriwe kuko yiyogeye mu mutima we.*

*Nicyo cyatumye uburakari bumubaho we n'abayuda nab'i Yerusalemu. Hezekiya abibonye yicisha bugufi yihana ubwibone bwo mu mutima we ubwe n'abaturage b'i Yerusalemu bituma uburakari bw'Uwiteka butabageraho ku ngoma ya Hezekiya.*

2 Ingoma 32:24-26

Hezekiya yatewe n'umutima w'ubwibone, maze muri ubwo bwibone bwe aza kurwara agera hafi yo gupfa. Hanyuma yaje kwicisha bugufi, arihana ibintu bisubira mu buryo, ingorane zivaho. Reba icyavuyemo cyangwa icyakurikiyeho:

*Kandi Hezekiya yari atunze cyane ari umunyacyubahiro cyinshi,... kuko Imana yamuhaye ibintu byinshi cyane.... Nuko Hezekiya ahirwa mu byo yakoraga byose.*

*Ariko mu by'intumwa abatwaga b'i Babuloni bamutumyeho kumubaza ibitangaza byakorwaga mu gihugu cye, Imana yaramuretse imugerageza kugira ngo imenye ibyari mu mutima we byose.*

2 Ingoma 32:27,29,31

Ni ikintu gishimishije kubona ko igihe Hezekiya yagarukiraga Imana, Imana yatangiye kumuhesha icyubahiro, kumuzamura no kumuha umugisha. Ibyo ni byo biba ku muntu uwo ari we wese wiha Imana n'umutima we wose akayiyegurira. Byatinda byatebuka umurimo we utangira gukura, kandi na we agatangira kuzamuka. Ariko iyo batangiye kugira ubwibone, hari ikintu kimwe cyangwa bibiri bibabaho.

Imana igira icyo ibahinduraho kubera ubwibone bwabo. Nk'uko byagenze kuri Hezekiya, bahisemo kwihana amazi atararenga inkombe, maze Imana ikomeza kubaha imigisha mu buryo butangaje. Iyo bangaga kwihana batangiraga kubura ya migisha y'Imana bikagera n'aho babura wa mwanya w'icyubahiro bari bafite.

Dore iki ni cyo kintu cy'ingenzi ukwiriye gusobanukirwa. Nta muntu n'umwe ukorera Imana ikintu icyo ari cyo cyose gikomeye utajya aterwa n'umwuka w'ubwibone ngo amugerageze. Iyo ni yo mpamvu nta muntu n'umwe ugira umugisha wo kugira umutima utunganye ngo awuhorane, ibihe byose. Kugumana umutima utunganye bishaka imbaraga zidasanzwe. Tugomba guhora dukora uko dushoboye kose ngo turwanye icyatuma tugira umutima nk'uwo udashimwa igihe cyose. Ikintu kimwe muri byinshi bikomeye cyane tugomba kurwanya no kwirinda ni umwuka wo kwibwira ko turi intungane, uterwa no kugira ubwibone.

Ugomba kumenya ko umwanzi Satani ahora yiteguiye gukoresha uburyo bwose ashoboye kugira ngo adushyire ahantu turi bugirire umutima udatunganye. Iyo bigenze bityo cyangwa byagenze bityo, tuba dukeneye kwihana imbere y'Imana ako kanya.

Niba wowe na nje dushaka kuzahagarara imbere y'Imana umunsi umwe maze tukavuga nk'uko Yesu yavuze muri Yohana 17:4 ati: **“Nakubahishije mu isi kuko narangije umurimo wampaye gukora,”** Tugomba guhora dufite kwitwararika mu byo tunyuramo byose kugira ngo tugumane umutima utunganye. Zaburi 101:5 itubwira ko Imana itazigera yihanganira umuntu uwo ari we wese ufite umutima ubeshyera mugenzi we cyangwa ufite umutima wibona.

6. *Umutima wiyemera.*

*Umuntu uzasuzugura ntiyumvire umutambyi, uhagarikwa  
no gukorerayo umurimo wera imbere y’Uwiteka Imana  
yawewe, cyangwa ntiyumvire Umucamanza, uwo muntu  
azicwe. Ukure ikibi mu Bisirayeri.*

*Abantu bose bazabyumva batinye be kongera gusuzugura.*

Gutegeka kwa kabiri 17:12,13

Mu gihe cy’isezerano rya kera Imana yakoranaga n’abantu bayo mu buryo butandukanye nubwo ikoranamo natwe muri iyi minsi.

Jyewe numva nezerewe cyane kubona ndiho mu gihe tubeshejweho n’ubuntu bw’Imana. Ariko iyo turebye ibyo Imana yajyaga ikorera abantu kubera ibyaha byabo mu gihe cy’isezerano rya kera nibwo tumenya neza ko ibintu bitoroshye maze bigatuma tutirara ngo tube twakwemera kuguma mu byaha.

Muri iki gice, Imana yabwiraga abantu bayo ko nihagira umwe mu bayobozi babo usuzugura, yagombaga kwicwa. Twe nk’abayobozi icyo dukoze cyose tuba tubwira abantu tuyobora tubinyujije mu bikorwa byacu ko bemerewe gukora nk’iby’ukora. Ariko Imana yo iratubwira iti “Niba hagati muri mwe hari umuyobozi usuzugura, sinzihanganira agasuzuguro ke kubera ko nimbikora abandi bose bazatangira gutekereza ko gukora nk’iby’uwo muyobozi ari byiza.”

Iyo ni yo mpamvu nyakuri ituma tugomba guhorana umutima utunganye, niba dushaka ko Imana ikomeza kudukoresha. Mu buyobozi habamo inshingano nyinshi. Birenze kwibwira ko ngo umurimo urangirira ku ruhimbira umuntu ahagaze imbere y’abantu agakoresha impano z’umwuka yahawe. Ubuzima bwacu bugomba guhora butunganye n’aho abantu batatureba. Tugomba rero guhora turi maso twirinda icyatuma tutagaragaraho gusuzugura.

Kwiyemera bitera gusuzugura no kugira umutima wo kutumvira ubuyobozi. Abantu bakaba babwivumburaho. Umuntu wiyemera ahora

atekereza ko atagomba gutega amatwi ababa barahawe inshingano zo kumuyobora.

Inkoranyamagambo isobanura ko kwiyemera no gusuzugura ari “Ugutinyuka gukora ikintu runaka umuntu adafitiye uruhushya cyangwa uburenganzira bwemewe. Igasobanura ko ari ukwigirira icyizere kirenze; kwibwira ko umuntu aruta abandi cyangwa abarusha agaciro cyangwa gutinyuka birengeje kamere.”<sup>13</sup> Abantu biyemera cyane banakunda kuvuga igihe bagombaga kuba bacecetse ngo abandi bavuge. Bahora bagerageza guha amategeko no kwereka umurongo wo kugenderaho abantu bakabagiriye inama. Bakunda gutanga amategeko n’amabwiriza mu mwanya wo kwemera kuyahabwa. Bakora ibintu batasabiye uruhushya rwo kubikora.

Kwiyemera ni ikibazo cy’ingorabahizi kandi gituruka mu mutima udatunganye, nk’uko tubibona mu gitabo cya 2 Petero 2:10,11. Havuga ko “*Abagenda bakurikiza kamere bamaawe no kurarikira ibyonona bagasuzugura gutegekwa.*” Ni abantu biyemera, bahangara kandi n’ibyigenge kandi bikunda. Basuzugura, kandi basebya abanyacyubahiro nta guhinda umushyitsi bafite, nubwo abamalayika babarusha imbaraga n’ubushobozi badahangara kurega abo banyacyubahiro ku Mwami Imana babatuka. Imana ntishaka ko abantu biyemera. Ishaka ko biyoroshya.

## 7. *Umutima w’uburyarya*

*Ni cyo gituma utagira icyo kwireguza, wa muntu we ucira abandi urubanza. Ubwo ucira undi urubanza uba witsindishije, kuko wowe umucira urubanza ukora bimwe nk’ibyo akora.*

Abaroma 2:1

Umuntu wese ucira abandi urubanza akababaho gukiranirwa ku bintu na we ubwe akora aba yibeshye. Nyamara bisa nk’aho twese ari byo dukora.



Dukunze kwirebera mu ndorerwamo zisize, zirabagirana bigatuma twibwira ko turi beza naho abandi bantu tukabarebera mu ndorerwamo zitubura ibintu (lupe). Iyo twagize ikintu kibi dukora twihutira gushakisha uburyo twavuga amagambo ari bwereke abandi ko turi abera nyamara tugashaka kwemeza abandi bakoze nk’ibyo twakoze ko bakwiriyeye gucirwa urubanza no guhabwa ibihano. Umutima nk’uwo uba ari umutima w’uburyarya.

Umuntu w’indyarya aba ari umunyabinyoma. Aba ari umuntu ubeshwaho no kwiyoberanya. Inyuma yerekana ko ari mwiza nyamara imbere adafite umutima utunganye.

Abantu bamwe bakora ibintu bibi cyane ariko ntibibuze Imana kubakoresha. Impamvu Imana ishobora kubakoresha nubwo baba ari abanyamafuti ni uko baba bafite imitima myiza. icyo ni cyo Imana iba ivuga iyo ivuga ko twe ducira abantu imanza dukurikije ibyo tureba inyuma, ariko yo ikaba ireba imbere mu mutima<sup>14</sup> kandi ikanavuga ko na Dawudi na we yari afite umutima yishimira.

*Umwana w’Imana ari we Yesu na we yarebaga mu mitima akaba ari na yo mpamvu yabwiye abanditsi n’abafarisayo bo mu gihe cye ati; “Abanditsi n’abafarisayo bicaye ku ntebe ya Mose.*

*Nuko rero ibyo bababwira byose mubikore mubiziririze, ariko imigenzo yabo mwe kuyikurikiza kuko ibyo bavuga atari byo bakora.*

*Bahambira imitwaro iremereye idaterurwa bakayihakesha abantu ku ntugu, ariko ubwabo ntibemera kuba bayikozaho n’urutoki rwabo.”*

Matayo 23:2-4

Yesu se yashakaga kuvuga iki kuri aba bantu? Yashakaga kuvuga ko imitima yabo iboze.

*Ahubwo imirimo yabo bayikorera kugira ngo abantu babarebe:n’impapuro bambara zanditsweho amagambo*

*y'Imana bazagura bakongera inshunda z'imyenda yabo.*

*Kandi bakunda imyanya y'abakuru mu birori n'intebe  
z'icyubahiro mu masinagogi no kuramukirizwa mu  
maguriro, no kwitwa n'abantu rabi.*

Matayo 23:5-7

Yesu yashakaga kuvuga ko abantu ari indyarya kuko biyerekana cyane nk'abantu b'intungane nyamara ntibashake kugira uwo bafasha. Kandi gufasha abantu, ni byo abakozi b'Imana n'abayobozi bakwiriye gukora.

Aba bantu bari bafite ubwibone n'ubugome mu mitima yabo. Bakoraga ibintu byiza bagira ngo abantu babarebe kandi babafate nk'abantu bakomeye. Muri Matayo 6:1,2,5 Yesu yavuze ku myifatire n'ibikorwa byabo byose by'uburyarya, aravuga ati "...ni ukuri ndababwira yuko abantu nk'abo bamaze kubona ingororano zabo."

Igihe kimwe nari ahantu nakundaga kujya ngo bantunganyirize inzara igihe barimo kubinkorera kandi uwo muni nari nambaye akantu kacuzwe mu cyuma kameze nka tumwe bambarira umurimbo ariko ko kanditseho ijamba Yesu. Imana yampase kugaha umuforomokazi wari uri aho arimo kuvuga ku birebana no kubwiriza abarwayi b'indwara ya kanseri iby'Ijambo ry'Imana mu ivuriro, ariko arimo kuvuga ko nubwo abikunda atemerewe kubikora ku mugaragaro yisanzuye, none akaba yifuzaga nibura kuba yagira ikintu yajya abaha. Aha ni ho Imana yanganirije mu mutima wanjye maze imbwira kumuha ka kuma nari nambaye kugira ngo najya akambara mu gatuza maze akaza kunama hejuru y'umurwayi rya zina "Yesu" rize kubwiriza uwo murwayi ryonyine.

Narashidikanyije numva bitanzamo neza kubera ko numvaga ko Imana ishaka ko mbikorera ahantu hiherereye simbikorere imbere y'uwo mukobwa wari urimo gutunganya inzara zanjye.

Ako kanya bitaratinda nagiyeye kubona mbona uwo mukobwa arekeye aho gukora ibyo yakoraga maze aravuga ati "ah, hari ikintu

kinshiranye. Ngomba kujya mu nzu y’umuryango ukurikiraho kukizanyo. Ndatebuka sintinda.”

Namenye ko ibyo byabaye kugirango Imana inshakire inzira y’ukuntu nagombaga gushobora gutanga ka kuma ntabikoreye imbere y’abantu ngo biboneke nk’aho habayeho ikintu cy’igitangaza gikomeme cyane, ariko rero kamere yanjye ikaba yo yarishakiraga gushimwa. Kubera ibyo rero, aho kugira ngo nkore icyo Imana yashakaga ko nkora kandi nkagikora nk’uko ibishaka, nakomeje kurengagiza sinakora nk’uko nabwiwe, ahubwo ndakomeza ngira gutekereza muri jye kwambwiraga kuti, “ ndatekereza ko byarushaho gutuma uyu mukobwa utunganya inzara ahabwa umugisha aramutse abonye ukuntu ngira ubuntu.”

Aho rero ni ho nahitiyemo kurindira ngo uwo mukobwa agaruke. Maze akiza mpera ko nikuraho ka kuma kari kanditseho “ Yesu” maze ngahereza wa muforomokazi mbikoranye gushaka kwiyerekana cyane. Nk’uko nari nabitekereje kuva kera kose, abakobwa n’abagore bari bari aho bese bavuze amagambo menshi bashimagiza ukuntu nari mfite umutima wuzuye ubuntu, baravuga biratinda. Bavuga ko nari umuntu ugira impuhwe cyane kubona ukuntu nemeye gutanga akuma kanjye. Ubwo nasohokaga muri iyo nzu yakorerwagamo imirimo yo gutunganya inzara ntekereza ukuntu nari maze gukora igikorwa cy’ubunyabuntu gikomeme, Umwuka Wera yavugishije umutima wanjye maze arambwira ati “Ndizera ko wishimiye kiriya gikorwa wakoze kuko nawe ari cyo gihembo uzabona cyonyine. Igihembo kindi nari kuzaguha wakiguranye kiriya.”

Nkunze kwibaza ikintu Imana iba yarankoreye cyangwa yari kuzankorera iyo nemera kumvira ngakora ibyo yari yambwiye gukora maze ngatuma izina ryayo rishyirwa hejuru rigahabwa icyubahiro n’ishimwe byuzuye.

Twese burya dufite amahirwe n’umugisha byo kuba twahabwa umugisha, ariko tubigurana “utuntu duto duto tudafashije.” Kubera irari ry’umubiri utwo tudutera kumva tubaye abantu bakomeye akanya gato. Urugero ni nk’iyo umubwirizabutumwa aba ahagaze imbere y’abantu bamuteze amatwi maze yagira aho ababwira muri Bibiliya bakwiriye kubumbura kubera ko ari ho hari ubutumwa ashaka ko

baganiraho, usanga abantu, reka sinakubwira, bashishikajwe no kubumbura hahantu, maze bakishimira uko abantu baca imirongo muni y'amagambo bakoresheje amakaramu y'amarange atandukanye. Burya dushobora rwose guca imirongo muni y'amagambo y'ibyanditswe byera tukanongeraho kugira andi magambo y'ibisobanuro kuri ibyo byanditswe tubyandika iruhande. Kandi ibyo tukabikora mu mitima yacu harimo igitekerezo kidashobora kubonwa n'undi uwo ari we wese cyo kuba twizeye ko abantu batwicaye iruhande babonye ibyo twakoraga noneho bagatangira kudutekereza neza ko ibyo byerekana ko twize cyane kandi tukamenya byinshi. Duhora dushaka ko abantu batekereza ko turi abanyamwuka ariko tugomba gusobanukirwa ko Imana idashimishwa n'ubwinshi bw'imirongo y'ikaramu.

Ubwo bwoko bw'ibyubahiro bwose buberaho gushimisha kamere yacu y'umubiri nta cyo bubwiye Imana. Yo icyo ishaka ni abantu bafite imitima myiza itunganye kugira ngo na yo iduhe umugisha. Urwego umuntu aba agezeho rwo mu buryo bwo mu mwuka no gukiranuka nta bwo rupimirwa ku bwinshi bw'ibyanditswe byera twacyeyeho imirongo cyangwa ngo rupimishwe umubare w'inshuro tumaze gusoma Bibiliya yose. Ahubwo rupimishwa ukuntu dushishikarira kubaha Ijambo ry'Imana nta kurishidikanyaho cyangwa kuzarira ndetse no ku kuntu twifata ku bandi bantu.

Igihe cyose dutangiye kwibona no kwirata kubera ibyo tuba tubona tumaze kugeraho, biba ngombwa ko Imana itwereka amakosa yacu. Nta bwo ibikorera kudukoza isoni cyangwa ngo ibikorere kugira ngo twicire imanza ko turi babi, ahubwo ibikorera kugira ngo itugumisha ahantu tugomba guhora tubona ko ari Yo yo guhora twishingikirijeho, kandi tukanasobanukirwa ko tugomba kugirira abandi impuhwe tutitaye ku makosa yabo cyangwa ibyaha byabo.

## 8. *Umutima unegurana*

*Maze ukavuga uti “Ayiwe, ko nanze kwigishwa no kwitwara neza kandi umutima wanjye ukaba warasuzuguye guhanwa.”*

Imigani 5:12

Nk'abayobozi, jye nawe dushobora kwigishwa. Iyo tugeze ku rwego twibwira ko tuzi byose, icyo kiba ari ikimenyetso cyerekana ko nta kintu na kimwe tuba tuzi. Dukeneye kurekera aho kugenda hirya no hino tunegura ibyo duhuye na byo. Ndetse tunakeneye kurekera aho kunegura ibintu nubwo byaba ari bito bite ndetse no kuba twanavuga tuti “Jye nanga kujya mu iduka ry’ibyo kurya. Nanga gutwara imodoka igihe cy’amasaha y’imodoka nyinshi mu muhanda, nanga umurimo nkora.” Yewe nta n’ikindi kintu dukwiriye kwanga uretse icyaha.

Nk'abayobozi, ibyo dukora byose dukwiriye kubikorera mu rukundo rw’Imana. Nyamara ubu buzima tubunyuramo twuzuwe n’urwango twanga ibintu byinshi cyane biri mu byo Imana ikunda. Niba mu buzima bwacu hari ikintu dukwiriye gushyira iruhande ni ukuvangitiranya ibintu. Dukeneye ko muri twe haturukamo ikintu cyiza.

Pawulo yatubwiye ko ku muntu ufite umutima uboneye, ibye byose bihora biboneye.<sup>15</sup> Matayo 5:8 (Kiv) Yesu yaravuze ati “ abakiranuka ni bo bazabona Imana.” Ndizera ko ibyo bishatse kuvuga ko abafite imitima iboneye ari bo bazahabwa ubwenge bwo guhishurirwa. Bazamenya ibyo Imana ishaka ko bakora. Bazagira ubwenge bwo gukora ibitunganye mu buzima bwabo, bagire inzira zisobanutse zigororotse, ntibazahuzagurika, bazumva ijwi ry’Imana neza cyane kubera ko imitima yabo izaba iboneye. Twese duterwa n’amoshya yo kwanga ibintu nk’uko na none dushobora guterwa ubwoba n’ibintu bimwe na bimwe. Imana yambwiye ko kugira ubwoba bw’ikintu runaka ari umuvandimwe wa hafi wo kugitinya. Nta bwo dukeneye kugenda muri iyi mibereho yacu twiganyira, twihunza koza amasahani n’ibindi bikoresho byo mu gikoni, twiganyira kubyuka mu buriri, twiganyira kujya kuryama, twiganyira kumesa imyenda, n’ibindi n’ibindi. Satani akoresha urwango rwacu no gutinya kwacu no kugira ubwoba no kwiganyira kwacu kudushuka aturoha mu bibazo. Uko ni ukundi kuntu umutima ushobora kuba uteye gukwiriye kugenda kutuvamo.

Nta bwo dukwiriye kugira imitima inegurana. Nta bwo dukwiriye gusuzugura, kunegurana no kugaya abandi, ariko na none nta bwo dukwiriye gusuzugura no kugaya ibintu.

Ntugaye cyangwa ngo usuzugure umurimo wawe, ahubwo ujye wishimira ko uwufite. Ujye ushima Imana ko utagifite ibibazo byinshi

bikugoye. Imana ijye iha umugisha abantu bafite imitima ishima.

Mu Bafilipi 4:6 hatubwira hatya “Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n’Imana mubiyisabye kandi muyishimira.” Mu myaka ishize nigeze kwigisha mu gice cyo mu ijamba rivuga ngo iyo usabye ko Imana iguha ikintu uba ukwiriye kuyishimira mbere yo kukibona kuko ibyo bizagaragaza ko wizeye ko kizaboneka. Jye ibyo ndabyizera. Nakoresheje ibyanditswe byo mu Bafilipi 4:6 kugira ngo nerekaneko ko niba nsengeye ikintu mba ngomba gutangirira aho gushimira Imana ko icyo kintu kiri mu nzira.

Ariko umunsi umwe Imana yampishuriye ibikubiye muri uriya murongo mu buryo bwaguye. Yarambwiye iti “Oya, ikintu mu by’ukuri ndimo kuvuga aha ni uko iyo unsenze ukanyingingira kuguha ikintu icyo ari cyo cyose, ujye ubanza kwisuzuma neza urebe niba koko urimo kubikorera ku rufatiro rw’umutima ufite gushima.” Yarakomeje irambwira iti “Niba udashimira ibyo ufite ubu muri iyi minsi ya none, kuki nakongeraga ibindi bintu, udashima.”

Muri iyo minsi nagiraga umutima uhora witotomba, uvugira hirya iyo ibyo udashaka gusohora, uhora wijujuta, uhora ushakisha amakosa ku bandi. Najyaga nshobora no kubona ibintu igihumbi byo kwitotombera. Ariko nta bwo Imana ishaka ko tugira umutima witotomba. Nk’uko twabibonye mbere, irashaka ko tugera ahantu tuba inzandiko zisomwa na bese. Abantu bakabona uko tubayeho n’uko twitwara mu mibereho yacu bakwiriye gushobora kuvuga ko hari ikintu kidasanze kuri twe. “Kuki ufite amahoro angana atyo? Kuki ukunda cyane?” Dukwiriye kuba umunyu n’umucyo w’isi.<sup>16</sup> Ubuzima bwacu bukwiriye gutuma abantu bifuzaga icyo dufite.

Uko imitima yacu iteye n’ibiba biyirimo bigeraho bikerekana abo turi bo koko ku buryo budashidikanywaho. Dushobora kwambara udupira cyangwa indi myenda byanditsweho amagambo y’ibyanditswe byera. Dushobora kujya mu nsengeru tugakora ibintu byashobora kutwerekana nk’abantu b’intungane cyane. Dushobora gutwara imodoka twometseho utuntu twanditseho “Nkunda Yesu”, dushobora kuva iwacu tukagira amazwini twinjiramo abayarimo bese bakabona mu gatuza kacu hariho akantu kanditseho “Yesu”, tunafite Bibiliya nini mu kwaha kwacu ndetse na za kaseti zo kugenda twigishirizaho Ijambo

ry’Imana ziri mu gafuka tugendana mu kwaha kwacu. Amateraniro yatangira tugatangira gusimbuka no kuvugira hejuru no gukora ibindi bintu byose byiza aho hari abantu benshi batureba. Ariko ibintu dukorera aho abantu batabasha kutubona burya ni byo byerekana uko imitima yacu iteye mu by’ukuri.

Mu myaka ishize, nigeze kumva umuvugabutumwa umwe avuga ngo: “Niba ukeneye kuzabona umuntu ukijijwe w’umukiranutsi nyakuri, ntukamushakire mu materaniro mu rusengero.” Ibyo yabivugiye ko mu rusengero udashobora kuhamenyera umuntu ukijijwe cyangwa uwishushanya.

Yarakomeje aravuga ati “Niba ushaka kumenya koko abantu bakijijwe by’ukuri, uzajye iwabo mu ngo, urebe uko bitwara n’uko bifata mu gitondo bakimara kubyuka. Urebe uko bitwara ku bandi bantu bo mu miryango yabo igihe ibintu bitagenze neza. Urebe uko bafata abantu batajya bagira ikintu kiza babakorera.

Ibi byose ni ibintu by’ingenzi kuri jye. Ntabwo nshaka kwishushanya. Sinshaka kuba umuvugabutumwa ukomeye cyane, wa mugore wifashisha televiziyo gukora umurimo w’Imana maze abantu bose bakabitangarira cyane. Ndashaka kuba umuntu nk’abandi. Ndashaka gufasha abantu. Ndashaka ko Imana inyishimira. Kandi ndashaka ko nawe ikwishimira. Ibyo kandi biterwa n’ukuntu imitima yacu iteye. Tugomba kurinda imitima yacu cyane.

Muri Zaburi 26:2 Dawidi yabwiye Imana ati “*Uwiteka unyitegereze ungerageze. Gerageza umutima wanjye n’ubwenge bwanjye.*” Twese dukwiriye kujya tujya imbere y’Imana no gutinyuka guhagije dufite icyizere maze tukavuga tuti “Mana ngerageza maze niba muri jye harimo ikintu na kimwe kidatunganye, kimurikishe umucyo wawe.” Mfasha kukibona no kucyikuramo. Dukeneye gutangira kujya dusenga dutyo umunsi ku wundi. Dukeneye kujya dusaba Imana kenshi uko bishobotse gukura mu mitima yacu ikintu cyose cyatuma tutaba nk’uko Imana ishaka ko tuba. Kimwe mu bimenyetso bizatwerekana ko twiteguye kuba abayobozi, ni igihe tuzaba tubona twiteguye gukorana n’Imana ngo iduhe imitima iboneye.

# UMUTWE WA 6



## IMIMERERE MIBI Y'UMUTIMA, IGICE CYA 2

**A**ho ugeze aha usoma iki gitabo, utangiye kumenya no Agusobanukirwa ukuntu umutima wawe ukwiriye kuba uteye kugira ngo ushobore kuba umuyobozi. Nta kintu Imana yitaho cyane kurusha ibindi nk'imiterere y'umutima wawe. Gukura imitima mibi mu bantu nta bwo ari ikintu Imana iteganyiriza abayobozi gusa, ahubwo ni ubushake bwayo ku muntu wese w'umwizera.

Nk'uko twabibonye nta bwo dushobora gutanga icyo tudafite. Na none kandi, icyo dufite kibi ntitugomba kugitanga, ahubwo kiba ari ikintu gikwiriye kudukurwamo. Iyo dukinguye imitima yacu maze tukemerera Imana kugenzura ibiyirimo ku bufatanye n'abandi bantu dushobora guhinduka, tugatangira guhindura.

Kugira imitima mibi, bishobora kutubaza gutera imbere ngo tugere ku rwego Imana idushakaho. Ushobora kuba udafite buri kintu cyose gituma umutima ubarwa nk'udatunganye twavuzeho, ariko na none iki gitabo ni nk'ubwishingizi cyangwa ingabo izatuma ibyo bitakugeraho.

### **9. *Umutima wahemukiwe, ushaririye, utagira icyo wishimira, utababarira***

*Umutima wiyiziho uwawo mubabaro kandi umunezero wawo nta mushyitsi wawujyamo.*

Imigani 14:10



Umutima uteye utya ushobora kuba ari umwe mu mitima mibi cyane kurusha iyindi. Kubera ko Bibiliya itubwira ku buryo busobanutse neza ko niba tudashobora kubabarira abandi, natwe Imana itazatubabarira.<sup>1</sup> Iyo tutabarira abandi kwizera kwacu kuba kudakora. Kandi ikintu cyose kiva ku Mana kizanza no kwizera. Iyo rero kwizera kudakora tuba dufite ibibazo bikomeye cyane.

Iyo nigishije ku kubabarira mpora nsaba abanteze amatwi guhaguruka aho bicaye niba barigeze guhemukirwa no kubabazwa. Ariko na none na bo bakaba bumva bakeneye kugira undi muntu bababarira. Sinjya mbona na 80% by'ababa banteze amatwi bahaguruka.

Nta bwo bikeneye umuntu w'umunyabwenge kumenya impamvu tutagira imbaraga dukeneye mu Itorerero ari ryo mubiri wa Kristo. Imbaraga ziva mu rukundo, ntiziva mu rwango mu busharire cyangwa mu kutabarira.

*“Ntuzi ibyo nakorerwe!”* Ni uko abantu bakunze kuvuga igihe cyose baba barimo kugerageza gusobanura impamvu bafite imitima ishaririye kandi itabarira. Dukurikije uko Bibiliya ivuga, mu by'ukuri nta bwo ubunini bw'icyaha abantu baba badukoreye buba burenze. Imana dukorera ikomeye kuruta bya byaha, kandi nidufata ibyo byaha tukabikuraho nk'uko bikwiriye ntizaducira urubanza kandi izadushumbusha ibyo twari twaranyazwe.

Muri Yesaya 61:7, Imana idusezeranya itya *“Mu cyimbo cyo gukorwa n'isoni kwanyu muzagererwa kabiri,”* “kugererwa” ni uguhabwa igihembo. Ni igihembo kimeze nk'inyishyu umuntu ahabwa kubera akababaro yanyuzemo. Ni nk'indishyi umukozi ahabwa. Rimwe Imana yarambwiye iti *“Joyce, urankorera kandi igihe cyose uzaba uri umwe mu bakozi banjye, ukababarira mu murimo wanjye, nzaguha impozamarira.”*

Mu Baroma 12:19 hatubwira hatya *“Bakundwa, ntimwihoraniye ahubwo mureke Imana ihoreshe uburakari bwayo, kuko byanditswe ngo ‘Guhora ni ukwanjye’. ‘Ni jye uzitura’, ni ko Uwitwaga avuga.”* Ntuzigere ugerageza kwitura inabi abantu bakugiriye. Uzajye ubishyira mu maboko y'Imana.

Yesu yatwigishije kuzajya tubabarira abatubabaza cyangwa abatugirira nabi, kuzajya dusengera abadukoresha n' abaturvuma.<sup>2</sup> Ibyo birakomeye, ariko hari ibigoye kubirusha—kugira umutima wuzuyemo urwango, gusharira, kubabara kurenze. Ntuzigere wifuza kugera igihe cy'ubuzima bwawe umara wanze mugenzi wawe wenda unashobora kuba yibereye ahandi hantu amerewe neza naho wowe urimo kubabara cyane.

### **YOZEFU YAGIRAGA UMUTIMA UBONEYE**

Mu gitabo cy'isezerano rya kera, Yozefu yagiriwe nabi n'abavandimwe be kubera kumugirira ishyari. Hari igihe cyageze maze abo bavandimwe be bamugurisha nk'umunyagano mu gihugu cya 'Egipta. Bitaratinda yisanga muri gereza azira ubusa. Bigaragara ko aho Yozefu yabaga ari hose yageragezaga gukora ibikwiriye, akagirirwa nabi kubera iyo myifatire myiza ye.<sup>3</sup>

Ibyo natwe twese uko tungana bijya bitubaho rimwe na rimwe. Ariko iyo bitubayeho, ndatekereza ko biba ari kimwe mu bigeragezo tugomba gutsinda, kugira ngo tuboneke nk'abantu biteguye neza kuba abayobozi. icyo kigeragezo cyafatwa nk'ikizamini cyo gushaka kumenya ko dushobora kubabarira tukaba tuzakivugaho mu mpapuro z'inyuma. Abantu bazagenda batubabaza badukomeretsa ndetse banatugirira nabi uko iminsi izagenda ihita, ariko tuba tugomba kubabarira niba dushaka gukuzwa tukagera ku rwego Imana iduteganyiriza rusumbye aho turi ubu. “Ariko ibi ni akarengane,” tugasakuza tugatera hejuru turira. Tugomba kumenya ko dukorera Imana idaca urwakibera. Yadusezeranije kuzatwishyura ibyo twabuze no gutuma ibintu byose bitugendekera neza nta kintu bidusabye gukora uretse kumwiringira kandi ntitugerageze kugira icyo tugeraho twizeye imbaraga z'amaboko yacu.

Yozefu yagiriwe nabi n'abavandimwe be, umugore w'umukoresha we amuhimbiye icyaha atari yakoze, maze ajugunywa mu nzu y'imbohe. Agezemo, yafashije abandi kuyivamo, nyamara bageze hanze ntibamwibuka na gato. Kugirirwa nabi byasaga nk'aho ari

ingorane Yozefu yari yaramenyerejwe guhura na zo mu buzima bwe. Ariko byageze aho Imana imukura mu buroko maze imugira umuyobozi wungirije umwami wa Egiputa yose.<sup>4</sup>

Ni muri iyo minsi, igihe hateye inzara maze abavandimwe ba Yozefu baza muri Egiputa bavuye muri Isirayeli kuko bari barumvise ko muri Egiputa hariyo ibyo kurya. Yozefu akimara kubibabwira bagize ubwoba. Yari afite umwanya ukomeye mu butegetsi ku buryo byari kumworohera kubihorera abahora ibyo bari baramukoreye.<sup>5</sup>

Ibyo na byo bigomba kuba byarashatse kubera Yozefu ikigeragezo gikomeye cyane, ariko icyo ni cyo tuboneraho ukuntu umutima we wari uteye. Iyi nkuru itubwira impamvu Imana yamuzamuye kugira ngo aho yari kuzajya ajya hose, uwo yari kuzakorera wese ahabwe umwanya w'ububasha. Ibyo ntibyashobotse kubera ko yarushaga abandi ubwenge no gusa neza, ahubwo ni ukubera ko yari afite umutima uboneye.

Nta bwo amashuri twize, amateka yacu, ibara ry'uruhu rwacu cyangwa ikindi kintu cyose bibonwa n'Imana nk'ibintu bikomeye, nk'uko imitima yacu iba iteye. Bibiliya ivuga ko amaso y'Imana agenda hirya no hino ku isi ishakisha umuntu ishobora kwerekaniraho imbaraga n'ububasha byayo; umuntu ufite umutima uboneye, utunganiye Imana.<sup>6</sup> Yozefu yari bene uwo muntu.

Ubwo mu gihugu cyose hari inzara, Yozefu we yashobora kubona ibyo kurya, naho abavandimwe be ndetse na se bicirwa n'inzara aho bari batuye. Baje kuza mu Egiputa gushakisha uko babona ibyo kurya. Nk'uko twigeze kubibona, igihe abo bavandimwe be bamumenyeraga mu Egiputa, batashywe nubwoba. Babitewe no gutekereza bati noneho se ko ari umutegetsi, ni iki yadukoraho mu rwego rwo kwihorera, kubera ubugome bwabo buvanze n'uburyarya bamugiriye.

Batuma kuri Yozefu bati “*So atarapfa yaradutegetse ati muzabwire Yozefu ibi: arakwinginze babarira bene so igicumuro cyabo n'icyaha cyabo kuko bakugiriye nabi.*” Itangiriro 50:16,17

Yozefu agomba kuba yari afite umutima mwiza, wiyoroshya nk'uko tubona ukuntu yakiriye icyifuzo cy'abavandimwe be cyo kubababarira;

ndetse bene se baragenda bamwikubita imbere, baramubwira bati “*Dore turi abagaragu bawe.*” *Yozefu arababwira ati “mwitinya. Mbese ndi mu cyimbo cy’Imana? Ku bwanyu mwari mushatse kungirira nabi, ariko Imana yo yashakaga kubizanisha ibyiza, kugira ngo isohoze ibi biriho none, ikize abantu benshi urupfu. None mwe gutinya, nzajya mbagaburira n’abana banyu bato. Arabahumuriza ababwira neza.* Itangiriro 50:18-21

Aha rero tubona Yozefu ahumuriza abantu bari baramugiriye nabi cyane bakamubabaza, akabarema agatima akabihanganisha. Aho kugira ngo yiture inabi indi, yarabafashije, ntiyiyitaho wenyine abaramburira ukuboko, abwira abantu bari baramugiriye nabi amagambo y’impuhwe, agirira neza abantu batari babikwiriye. Uwo ni wo mutima ukwiriye kugirwa n’umuyobozi nyakuri.

### **SITEFANO YABABARIYE ABANTU BAMUBABAZAGA**

Mu Byakozwe n’Intumwa igice cya 6 n’icya 7 tuhasoma inkuru y’umuntu witwaga Sitefano wigeze guhagarikwa imbere y’abacamanza b’abayuda maze bamurega bamushinja ibinyoma ko yatukaga kandi agasuzuguzwa Imana na Mose abikoreye mu kwigisha ubutumwa bwiza. Nyuma y’uko yari amaze kwigisha bikarakaza abanyarukiko, yasohowe hanze y’urusengeru maze bamutera amabuye. Ariko no mu gihe bari bakimutera amabuye yasengeye abo banzi be avuga ati “... *Mwami, akira umwuka wanjye. Arapfukama avuga ijwi rirenga ati “Mwami, ntubabareho icyaha.” Amaze kuvuga atyo arasinzira.*”

Njye mfite ubwoba ko iyo aba ari jye biriya bintu byabayeho mba narageragejwe n’umwanzi nkatora ibuye hasi nkaribatera. Ariko ibyo si byo Sitefano yakoze. Yababariye abamugiriraga nabi bamubabaza birenze urugero ndetse arabasengera akoresheje amagambo akomeye cyane ati “Bababarire Mwami kuko batazi ibyo bakora.”

Igihe kinini, abantu batugirira nabi bakatubabaza babikora batazi ibyo bakora. Baba barimo gukoreshwa no kudatekereza ku bandi, no kwikunda no kwirebaho gusa. Mu myaka yashize, hari umuntu wigeze

kumbwira ikintu cyamfashije. Yaravuze ati burya 95% by'ibihe, abantu badukorera ibintu bikatubabaza baba babikoze batabigambiriye.

Bijya bitworohera kubabara tubitewe n'abandi. Ariko dukurikije uko Bibiliya ivuga, urukundo ntirupfa kubabara<sup>8</sup> cyangwa ahari urukundo rurihangana. Imana nta bwo ishaka ko tugira imitima ibabaye. Turamutse ari ko tumeze, nta bwo twashobora kubwiriza no gufasha abandi mu buryo bw'umwuka.

Njya nibuka ibihe bimwe mu myaka yashize ubwo najyaga ngerageza kujya kubwiriza kandi muri njye narakariye Dave bitoroshye namusaranye maze nkumva nsa n'aho urupfu runyuzuye. Nta kintu kibabaza ku mutima cyane nko kugerageza kubwiriza kandi muri wowe wasabitswe n'uburakari ufitiye umuntu runaka. Iyo ni yo mpamvu tugomba kurwanya no gutsinda ibyiyumviro bibi bishobora kuba mu bitekerezo byacu maze tukikuzamo umutima ukunda kandi ubabarira. Nubwo byaba bidusaba ikiguzi kingana iki, nubwo byaba birushya cyangwa bibabaza imibiri yacu bite, nubwo byaba bikomeye bite, tuba dukeneye kwegera umuntu waduhemukiye tukagerageza kuzana ubwumvikane hagati yacu na we, tugakemura ibibazo dufitanye mbere y'uko tujya imbere y'abandi bantu kubabwiriza.

Ushobora gutekereza ko wowe ibi bitakureba kubera ko udafite umuhamagaro wo kubwiriza no kwigisha abantu Ijambo ry'Imana. Ariko burya umwizera wese aba afite uwo muhamagaro. Ushobora kuba utajya ku ruhimbi ngo wigishe, ariko burya uba ufite umuhamagaro ugomba gukora no kuzuza imbere y'abana bawe, imbere y'uwo mwashakanye, ndetse n'imbere y'Imana. Mbese byadushobokera bite guhimbaza Imana nk'uko bikwiriye mu gihe dufite imitima mibi, itaboneye?

Muri Matayo 5:23,24 no muri Mariko 11:25,26, Yesu yigishije abantu ko mu gihe dufite icyo dupfa n'umuntu uwo ari we wese tugomba kubanza tukamusanga tugakemura ikibazo kiri hagati yacu mbere y'uko dutangira kuramya no guhimbaza Imana.

Muri 2 Timoteyo 4:14-16 Intumwa Pawulo yandikiye umwigishwa we muto ati “Alegizanderi, umucuzi w'imiringa yangiriye inabi nyinshi.

Umwami wacu azamwitura ibikwiriye ibyo yakoze. Nawe umwirinde kuko yarwanyije amagambo yacu cyane.” Mu iburana ryanjye rya mbere ntawampagarikiye. Ntibikababarweho.

Pawulo yari yaranyuze mu bihe byinshi bikomeye agerageza kubwira abantu b'icyo gihe ubutumwa bwiza. Yari yararenganyijwe, aratotezwa, arakubitwa, ashwirwa mu nzu y'imbohe ahowe kwigisha inkuru nziza. Ibihe byinshi yagiye ababazwa kubera ko hari abamurwanyaga nk'uko we ubwe yabyivugiyeye muri ubu butumwa.

Icyo Pawulo yashakaga kuvuga hano ni iki: “Alegizanderi, umucuzi w'imiringa yangiriye nabi cyane, ariko nta bwo nzabyitaho. Sinzemera kuzurwa n'ubusharire cyangwa urwango. Ndemerera Imana kuba ari yo igira icyo izabikoraho. Izabikoraho nk'uko bikwiriye.”

Ubuzima bwacu bwarushaho kuba bwiza turamutse tugiye dutekereza ku bintu bitari bike tugenda duhura na byo dukurikije uwo murongo w'imyumvire byarushaho kuba byiza dushyize kubaho kwacu mu Mana kandi tukayemerera kuba ari yo igenga ibirebana n'ubwo buzima.

Pawulo yarakomeje avuga ku kuntu nta muntu n'umwe wigeze aza kumwunganira no kumuburanira mu gihe cy'urubanza rwe. Njya nibaza cyane ukuntu twe twari kumva tumerewe iyo aba ari twe twanyuze mu mibabaro yose Pawulo yanyuzemo abikorera guhesha abandi bantu benshi umugisha maze hanyuma ntihagire n'umuntu n'umwe uza kudushyigikira no guhagararana natwe ku munsu twari dukeneye umuntu nk'uwo kurusha indi minsi yose. Pawulo yari yemeye gutanga ubuzima bwe kubera abandi, nyamara nta n'umwe muri bo wemeye kuba yaboneka ko afitanye umubano na we kubera gutinya ko bashoboraga guhananwa na we. Ibi byose se Pawulo yabyifashemo ate? Yarasenze asaba Imana ko itagombaga kubahanira ikibi bari bakoze. Ibyo bitwereka umutima we.

Dushobora kunyura mu bitabo byo muri Bibiliya byose tukagenda tureba abagabo n'abagore b'abakozi b'Imana bakomeye ku buryo bitadutwara igihe kirekire cyane kubona impamvu abo bantu bitwa

intwari zo kwizera. Nta bwo ari batekereza cyane kurusha abandi cyangwa kubera ko bari basanzwe babikunze cyane kurusha abandi, ahubwo ni uko gusa bari bafite imitima ikomeye, y'intwari.

### **10. Umutima w'ubupfapfa**

*Ururimi rw'umunyabwenge rwamamaza ubuhanga, ariko umutima w'umupfapfa si ko ukora.*

Imigani 15:7

Bibiliya itubwira ko dukwiriye kugira imitima irangwa n'ubwenge kandi ikanatubwira ko umutima w'ubupfapfa ari umutima mubi.

Abantu b'abanyabwenge mu mitima yabo bakoresha akanwa kabo kwamamaza ubwenge ariko abafite imitima y'ubupfapfa bavuga ikibaje mu bitekerezo cyose. Ndatekereza ko rimwe na rimwe kimwe mu bibazo bikomeye cyane kurusha ibindi abantu bahura na cyo ari uko bapfa gukora ibintu by'ubupfapfa gusa batabanje gutekereza.

Igihe kimwe umugore yaje aho ndi nyuma y'uko twari turangije amateraniro kandi nkaba nari nayavuzemo ukuntu nabonaga umugore cyangwa umukobwa wubaha Imana akwiriye kwambara maze arambwira ati “Ndumva rwose hari ikintu Imana ishakaho ko tunganiraho.” Naramubajije nti “Ni iki?” Yaravuze ati “Urabizi se? Ndabizi ko wenda utabibona neza ariko imyenda wambara yose isa n'aho ijya kukubaho mito cyane.” Nitegereje uwo mugore maze ndatekereza nti uyu mugore aribwira ko ibi yabibwiwe n'Imana. “Ariko se umuntu yamenya ate ko atari yo yamubwiye?” Umuntu wese yakwibaza icyo kibazo.

Ndabizi ko iyo Imana iba yarashatse kugira uko inkosora ku myambarire yanjye, iba yarabikoze ibinyujije mu mutware wanjye, muri umwe mu bana banjye cyangwa muri umwe mu bayobozi dukorana muri uyu muryango nyobora. Iba yarakoresheje umuntu nzi neza, umuntu nashoboraga kubaha igitekerezo cyo, ntibinyuzwe mu muntu ntari nabona na rimwe.

Uwo mugore yerekanye ubupfapfa bwe kubona yaragerageje kumbwira amagambo yikuriye mu bitekerezo bye ayitirira ko yavuye ku Mana. Ibyo yakoze byabaye nko kwibeshya, yibwira ko ari mu kuri kandi mu by'ukuri atariko bimeze.

Uko ni ko byabereye Aroni na Miriyamu ubwo babwiraga Mose ko atari we wenyine washoboraga kuvugana n'Imana.<sup>9</sup> Maze ku isi igihe gihagije, ku buryo maze gusobanukirwa neza ko niba nkeneye kuba nakosorwa nkagirwa n'inama igihe cyose nakosheje ndetse nkanamenya neza umuntu Imana yakoresha kungira iyo nama. Urugero ni nk'ukuntu Pasitori wacu aherutse kugirana natwe ikiganiro, agira amagambo atubwira kuri uyu muryango wacu, kandi ibyo yatubwiye twabyakiriye neza kubera ko tumuzi kandi tumwubaha.

Oral Roberts igihe kimwe yaganiriye natwe ku bintu bimwe na bimwe, tumutega amatwi twumva tubikunze kubera ko kutabikora kwacu byari kuba ari ubupfapfa.

Abantu benshi bica imibanire n'ubusabane bari bakwiye kugirana n'abandi cyangwa n'imiryango bakorana, bakigaragazaho ko mu bihe nk'ibyo baba bataragera ku rwego bafatwaho nk'abantu bakwiriye kuba mu myanya y'ubuyobozi bifuzaga kuba barimo, iyo bakoze ibintu by'ubupfapfa. Kimwe mu bintu by'ubupfapfa kurusha ibindi ushobora gukora ni ugutekereza ko wasizwe amavuta ku buryo bugushoboza kubwira uwo ubonye wese icyo akwiriye gukora.

Mu Migani 8:15,16 Bwenge aravuga ati “*Ni jye wimika abami, ngaha ibikomangoma guca imanza zitabera. Ni jye uha abatware gutwara, n'imfura na zo ndetse n'abacamanza bo mu isi bese.*” Ni ubwenge butuma tuzamuka dukura tukagera mu myanya y'ubuyobozi. Ibyo birambwira ko niba nshaka kuba umuyobozi, ngomba kugira ubwenge. Ariko hari n'ikindi kintu ngomba kugira.

Abantu bahora bambaza bati “Byagushobokeye bite kubaka umuryango w'ivugabutumwa munini kandi ukomeye nk'uyu?” Ubwo nkabaganiriza ku mahame avuga ku bintu bituma umuhamagaru cyangwa umurimo w'Imana ukura. Kimwe mu bintu bya ngombwa



cyane bikenewe kugira ngo umuryango nk'uyu wacu ukure ni uguhora utekereza cyane, ugahora ushyira mu gaciro, ugahora ugerageza gukora ibikwiriye, ugahora ufata ibyemezo bizima.

No kuri iyi saha si ndi igihangange mu bwenge, nubwo nageze aho mbona n'impamyabumenyi yo ku rwego rwa kaminuza. Iyo mpamyabumenyi yo ku cyiciro cya gatatu cya kaminuza itangwa nk'ikintu cy'ishimwe nayihawe na kaminuza yitiriwe Oral Roberts. Mu by'ukuri, mba nanjye narishimiye kujya muri kaminuza nkiga nk'uko abandi biga. Abarimu banjye bajyaga bavuga ko bambonana impano yo gushobora kwandika cyangwa kuzaba umwanditsi. Ariko sinigeze ngira amahirwe yo gushobora kwiga muri kaminuza kubera ko nagombaga gukora kugira ngo nshobore kwibeshaho. Ndizera ko iyi mpamyabumenyi ya kaminuza y'icyubahiro ari kimwe mu bintu Imana yampaye byo kunshumbusha kuko nari narayikoreye iyo myaka yose. Imana iguha ibyo abandi bantu bagerageje kukwambura.

Ariko nubwo mfite urwo rupapuro nahawe na kaminuza kandi bikaba ari byiza cyane, hari ikindi kintu mbona kinarengeje urwo rupapuro kuba igitangaza n'agaciro, icyo kikaba ari uko hari impano mbona mfite mu bwinshi. Ngira impano itubutse yo kugira icyo nshyira mu bikorwa cyangwa mvuga nabanje kubitekerezaho bihagije ngo ndebe koko niba icyemezo ndi bufate kizafatwa nk'icy'umuntu washyize mu gaciro bihagije.

Rimwe na rimwe iyo abantu bagize icyo batekerezaho cyane cyangwa bahura na cyo kikagira aho kibakora, ni cyo bagenda babwirizaho. Ibyo ariko biba ari amafuti. Hakenewe kujya habaho gushyira mu gaciro, hakabaho ikintu cyakwitwa nko kuringaniza umunzani ntihabeho kubogama. Dukeneye gukoresha ubwenge neza tugatekereza ku bintu bihagije, nubwo byaba ari mu buzima bwacu bwo mu buryo bw'umwuka, tugomba gushishoza bihagije.

Mu muryango wacu w'ivugabutumwa, jyewe na Dave dukoresha gushishoza bihagije muri buri kintu dukora. Nta bwo tujya tugerageza kugura ikintu icyo ari cyo cyose tudafite amafaranga yo kwishyurira ibijyanye na cyo. Nta bwo tujya dutanga akazi ku bakozi tudafite

ubushobozi bwo kuzajya twishyura imishahara yabo. Ariko na none, abantu bakora muri uyu muryango wacu tubona batera akaduruvayo mu kazi turabasezerera. Dufite ugushishoza guhagije no gukoresha neza ibitekerezo byacu ku buryo ibyo byombi bidushoboza kumenya icyo ari cyo cyose tuba dukwiriye gukora kugira ngo twirinde kugwa mu bibazo. Ibyo rwose nta bwo kubigeraho bikomeye nk'uko umuntu yabitekereza; wowe gusa uba ukwiriye gukora nk'ibyo wakwifuzaga ko abandi bagukorerera.<sup>10</sup> Ukishyura abo ugomba kwishyura bose ku gihe, abo ugomba kugezaho ibitekerezo byawe na bo ushaka gukuraho ibyabo byose ukabikora neza, mu gihe hari umuntu ushaka kugira inama no gukosora ku kintu cy'amafuti, ibyo ukabikora unamubwira amagambo yo kumusubizamo imbaraga, unamushima kugira ngo adacika intege, hari n'ibindi byinshi wakora.

Abakristo baramutse bakoreshije ubwenge n'ubushishozi ku buryo buhagije cyangwa busumbye uko basanzwe babigira, ibintu byarushaho kubabera byiza. Rimwe na rimwe iyo abantu bakiriye agakiza bakanuzuzwa Umwuka Wera, bibwira ko ibintu byose bizabazaho cyangwa bazabibona mu buryo bw'ibitangaza. Kwakira agakiza no gukizwa nta kindi bivuze uretse kwiha Imana tubikoze mu buryo bwo kwiyambura imyumvire y'uko twumva tugomba kwigenga no kwibeshaho ahubwo tukayiyegurira ngo abe ari yo itugenga inatubeshaho. Imana ikora ibitangaza ariko kandi ikanashaka ko natwe hari icyo twakora.

Aho kugira ngo tube abapfapfa mu mitima yacu, tugomba kuba abanyabwenge. Kandi uburyo bumwe mu buryo bwinshi umuntu yabigeraho neza ni ugukoresha ubwenge bwacu n'ubushishozi bwacu Imana yaduhaye.

## ***II. Kugira imitima ibiri***

*Abo mu Bazebuluni babashaga kujyana n'ingabo bakarema  
inteko, bari bafite intwari z'intambara z'uburyo bwose,  
batari abanyamitima ibiri, bari inzovu eshanu.*

1 Ingoma 12:33

Muri iki gice, umwanditsi arashyira ahagaragara umubare w’abagabo b’intwari baje gufasha Dawudi kurwana urugamba rwagombaga kumushoboza kuba umwami wa Isirayeli. Nk’uko twabibonye, aba bagabo nta bwo bagiraga imitima ibiri ku bintu byari bibari imbere ahubwo bagiraga gutuza no kudahindagurika mu mitima yabo kandi ari abizerwa.

Bibiliya ivuga ko tugomba kugira imitima yuzuye kandi idahindagurika kandi ntitube abantu bahindagurika mu bitekerezo. Muri Matayo 6:24 Yesu yaravuze ati *“Nta we ucyeza abami babiri kuko yakwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi.”*

Mu myaka ishize nigeze kuba nkora nk’umupasitori wungirije ku itorero ryitwa St Louis. Narabyishimiraga cyane nkabikunda kandi nkanakunda Pasitori wanjye cyane, ariko Imana imbwira kuhava ngatangiza Umuryango wanjye w’ivugabutumwa.

Namenye ko iyo Imana iguhamagariye gukora ikintu runaka, waba ubishaka cyangwa utabishaka, ugomba kubikora kuko iyo utabikoze ibindi bintu byo mu buzima bwawe bitangira kugenda biyoyoka.

Kandi namenye ko uwo murimo nakoraga nishimye cyane icyo gihe utari ugishimishije kubera ko Imana yo yari yamaze gutegeka ko ibyawo birangirira aho. Kandi iyo Imana irangije gukora ibyayo, natwe tuba dukwiriye kurangiza. Nyamara narakomeje ndahatiriza nguma muri uwo mwanya hashira undi mwaka wose. Muri uwo mwaka nabonye ibintu bitandukanye bitigeze binshimisha na rimwe. Sinigeze ngira kunezerwa muri njye na rimwe kandi sinigeze menya impamvu yabiteye. Nta kintu na kimwe cyari gisigaye kimbera cyiza. Nari nsigaye nsa n’umuntu ugerageza gushyira urumambo rw’impande enye zingana mu mwobo uteye nk’uruziga.

Byageze aho, ku munota wa nyuma, maze Imana ivugana nanjye, irambwira iti *“Yobora umuryango w’ivugabutumwa wawe maze ujye mu majyaruguru, mu majyepfo, iburasirazuba ndetse n’iburengerazuba. Kandi ni ko nakoze. Ariko namaze igihe cy’imyaka itatu njya*

ku rusengero (itorero) nkicirwayo n'akababaro. Iyo numvaga ko abapasitori bagiye mu mwiherero wo gusenga nicwaga n'agahinda mu mutima wanjye. Nakomeje nibaza nti “Ikibazo mfite ni ikihe ? Mbese aho sinananiwe gukorana n’Imana?”

Pasitori wanjye nawe yari amerewe nkanjye mu bitekerezo bye. Ku ruhande rumwe yashoboraga kubona ko ibyo nari ngambiriye gukora byari ubushake bw’Imana kuri njye kandi ku rundi ruhande agasanga agishaka ko nkomeza nkaba umwe mu bakozi be. Twakomeje gusa n’abirwanaho tugamije gutuma ntagira umuryango wanjye bwite, ariko ngakomeza nkagira uruhare mu itorero nari maze igihe gito mvuyemo.

Nanyuze muri ibi byose kugira ngo Imana impindure bihagije. Byageze aho irambwira iti “Joyce, nta kindi kintu nshobora gukora mu muryango wawe kugeza igihe uzashyirira umutima wawe wose ku byo naguhamagariye gukora, ukabikora nta kindi ubibangikanyije na byo.”

No kugeza iki gihe nari ntaragasobanukirwa neza ingorane n’ibibazo nari mfite ibyo ari byo. Nakomeje kwibaza nti “Niba ibi ari byo nkwiye kuba ndimo gukora, kuki nkomeje kumererwa nabi no kubabara?”

Nyuma naje kugirana ikiganiro n’umugabo umwe wari ufite impano yo guhanura, tuganira kuri icyo kibazo cyanjye. Maze ndamubaza nti “Niba narumvise ijwi ry’Imana kandi nkaba ndimo gukora ibijyanye n’ubushake bwawe, kuki nkomeje kumva merewe ntya?”

Yaravuze ati “Ni ibintu byoroshye cyane.” Ati “Umutima wawe uracyafite ukuntu ucyomatanye n’uriya murimo wawe wa kera.”

Nahereyeke nsobanukirwa ko ibyo yambwiraga byari ukuri. Nari maze imyaka itanu y’ubuzima bwanjye yose nkora uwo murimo, ku buryo umutima wanjye wari waramaze guhamanya na wo. Imana yari yarambwiye gutera intambwe nkagira ahandi njya ariko umutima wanjye wo wari ugihambiriye ku byo nari narasize inyuma. Ikibazo

cy'ingenzi cyanjye cyari uko nari mfite imutima ibiri. Kandi igihe cyose nagombaga kumara ngifite imitima ibiri, nta amahoro yo mu mutima nari kubona.

Icyo ni cyo cyatumye igihe Imana yahamagaraga Aburahamu, yamubwiye kuva mu gihugu cye, gusiga umuryango we, abavandimwe be, ndetse n'ibindi bintu byose yari afite kugira ngo akunde aje ahantu Imana yari yiteguye kumwerekana.<sup>11</sup> Ibyo nibyo Pawulo yavugaga igihe yavugaga ko dukwiye kwibagirwa ibiri inyuma tugasingira ibiri imbere.<sup>12</sup> Ibyo ni byo Imana yabwiraga Isirayeli ivugiye mu kanwa k'umuhanuzi Yesaya ngo “Ibya kera ntimubyibuke kandi ibyashize mwe kubyitaho. Dore ngiye gukora ikintu gishya. Ubu ko kigiye kwaduka ntimuzakimenya?”<sup>13</sup>

Ingorane tugira ni uko duhora dushaka kwihambira ku byashize bya kera kandi tugikeneye gutera intambwe tujya imbere. Ibyo ni byo byitwa kugira imitima ibiri.

Muri Yakobo 1:8 tuhasoma umuntu wari ufite imitima ibiri akaba yararangwaga no guhora ashidikanya. Bibiliya yitwa *King James Version* iravugaga ngo “Umuntu w'imitima ibiri anamuka mu nzira ze zose.”

Sintekereza ko dukwiriye kugira imitima ibiri. Ahubwo dukwiriye kuba abantu bagambirira gukora ikintu runaka kandi bakazashyirwa bakigezeho. Abayobozi bagomba kuba bashobora kwifatira ibyemezo kandi ntibabitezukeho. Abayobozi bagomba kuba abantu bafata icyemezo bakakizirikaho. Niba dufashe icyemezo ariko tugakomeza kugira ibitekerezo bisubira inyuma uyu muni, ejo bikareba imbere, ejo bundi bikongera kureba inyuma, tuba tugaragaza ko imitekerereze yacu n'imigirire yacu irangwa no guhuzagurika. Dukeneye gukora uko dushoboye kose tukajya dushobora kumva ijwi ry'Imana hanyuma tugafata ibyemezo bishingiye ku byo yatubwiye. Iyo twafashe icyemezo ku kintu runaka, tuba tugomba kugikora n'umutima wacu wose. Ikintu cyose dufasheho icyemezo, tuba dukeneye kugikorana umutima umwe, tukagikora n'umutima wose.

Mu Baroma 12, Intumwa Pawulo ivuga ku mpano z'ubuntu zitandukanye, abantu bagize umubiri wa Kristo batandukanye bahawe. Muri icyo gice aratubwira ati niba umuntu ari umwigisha, akwiriye kubikora neza kandi yivuye inyuma, niba ari uwahamagariwe gutanga, akabikora neza, niba ari umwinginzi akimarira muri uko kwinginga. Mu yandi magambo, ntitukemere gukurikira imihamagaro y'abandi bantu kandi mu by'ukuri bigaragara ko itari iyacu. Tujye duharanira kuguma mu byo Imana yaduhamagariye gukora. Ntitukabe abantu b'imitima ibiri.

Niba wemera ko hari umuhamagaro ufite ugomba kubyemera nyine ku buryo budakuka. Ntuzabyemere ku wa mbere, ngo ubishidikanyeho ku wa kabiri, ngo wongere ubyemere ku wa gatatu, ngo hanyuma nibijya kugera ku wa gatanu ube witeguye kubivamo, ngo kubera ko hari ukuntu ibintu runaka bitakumereye neza. Uko umuhamagaro wawe waba umeze kose, uzajye uwukora neza nk'uko ubishoboye, wizera ko hari icyo wabwiwe n'Imana.

## ***12. Umutima ukomeretse***

*Kuko ndi umunyamibabaro n'umukene, kandi umutima  
wanjye ukomerekeye muri jye.*

Zaburi 109:22

Mbese ni bibi kugira umutima ukomeretse? Oya, kugira umutima ukomeretse si bibi, ahubwo uba ukeneye gukora ibikwiriye gukorwa kugira ngo ukire maze ugakomeza kubaho neza nk'uko bikwiriye.

Mu minsi ya kera yo mu isezerano rya kera, iyo umutambyi yabaga afite igikomere cyangwa ikibyimba ku mubiri we kiva amaraso ntiyabaga yemerewe gutambira Uwiteka ibitambo.<sup>14</sup> Ntekereza ko no muri iyi minsi ya none turimo abatambyi benshi bakora umurimo wo gukiza abantu kandi bakomeretse. Iyo mvuze ntyo mba nshaka kuvuga ko mu mubiri wa Kristo harimo abantu benshi bagerageza kuyobora abandi mu Ijambo ry'Imana, ariko kandi na bo ubwabo batarakira ibikomere bya kera . Aba bantu baba bakiva kandi baribwa.

Ubwo se ndashaka kuvuga ko abantu nk'aba baba badakwiriye kuyobora abandi? Oya, ahubwo ndashaka kuvuga ko na bo bakeneye komorwa no gukira. Yesu yaravuze ati impumyi ntishobora kuyobora indi mpumyi kuko ziramutse zibigerageje zagwa mu mwobo.<sup>15</sup>

Muri aya magambo harimo ubutumwa ukwiriye kwitaho. Byaba bimaze iki ndamutse ngerageje kubwiriza no kwigisha abantu ku kunesha nyamara nnyewe ubwanjye nta kunesha mfite mu bugingo bwanjye? Nakwigisha nte ibijyanye no gukira ibikomere byo mu mutima kandi nje ubwanjye ngifite ibibazo bikinshenjagura mu mutima maranye iminsi? Kugira ngo rero dushobore kubwiriza no kuyobora abandi neza dukeneye gusanga Imana (kuyegera) ikabanza ikatwomora ubwacu.

Namaze gusobanukirwa ko, iyo hari umuntu wankomerekeje ku mutima cyangwa iyo Dave nanjye dufitanye ibibazo mba ntagishoboye kubwiriza cyangwa kwigisha neza kugeza igihe icyo kibazo kizakemukira kubera ko icyo kibazo kiba kiri kunyambura imbaraga, kandi kikanahungabanya ukwizera kwanjye. Iyo mu buzima bwanjye harimo ibibazo bitarashakirwa umuti singira imbaraga nk'izo nakagombye kuba mfite iyo ibyo bibazo biba bidahari.

Ngira ngo dukeneye gukanguka maze tugasobanukirwa neza ko Imana idakeneye kugira abakozi bayo bo komora abantu bayo kandi na bo ubwabo bakomeretse. Irashaka kugira abantu bafite ibikomere ishobora komora maze na bo bakajya hirya no hino komora abandi. Imana ikunda gukoresha abantu baba ubwabo barigeze kubabara no gukomereka kubera ko nta muntu ushobora kwigisha no kubwiriza undi neza nk'umuntu wigeze kunyura mu bihe bihuye n'iby'uwo muntu neza.

Umuyobozi wacu mushya wa gahunda yo kuramya, gihe kimwe yigeze kunganiriza ku kibazo yari afitse cyo kubabazwa n'umwe mu mitsi yo mu mugongo we. Icyo gihe yafataga igihe cye agahagarara mu gihe cy'ibihe bitandukanye bitanu byo kuramya kandi bikurikiranye kandi ubusanzwe atari amenyereye guhagarara ahantu hamwe igihe kirekire nk'icyo kandi anacigatiye gitari mu ntoki ze.

Ariko Imana ubu yamukijije icyo kibazo kandi nanjye nkaba narigeze kumara igihe kingana n'umwaka n'amezi atatu mfite ikibazo nk'icyo cyo kubabara mu mugongo. Nkimara kumva ikibazo yari afite cyo kubabara mu mugongo natangiye kumusengera, mbikorera mu kwizera ko Imana igiye kumukiza kubera ko nari nzi ukuntu kubabara no kuribwa mu mugongo biba bimeze.

Nta bwo nshaka kuvuga ko tugomba kuba dufite ibibazo by'abandi bantu bose ngo dukunde dushobore kubabwiriza. Icyo nshaka kuvuga ni uko tugifite ibikomere kandi tukibabajwe n'ibikomere byacu tuba tudashobora guhangana n'ibibazo by'abandi bantu mu mbaraga zo kwizera nyinshi nk'izo tuba twakabaye dufite iyo tuba twarigeze kunyura mu bibazo nk'ibyo ubwacu.

Icy'ingenzi ni uko dukeneye kwemerera Imana kutwomora no kudukiza kugira ngo ishobore kudukoresha mu gukiza no komora abandi.

### **13. *Umutima ucogoye***

*Nutabara kurwanya ababisha bawe ukabona amafarashi n'amagare n'abantu babaruta ubwinshi ntuzabatinye, kuko uri kumwe n'Uwiteka Imana yawe yagukuye mu gihugu cya Egipta.*

*Kandi nimwigira hafi y'intambara umutambyi azigire hafi y'abantu ababwire ati "Nimwumve Bisirayeli mwe, uyu muni mwigiyeye hafi y'ababisha murwanya, imitima yanyu nticogore, ntimutinye, ntimuhinde umushyitsi, ntimubakukire umutima kuko Uwiteka Imana yanyu ari yo ijyana namwe ngo ibarwanirire n'ababisha banyu, ibakize."*

Gutegeka kwa kabiri 20:1-4

Abantu bacogoye ni abantu bacika intege bagatezuka ku nshingano zabo. Ni iki kibaho iyo imitima yacu icitse intege igacogora? Ni



ukurekera aho gutumbira aho yatumbiraga ikavuga iti, “Iki sinshobora kugikora kuko gikomeye cyane.”

Niba turi abantu bumva tugiyeye kuzicara mu myanya y’ubuyobozi mu bwami bw’Imana, ntitugomba gukora dutyo. Nta bwo dushobora kuba abanyabwoba cyangwa abantu bahunga urugamba ngo twibwire ko tuzashobora kuyobora abantu b’Imana.

Ushobora kubona mu gice kimwe cy’iki gitabo mvuga ngo kugira ngo umuntu abe umuyobozi nyawe agomba kugira umutima wiyoroshya, wicisha bugufi, ugira impuhwe n’imbabazi nyamara mu kindi gice nkavuga ko tugomba kuba abantu bakomeye mu mitima yacu. Birashoboka ko umuntu yakwiyoroshya, akicisha bugufi akagira impuhwe kandi akanaba umuntu ufite umutima ukomeye, utinyutse. Tugomba kwiyoroshya no gukunda abantu ariko tugasharirira umwanzi Satani, ntitumujenjekere.

Mbere y’uko nsobanukirwa itandukaniro riri hagati y’ibyo bintu byombi, najyaga ngira ingorane nyinshi nzitewe n’ibyanditswe bibiri byasaga n’aho bivugaga ku bintu bitandukanye cyane. Kimwe cyasaga n’igishaka kuvuga ko nagombaga kwiyoroshya nk’umwana w’intama, n’aho ikindi kigasa n’ikivuga ko nagombaga gutinyuka nk’intare.<sup>16</sup> Nta kibazo nari mfitanye na rwa ruhande rw’intare. ahubwo ibibazo nari mbifitanye n’uruhande rw’intama. Muri jye harimo intare itubutse kandi y’umwimerere ntagombaga gushakisha, ariko uruhande rw’intama rwari rundimo rwo rukeneye gukuzwa no gutezwa imbere.

Bisa n’aho abantu benshi bashobora kimwe gusa muri ibyo. Ushobora nawe kuba umeze utyo. Ushobora kuba uri umuntu ugira isoni, cyangwa ukaba umuntu wicisha bugufi nk’intama, ukaba wa muntu wifuza kugira ikintu na kimwe yakora kigoye cyangwa kidasanzwe. Iyo umeze utyo rero, Imana iba igomba kugushyiramo kamere y’intare nto. Cyangwa ushobora kuba ufite intare ikomeye y’imbaraga muri wowe nk’uko nari meze. Noneho ubwo uba ukeneye guterwamo kamere y’intama kandi igakomezwa.

Njyewe mu by’ukuri nari narifujye birenze kuba nagira kamere nk’iy’intama. Kwitonda ntibyapfaga kumbonekaho binyoroheye. Ku

ruhande rumwe byaterwaga n'uko ntari narakuriye ahantu hatuje, ku rundi ruhande bikaba byaraterwaga n'uko muri kamere yanjye hatabagamo kwitonda.

Muri Matayo 11:28-30 Yesu yaravuze ati “*Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura [nzaruhura imitima yanyu nyigushye neza]. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye.*”

Yesu ni umugwaneza, ariyoroshya kandi yicisha bugufi, nta bwo ari umunyagitugu cyangwa usaba abantu gukora ibyo badashobora, nta bwo yikomeza, ibye ntibirushya. Nta bwo nari meze nka Yesu, ariko nashakaga kumera nka we maze ngera n'aho ndundarunda udutama tw'udukorano ngenda ndushyira hirya no hino mu nzu yanjye. Nari mfite amashusho n'ibishushanyo by'utwana tw'intama. Nari mfite amashusho ya Yesu ari hagati y'umukumbi w'utwana tw'intama, hari n'ako ahete ku bitugu bye. Nari mfite udutama twinshi mu nzu yanjye ku buryo nageze aho nkabona ibyo nakoze bisa n'ibintu by'ubupfu, maze ubwo ntangira gukuramo hafi ya twose mpitamamo kuharekera utwo numvaga nkunze cyane kurusha utundi.

Nk'uko iby'Ibyanditswe byera nari narometse kuri firigo byari bimeze, n'utwo twana tw'intama nari naradushyiriyeho kujya tunyibutsa kujya mparanira kurushaho kugira ubugwaneza n'ubwitonzi bwisumburaho umunota ku wundi. Ibyo ni byo dukeneye gukora kugira ngo tutazigera ducogora. Nitubona twageze aho dusa cyane n'akana k'intama, tujye tumenya ko dukeneye kurushaho gusa nk'intare. Naho nitubona twahindutse nk'intare cyane, tujye tumenya ko dukeneye kurushaho gusa n'akana k'intama.

Nyuma naje kugira gahunda y'inyigisho zikurikiranye aho nigishaga ku nyigisho ifite umutwe uvuga ngo “Akana k'intama gafite umutima nk'uw'intare” kuko nari natangiye kubona iyerekwa rivuye ku Mana ryambwiraga ngo muri njye nihatabamo kamere nk'iy'akana k'intama, sinzagira umugisha wo kubona imbaraga z'Umwuka Wera zigaragara

mu murimo wanjye. Ariko na none nabwiwe ko umukiranutsi agomba kugira gutinyuka nk'ukw'intare. Maze icyo gihe bituma nsobanukirwa ko nari nkeneye kwiyoroshya no kwicisha bugufi imbere y'abantu, nkababera mwiza kandi nkabagaragariza ubugwaneza. Ariko ku mwanzi Satani tugomba kugira gutinyuka, tukamurwanya byimazeyo kuko natwe uko ariko atumerera. Tuba buri gihe dukeneye gushira ubwoba, mu maso yacu hagakomera maze tukavuga tuti “Nta bwo nemeye kugira umutima ucogoye. Singomba kwemera ko naniwe nubwo ibintu byarushaho kugenda bikomera cyangwa bigatwara igihe kirekire cyane.”

Mu Gutegeka kwa kabiri 20:8 haravugaga ngo “Kandi abatware bongere babaze abantu bati ‘ni nde uri hano utinyaga agacogora umutima? Nagende asubire imuhira. Imitima ya bene wabo ye gukuka nk’uwe.”

Aha ngaha Imana iratubwira iti “Niba hari uwo muri mwe ufite umutima ucogoye, nta bwo azashobora guhagarara imbere y’umwanzi ngo amurwanye kugeza amutsinze.”

Umuntu ufite umutima ucogoye, uciye intege nta kintu kinini cyangwa gikomere yakora cyangwa yageraho. Ahora yishimira gukora buri kintu cyose mu buryo yumva bumushimishije, bumworoheye, bitaba ibyo akemera ko ananiwe, akabivamo. Umuntu nk’uwo ahora ababazwa n’akabonetse kose. Ikije cyose kimuhagarika umutima. Ababazwa n’ubusa. Niba rero wumva uteye utyo, ukwiriye kumenya ko udakwiriye kuguma muri icyo kibereho. Imbaraga z’Imana zirahari kandi nawe wemerewe kuzikoresha ugatsinda uwo mwuka wo gucogora ukava mu bugingo bwawe.

Mu Migani 24:10 haratubwira ngo “*Nugamburura mu makuba, gukomera kwawe kuba kubaye ubusa.*” Bibiliya nta ho idusezeranya ko tutazigera duhura n’ibitugora. Idusezeranya ko tutahabwa imbaraga dukeneye kurwanya no gutsinda ibyo bigeragezo.<sup>17</sup> Iyo dufite izo mbaraga nta bwo dupfa kugira imitima icogoye, nubwo ibigeragezo n’ibitugoye twaba turimo kunyuramo byaba bikomeye bingana iki.

Twese uko tungana tugomba kurwanya umwuka wadutera kunanirwa no kuba twarambirwa kugira icyo twakora ngo tukigereho ahubwo tugahitamo kuva muri bene izo gahunda byose tubitewe n'umwanzi Satani uhora adutera ibibazo bitugora. Njye sinterwa ubwoba n'umwanzi, ariko nzi neza ko afite imbaraga. Maze kumenyera kumurwanya. Namaze gusobanukirwa ko ibyo bitero by'umwanzi Satani duhura na byo ndetse n'ibyo tugomba gukora ngo tumurwanye ari bimwe mu bintu umukristo wese agomba kunyuramo mu mibereho ye ya buri muni.

Ushobora kuba utekereza uti ariko se jye nzarekeraho kurwana n'imigambi y'umwanzi Satani ryari? Oya, ntibizashoboka. Kuko hagomba kuzahoraho ibintu bimwe na bimwe bitugora mu bugingo bwacu. Uko twakira ibyo bibazo n'uko tubyitwaramo byerekana ukuntu ibyo bibazo bidukomereye biduhindukira ibyoroshye.

Uburyo bwo kurwanya umwanzi Satani burusha ubundi bwose kuba bwiza, cyane cyane iyo dufite ibintu bitugoye cyangwa bidutera guhagarika umutima, ni ukwishyira mu mutuzo byonyine, maze ntitwemere kumeneka umutwe, tukishyiramo ko tugomba kugira umutima utuje kandi wuzuye amahoro n'umunezero n'ubugwaneza, utajya uterwa ubwoba cyangwa ngo uhinde umushyitsi kubera kuboneka imbere y'Imana. Ibyo ni byo bidufasha gutsinda umwanzi nk'uko tubibwirwa mu Bafilipi 1:28 ngo *“Mudakangwa n'ababisha bo mu buryo bwose. Ubwo butwari bwo kudatinya kwanyu kuri bo ni ikimenyetso cyo kurimbuka kwabo naho kuri mwe ni ikimenyetso cy'agakiza kanyu kava ku Mana.”*

Rero iyo umwanzi Satani atangiye kukurwanya no kugutera ubwoba, wowe icyo ugomba gukora ni ugutuza, ntugire icyo uhindukaho. Ahubwo ugashira ubwoba. Ibyo bizamubera ikimenyetso ko iminsi ye ibaze. Bizamubwira ko iminsi y'ubutegetsi bwe bubuza kandi bibere Imana ikimenyetso ko ikwiriye kukurwanirira no kugira icyo igukorerera ngo iguhe kubohoka.

Mu Baheburayo 12:3 hatubwira hatya *“Nuko muzirikane uwo wihanganiye ubwanzi bw'abanyabyaha bukomeye butyo, kugira ngo*

*mudacogora mukagwa isari mu mitima yanyu.*” Ukwiriye guhitamo aka kanya ugafata icyemezo ko utazigera ucogora.

Umurongo wa 5 wo mu Baheburayo uravuga ngo “*Kandi mwibagiwe kwa guhugura kubabwira nk’abana ngo “Mwana wanjye, ntugasuzugure igihano uwiteka ahana.*”

Ahandi hantu tudakwiriye guhagararira nk’abagize gucogora, ni igihe Imana iba iducyashye – yaduhannye. Igihe Imana iba irimo kutwerekana ububi bwacu ngo twikosore, rimwe na rimwe biba ngombwa ko ibikora inshuro nyinshi zikurikiranye. Muri ibyo bihe rero, biratworohera kwiyumvamo ko tutazigera duhinduka. Maze tugashukwa cyangwa tukagwa mu moshya yo guhitamo gushyira ku ruhande gahunda nziza twarimo tukigira mu bindi.

Ndibuka igihe Imana yansangaga mu ibihe bitandukanye, igamije kugira icyo ikora ku myifatire yanjye nk’iyi – uko nitwaraga n’uko nabonaga ibintu, ubwirasi n’ubwibone byanjye, ndetse n’umunwa wanjye. Najyaga ncika intege cyane nkumva nsa n’uwiyanze ku buryo Dave yageraga aho akambwira ati “Kuki utarekera aho ibyo bintu? Ibihe byinshi uba wacitse intege, wiyanze, cyangwa wanze buri kintu gifitanye isano n’uko tubayeho.”

Mu minsi ya mbere y’umurimo wanjye, igihe amafaranga yari ataratangira kuboneka neza nk’uko nabyifuzaga, Dave yageraga aho akambwira ati “Joyce, nta bwo amafaranga azaboneka kugeza igihe azarekeraho kuyahangayikira.”

Muri icyo minsi Dave yakoraga nka injeniyeli ahantu. Mu minsi ya Noheli abakoresha be bamuhaga agahimbaza musyi k’inyongera ko kumushimira imirimo ye ngo kamufashe kwishimisha ku munsu mukuru. Ayo mafaranga twayashyiraga muri banki tukazayifashisha mu gukemura ibibazo bidutunguye mu gihe cy’umwaka wose. Urugero ni nk’uko umupira w’imodoka wabaga ushaje cyangwa upfumutse bikaba ngombwa ko tugura undi.

Nahoraga mpararitse umutima cyane kubera amafaranga, ngahora ngerageza kubika agafaranga kose mbonye muri banki kubera ko ariho

numvaga hampaye umutekano. Mu minsi ya mbere y'umwaka nta bwo byamberaga bibi cyane kuko icyo gihe hafi amafaranga yose yabaga atarakorwaho ariko byajyaga kugera hagati mu mwaka tugasanga amafaranga yaragiye akoreshwa ku buryo habaga hasigaye amafaranga make cyane. Hagira ikintu kibaho, kigatuma dufata no kuri utwo duke twabaga twasigaye, nkahagarika umutima.

Icyo gihe naratangiraga nkitotomba nti “Ibi na byo ntibijya bishira inyuma! Buri gihe iyo tubonye udufaranga, ntihabura ikintu kihikubita kikadutwara! Njye ndambiwe uyu mudayimoni uza buri gihe kutwibira amafaranga yacu!”

Nakomezaga nkitotomba, nkaburana n'umujinya mwinshi mvugira hejuru, nshyaha Satani.

Byageze aho Dave arambwira ati “Nzakubwira igihe iby' amafaranga yacu bizahinduka. Bizahinduka gusa igihe uzarekereraho gutekereza ko ugomba kwishingikiriza kuri ariya mafaranga uba ufite muri banki wibwira ko ari yo atuma ubaho ukanakora ibyo ukora ahubwo ugatangira kwishingikiriza ku Mana, aho kwiringira iriya konti.”

Rimwe na rimwe ukuri kuratubabaza. Nanjye numvaga nsa n'usaze rwose kubera ko imbere mu ndiba y'umutima wanjye narinzi ko ibyo Dave yambwiraga ari ukuri. Sinashakaga kubyumva ukundi ku buryo n'iyo byabaga ngombwa, ntashakaga kubibwirwa na Dave.

Ubwo rero sinatinze, mba mfashe icyemezo cyo gukura ya mafaranga muri banki. Maze mbwira Dave nti “Dore noneho, ubu ndatekereza ko wishimye. Wowe n'Imana murishimye, ubu noneho ntamafaranga na make dufite yo kuba twakwifashisha mu gihe haba hateye ingorane runaka!” Ariko nyuma yaho, Imana yatangiye kwita ku bibazo by' amafaranga twagendaga duhura na byo.

Ibyo bintu twanyuzemo icyo gihe bishobora kumvikana nk'ibintu bishekeje, ariko icyo gihe nta bwo byari bishekeje. Nari mfite ibyari bingoye cyane. Muri ibi sinkwiriye kuba natangwaho urugero rw'umuyobozi mwiza, ahubwo ndi urugero rwiza rw'ukuntu Imana ishobora gukora umurimo utangaje muri twe iyo tugumye hafi

y'ubushake bwayo. Ariko na none tugomba kwemera ukuri. Kandi kwemera ukuri ku bibazo by'undi muntu nta cyo byatumarira.

Abayobozi burya ntibavuka ari bo. Njye nemera ko hari igituma baba bo, hari ikibubaremamo. Njye nawe dushobora kuba twaravukanye ubushobozi bwazadushoboza kubabo ariko ubwo bushobozi bugomba gutezwa imbere. Umubiri ugomba kubambwa. Tugomba guhinduka tukagira ishusho y'Umwami Yesu nk'uko tubisoma mu Baroma 8:29 aho tubwirwa ko Imana ari yo yahisemo kera ko twagombaga kuba abantu bafite ishusho y'umwana wayo Yesu.

Kugira ishusho y'undi muntu si ikintu cyoroshye mu by'ukuri. Birarushya, bikanababaza. Ariko iyo byose birangiye, birashimisha cyane. Ubwo rero tugomba gukora nk'uko tubwirwa mu Bagalatiya 6:9, ntiducogore gukora neza kuko tuzi ko igihe ni gisohora tuzasarura nitutagwa isari. Mu yandi magambo, nitudacogora tuzasarura.

# UMUTWE WA 7



## IMIMERERE MIBI Y'UMUTIMA, IGICE CYA 3

**K**wiga ku miterere y'umutima utaboneye bishobora kuba ari kintu kidashimisha, ariko kubikora bifite impamvu ifatika. Mu by'ukuri bitwereka aho dufite ikibazo kugira ngo dushobore gukorana n'Umwuka Wera kubitsinda. Niba waramaze gusobanukirwa ko hari ibintu mu mutima wawe byagiye bivugwaho muri iki gitabo bikwereka ko ufite imimerere mibi y'umutima, nyemerera nkubwire ko atiri wowe wenyine. Twese hari ibintu dufite mu buzima bwacu dukeneye gutunganya.

Buri muni si ko dushobora kwanga ibintu twakabaye dufata nk'amahirwe ariko bikaza kutwoshya kujya ahantu twisanga twahindutse abantu bafite imitima itaboneye. Ariko dushobora kwanga kugira imitima nk'iyu. Byongeye, nk'abantu b'abizera tuzi ko Imana ihorana natwe kandi ko tugomba kujya tugira igihe tumarana na yo mu masengesho kandi tunasoma Ijambo ryayo, turi ahiherereye twenyine. Iradukomeza buri muni ikadushoboza gukora ibyo dukeneye kugira ngo dusohoze umugambi wayo mwiza ifite ku buringo bwacu.

Mbere y'uko tugira icyo tuvuga ku birebana n'umutima ukwiriye kugirwa n'umuyobozi, hari imiterere itari mike yindi yiyongera ku yo twabonye dukeneye kurebaho.



#### 14. *Umutima wishima ku bandi*

*Ntukishime umwanzi wawe aguye, kandi ntukagire umutima unezezwa n'uko atsembwe, Kugira ngo Uwiteka atabireba akababazwa na byo, akirengagiza uburakari yamurakariye.*

Imigani 24:17,18

Kugira umutima ukina abandi ku mu byimba, mu magambo yoroshye bivuga kwifuzza kwihora ku bandi kubera ibibi bagukoreye.

Umwanditsi w'iki gice aravuga ati “Niba umuntu atugiriye nabi hanyuma natwe tukazishima kubera ko tubona yagize ingorane, icyo gihe bizatuma umujinya w’Imana wari kujya kuri wa mwanzi wacu, uhindukira ukatuzaho kubera ko icyaha cyacu kiba kibaye kibi kurusha icye.”

Ibyo rero bikwiriye kutwemeza ko ari imitima yacu Imana ikeneye kurusha ibindi. Umutima mwiza kandi uboneye nta kabuza ubyara ibikorwa byiza. Nubwo abantu bamwe bashobora kwiha gahunda bakishyiramo gukora imirimo myiza kandi bakabikora baba bafite imitima itaboneye. Imana izi ko iyo umutima w’umuntu ari mwiza, n’ibindi bintu byose uwo muntu akora biba byiza.

Mu by’ukuri, ayo magambo aratangaje. Twese dukwiriye kwemera ko iyo umuntu yadukoshereje, bishaka ko mu mitima yacu hakorwa umurimo utangaje kugira ngo dushobore kuba tutagira n’akantu gato ko kwishima mu gihe tubonye ko hari ikintu kibi cyangwa kimugoye ahuye na cyo mu buzima bwe. Dushobora gukora nk’abakiranutsi turamutse tubishatse twese uko tungana. Ariko iminsi myinshi dukunze kugira umutima nk’uwo wo kwishima hejuru y’abandi.

Muri Ezekiyeli 25:15-17 dusoma icyo Imana ivuga kuri iki kintu. Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo “*Kuko abafilisitiya bakurikije ibyo guhora, bagahora bafite umutima w’urugomo rw’iteka ryose, ni cyo gituma Umwami Uwiteka avuga ati: Dore Abafilisitiya ngiye kubaramburiraho ukuboko kwanjye, n’Abakereti mbatsembeho, ndimbure n’abasisigaye mu kibaya cy’inyanja. Kandi nzabasohozaho*

*guhora gukomeye mbahanishe uburakari bukaze, maze bamenye yuko ndi Uwiteka igihe nzabasohozaho guhora kwanjye.”*

Ikintu cy'ingenzi Imana yashakaga kuvuga muri iki gice ni uko yari igiye kuzahora Abafilisitiya kubera ko bari barihoreye ku banzi babo. Iyo baba bararetse guhora kukaba ukwayo, iba yarabikoze. Ariko kubera ko bahisemo kwihorera, umujinya w'Imana wakuwe ku banzi babo werekezwa kuri bo.

Iyo hari umuntu utubabaje cyangwa akadukomeretsa, uretse n'uko byerekana umuntu ufite ubwenge n'ubushishozi bimushoboza gushyira ibyo bintu mu maboko y'Imana akaba ari yo ibyikorera yonyine, binerekana ko tuyizeye kandi tuyiringiye iyo tuyishyize icyo kintu imbere maze tugategereza ko ikidukemurira.

### **15. Umutima uremerewe cyangwa ubuze amahoro, uruhijwe**

*Amaganya yo mu mutima atera umuntu akiyumviro. Ariko ijambo ryiza risusurutsa uwo mutima.*

Imigani 12:25

Ndemera ko buri mukristo wese akwiriye kujya yihatira kugerageza gutuma umutima we utaremererwa. Muri Bibiliya yitwa *The King James Version* mu gitabo cy'Imigani 12:25 haravugaga ngo “*Umutima uremererwa n' akababaro no kwiyumvira no gucishwa bugufi ariko ijambo ryiza rikawunzeza.*”

Nta bwo dukwiriye kuba abantu bahorana imitima iremerewe cyangwa umwuka wo kuremererwa, kuko kimwe mu bintu Yesu yavuze ni uko icyo yoherejwe gukora cyari ugukiza abantu b'Imana uko kuremererwa; guhumuriza no guha umunezero abantu bo muri Siyoni baririra abapfuye babo, akabaha umwambaro w'ubwiza aho kwambara ivu n'ibishwambagara, akabaha amavuta y'umunezero.<sup>1</sup>

Muri Yohana 14:1 Yesu yabwiraga abigishwa be ati “*Ntimuhagarike imitima...*”

Dukurikije ibi Byanditswe byera ndetse no mu bindi byanditswe, birumvikana neza ko Umwami Yesu adashaka ko duhagarika imitima cyangwa ngo tugire imitima iremerewe cyangwa iruhijwe. Ubutaha nimubona hari ibintu bitagenda neza mujye mwibuka ko, nk’abayobozi, ari ikintu nkenerwa kandi cy’ingenzi kuri buri wese, guharanira guhora dufite imitima ituje. Nta bwo tugomba kwemera kwikorera imitwaro ituvuna mu mitima yacu kubera ko abakozi b’Imana babwiriza ibibavuye mu mitima.

### **16. Umutima wibaza**

*Wiringire Uwitwika n’umutima wawe wose. Wekwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.*

Imigani 3:5,6

Abantu bumva bagomba guhora bashakisha impamvu kuri buri kintu kibaye bakunze kugira ibibazo byo kwizera, kuko ibitekerezo nta ho bihuriye no kwizera, kandi iyo nta kwizera guhari ntibishoboka kunezeza Imana.<sup>2</sup>

Nshobora kwigisha ku mitekerereze umuntu ashobora kugira yo guhora ashaka gutekereza cyane ku bintu, kubera ko nahoze ndi umuntu nk’uwo wo murwego rwa mbere. Nari nomero ya mbere. Nari umugore wahoraga ushaka ko ibintu byose bigomba guhora bisobanutse.

Mu bintu byose numvaga ngomba kugira gahunda. Sinagombaga kumenya gusa ibintu biri kuri gahunda zanjye, ahubwo nashakaga no kumenya gahunda z’abandi bantu ndetse n’iz’Imana. Nahoraga mbaza nti “kuki Mana, kuki? Ni ryari Mana, ni ryari?” Ni muri ubwo buryo numvaga ngomba gutekereza no gushaka kubaza ibibazo no gushaka ibisubizo ku bintu byose nk’uko abakuru b’amadini bo mu gihe cya Yesu babikoraga.

*...Ariko hariho abanditsi bamwe bicayemo, biburanya mu mitima yabo bati “Ni iki gitumye uyu avuga atyo? Arigereranyije. Ni nde*

*ushobora kubabarira ibyaha uretse Imana yonyine?” Uwo mwanya Yesu amenya mu mutima we yuko biburanya batyo mu mitima yabo arababaza ati “Ni iki gitumye mwiburanya mutyo mu mitima yanyu?”*  
Mariko 2:6-8

Hari ubwo ujya ugeraho ukumva ugiranye ikiganiro n’umuntu wawe w’imbere? Ukuri ni uko ushobora kuba ujya wiganiriza kurusha abandi. Ariko ikibazo gihari ni iki: Wiganiriza iki?

Aba banditsi nta bwo bavugaga ibi bintu tumaze kuvugaho mu majwi yumvikana ahubwo babivugiraga mu mitima yabo. Mu mitima yabo hari byinshi bibazagaho kuri Yesu. Maze Yesu mu mutima we, aherako amenya ko hari ukuntu bajyaga impaka ku bye, bakabyibazanyaho. Buri muntu yumvaga biri bumunyure, maze akora ikintu cyatuma bahindukira bakamutega amatwi. Yashoboye kumenya ibyo batekerezaga kubera ko yari afite umutima utuje, ufite amahoro.

Twe nk’abayobozi dukeneye kumenya iki kibazo cyo kugira umutima wibaza. Nyirawo ashakisha ukuntu yaba “Kimenya byose cyangwa nzi byose.” Iki kiba ari ikibazo gikomeye cyane, tuba dukeneye kugira icyo dukoraho ngo gikemuke, nk’uko Yesu yagikozeho igihe yakibonaga mu mitima y’abamukurikiraga.

## **GUSHYIRA MU GACIRO BIBA ARI UKO KWIBAZA BITAKIRIHO**

*Noneho bari bibagiwe kujyana imitsima. Ntayo bari bafite mu bwato keretse umwe. Arabahana arababwira ati “Mumenye mwirinde umusemburo w’abafarisayo n’umusemburo wa Herode” Barabazanya bati “Ahari ni uko tudafite umutsima.*

*Yesu arabimenya arababaza ati: “Igituma mubazanya n’uko mudafite umutsima? Mbese ntimurajijuka ngo musobanukirwe? Mbega imitima yanyu iracyanangiwe?”*

Mariko 8:14-17

Muri iki gice turongera tukabona ukuntu Yesu yabonaga ukuri k’uko ibintu byari biteye akabisobanukirwa neza, yashoboye kumenya, gusobanukirwa no kubona imiterere yari mu mitima y’abigishwa be. Bari bafite imitima n’imitekerereze imeze nk’iyo natwe ubwacu tugira rimwe na rimwe y’ubupfapfa. Nta bwo ndimo kugerageza kugira uwo mbabaza, ariko ibyo mvuga ni ukuri.

Nubwo bashakishaga cyane kumenya buri kintu, bananiwe gusobanukirwa icyo Umwami Yesu yari ari mo kubabwira, nk’uko natwe bikunze kutubaho. Nta bwo yashakaga kuvuga ku mutsima usanzwe; yavugaga ku mutsima wo mu mwuka. Yavugaga ku myigishirize n’ibikorwa by’abafarisayo. Yashakaga kugira abigishwa be inama ngo bazajye birinda kugwa mu mutego wo gushaka kuba abanyamategeko cyane, ngo uwo mwuka ubategeke kubera ko yari azi ko wari kuzababera nk’uburozi ukabanduzza mu mibereho yabo no mu buzima bwabo bwose. Yarababwiye ati “Mumenye, musobanukirwe kandi mwirinde imyifatire y’uburyarya nk’iy’abafarisayo. Nta bwo bakora nk’ibyo bigisha. Bigisha ibintu byiza, ariko ntibajya bakora ibyo bavuga.” Kugira ngo abagishwa be basobanukirwe neza ibyo yashakaga kubabwira, Yesu yabibukije igihe yagaburiraga abantu ibihumbi bitanu n’ikindi gihe akagaburira ibihumbi bine mu buryo bw’ibitangaza:

*Kuko mufite amaso ntimurebe, mufite amatwi ntimwumve!  
Mbese ye ntimwibuka? Ubwo namanyuriraga abantu  
ibihumbi bitanu ya mitsima itanu, mwateranyije  
ubuvungukira bwuzura intonga zingaha? Baramusubiza  
bati “Ni cumi n’ebiyiri.”*

*Kandi ubwo namanyuriraga abantu ibihumbi bine ya  
mitsima irindwi, mwateranyije ubuvungukira bwuzura  
ibitebo bingaha? Baramusubiza bati “Ni birindwi”  
Arababaza ati “Noneho ntimurasobanukirwa?”*

Mariko 8:18-21

Muri iki gice Yesu yarababwiraga ati “Ntimubabazwe n’uko mwibagiwe kuzana imigati nshobora gukora igitangaza imigati

ikaboneka. Nta bwo ndi kuvuga nitaye k'uko mu bifu byanyu hashobora kuba harimo ubusa, mushonje; ndavuga nkurikije uko mumeze mu mitima yanyu” Reba ukuntu yababwiye ku murongo wa 17 w'icyo gice ati “Igitumye mubazanya ni iki? Mbese ntumurajijuka ngo musobanukirwe?”

Uko ni ko nari ndi. Najyaga ngira ingorane nyinshi naterwaga no kubazabaza igihe cyose. Buri gihe nahoraga ngerageza gushaka kumenya uko ibintu biteye. Hanyuma haje kubaho umunsi umwe umwami Yesu ambwirira mu mutima wanjye ikintu gitangaje. Yarambwiye ati “Igihe cyose uzaba ugikomeje kwibaza kuri buri kintu nta bwo uzigera usobanukirwa.”

Gusobanukirwa gutangirira mu mutima maze kukazamuka, bikagera ubwo mu bitekerezo by'umuntu hazamo gusobanukirwa. Rero, kuko mu bitekerezo byanjye nahoraga hahugijwe no kwibaza ku bintu, Imana ntiyashoboraga kunsobanurira nk'uko Yesu na we atashoboye gusobanurira abagishwa be.

Iki ni ikintu cy'ingenzi. Guhora tubaza kuri buri kintu bitubera ikibazo cy'ingutu, kuko icyo mitekerereze itarimo kwizera. Bibiliya yitwa *The Amplified Bible* mu gitabo cy'Abaroma 8:6 haravugaga ngo umutima wa kamere uhora ushaka gushaka kumenya no gusobanukirwa ibintu mu buryo busanzwe bw'umubiri nta ruhare Umwuka Wera abigizemo. “Harakomeza hakavugaga ko abakurikiza ibya kamere y'umubiri basarura kugira ubuzima n'imibereho bibagoye. Ariko, abakurikiza iby'Umwuka Wera babona ubugingo n'amahoro. Kubaza no gushakisha ibisobanuro kuri buri kintu ni ibya kamere y'umubiri kandi nta bwo bibyara imbuto nziza cyangwa umusaruro mwiza. Uku “uhora mbaza ku kantu kose” kubusanye n'ukuri ku Ijambo ry'Imana.<sup>3</sup>

Nk'uko nigeze kubivugaho mbere, Imana ishaka ko dukoresha gushyira mu gaciro! Ishaka ko dukoresha imitima yacu neza, tugakora ibikwiranye n'ibitekerezo bizima. Ariko kandi ikaba inashaka ko dutekereza mu buryo bwemeranya n'Ijambo ry'Imana. Ikintu kimwe cyanteye gukomeza gushakisha kubohorwa kuri iyi mitekerereze ni uko akenshi nahoraga nsa n'uwataye umutwe. Ariko, ntibyatinze

menya ko ntari jyeniyine muri ubwo buzima. Mu nyigisho imwe nigishaga, nabajije abari banteze amatwi nti “Ni bangahe muri mwe mujya mugira kumva mutewe urujijo n’ibyo muhura na byo mu bizima bwanyu?” Mu bantu 300 bari banteze amatwi, 298 bazamuye amaboko yabo. Hasigaye umugabo wanjye n’undi muntu umwe bonyine.

Nyamara Pawulo atubwira muri Bibiliya y’uko Imana atari yo itera kuvangirwa.<sup>4</sup> k’abana b’Imana nta bwo tugomba guhora tugenda hirya no hino mu rujijo kuko dufite ubushobozi bwo gutekereza no gusobanukirwa ibintu. Iyo ni yo mpamvu yambwiye mu mutima wanjye iti “ubwire abantu banjye kurekeraho kujya bagerageza kubaza kuri buri kintu hanyuma bazabone kutazajya bagwa mu rujijo.”

Nkunda ikintu Mariya yakoze igihe Malayika w’Umwami Imana yamubonekeraga akamubwira ko yari agiye gutwita inda iturutse k’Umwuka Wera. Aho kugira ngo atangire kwibaza byinshi, ngo agerageze gushushanya mu bitekerezo bye ikintu yari arimo kubwirwa, yaravuze gusa ati “Mwami byose bibe nk’uko uvuze.”<sup>5</sup>

Muri Bibiliya itubwira ko Mariya yibajije byinshi mu mutima we.<sup>6</sup> Kwibaza ku bintu si bibi. icyo ni ikintu kimwe mu biranga umutima uboneye tuzarebaho. Ariko iyo dutangiye kumva tuguye mu rujijo mu mitima yacu no mu bitekerezo icyo ni cyo gihe tumenya ko twambutse umurungo utandukanya ibintu bibiri, tukaba twavuye mu gace cyitwa gutekereza ku bintu tukaba twageze mu gace cyitwa kwibaza kuri buri kantu. Mu by’ukuri nta bwo dushobora kunyura muri ubu buzima tudatekereza cyangwa ngo tubure ibyo duteganya.

Kugira gahunda zidakanganye bishobora gutuma ubuzima burushaho kutworohera. Ariko iyo twihaye gahunda nyinshi cyane, bishobora gutuma ubuzima budukomerera. Gushyira mu gaciro ni rwo rufunguzo rutuma tugira insinzi mu mitima no mu bitekerezo byacu.

Umwe mu bakobwa banjye yari umuntu wari uzobereye cyane mu bintu byo gutegura za gahunda zitandukanye. Kugira ngo ashobore kumenya, kwibuka no gukora utuntu twose twabaga dukubiye muri izo gahunda yabaga yihaye gukora, yagombaga kugira ukuntu ategura

agashyira ibintu byose ku murongo. Ariko hari aho byageraga agasanga hari ibyo atashyize ku rugero rukwiriye. Yagiraga ukuntu ategura ibintu akaza kugira gahunda nyinshi cyane, ku buryo hari ubwo yendaga gusara. Imana yagumye kumusanga, imushoboza kugira umutima utuje. Yamweretse ko kugira ubuzima butegura ibyo umuntu yifuza gukora byose ari byiza, ariko uwo muntu atemereye ibyo bikorwa n'izo gahunda kuba ari byo bimutegeka.

Uyu muni wa none, amaze kugera kure mu rugamba rwo kwibaza kuri buri kantu. Wowe reker aho kwibaza uti “Kuki Mana, Kuki?” Ahubwo uvuga uti “Mana, urabizi kandi ndifuza kumva nguwe neza na kiriya kintu, igihe cyose witeguye kugira icyo unyereka, ujye ubikora. Kugeza icyo gihe ariko, ubimfashijemo, ngiye kujya nisekera kandi ngire ibihe byiza, nguwe neza, niringiye ko ari wowe ugenga buri kintu mu mibereho yanjye.”<sup>7</sup>

### **17. Umutima w'ishyari n'amahane**

*Kuko mukiri aba kamere. Ubwo muri mwe harimo ishyari  
n'amahane, mbese ntimubaye abakamere koko ntimugenza  
nk'abantu?*

1Abakorinto 3:3

Kutanyurwa no kugira ishyari bishobora kutubaza kugera ku bintu Imana yaduteganyirije kuzaduha mu igihe cyayo. Uwo mutima nta bwo Imana iwishimira. Uwo mutima utanyurwa w'ishyari nta bwo ushobora kunezeza Imana. Nta bwo dukwiriye kwifuza kugira iby'abandi bafite, nubwo byaba ari umuhamagaru wabo w'umurimo w'Imana runaka.

Nk'abayobozi, rero ntitugomba kwifuza kugira umwanya undi muntu yaba afite mu murimo w'Imana. Nta bwo tugomba kwifuza itorero ry'undi muntu, cyangwa ngo twifuze abakozi bamukorera, cyangwa ngo twifuze umubare munini nk'uwo undi muntu afite mu itorero rye, cyangwa ngo twifuze ikindi kintu cyose gikorera mu itorero rye cyangwa umuryango we. Ibyo ntibijya bishimisha Imana.



Dukeneye kujya dushimishwa n’ibyo Imana yaduhaye. Dukeneye kwishimira ibyo Imana iba yaraduhaye. Dukeneye kuyiringira, tukamenya ko niba dushaka kugira ibintu biruta ibyo twari dufite, iba izabiduhera igihe izabonera ko tuzabyitaho neza.

Ushobora ariko gutekereza uti “Ndatekereza ko umwanzi Satani arimo kumbuza kubona imigisha y’Imana.”

Dore uko mbibona. Iyo ndimo gukora ibyo Imana ishaka, kandi umutima wanjye ukaba utunganiye Imana, nta muntu n’umwe cyangwa umudayimoni uturutse ikuzimu ushobora kumbuza kubona ibyo Imana ishaka ko mbona.

Nemera ko guhora uvuga ko ibintu byawe ubona bitagenda neza kubera umwanzi Satani, biba ari urwitwazo rwo guhisha ko udakuze. Ni urwitwazo umuntu akoresha ashakisha ukuntu yaburizamo gukura mu myifatire ye no mu myitwarire ye, no kutemera ko Imana ikora umurimo ishaka gukora imbere muri we.

Si ndi kuvuga ko Satani atajya agerageza kutubuza gukora umurimo w’Imana. Yabigerageje no kuri Yesu, ariko ntiyabishoboye. Ashobora rero kuza aturwanya, ariko ntazatubuza gukora ibyo tugomba gukora.

Hari igihe biba ngombwa ko duhangana n’umwanzi dushaka uko twatera intambwe tujya imbere. Nubwo tubona ko Satani atabyishimiye, nyamara iyo turi mu bushake bw’Imana, iduha imbaraga zo gukomeza urugamba kugeza igihe tugerera ku cyo ishaka. Nta bwo ari Satani itubuza kugera ku byo twagombye kugeraho mu minsi yacu y’imbere. Ibyo biterwa n’imibiri yacu idakebwe tutarabamba. Muri iki gice, turaza kuganira ku mitima itarakebwa.

Ni byo Satani ariho, ni muzima, kandi koko atera abantu akabarwanya. Ariko ibyo bintu nitubyigisha abantu tuyobora mu buryo budasobanutse neza, bazahora bafata ko ari Satani ubatera ingorane n’ibindi bibazo byose bahura na byo. Ibyo Satani arabikunda kubera ko bituma abantu bamuhanga amaso, ntibabe bagitumbiriye Imana ngo banategereze amasezerano yayo. Rero aho kugira ngo duhange amaso imirimo y’umwanzi, tugomba guhanga amaso yacu ku Mana no kuyiha umwanya igakora ibyo ishaka muri twe.

Najyaga ngira ikibazo cyo kugira ishyari no kwifuza iby'abandi, cyane cyane ku birebana n'umurimo w'Imana. Uyu muhamagaro wanjye wanze gukura kugeza igihe natsindiye icyo kigeragezo ndakirenga.

Nk'uko twamaze kubibona, kumva dufite ubushobozi muri twe bwo kuba twakora ikintu iki n'iki, ntibivuga ko byanze bikunze tugomba kukigeraho. Kugira ngo ibyo bibe, tugomba kugirana ubufatanye n'Imana muri gahunda zacu.

Ikintu cyaje kunkiza iryo shyari n'uko kwifuza kubi, ni uko nageze aho ngasobanukirwa ko Imana yari ifite gahunda yayo yihariye kuri jye, nk'uko umudozi adodera umuntu umwe gusa umwenda we bwite umubereye wenyine. Nta bwo rwose ari ngombwa ko nigereranya n'undi muntu uwo ari we wese. Nta bwo ngomba kujya mu marushanwa n'indi miryango y'ivugabutumwa. Ikintu ngomba gukora gusa ni ukuvuga nti “Mana ndashaka ubushake bwawe ku bugingo bwanjye. Ibihe byanjye biri mu maboko yanjye. Ibyo unshoboza ko nshaka gukora. Ibyo abandi bakora ntibindeba. Ibyo ngomba gukora abe ri byo ushaka ko nkora gusa.” Nta kintu kibabaza cyane nko guhirimbanira kubona ibintu Imana itatugeneye, cyangwa kugerageza gukora ibintu Imana itarabihaye umugisha.

### ***18. Umutima wuzuye umururumba n'irari ry'ubusambanyi***

*Maze bizera amagambo yayo, baririmba ishimwe ryayo.  
Hashize akanya bibagirwa imirimo yakoze, ntibarindira ko  
isohoza imigambi yayo.*

*Ahubwo bifuriza cyane mu butayu, bagerageza Imana  
ahatagira abantu. Ibaha ibyo bayisabye, ariko imitima  
yabo iyishyiramo konda.*

Zaburi 106:12-15

Dukeneye kwitonda tukirinda ko twaterwa n’umutima wuzuye ubusambo n’umururumba cyangwa umutima ufite umwuka w’irari ry’ubusambanyi.

Nubwo Imana yari yarakuye abisirayeli mu buretwa mu gihugu cya Egiputa kandi ikaba yari yararimbuye Farawo n’ingabo ze igihe bari babakurikiye, abisirayeli bo ntibanyuzwe bakomeje kwitotomba no kuburana mu rugendo rwabo. Nubwo Imana nta cyo itakoze ngo ibahe ibyo yari yabageneye, uko yakomezaga kubibaha ni ko barushagaho gushaka no kwifuza ibindi. Bari mu rugendo baja mu gihugu cy’amasezerano ariko ntibigeze bishima muri urwo rugendo. Akenshi icyo kibazo turakigira.

Igihe nari mfite umurimo wo kwigisha no kubwiriza abantu makumyabiri na batanu buri mugoroba, mbigishiriza mu cyumba cy’uruganiriro rw’inzu yanjye, ni cyo narinshoboye icyo gihe. Nari mfite iyerekwa ry’umurimo ndi gukora ubu, maze ibyo bigatuma mpora nitotomba, mvugira mu matamatama, ninginga, nsenga, niyiriza ubusa, nirukana abadayimoni ku buryo ntavaga muri cyo cyumba. Ibyo nakoraga byose byasaga no guta igihe n’imbaraga zanjye. Nashoboraga kuba ndi ahantu ndi guhimbaza Imana, nseka, nishimana n’umuryango wanjye, umugabo wanjye, abana banjye, ndetse nishimira mu buzima bwanjye, ariko si ko byagenze. Ahubwo narababaye biratinda kuko ntageraga ku cyo nshaka.

Byageze aho ngira amahirwe yo kwigisha abandi bantu amasomo ya Bibiliya. Ibyo byaranshimishije hashira iminsi, ariko itari myinshi.

Hanyuma nagiyе gukora ku rusengero rw’ahitwa St Louis. aho nakoze nk’umushumba wungirije mu gihe cy’imyaka itanu. Nyuma y’igihe gito numvise naho hatampaye amahoro, ntakihishimiye. Nageze aho ntangira umurimo w’umuhamagaro wanjye. Nta bwo byatinze na byo numva ntibishimishije. Icyo nakoraga cyose nticyanshimishaga uko cyabaga kimeze kose. Nahoraga nifuza ikindi kitari icyo.

Iyo abantu batabaye maso, bashobora konona igihe cy’ubuzima bwabo bwose kubera guhora bifuza ibintu badafite. Barakundana

bagasezerana kuzarwubakana, ariko ntibashobore kwihangana ngo bashyingirwe. Bashyingirwa, ntibanyurwe batarabyara. Babona abana, ntibihangane ngo bakure batangire kwiga. Abana baba bakigera mu ishuri na bo ntibashobore kwihangana ngo babanze barangize amashuri. Ibi byaba, na bo ntibashobore kwihangana kugeza igihe bazubakira ingo za bo ngo na bo babanze babyare.

Ibyo ni uko bihora bigenda uko ibihe bigenda biha ibindi. Abantu ntibakangwa n'urwego bashobora kuba bariho, bahora bifuza kubona no kugira ikindi kintu badasanganywe. Bahora bavugira mu matamatama, bitotombera Imana kubera ibyo bintu bifuza. Hanyuma baba bakimara kubibona bakongera bakitotomba kubera ko hari ikindi kintu bifuza.

Ikintu kigaragara mu nkuru y'abisirayeli kikaba cyatubera isomo, ni uko bahoraga babona ibyo babaga basabye mu buryo batari biteguye bikabananira kubyitwararika no kubikoresha neza uko bikwiriye. Imana yabahaye ibyo bashakaga ariko kandi inabashyiramo "imitima ikakaye." "Gukakara mu mitima" bisobanuye iki? Mu magambo make bishaka kuvuga ko batari bafite umunezero.

Ushobora gutekereza ukuntu nari guhora merewe nabi iyo mba nyobora uyu muryango ariko nkaza kuba ntarawiteguye mu buryo bwo mu mwuka? Mbese iyo aba ari nje wari kuba mfite inshingano zo kwita ku rugo rwacu, nkaba ari nje ugomba kuba ushinze gukurikirana imyenda tugomba kwishyura, gahunda za radiyo na televiziyo, ibitabo twandika, za biro tugomba gushyiraho, gukurikirana no kuyobora abakozi n'ibindi nk'ibyo? Nubwo nari kuba nkunze uyu murimo, uburemere bwari guterwa n'ibi bintu byose bwari kunsiga habi.

Njya nshima Imana yo itarampaye ibyo bintu byose igihe nari ngitangira kubiyisabakuko iyo ibikorambanarikoresheje iby'ubupfapfa, nkabura n'umuryango wanjye cyangwa wenda nkaba narapfuye nzize kunanirwa mu mutwe no mu mubiri.

Ujye wirinda kugira umutima urimo ubusambo, umururumba n'irari ry'ubusambanyi. Ntugahore wifuza cyangwa ushaka kugira ikintu Imana itateguye kuguha. Wige gutuza mu mutima kandi ujye

wishimira icyo ufite mu gihe Imana ikigutegurira ikindi kintu cyiza kurenza icyo.

Jya ureka Imana ishyire urufatiro rukomeye mu bugingo bwawe mbere y’uko utangira kurwubakiraho inzu. Duhora dushaka ibiruta ibyo dufite, ariko Imana yonyine ni yo ibizi, igihe tuba dutuje neza mu mitima yacu, mu bitekerezo byacu no mu mibiri yacu ku buryo tuba dushobora kubyitaho no kubibungabunga neza.

### **19. Umutima utakebwe**

*Yemwe abatagonda ijosi, mwe abatakebwe mu mitima no mu matwi, iteka murwanya Umwuka Wera.*

*Uko basokuruzanya banyu bakoraga ni ko namwe mukora.*

Ibyakozwe 7:51

Imana yanyeretse icyo umutima utakebwe usobanura. Gukeba ni ukugira icyo ukuraho. Iyo umuntu afite umutima utakebwe maze ikintu kibi cyangwa cy’icyaha kikawuzamo, nta bwo ashobora kugikeba ngo akiwukuremo. Arakireka kikagumamo, ariko umuntu ufite umutima ukebwe ahareko agakeba imyifatire mibi ishobora guhindura ibitekerezo bye, maze agashobora kuba mu maso y’Imana afite umutima uboneye.

Ujye wibuka ko umwanzi Satani azahora adutera kugira ngo aduteze imitima mibi igihe cyose azajya abona amahirwe yo kubikora. Kandi kumwemerera gushukwa n’imitego adutega nta cyo bidufasha na gato, ahubwo bidindiza gukura kwacu no gutera imbere. Imana yanyeretse ko iyo ngize umutima udakebwe, hakazamo ibitekerezo bibi nko kurakara, urwango, ishyari, kwifuza kubi cyangwa ibindi bitekerezo bibi. Ngomba kwirukana uwo mutima mubi ako kanya bidatinze. Iyo ntabikoze, nkawemerera ukangumamo sinshobora kuba icyo Imana yampamagariye kuba, nk’uko Pawulo abitubwirira mu baroma 2:28-29:

*Kuko ugaragara ko ari umuyuda atari we Muyuda nyakuri, kandi gukebwa kugaragara ko ku mubiri atari ko gukebwa nyakuri.*

*Ahubwo Umuyuda wo mu mutima ni we Muyuda, kandi gukebwa ko mu mutima n'umwuka kutari uk'umubiri, ni ko gukebwa nyakuri. Umeze atyo ntashimwa n'abantu, ahubwo ashimwa n'Imana.*

Umuyobozi mwiza yihatira guhorana umutima ukebwe akabishobozwa no guhora yangira buri kintu cyose gishobora gutuma agaragara nk'umuntu udafite umutima utunganye imbere y'Imana.

## **20. Umutima waciriho iteka**

*Nubwo imitima yacu iducira urubanza, kuko Imana iruta imitima yacu kandi izi byose. Bakundwa, imitima yacu nitaducira urubanza, turatinyuka imbere y'Imana kandi icyo dusaba cyose tugihabwa na yo kuko twitondera amategeko yayo tugakora ibishimwa imbere yayo.*

1Yohana 3:20-22

Umutima wumva waramaze gucirwaho iteka waka nyirawo amahirwe yo kumva yifitiye icyizere. Umutima wose wifuza kuba cyangwa kuzaba umuyobozi agomba kwitoza kumenya uko azajya arwanya umutima umucira urubanza. Iyo yakoze icyaha aba agomba kumenya uko yirukana uwo mutima umucira urubanza akawikuramo kuko nta muntu w'intungane ijana ku ijana. Nzi uburyo kwigisha abantu ibirebana no gukora ibintu bitunganye, nyuma nyiri kubyigisha akaba ariwe ukora ibitandukanye na byo bimucira urubanza. Iyo dukoze dutyo tubona gucirwaho urubanza gukubye inshuro ebyiri kuko Satani atubwira ati “Mu bantu bose babaho ni wowe wari ukwiriye kumenya ibikwiriye gukorwa kubarusha.” Iyo tumuteze amatwi bituma twiyumvamo ko tudakwiriye kuba abayobozi b'abantu b'Imana.

Tugomba kujya tugerageza kwikuramo ko twamaze gucirwa urubanza, kuko kutabikora bituma tutigirira icyizere imbere y’Imana. Kandi iyo icyizere kibuze, ntidushobora kugira kwizera. Kandi nta kwizera guhari, ntidushobora kunezeza Imana,<sup>8</sup> cyangwa ngo iduhe ibintu iziko dukeneye gukora. Ni yo mpamvu dusabwa ko tugomba guhora twihutira kurinda imitima yacu cyane. Nk’uko twabibonye kandi, ibintu byose bibaho muri ubu buzima biva mu mitima yacu.

Imana iduhishurira neza aho twacumuye. Nta bwo iducira urubanza. Kuduhishurira no kutwereka ibicumuro byacu bidufasha kwihana maze tugashobora kuva muri icyo kibazo. Naho gucirwa urubanza nta cyo bidufasha uretse kumva twiyanze.

Mu Baroma 8:33-34 hatubwira ko Imana itwishimira, Yesu nta bwo aducira urubanza, yaradupfiriye. Yicaye iburyo bwa Se aho ahora atwingingira adusabira imbabazi. Ibyanditswe byera byamaze kunyigisha ko iyo niyumvamo ko hari ukuntu ndi gucirwaho urubanza, mba nshobora kuba ndimo kubyikuraho ubwanjye cyangwa akaba ari Imana iri kubinkoraho. Ujye uhora wihatira kwemera ko Imana ikwereka aho wakosheje cyangwa wakiraniwe, kandi wangire Satani kugucira urubanza.

# UMUTWE WA 8



## IMIMERERE Y'UMUTIMA UTUNGANYE, IGICE CYA 1

*Kuko Uwiteka atareba nk'uko abantu bareba ubwiza  
bugaragara....ariko Uwiteka we areba mu mitima.*

1 Samuel 16:7

**I**mana ni Imana y'imtima. Nta bwo ireba umuntu w'inyuma cyangwa Ingo irebe ibyo umuntu akora maze ngo imucire urubanza. Umuntu we acira abandi imanza akurikije ibyo imibiri yabo yakoze, ariko Imana yo ireba imitima.

Birashoboka ko umunu yakwiyerekana neza inyuma nyamara imbere mu mutima we hakaba harimo rwaserera. Birashoboka ko umuntu yaba afite ikibazo arimo kurwana na cyo ku buryo bibonwa n'amaso y'umubiri nyamara agakomeza akagira umutima utunganye imbere muri we. Imana ishimishwa no gukoresha umuntu ufite umutima mwiza kurusha uko yakwishimira gukoresha umuntu utagira ikimugoye, ariko akaba afite umutima wanduye.

Ni ikintu cya ngombwa ko tujya twigenzura uko duteye imbere muri twe n'imyifatire yacu n'ukuntu tubona ibintu. Ibi ni byo Bibiliya yita umuntu w'imbere uhishwe wo mu mutima. Nk'uko twabibonye, niba dushaka gukoreshwa n'Imana nk'abayobozi bo mu bwami bwayo cyangwa niba dushaka kugira kuneshya nk'abakristo.



Mu bice by'iki gitabo twanyuzemo, twabonye bintu bimwe na bimwe bituma imitima ibonwaho kudukungana bigatuma umuntu adashobora kuba umuyobozi Imana ishaka ko abawe. Ubu noneho, tugiye kureba ku bintu bimwe na bimwe byerekana umutima utunganye abayobozi bakwiye kugira.

### 1. *Umutima ukunze*

*Umuntu wese wemezwa n'umutima we azabe ari we  
mwakira ituro antura*

Kuva 25:1,2

Iyo tuvuga umutima ukunze, tuba dushaka kuvuga umutima ufite ubushake bwo gukora. Iyo uyu mutima udahari, nta cyo dushobora gukora.

Muri iyi myaka mike maze muri uyu muryango, nagiyeye nyura mu bintu byinshi bibi. Ye, nagize umuhamagaro ku bugingo bwanjye ariko hagombaga no kugira ikindi kintu ngira cyiyongereye ku muhamagaro, nagombaga kugira ubushake.

Bitewe n'uko nakomeje kugenda nigenzura ndetse nkanagenzura abandi bantu, nageze aho mbifataho umwanzuro ko akenshi tugera aho tukarangiza dukora ibyo tuba dusanzwe dushaka gukora niba koko hari ikintu twumva dushaka gukora cyane, uko byagenda kose dushakisha uburyo twagikora. Ubushake ni ikintu kigira imbaraga. Bitewe n'uko tubufite dushobora guta ibiro, kandi dushobora gutuma amazu yacu ahorana isuku, dushobora kuzigama amafaranga, dushobora kuva mu myenda twari turimo cyangwa tukagera ku ntego iyo ariyo yose twihaye.

Mu by'ukuri nta bwo tujya twifuza kumva cyangwa kubwirwa ko kunesha kwacu cyangwa ugutsindwa kwacu biftanye isano “n'ubushake” bwacu. Ibintu byose bitatubereye byiza usanga dukunze kuvuga ko byatewe n'bindi bintu cyangwa n'abandi bantu. Ariko ntekereza ko dukwiriye kujya dufata akanya tukicara tukagenzura ibyo

twagizemo ubushake n'ibyo tutagizemo ubushake. Dukeneye kujya tugeraho tukagerageza kuba abanyakuri bihagije byatuma dushobora kuvuga tuti “Mwami sinashoboye kunesha kubera ko mu by'ukuri ntabishatse. Sinasenze cyangwa ngo nsomye Bibiliya kubera ko nta bishatse. Ahubwo nicaye mu ntebe ijoro ryose nirebera televiziyo kubera ko ari byo nashakaga.”

Nta kintu kibi kiri mu gufata umwanya wo kuruhuka cyangwa wo kwidagadura, ariko tuba dukeneye gukora ibintu twabanje kureba iby'ingenzi dukeneye cyane kurusha ibindi. Nkuko nabivuze, dukunda gushyira urubanza ku bandi cyangwa ku kintu runaka iyo hari ibyatunaniye cyangwa ibitatugendekeye neza, aho kubyishyiraho. dukunda gushyira urubanza kuri Satani, tukarushyira ku bantu, tukarushyira ku bihe twanyuzemo, n'ibindi byinshi. Nyamara ukuri ni uko igihe kinini, ikibitera cyane ari uko mu by'ukuri tutagira “ubushake” buhagije muri twe. Ni wowe nanjye dushaka kuzaba abayobozi kandi tukaba dushaka gukorera Imana, tugomba kugira “ubushake” tugomba kugira umutima ukunze. Mu by'ukuri Imana nta bwo yishimira ibikorwa byacu ngo nuko ari byiza iyo tutabikoranye umutima ukunze.

Imyaka myinshi ishize, Imana yagombye kunsanga kubera ko nabagaho ntegekwa n'amategeko cyane, ngendera ku mategeko cyane, nahoraga nshaka ko buri kintu cyubahiriza amategeko kandi muri jye ngahora numva nta mahoro mfite kubera ibikomere byinshi nari naragize mu minsi yari yarashize. Nakoraga ibyiza byose bishoboka ariko nkabikora kubera impamvu mbi zose. Nabikoraga kubera gutinya ko wenda nintabikora Imana yari kundakarira cyangwa ntinezereze.

Igihe kinini nasengaga kubera ko natekerezaga ko nagombaga kubikora. Mu by'ukuri umutima wanjye ntiwabaga ubyitayeho. Nabikoraga gusa kubera kumva ngomba kubikora nk'aho ari itegeko. No gusoma Ijambo nabikoraga nk'umugenzo w'idini, nkasoma ibice bitari bike buri muni, nkanakora umugenzo wo gusenga nkamara igihe cy'isaha yose buri muni, kuko iyo nabikoraga ntyo numvaga nubahirije amategeko.

Ndibuka umunsi umwe Imana iganira nanjye mu buryo bwumvikana kandi busobanutse neza maze irambwira iti “Joyce, sinshaka ko hari ikintu icyo ari cyo cyose uzampa cyangwa uzankorera wumva utabikuye ku mutima.” Ndibuka ntekereza nti **“Ibyo ntibishoboka Mana.”**

Nta bwo nshaka kuvuga ko tutagomba kuzajya twiha gahunda ngo dukore ibyo dusabwa gukora ariko na none tuba dukwiriye kubikora kubera ko twumva dufite ubushake bwo kubikora tuba tugomba gutegeka imibiri yacu kugira ngo dushobore gukora ibiri mu mitima yacu kuko kamere y’umubiri ihora irwanya iby’umwuka nta bwo ari iteka ryose twumva twishimiye gukora ibyo twumva twagakoze. Ariko nta nubwo ari ngombwa ko dukora ikintu runaka kubera ko gusa ari uko twumva byadushimisha kugikora ngo nuko twumva dufite ubushake bwo kugikora.

Hari ibihe byinshi numva ntashaka gufata ingendo hirya no hino ntanga amahugurwa cyangwa nigisha mu biterane ariko nkahita nkomeza nkabikora kubera ko imbere mu ndiba y’umutima wanjye mba numva mbishaka, kamere yanjye iba idashaka ko nyobora ayo masemineri cyangwa ibyo biterane, ariko umwuka undimo ubishaka, maze nkabikora uko mba mfite umutima ubifitiye ubushake. Ibyo ni byo Imana ishaka ko abantu bayo bagira nk’uko tubibona mu Ijambo ryayo.

*Mwakire amaturo Uwiteka aturwa na bene wanyu,  
umuntu wese wemezwa n’umutima we azane ituro atura  
Uwiteka....*

*Haza abagabo n’abagore, abemejwe n’imitima  
yabo bose, bazana impeta zo ku mazuru n’izo ku matwi,  
n’izishyiraho ikimenyetso n’inigi, byose ari izahabu,  
bizanwa n’umuntu wese utura Uwiteka ituro ry’izahabu...*

*Abisirayeli bazana amaturo ava mu rukundo bayatura  
Uwiteka, aturwa n’umugabo wese n’umugore wese  
wemejwe n’umutima we, kuzana ibyo kuremesha ibyo  
Imana yategetse Mose kurema byose.*

Kuva 35:5,22,29

Mbese aho waba uzi icyo kugira “ubushake” bwo ku rwego rwo hejuru bishobora gukora ku byerekeranye no gutanga. Iyo twumva muri twe harimo ubushake bwo gutanga bufite imbaraga, ntidushobora kubura uko tubigenza, ntitwabura icyo twakora, ariko tukabona ikintu cyo gutanga.

Njya nibuka igihe Dave nanjye twari tudafite amafaranga menshi maze tukajya dukura ibishushanyo twari twaramanitse ku bikuta by'inzu yacu ndetse tukanakura amashuka n'ibiringiti ku buriri bwacu tukabitanga. Biratangaza kubona ibintu umuntu ashobora gukora bigaragaza kwitanga kwe kwinshi iyo afite ubushake.

Mu gitabo cya 1 Ingoma 29:6 dusoma ngo: *“Maze abatware b'amazu ya ba sekuruza n'abatware b'imiryango ya Isirayeli, n'abatware batwara ibihumbi n'abatware amagana, n'abatware b'imirimo y'umwami batangana umutima ukunze.”*

Nta cyo dushobora gukora tudafite ubushake bwo kugikora ariko iyo dufite ubushake burimo imbaraga, turagikora kugira ngo uwo murimo ukorwe. Abantu bafungutse mu mitwe basobanukirwa ko nta kintu kizima gishobora kugerwaho nta murimo ukozwe.

## EMERA KUGIRA UMUTIMA UKUNZE

*Maze abantu banezwe n'uko bemeye gutura, kuko batuye  
Uwiteka bafite umutima utunganye, kandi n'Umwami  
Dawidi na we yishima ibyishimo byinshi.*

1 Ingoma 29:9

Ujya ukunda abantu bagukorera ikintu ariko mu by'ukuri uzi ko batagishaka? Ni ibintu bibi. Nemera ko biterwa n'uko narezwe. Kabone n'iyo data yanyemereraga gukora ibintu ariko atifuza ko mbikora, ntibyanezaga. Kubw'ibyo aho kugira ngo umuntu ankorere ikintu atagishaka byarutwa n'uko yabyibagirwa.

Niba ari uko tumeze, ubwo Imana ibyanga ite? Twe dushobora kwishushanya imbere y’abantu ariko ntidushora guhisha Imana imitima yacu. Dushobora rero gutangira gukorana ibintu ubushake n’umutima ukunze, cyangwa tugasaba Imana ikaduha umutima ukunze kugira ngo tujye dukora ibintu tubikuye ku mutima. Dushobora gusenga ngo “Mana mfasha kugira ngo nemere kugira umutima ukunze – kubera ko jye ntabishoboye rwose.” Imana igenzura imimerere y’imitima yacu, icyo tuyikorera cyose tugomba kugikorana umutima ukunze.

*“Kandi Mana yanjye nzi yuko ugerageza umutima,  
ukishimira gutungana.*

*Nanjye ntuye ibi bintu byose n’umutima ukunze kandi  
utunganye, kandi ubu mbonye abantu bawe bari hano  
bagura n’imitima ikinze biranezeza.”*

1 Ingoma 29:17

Imana ntijya inezewe n’ibyo dukora tubihawe cyangwa ku bw’itegeko.

*“Umuntu wese atange nk’uko abigambiriye mu mutima  
we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga  
anezerewe.”*

2 Abakorinto 9:7

Nkunda ukuntu Bibiliya yitwa *Amplified Bible* isobanura uyu murongo. Itsindagira ko Imana ikunda cyane abatanga babikunze, banezerewe, bishimye. Ariko ko itanezererwa ba bandi babikora kuko ari ko bategetswe cyangwa kuko babuze uko bagira, cyangwa se kubera ko byabayeho ngombwa ko babikora cyangwa basabwe kubikora.

Muri 1 Petero 5:2 habivugaho muri aya magambo: “*Muragire umukumbi w’Imana wo muri mwe mutawurinda nk’abahatwa, ahubwo muwurinde mubikunze nk’uko Imana ishaka atari ku bwo kwifuzza indamu mbi, ahubwo ku bw’umutima ukunze.*”

Biragaragara ko Pawulo ari kubwira aba pasitori, abakuru b'itorero n'abandi bayobozi. Ariko ndatekerezwa ko iri jambo rireba buri wese ushaka gukoreshwa n'Imana. Ubwa mbere aravugaga ko tugomba gukora byose tudakurikiye indamu. Ubwa kabiri akavugaga ko tugomba kubikorana umutima mwiza.

Nk'urugero niba ufite umuhamagaro wo kwakira abashyitsi, ujye ubikora utivovota. Niba wumva wajya gufasha inshuti yawe, bikore unezerewe kuko wumva ko ari cyo Imana iguhamagariye gukora. Tugomba kumenya ko ikintu icyo ari cyo cyose dukorera abandi, Atari bo mu by'ukuri tuba dukorera ahubwo tuba dukorera Imana. Hari ibintu dukora kubera ko gusa dukunda Imana tutabikoreye ikindi.

Ikintu cyose dukoreye abandi- cyane cyane cya kindi dukora twumva nta n'inyungu tubifitemo, tukabikora gusa kuko tugomba kubikora, kandi tukabikorana umutima mwiza- binezeza Imana. icy'ingenzi ni ukumenya ko ikintu cyose dukoreye Imana, Ishaka ko tugikorana umutima ukunze. Niba tudashoboye kubikora gutyo, byaba byiza tubiretse rwose. Sinizera ko hari ingororano tuba dukwiye gutegereza igihe twakoze ibintu n'umutima mubi.

Nemera ko ishingiro ry'ubuzima bw'umukristo ari imimerere y'umutima we. Ikigira icyo kimara si uko twigaragaza imbere y'abantu, ahubwo ni kuri ko mu mutima kumwe tudashobora guhisha Imana.

### **JYA UNEZEZA IMANA**

*Mbata, mwumvire ba shobuja bo ku mubiri muri byose,  
ntimubakorere bakibareba gusa ngo muse n'abanezeza  
abantu, ahubwo mubakorere mutaryarya mu mitima yanyu  
mwubaha Imana.*

Abakolosayi 3:22

Hano turabwirwa ko tugomba kuba abakozi beza, bizera, bizerwa, b'ingirakmaro kandi bakora cyane. Tugomba gukora akazi neza n'umutima mwiza. Ntitugomba kwiyoberanya, ngo twereke abakoresha

bacu ibyo bashaka ko tubereke hanyuma, hanyuma baba badahari tukerekena ibindi. Tugomba kuba abanyakuri, ntitugire uburyarya, tugakiranuka kandi tukaba abizerwa.

Ni ikibazo gikomeye cyane kwivovotera akazi kawe kandi hari abantu benshi bakabuze. Tugomba gushimira Imana ko dufite akazi kandi ko dushoboye kugakora.

Ntitugomba gukora ngo tunezeze abantu, ahubwo dukwiriye kunezeza Imana. Ntitugomba gukora neza ari uko abakoresha bacu bahari, baba badahari tukikorera ibyo twishakiye nko kwihamagarira inshuti zacu mu ma saha y’akazi igihe ntawe utureba. Biba ari ibintu bishekeje kubona uko abakozi bifata iyo umukoresha aje mu biro byabo, umwe aca aha undi agaca aha bakajya mu myanya yabo, bagasa n’abahuze kuko bazi ko bari bibereye mu bindi!

Ibi ni ibintu by’agaciro imbere y’Imana kuko turi inzandiko zisomwa na bose. Ntituzahindura isi n’ibyapa byanditse ho amagambo y’Imana, amakaseti cyangwa imidari yanditse ho Yesu tutera imbuto. Si ukujya ku kazi n’amasakoshi byerekana ko turi abakristo bizatuma abantu bakira Yesu. Ahubwo ni ugukora akazi nk’uko bikwiye, tukumvira abayobozi, ibyo dukora byose tukabikorana umutima mwiza, tutitotomba, tudasebanya. Ibyo ni byo bizatuma abantu batwitegereza bakifuza ikiturimo.

Mu Abakolosayi 3:23,24 Pawulo aratubwira ati “Ibyo mukora byose mubikore mubikuye ku mutima, nk’abakorera Shobuja mukuru badakorera abantu, muzi yuko muzagororerwa nawe muhawe wa murage, kuko mukorera Shobuja mukuru Kristo.”

Uzi ikibajya dukoranye umurimo wacu umutima ukunze, tukawukora dukorera Imana tudakorera abantu? Ntiduhembwa n’abakoresha bacu, duhembwa na yo. Tugomba rero gutegereza ingororano zituruka ku Mana, ariko twarazikoreye koko.

## **2. Umutima wuzuye ishyaka**

*Ni cyo gituma nkwiibutsa gusesa impano y’Imana ikurimo*

*ngo yake, iyo waheshejwe no kurambikwaho ibinganza  
byanjye.*

2 Timoteyo 1:6

Imana ishaka ko tugira ishyaka. Nta bwo yapfuye. Bibiliya ivuga ko abapfuye bataramya Imana.<sup>2</sup>Nta mashimwe ava kuri bo. Imana ntishaka itorero ripfuye ahubwo ishaka irizima. Nkunda ibyo Yesu yavuze ubwo yazuraga Lazaro. Yabwiye Lazaro ngo ni asohoke mu gituro. Hanyuma asaba abamwitegerezaga kumukuraho imyambaro yo mu gituro.<sup>3</sup> Hari abakristo benshi bavutse ubwa kabiri, buzuye Umwuka Wera batigeze bivanaho imyambaro yo mu gituro. Bagendana impumuro y'abapfu. Imana ntishaka ko tutaba abapfu. Idusaba kugira ishyaka (kwaka). Nkuko twigeze kubibona mu rwandiko rumwe Pawulo yandikiye umwana kandi umwigishwa we Timoteyo. Yamusabye gusesa (kwatsa) impano yari muri we.<sup>4</sup> Mu bigaragara Timoteyo yari umunyabwoba, acogoye, ataniringira neza iby'umuhamuhamagaro we. Umwuka we wari uri kugenda ucika integer. Hanyuma Pawulo amuha ijambo ryo kumukomeza.

Muri 2 Timoteyo 1:5 Pawulo yamwibukije ibyo kwizera kwe n'uko kwamugezeho. Yamubwiye aho kwaturutse: “Kuko nibutse kwizera kutaryarya kukurimo, kwabanje kuba muri nyogokuru Loyisi no muri nyoko Unike, kandi nzi neza yuko kukurimo nawe.”

Ntawatuma impano yawe yaka muri wowe nkawe ubwawe. Abandi Bantu bashobora kugutera umwete, nk'uko ndi kubikora muri iki gitabo, ariko waba uri wenyine cyangwa waba urambitse hasi iki gitabo, ukongera ugakonja. Ibyo biterwa n'uko uba wishyushya ubwawe. Ubuzima buranezeza iyo ufite ishyaka mu mutima. Bimaze iki kugenda urira hirya no hino uvuga ngo mu by'ukuri sinzi icyo nakora. Iyo nza kuba ntarakoze ibi. Ndarushye kandi birandambiye gukora ibi.

Kimwe cya kabiri cy'itorero kirarushye kandi kirarambiwe, kubera ko ibyo dukora ari ukugenda tuvuga ngo turarushye kandi turarambiwe. Byatinda cyangwa byatebuka tugomba kugera aho twumva tunaniwe kandi turambiwe guhora tuvuga ngo turushye kandi turambiwe.



## NI IKI CYADUTERA ISHYAKA?

*Haza umuntu wese utewe umwete n'umutima we, uwemejwe na wo wese, bazana amaturo batura Uwiteka yo kuremesha rya hema ry'ibonaniro, n'ayo gukoresha imirimo yaryo yose n'ayo kuremesha ya myenda yejejwe.*

Kuva 35:21

Abantu bubatse ubuturo bwera bari bafite imitima iku nze, bagiriraga ishyaka umurimo w'Imana. Ushobora gutekereza ngo “Iyaba nari nishimye, ariko sinishimye nk'uko mbishaka. Ndashaka kumenya uburyo nakwiyumvamo ishyaka.”

Ikintu gikuru ni ukwirindakwicarakenshi mu nteko y'imburamukoro. Niba wibaza impamvu uhora wumva ubabaye, wumva ufite ubunembwe bwo gukora, udakangutse mu bitekerezo, mbese wumva usigaje hatu ngo uhwere rwose, biraterwa n'uko waba ugendera mu kigare cy'abantu bameze batyo. Burya Umwuka ushobora gukongezwa no guhererekanywa. icyo ngendereye aha ni ukuvuga ko iyo ugumye iruhande rw'abantu bahimbajwe no kuvuga Ibyanditwe byera nawe nutamara umwanya utarinjirwa n'ibyo biganirwa. Iyo ubaye hafi y'umuntu ufite intumbero, iyerekwa, nawe ubasha guhita winjirwamo n'iryo yerekwa. Ariko iyo utinze iruhande rw'imburamumaro, zagandagaje gusa zivugaga inkuru za mva he na njya he kandi birebera ibinyamakuru nawe ntutinda kumera nka bo.

Si byiza kwibwira ngo “Ndifuzaga kujya nkora kuriya.” Ugomba kwiga kujya ukora ibintu byawe uko wabitekereje. Niba ushaka kunesha imbaraga z'ibitekerezo byawe, uzakore ikintu cyose byagusaba ngo ubigereho. Niba udashaka kandi kugira ubwo butware ku bitekerezo byawe, umenye ko nta we uzabigutsindira atari wowe ubwawe.

Twabashije gutsinda umwuka wo kumva twibabariye no kwigirira impuhwe n'uwo kwifuzaga ngo “iyaba twari dutunze iki cyangwa kuriya” cyangwa “Iyaba iki kitari kimbayeho, iyaba ababyeyi banjye bari bankunze kurusha abandi, iyaba nari mbonye ibifaranga byinshi, iyaba

umugongo wanjye utandyaga. iyaba...iyaba...iyaba...” Nanjye uko ni ko nari meze. Namaze imyaka myinshi ntunzwe no kwifuzza kugeza ubwo Imana yansanze irambwira iti “Hitamo kuba uwo kubabarirwa cyangwa uhitemo kuba umunyembaraga, ariko ntushobora kuba byombi icya rimwe, none hitamo uruhembe uzahereraho.”

Mu myaka yakurikiyeho ni bwo nasomye amagambo avuga ngo “Abantu benshi bafite ibyifuzo bavukanye ariko ntibafite ubushobozi bwo kubinononsora rwose.” Ibyo nibwiye ko **ari ukuri koko**. Guhora mu kwifuzza gusa nta cyo byatugezaho. Byaba ngombwa twajya no guhinga cyangwa gukora akazi kabonetse kose ariko tukagera ku cyo twifuzza. Mu rwandiko rwandikiwe Abaroma 12:11 haravugaga ngo “*Ku by’umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima mukorere Umwami wacu.*” Kugira ngo uhorane ishya bisaba ko uhora ku muriro.

Twaguma dute ku muriro? Naje guhishurirwa ko Ijambo ry’Imana risohotse mu kanwa kanjye mu buryo bw’isengesho, amashimwe, ikibwirizwa cyangwa ukwihana ibyaha ari bwo buryo nyabwo bwo kuguma ku muriro. Ibyo ni byo bisesa impano zindimo, bikatsa umuriro kandi bikabuza Umwuka kwanjye gutwarwa n’irari ry’umubiri.

Umwanditsi w’igitabo cy’Umubwiriza aravugaga ngo, “*Ikintu mwerekejeho amaboko yanyu cyose mugikorane umwete kuko aho mujya nta mirimo nta n’imigambi, aho ni mu isi y’abapfuye.*”<sup>5</sup> Nta nyungu yo gushyira ejo icyo washoboraga gukoraga uyu muni.

Ibyo ni byo bita kuba umunebwe n’umunyabute kandi ni imwe mu ntwaro umwanzi ateza Ubwoko bw’Imana.

Gushyira ejo ibyari gukorwa none hamwe n’ubunebwe bifatanye isano n’ubushake bucyeye, kandi byombi bitera bifatanyije. Umuntu w’umunebwe ategereza imbaraga zimuhagurutsa Nyamara twagombye kujya duhagurutsa kandi tukayoborwa n’Umwuka Wera uba muri twe aho gutegereza imbaraga zindi. Uburyo bwiza bwo kuba ku burinzi bwo guhangana n’umwuka w’ubunebwe ni ukuburwanya none aha ucyumva aya magambo, **kandi uwurwanye wivuye inyuma.**

Mwibuke ko ikintu cyose dukora tugomba kugikora mu izina no mu cyubahiro cy'Umwami tugikorera muri we, ku bwe, ku nyungu ze kandi turi kumwe na we. Tugomba kandi kugikorana ubushake, n'umutima wacu wose kandi twumvise ko cyaka muri twe.

### 3. *Umutima w'ubwenge*

*Kandi uzabwira abahanga bose nujuje umwuka w'ubwenge babohe imyambaro ya Aroni...*

Kuva 28:3

Hari ibintu bimwe by'amakosa abantu tujya dukora bikatangaza. Twibaza impamvu tudashobora kubona mu buzima ibintu twifuza gutunga. Mu gitabo cy'umuhanuzi Hagayi tubonamo itsinda ry'abagabo batari bishimiye uko babayeho rwose. Igisubizo cy'Imana kuri bo cyabayeho ngo... *mukomeze inzira zanyu (imwitwarire yanyu ya kera n'iya none) n'uko mwakozze nabi.*<sup>6</sup> Dukeneye impano koko, ariko impano zidaherekejwe n'ubwenge nta handi zatugeza uretse mu makuba gusa.

Nibadushakira kugira inyungu ku murimo w'Imana twahawe, tugomba kugira impano z'Umwuka n'ubwenge, ariko twibuke ko dukeneye n'ubumenyi bwinshi ku biriho. Ubwenge ni ubwo mu by'ukuri, ni ukuzura ubumenyi bwinshi ku bintu tubona bya buri munsu mu buzima. Ntibyumvikana na gato kuranzika ikintu Imana yagutegetse gukora ukamara imyaka cumi n'umunani, nyamara Abisirayeli byababayeho bagahora bibaza impamvu batateraga imbere muri icyo gihe. Ni byo koko gushobora umurimo w'Imana bisaba impano nyinshi.

Mu gitabo cyo Kuva 35:30-33, Mose yabwiye Abisirayeli ibyerekeye impano, ababwira muri aya magambo:

*“Dore Uwiteka yahamagaye mu izina Besaleri mwene Uri ya Huri, uwo mu muryango wa Yuda, amwuzuzza Umwuka w'ubwenge bwo guhimba nubwo gutora n'ubuhanga n'ubukorikori bwose byo guhimba imirimo y'ubuhanga, no gucura izahabu n'ifeza n'imiringa...”*

Muri iyi mirongo Mose yabwiraga Ubwoko bw'Imana ko Imana yahisemo uyu Besaleri kandi ikamwuzuzwa ubwenge.

Mu mvugo ya Bibiliya, buri muntu wese yahawe impano ye, kandi asabwa kuyikoresha mu kubaka umubiri wa Kristo.<sup>7</sup> Buri muntu yahawe impano imukwiriye. Ikintu cy'ingenzi dukeneye ni ugukoresha izo mpano twahawe maze tukarekeraho gukomeza kwifuza impano z'abandi.

Usanga abantu bamwe bahugira mu kwigana impano z'abandi aho gukora ibyabo babasha gushobora neza. Ibyo akenshi biterwa no kutiyizera kuri muri twe no kutamenya abo turi bo muri Kristo Yesu ndetse no kutanyurwa no gukora umurimo umwami yaduhaye. Niba Imana yaraguhaye umurimo utari uwo guhagarara imbere y'iteraniriro ngo ubwirize ubutumwa, wukora kuko nugerageza guhagarara ubwiriza imbaga ntuzabishobora kandi ntibizakunezeza. Imana iha buri wese impano imukwiriye, nyamara abantu benshi ntibajya babasha kuyikoresha kuko babuze ubwenge.

Mu gitabo cyo Kuva 35:34,35, Mose yakomeje abwira Abisirayeli ibyerekeye iby'impano agira ati: *“Kandi yamushyize mu mutima kwigisha abandi, we na Oholoyabu mwene Ahisamaki wo mu muryango wa Dani; abo yujuje imitima yabo ubuhanga bwo gukora ubukorikori bwose...”*

Igihe nasomaga bwa mbere uyu murongo nashyize akamenyetso ku ijamba *ubwenge n'ubuhanga*. Imana ntipfa kuduha gusa ubushobozi itabushyizeho ubwenge bwo kubukoresha.

Njye na Dave twitegereje uburyo abantu benshi bananiwe gukomeza za minisiteri zabo bashinze, ariko tubivuye imuzi dusanga atari ukubura impano n'ubundi buhanga ahubwo ari ukubura ubwenge. Tugomba gukoresha ubwenge mu kintu cyose twerekejeho amaboko yacu n'intekerezo mu buzima, byaba minisiteri yacu, bwaba ubucuruzi, ndetse no kubaka urugo.

Urugero, umugore ashobora kuba afite impano n’ubwiza bw’igitangaza, ashobora kugira ubumenyi ndengakamere, ashobora kumenya guteka neza cyane, gutunganya neza ubusitani no gukora byose bivugwa mu gitabo cy’imigani 31 umugore mwiza akora. Nyamara ashobora kwisenyera urugo iyo adakoresha ubwenge mu buzima bwe.

Imigani 24:3, turabwirwa ngo “*Ubwenge ni bwo bwubaka urugo, kandi rukomezwa no kujijuka.*”

Ubwenge se bugaragarira he mu buzima bwacu? Bugaragara mu mvugo yacu, mu mikorere yacu, uko ducunga umutungo wacu, uko dutunganya inshingano twahawe, uko dufata abandi, uko twisobanura dufashe ijamba imbere y’imbaga y’abantu no mu bundi buryo bwinshi. Hari uburyo bwinshi dushobora kwerekanamo ubwenge, nyamara bimwe mu bibabaje bikomeye muri iyi minsi ni uko abitwa abakozi b’Imana nyakuri batarimo gukorana ubwenge. Bameze nk’abavangiwe kuko bafata ibyerekezo ijana icyarimwe.

Umunsi umwe Imana yarambwiye, ubwo nari ndimo kwitunganya ku byerekeye gahunda yanjye y’ibikorwa by’umunsi, ngo: *Joyce, wari uzi ko ari wowe wishyiriyeho gahunda yawe ukurikiza? Si njye wayikoze kandi s injyewe wakubwiye gukora ibintu byose ugerageza gukora.* Nta bwenge buri mu kwirudaho za gahunda utazabasha gutunganya ahubwo ukirirwa ubyitotombera.

## UBWITONZI BUZAKUGEZA AHANDI HANTU

*...Nuko Dawidi akajya ajya aho Sawuli yamutumaga hose, akitonda. Sawuli amugira umutware w’ingabo ze, abantu bose barabyishimira ndetse n’abagaragu ba Sawuli.*

I Samweli 18:5

Uyu murongo nawusomye umunsi umwe mpita mwucaho umurongo. Dawidi yari umuntu wari warasizwe amavuta ngo azabe

umwami<sup>8</sup> ariko yajyanywe mu rugo kwa Sawuli kugira ngo afate andi mahugurwa kandi yigishwe gucishwa bugufi mu buryo bw'umubiri.

Umuntu wese usizwe amavuta y'ubuyobozi agomba kubanza kugera kuri ba Sawuli ahantu hamwe mu buzima. Imana ikoresha ba Sawuli benshi mu buzima bwacu kugira ngo ibitekerezo by'umubiri n'isi bidushiremo. Hari igihe Imana idushyira iruhande rw'umuntu udushariria nk'urusenda kugira ngo atyaze ubugi bwacu bw'Umwuka buba bwaragimbye.

**Kuba twarasizwe amavuta y'ubuyobozi ntibivuga ko duhita dutera intambwe yo kwicara kuri iyo ntebe.**

Hari umurimo ugomba kubanza gukorwa muri twe imbere, gupimwa kugomba kubanza mbere. Tugiye kurebera hamwe bimwe mu bigeragezo bikomeza umutima w' umuyobozi agomba kubanza gucamo mbere yo guhagara mu cyicaro cye.

Igihe nari maze kubona uwo murongo no kuwushyiraho ikamenyetso, werekanaga ibya Dawidi na Sawuli, umutima wanjye nawerekeje ku murongo wa 14 uvuga ngo *“Dawidi akajya yitonda mu byo yakoraga byose, kandi Uwiteka yari kumwe nawe.”*

Kuki Dawidi yabashije gutsinda ibigeragezo? Si uko yari yarasizwe amavuta, ahubwo ni uko byose yabikoranaga ubwitonzi. Waba uzi abantu benshi bananirwa ibyabo gusa kuko babuze ubwitonzi? Njye se namaze imyaka ingahe ntazi ibyo ndimo nubwo bwose nari narasizwe amavuta kandi mfite impano, gusa kubera ko ntakoreshaga ubwenge, ubwitonzi n'ubushishozi?

#### **4. Umutima utunganye**

*Kandi amaso y'Uwiteka ahuta kureba isi impande zose, kugira ngo yerekane ko ari umunyamaboko yo kurengera abafite imitima itunganye.*

2 Ingoma16:9

Bibiliya yiswe iya *King James*, ivuga muri uyu murongo ko Imana yita ku bafite *imitima itunganye*. Kugira umutima utunganye bivuga iki? Ni ukugira icyifuzo mu mutima cyo kugira imirimo myiza kandi inezeza Imana. Umuntu ufite umutima utunganye aba akunda Imana by’ukuri nubwo we ubwe yaba adatunganye. Ashobora kuba agifite ibintu byo mu migirire ye bitarutunganywa agihanganye nabyo.

Hari ubwo akanwa ke kaba kakimushyira mu mahane hatu na hatu. Ashobora kuba agikora amakosa no kurakara. Ariko ashobora kubikora umutima we ukamwemeza kwihana vuba no kwitunganya n’Imana. Iyo yahemukiye undi muntu, yihutira kwicisha bugufi no kumusaba imbabazi. Iyo dufite umutima utunganiye Imana, itubara nk’abakiranutsi kandi ikagendana natwe igihe cyose tugerageza kugana ku bwera bushyitse.

Sindi umugore utunganye rwose, ariko nizera ko mfite umutima ushishikarira gutunganira Imana. Nzi ko hari ibigomba kugaragara no kurandurwa mu mutima wanjye kandi sinabimenya, ariko nizeye ko Imana itubarahu amakosa tuba twiyiziho. Sindagera ku gukiranuka gushyitse rwose. Ndacyakora ibintu bibi ntifuzaga gukora ariko nkunda Imana n’umutima wanjye wose. Hari abantu bamwe b’umutima uboneye rwose kandi abo ni bo Imana ikoresha.

Nahoraga nsoma uwo murongo ariko sinywumve neza. Nagira ngo Imana ireba mu isi yose ishakisha umuntu yakwiyereka cyane kurusha abandi. Hari ubwo wasangaga niratira abana ngo: *Bana banjye, Imana yarambonye*. Kugeza ubwo naje gusoma agace gasigaye k’uwo murongo kavuga ko Imana ishakisha umuntu ufite umutima uboneye. Iyo Imana ishakisha umukozi wo gukoresha, ntireba umuntu wujuje ubutungane, ahubwo ireba umuntu ufite imyitwarire ikaze mu mutima. Si umuntu utunganye rwose ahubwo ni ufite umutima umenekeye Imana. Niba ibyo bikwerekeyeho nawe, ndemeza ko ugiye kunguka ijamba ry’Imana muri iki gitabo rigutandukanya n’uko wari usanzwe wiyumva mu buzima.

Imana ifite imirimo myinshi ishobora gutanga mu bwami bwayo. Kugira ngo yuzuze imyanya y’iyo mirimo, Imana imanura umukozi

umwe ikazamura undi.<sup>9</sup> Niba tudashobora kwitwara neza no kugira imigendere myiza, ntidushobora kuba mu mwanya w'abo Imana izakoresha. Ishobora koko kutuzamura ariko ishobora no kuducisha bugufi.

Mu muryango wacu w'ivugabutumwa iyo turi bugufi kuzamura abakozi, ntitureba ku bantu bafite ubuhanga cyane, tureba abafite imyitwarire myiza mu mutima, abagerageza kongera umusaruro kurusha uwo basanzwe bagira mu gihe babisabwa. Uko ni ko Imana ikora. Kimwe mu byo yitaho mu kuzamura umuntu ni umutima utunganye.

### 5. *Umutima w'imbabazi*

*Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane  
ibyaha nk'uko Imana yabababariye muri Kristo.*

Abefeso 4:32

Kugira umutima ugira imbabazi bivuga kimwe no kugira umutima utekereza neza ku bandi. Ibyo na byo bikaba ari ishingiro ryo gukoreshwa n'Imana.

Muri 1 Timoteyo 4:1,2 haravugaga ngo “*Ariko Umwuka avuga yeruye ati mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni, bayobejwe n'uburyarya bw'abigisha b'abanyabinyoma bafite inkovu z'ibyaha mu mitima yabo nk'iz'ubushye.*”

Si byiza kugira umutima winangira n'imyibwirire ikomeye ku buryo tutamenya niba habayeho gucumura cyangwa atari ko. Inzira imwe mu kugira umutimanama mwiza ni ugukunda kwihutira kwihana igihe twacumuye kandi tukumvira ijwi ry'Imana nta kwerekana impamvu. Iyo Imana ikweretse ko wakoze ikosa, wihutira kwemera ugira uti “Ni wowe nyiri ukuri Mana, njyewe mpora ngucumuraho, nta mpamvu zo kwerekana, rwose Mana mbabarira kandi undinde sinzasubire ukundi.”



Biratangaje ubonye uburyo icyo kintu kizatuma tugira umutimanama ubonye imbere y’Imana. Iyo dutangiye gutanga impamvu no gushyigashyiga amakosa yacu, tuba turushaho kongera ibinure ku mutimanama wacu, tuba turushaho kuwubuza kumva kurusha uko wari umeze mbere. Nk’urugero, iyo ntonganyije umukozi simbimenye ngo nze kwihana, umutimanama wanjye urushaho kugenda ukomera, ubukurikiyeho iyo byongeye kumbaho umutima wanjye urushaho kwintangira. Ubwo hanyuma nkomeza kwiyerekana nk’umuntu wubaha Imana ariko ntiyongera kunkoresha neza kuko ndi urenganya abandi kandi ubabwira nabi.

Ikibazo gikomeye aho kandi ni uko nta n’umutima utunganye mba ngifite imbere y’Imana. Tugomba kumenya ko Imana itita ku mpano n’ubuhanga dufite, icyo ireba mbere ya byose ni umutima wihana. Iyo dufite umutima ushaka, umutima ugurumana ugushaka, umutima utuje, umutima umenetse n’umutimanama utunganye, Satani nawe azaduhunga kuko icyo gihe nta cyatubuza gukorera Imana.

Ibyakozwe n’intumwa 23:1 byerekana uko umutima wa Pawulo wari uteye:

*“Pawulo atumbira abanyarukiko arababwira ati Bagabo bene data, nahoranye umutima utandega ikibi imbere y’Imana kugeza kuri uyu muni...”*

Kuki Pawulo yahaniraga kugira umutima utamurega ikibi? Yari azi ko adashobora kubwiriza afite umutima unangiye. Yari azi ko kugira ngo afashe abandi ari uko abanza kugira ubwe wenyine umutima ubonye imbere y’Imana.

Nizera ko benshi muri twe bahora basenga ku masaha bihitiyemo bagira bati *Mana mfasha kugira umutima uca bugufi n’umutimanama wihanira imbere yawe.*

## **6. Umutima ukiranuka**

*...Ni cyo gituma bene data bera, mwebwe abafatanije*

*guhamagarwa kuva mu ijuru mukwiriye gutekereza Yesu,  
ari we ntumwa n'umutambyi mukuru w'ibyo twizera  
tukabyatura, ukiranukira Iyamutoranije nk'uko Mose  
yakiranukaga mu nzu yayo yose.*

Abaheburayo 3:1,2

Muri icyo gitabo turigishwa ko Yesu na Mose bombi bari bafite imitima yizera. Mu isezerano rishya, ijambo ry'ikigiriki ukwizera risobanura “kuba umwizerwa, kuba inyangamugayo mu Mana.”<sup>10</sup> Mu yandi magambo umuntu wabitsa ibyiyumviro byawe. Ese usobanukiwe no kuba umuntu w'icyitegererezo ku bandi? Bisobanura ko tugomba kuvuga amagambo tuzasubiraho. Niba twemereye umuntu ko tugiye kumukorera ikintu tugomba kugikora koko.

Niba tuvuze ko hari aho tugiye kujya mu kanya kari imbere, tugomba kuba aho hantu kandi ku isaha. Biratangaje kubona ko abantu benshi batari abo kwizigirwa. Ntibashobora kubarirwa mu bantu bakora ibyo biyemeje kandi bavuze cyangwa kuboneka aho biyemeje kuzaboneka.

Na none, Imana ntishobora kugukoresha ngo ni uko ufite impano nyinshi mu gihe udafite gukiranuka ko mu mutima. Tugomba kumenya ko Imana ipima gukiranuka k'umuntu. Ntibihagije umuntu kwihamya ubwe ngo *njyewe...ndi umukiranutsi*; aho ni ho Imana izavuga iti “*reka turebe ko uri we koko.*”

Ese uzi uburyo Imana ipima ugukiranuka kwacu? Iduha umukoro tuzakora mu gihe runaka nyamara twebwe ubwacu tutifuzaga gukora, ikintu kitadushimishije, ikintu kidusaba ko tuba abagaragu b'abandi igihe kimwe, kandi izagendana natwe itubwira mu mitima iti *mugire gukiranuka gusa gusa.*

Namaze imyaka itanu yose nkora mu bikorwa by'ivugabutumwa by'abandi (minisiteri). Muri ubwo burambe havutsemo minisiteri yanjye yitwa “Life in the Word Ministry” Numvaga mfite umuhamagaro ukomeye mu buzima bwanjye bityo nkaba naragombaga kuba umugore ukiranuka. Namaze igihe kinini ndi umugore ukiranuka ariko ntafite

umutima utunganye rwose. Bityo rero Imana yagombaga kunyitaho kugeza ubwo nzagera ku rugero rushyitse rwo gukiranuka.

Ugukiranuka si ukubwiriza umunsi ku wundi gusa, ahubwo ni ugukora utyo ariko ufite n’umutima utunganiye Imana. Mwene uko kwizera ni ko Imana iha umugisha. Muri Luka 16:12 hatubwira ko niba dukiranutse mu by’abandi twaragijwe Imana iri mu ijuru nayo izaduha ibyacu bwite. Nshimishwa no kubona nkikijwe n’abantu buzuye gukiranuka kandi umuntu yagirira icyizere. Urwo ni rwo rufunguzo rw’ingenzi rwo kuba umuyobozi w’abandi.

Hari ubwo abandi bantu bakubara nk’uwo kwizigirwa, uwo kwizerwa? icyo ni ikibazo tugomba kwibaza buri gihe. Ibuka ko nubikora utyo, nukiranuka muri bike, Imana izaguha byinshi byo gucunga.

## 7. *Umutima uhamye kandi ushikamye*

*Mana, umutima wanjye urakomeye, umutima wanjye urakomeye, ndaririmba, ni koko ndaririmba ishimwe...*

Zabuli 57:7

Kugira umutima ushikamye bivuga iki? Bivuga kugira ukwizera kutanyeganyega kandi kudahindagura ibyizewe. Niba hari intumbero twerekejeho amaso yacu, tugomba kuba twiyemeje mu buryo buhamye koko. Iyo dutegereje gusohozwa amasezerano y’Imana, tugomba kugendera mu buyobozi bw’Umwuka Wera cyangwa na none iyo hari icyo tugambiriye kugeraho muri ubu buzima ni ngombwa gushakisha no kugitumbira ubutarambirwa. Tugomba gukora ikintu cyose twakwita “*Ukwiyemeza guciye mu nzira zitunganye.*”

Muri ayo magambo ariko, biravuga ko nta cyo byatumarira kwiyemeza gukora umurimo w’Imana niba tutitaye ku bushake bwayo. Tumenya umugambi w’Imana iyo dusoma ijambo ryayo kuko ari ryo mugambi wayo kuri twe. Na none ariko, nta cyo byatumarira kumenya ubushake bw’Imana niba tudafite gahunda yo kubutegereza

dushikamyeye twizeye ko buzasohora mu buzima bwacu. Kuki? Kuko umwanzi ahagaze mu nzira zose kugira ngo adukuremo ukwizera ubwo bushake. Tugomba kumenya ko intambara zitazabura. Umwanzi ntazatwishimira ngo kubera ko twiyemeje gukurikira inzira yo kubaha Imana no kuyikorera. Satani azaturwanya kuri buri ntambwe tuzatera.

Mu Bagalatiya 5:17, tubwirwa ngo “*Kuko kamere irarikira ibyo Umwuka yanga, kandi Umwuka yifuza ibyo kamere yanga kuko ibyo bihabanye, ni cyo gituma ibyo mushaka gukora atari byo mukora.*” Umutima uhindagurika ntushobora kugira ukwizera; turasabwa kubaka umutima wacu ku buryo washikama ntukajye uhindagura ibyiringiro. Abantu bamwe bubaka ukwizera kwabo ariko hashira akanya ibintu byahinduka gato bagahita bahindura ibyo bizeye.

Mbabazwa cyane no kubona abantu bahora bahindagura ukwemera kwabo. Uko ubajyanye hirya gato berekana undi muhamagararo n'indi ntumbero cyangwa irindi yerekwa. Bashobora gutangira bafite umuhamagararo wo kuvuga ubutumwa mu magereza. Hashira igihe babona bikomeye, bagahindukirira mu ivugabutumwa rya rusange. Ejo babona na byo byabakomerera, bagahindukirira mu ivugabutumwa rikoresha umuziki.

Njye nasanze ari ingorane ziri muri iyi si yacu, kuko abantu bishakira ibiboroheye gusa. Twibwira ko ikintu cyose cyakwikora cyangwa bikaba nko gukanda za buto (*Bouton*) gusa. Nubwo ikintu cyaba ari icyo kwikoresha tutagihaye imbaraga zigishitura nticyakora. Nta minisiteri zashobora kwikoresha zibaho. Mu by'ukuri, nta kindi kintu imashini zikoresha zikeneraho imbaraga z'umuntu-uretse kuzikoraho gato gusa!

Usanga abantu benshi badashobora kubanza gutunganyiriza imitima yabo umurimo bagiye kwinjiramo. Tugomba kumenya umurimo tugiye kwinjiramo, kandi tukagira umutima ushikamyeye kandi utajenjetse, ndetse no kwiyemeza bidasubirwaho ko tugiye kukirangiza- Niyemeje ko ngiye gukorera Imana. Niyemeje ko ngiye gukora ugushaka kwayo. Niyemeje ko ngiye gutunganya umuhamagararo wayo ku buzima bwanjye. Niyemeje ko ngiye kujya mpora nezerewe. Niyemeje ko uhereye ubu nzajya ngendera mu mahoro.

Dushobora gushyiraho kandi igihe twifuza ko ubwo bushake bw’Imana bwazasohora kuri twe. Ugushaka kwayo ntikwapfa kuba mu buzima bwacu gusa bitarateguwe. Dukorana n’Imana. Izakora ibiyireba natwe tuzakora ibitwerekeye. Twebwe ikitureba ni ukudacika intege gusa. Tugomba kuba twuzuye “*Ugushikama gutunganye*” dukomangisha kugeza ubwo tubona imiryango y’ugushaka kw’Imana ifungutse mu buzima bwacu.

### 8. *Umutima wiyizeye*

*Mana umutima wanjye urakomeye, kandi uriyizeye...*

Zabuli 57:7

Usobanukirwe ko uyu murongo utavuga ko umutima ugomba kuba ushikanye kandi uhamye gusa, ugomba no kuba ubwawo wiyizera. Navumbuye ko guhorana umutima wiyizera igihe cyose ari ishingiro ryo kugira minisiteri ihagaze neza. Nahishuriwe ko n’iyo mpagaze imbere y’imbaga mbwiriza cyangwa iyo nigisha amatsinda y’abantu Satani anyinjiramo akanyereka ibindi bitekerezo byatuma ntakaza ikizere nari niftiye ku byo navigaga.

Urugero, iyo abantu babiri cyangwa batatu barebera icya rimwe ku masaha yabo, Satani ahita anyongorera ngo “Barambiwe si bo babona urangiza ngo basohoke hano vuba.” Iyo abantu babiri bahagurutse mu byicaro berekeza mu cyumba cyo kuruhukiramo, Satani ahita anyongorera ngo “Barigendeye kuko badashaka ikibwirizwa cyawe.”

Nzi ko iyo abantu bahanitse baririmba bidasanze ko Satani abongorera ngo “Iyo ntawe uyishaka, ngo mwahisemo indirimbo mbi, iyo muhitamo indi ndirimbo, amajwi yanyu ameze nk’ay’ibikona, muraririmba mudakurikije amanota, n’ibindi, n’ibindi...”

Umutima ni urubuga rw’intambara kandi umubi abeshya umuntu wese akoresheje ibitekerezo bibi. Ikintu cya mbere umubi atera ashaka ni ukutwiba ukwihagararaho n’ukwiyizera mu byo tuvuga. Umurimo wose dukorera Imana, umubi agerageza ikindi kintu cyatuma dutakaza

ukwiyizera. Ntashaka ko tugira ukwiyizera mu masengesho dusenga. Ntashaka ko twizera ko Imana ivuga ngo twumve ijwi ryayo. Arwanya ko twakwizera kumva dufite umuhamagararo mu buzima bwacu, ntashaka ko twizera ko abandi bantu batwishimira, ko twahora dukeye buri muni. Arwanya ko twagira igitekerezo cyiza mu byo tuvuga, ko hari ikintu tuzi. Ashaka ko duhora twiyumva nk'imfungwa zatsinzwe. Iyo ni yo mpamvu dusabwa kugira umutima wiyemera muri twe iminsi yose.<sup>11</sup>

Ntitugomba kwipfunyika mu buriri buri muni mu bwoba no kwiheba. Ahubwo tugomba kubyukana imbaraga buri gitondo twiteguye gukandagira Satani muni y'ibirenge byacu. Ibyo twabikora dute? Ibyo Tubikora iyo twemeza duhamya ko Ijambo ry'Imana rituvuga ko turi abantu b'igiciro, abatsinzi muri Yesu.<sup>12</sup> Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.<sup>13</sup> Ngomba gutsinda mu bintu byose nkora kuko Imana ari yo impa gutsinda.<sup>14</sup> Nk'uko tuzabibona imbere, ibyo ntibitera Satani kuduhunga gusa, ahubwo bituma tugira no kwiyizera.

Ibyo ni byo Dawidi yakoze bivugwa muri Bibiliya. Turasabwa kugira imyitwarire nk'iyi yari afite igihe yavugaga ati: *“N'aho ingabo zabambira amahema kuntera, umutima wanjye ntuzatinya, n'aho intambara yambaho, no muri yo nzakomeza umutima.”* Dawidi yaravugaga ngo *“Sinitaye ku mubare w'ingabo z'abadayimoni zimpagurukiye, njyewe nkomeje ibyiringiro byanjye mu Mana.”*

Ibihe byinshi iyo Satani atangiye kudutera, ibyiringiro byacu bitangira gucogora kubera ko duhita twibaza ngo **mbese ni ikihe cyaha twakoze, kubera iki ukwizera kwacu kutabasha gukora?** Umunota dutangiriraho kumva Satani atangiye, ubwo aba yifuza ko dutangira kwivovota ngo ni iki kimbayeho? Nta kibazo tuba dufite, ahubwo Satani ni we uba udufiteho ikibazo.

Ibyo ariko ntibivuga ko tudashobora kugira ingorane cyangwa ko nta gihe twebwe ubwacu duha umwanzi urwaho akatwinjirana. Nubwo ibyo byatubaho ariko, ntibivuga ko tugomba kwibwira ngo Imana izi ukwizera kwacu kandi ngo iradukunda, kandi ko iturwanirira mu makosa twikururiye, yongere itwubake, ikomeze iduhe imigisha- kandi ikomeze itwigishe.

Intumwa Pawulo abitwemeza mu Bafilipi 1:6 muri aya magambo, *“Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku muni wa Yesu Kristo.”*

Umubi atugenderera kenshi ashaka kutwumvisha ko tutazagera ku rugero rwo guhindukirira Imana. Arashaka ko tutizera ko tuzagera ku rugero rwo kunesha uburakari, kwiga kwihangana, kurara ijoro dusenga, kwibuka amagambo twasomye muri Bibiliya, ko bitashoboka kumara umunsi wose tudatonganyije abana mu rugo, gutegeka ururimi rwacu, n’ibindi.

Umubi aba agerageza buri muni kuduteramo umwuka w’ubwoba. Icyo ni ukutwemeza gusa ko byose bidashoboka: Ntuteze gukora ikintu cyiza cyagutandukanya n’abandi bese, ntuteze kuzahinduka mu ngeso, nta cyawe gishobora kuzatungana, ubuzima bwawe ntibuteze kuzaba bwiza na gato, ntuteze kuzaba icyo Imana yaguteganyirije kuzaba.

Aho ni ho dukeneye gukura inkota yacu ari yo Bibiliya mu rwubati tugasoma ijamba umubi yumva, tuvuga tuti: ‘Uko ni ko wibwira Satani, ariko umva uko iri jambo rikubwiye **“Natwe ntituzongera kuvugana nawe Satani ukundi.”**

### IRINGIRE EJO HAZAZA

Abantu benshi bagira ingorane mu gusubiza Satani, nyamara Yesu yarabikoze. Igihe cyose icyo Satani yagendereraga Yesu, yaramusubizaga ngo “Handitswe ngo...” ubwo agakubita Satani umurongo wo mu byanditswe. Uko ni ko yamutsinze. Akenshi ndahamya ko tuba abanebwe bo gukora dutyo. Usanga twihorera Satani tugatindana mu gahinda adutera aho gushyira iherezo kuri utwo tuntu dufata Bibiliya tukamusomera tuti “Satani turakurambiwe n’ibishuko byawe, sinshaka kongera kubyumva uherye ubu, none umva aya magambo.” Ubwo ugatangira gusoma imirongo yo mu byanditswe.

Ibutsa Satani ko yatsindiwe ku musaraba hashize imyaka myinshi, kandi ko Yesu afite urufunguzo rw’urupfu n’urw’ikuzimu kandi ko yahaye abizera bese ubutware bwo gukandagira Satani. Mubwire

ko uzi ko ari umubeshyi kandi ko ari se w'abanyabinyoma kandi ko n'ubusanzwe ukuri kumuba kure. Vuga kuri wowe ibyo Imana ikuvugaho ureke kuvuga ku byo Satani akuvugaho. Mubwire ko uri umutwe utari umurizo, uri hejuru ye nturi hasi ye, ko wahawe umugisha n'Imana kandi ko igukunda cyane.<sup>15</sup>

Ayo ni yo magambo twagombye kujya dukoresha iwacu mu rugo turi twenyine mu bihe byo gusaba ubutsinzi. Ni ikintu cy'igicro kujya mu materaniri no kunezeranwa n'abandi, ariko ubutsinzi nyabwo bubonekera mu kwiherera iwawe mu rugo wafashe ibihe. Twigishijwe *kurwana intambara nziza zo kwizera*<sup>16</sup> turi mu bihe twenyine. Ntidutegereze umuntu uzaza ngo abidukorere. Tugomba kubyikorera ubwacu. Abandi bantu bashobora kudushishikariza, kudukunda no kudasengera, ariko iyo bigeze mu ikorosi risaba nyiraryo, aho ni ho buri wese yibuka uwo ari we muri Kristo, agafata n'ingamba zidakuka zo guhangana no kudasubira inyuma.

Shikama ku muhamagaru w'Imana ku buzima bwawe. Izere ko wumva ijwi ry'Imana, ko ikwishimira, ko izasubiza ibibazo byawe byose. Izere ko Imana igukunda kandi ko yaguteguriye umugambi kuva kera, kandi ikavuga muri Yerehiya 29:11 ngo *“Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si ibibi, kugira ngo mbarememo umutima w'ibyo muzabona hanyuma.”*

Satani ashaka ko amateka yawe agucira urubanza, ariko Imana yo irashaka ko ukomera utegereje agakiza mu bihe bizaza.





# UMUTWE WA 9



## IMIMERERE Y'UMUTIMA UTUNGANYE, IGICE CYA 2

**U**ri mu nzira yo gukuza ingeso umuyobozi mwiza agomba kuba afite kandi Imana yamaze gushyira muri wowe. Imana yahaye buri wese muri twe impano n'ubuhanga mu kuyobora. Igisigaye ni ugufata ibyo yaduhaye maze tugafatanya na yo kubiteza imbere. Ibyo bisaba ubushake bwacu kandi akenshi usanga harimo ingorane muri urwo rugendo.

Kugeza ubu, mushobora kuba mwamaze gutahura ko umutima wanyu wabaye mu bihe bidatunganye uhereye kera. Niba ari uko bimeze ntuhagarike umutima. Nk'uko twabibonye mbere, buri wese afite inguni y'umutima akeneye kwitaho by'umwihariko.

Komeza ibyo wumvise mbere maze uko uza gusoma ibyerekeye umutima utunganye muri iki gice, ndaguhamagarira gukora ikintu cyose wasabwa gukora kugira ngo umutima wawe wongere uhagarare ku rufatiro – kandi ukomeze ubikore utyo kugeza ubwo uzagera ku rwego rushimishije.

### 9. *Umutima unezerewe*

*Umutima unezerewe ni umuti mwiza, ariko umutima  
ubabaye umutera konda.*

Imigani 17:22

Imwe mu nzira zo kunezeza umutima wacu ni ukumva muzika. Iyo twumva muzika, dutangira gutwarwa no kumera nk'uririmbana n'abaririmba nubwo wowe waba utabyitayeho. Iyo dufite umutima unezerewe, dushobora no kwishimira mu mutima ndetse n'igihe dusiganwa tujya mu mirimo yacu. Dushobora ndetse no kwiyongeraho izindi mbaraga n'ubuzima bushya kuko Bibiliya ubwayo itubwira ko umunezero w'Imana muri twe ari imbaraga.<sup>1</sup>

Dufite guhitamo. Dushobora guca ku musozi w'ibigeragezo cyangwa dushobora kuririmba uko tubyumva. Uko byamera kose ariko, tugomba kwemera guca mu bigeragezo, ariko tukabicamo dufite imitima yishimye.

Dore icyo twigishwa n'Imigani 17:22 *“Umutima unezerewe ni umuti mwiza... mbese iyo tuba twabagaho twishimye twagira ubuzima bwiza.”*

Bibiliya yiswe *Amplified* ivuga muri uwo murongo ko umutima wishimye ari umuti mwiza... Imigani 15:13 iravuga ngo *“umutima unezerewe ukeshya mu maso, ariko umutima ubabaye utera ubwihebe.”* Bibiliya ikoresha ijambo “gucya mu maso” ahantu henshi, ni yo mpamvu tugomba kuriha agaciro karyo. Ubukeshya bwacu bwerekana uko tureba. Imana yitaye ku buryo dukeye mu maso kuko ibyo bigaragaza niba twamamaza Yesu cyangwa niba tugaragaza ishusho ya Satani. Ni yo mpamvu tugomba kwiga kugira uburanga bunezeza n'indoro ihimbaza mu ruhanga rwacu.

Umugabo wanjye afite umunyamabanga uhora yisekera. Ndakeka ko uko ari ko Imana ishaka ko twese tumera. Iyo duseka dutuma abandi banezerwa, bituma n'abandi babohoka bakanatwishimira. Usanga binejeje cyane kubona abantu basekera abandi kandi bikaba bisharira kubona abantu barebana ay'ingwe, ndetse biteye umutekano muke. Rimwe na rimwe ibibazo byacu byose ntibituruka kuri Satani- usanga ari inkurikizi z'ibyo dutekereza n'ibyo dukora. Tugomba kwishima. Iyo dutuje kandi duseka, bituma twebwe ubwacu n'abo turi kumwe twumva tunezerewe.

Umwe mu mirongo nkunda cyane ni Yohani 10:10 aho Yesu avuga ati *“Umujura ntazanwa n’ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko njyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo ndetse ngo zibone bwinshi.”* Kimwe mu bintu bituma nkunda uyu murongo ni uko namaze imyaka myinshi mu buzima ntekereza ko atari byiza kwinezeza. Kubera iyo mpamvu, Imana iherutse kunyibutsa ngo: *“Joyce, ndashaka ko wishima mu buzima.”*

Ubu ndi umukozi: hari igihe usanga nagoswe n’akazi nshaka kurangiza ibintu vuba ku buryo nibagirwa kuruhuka no kwishimira ubuzima. Iyo ni yo mpamvu umugabo wanjye we akunda kwiruhukira no kwinezeza.

Abyuka mu buriri mu gitondo aririmba. Njyewe iyo ntarebye neza, mbyuka nihutira gutekereza ku bintu bimwe na bimwe. Niba atari ikibazo mfite cyo gukemura, mba ngomba kwita ku cy’undi. Usanga mfite ikintu nerekejeho umutima cyangwa ninginga Imana ngo ikinkorere. Biba bingoye kukibona ubwanye njyenyine kugeza ubwo Imana insaba gusohoka no kwinkuriza indabyo, kujya kwitegereza inyamaswa cyangwa gushakisha ibyishimo kugira ngo nongere nshyire ibitekerezo ku gihe. icyo ni cyo yambwiraga ubwo yagiraga iti *“Joyce, ndashaka ko wishima mu buzima.”* Imana ni ubuzima, kandi n’ikintu cyose yaremye ni igice cy’ubwo buzima. Usanga twafashwe cyane n’akazi kacu, dushakisha gukomeza umuntu wese no gutera imbere mu buzima... ku buryo nitutaba maso tuzapfa bitungaranye, ubwo buzajya gucya abo tubana basange tutakiri bazima.

Simpamya ko Imana yaremye isi n’ibintu byiza byose biyiriho ngo tutabyitaho, ahubwo kwari ukugira ngo tubyifashishe mu gukemura ibibazo byacu bya buri gihe. Imana irashaka ko tunezerwa mu buzima. Ni na byo Yesu yavugaga muri Yohana 10:10, avuga ko yaje kugira ngo tugire ubugingo kandi tugire bwinshi, bwuzuye bugasendera kandi bukameneka ku bandi baturi hafi. Ubwo Yesu yavugaga ku mwanzi muri uyu murongo, ntiyavugaga gusa umubi, yavugaga no ku myizerere y’amadini yo muri icyo gihe.

Niba hari ikintu kiba umunezero wo mu bugingo muri twe, ni amadini afite kwizera gukayutse ndetse gupfuye. Bibiliya ntijya ivuga ku byerekeye amadini. Ivuga ibyerekeye imibanire y'umukristo na Yesu. Idini nta kindi rivuga uretse ko ari urusobe rw'imyizerere n'amategeko dusabwa gukurikiza ngo tubashe kumenya Imana.

Abanyamadini batinya umudendezo. Batinya gukora ikintu bivumburiye gitandukanye n'ibisanzweho kuko bakeka ko baba batandukiriye ku mahame bemeje kandi bagenderaho. Hari igihe ntemeranya na bo kuri icyo kintu. Kuva kera kugeza n'ubu usanga ndakara - bidakabije ariko - iyo mbona hari abashaka kungendesha mu kigare cy'ibintu bidasobanutse. Ubwo mpita nsa n'uwikabushe ngasa n'uhindutse undi wundi.

Yesu yigeze kurakarira abanyamadini bo mu gihe cye. Yabise ibituro bisize ingwa byuzuye amagufa yumye y'abapfu.<sup>2</sup> Muri bo ntiharimo ubugingo buzima, kandi inyigisho bahaga abandi zarushagaho kubakingirana aho kubabohora ngo bazuke. Nigeze gusoma ahantu ngo mu gihe Yesu yabonekaga ku isi, abigishamategeko bari barafashe amategeko icumi maze bayahinduramo amabwiriza ibihumbi n'ibihumbi abantu bagombaga gukurikiza. Urumva na we agahato nk'ako n'inkovu z'ibyaha zahoraga ku mitima yabo kubera ko batsinzwe no kubahiriza amategeko n'imihango.

Abantu benshi barwanya urucantegye kuko ari intwari ya Satani ku bugingo bwabo. Yesu nta bwo yadupfiriye ngo tugume mu ntambara zidashira. Arashaka kuduha insinzi. Ikibazo ni uko gusa tudafata ingamba zihanye ngo dushyikire icyatumye adupfira. Nkanjye mu buzima sinigeze mba umurwanyu mwiza. Narakijijwe, nuzura Umwuka Wera mpita mbona akazi mu bikorwa by'ivugabutumwa, ariko sinigeze mbyishimira na rimwe. Njyewe nari mfite inshingano kandi ngakora akazi kubera ko uko ari ko nteye. Njyewe ndi umugore wuzuzanya neza inshingano ze. Sintunganya inshingano zireba ubugingo bwanjye gusa, kuko mfasha n'abandi bantu uko mbishoboye.

Dave we abona ibintu mu bundi buryo. Urugero, igihe nabaga ndimo gukosora umuhungu wacu w'imfura Davidi yakoze ikosa, wasanganga mara igihe kinini ntashobora kwiyumanganya ngo ibintu bigaragare

nk'ibyarangiye. Nyamara Dave we yahitaga asubira uko asanzwe, akisubirira mu mirimo ye ntiyongere no kubitekerezaho.

Byatumye ntangira gutekereza, **mfite ikibazo ki? Kuki ntashobora gutuza nka Dave ngo ndekere aho gukomeza kuzengera?** Ubwo nyuma Dave yaje kumbwira ati “Joyce, urongeye ufashe inshingano yo gusubiza Davidi umunezero we. Uwo si umurimo wawe, icyawe ni ukumukosora gusa. Imana ni yo ishobora kumusubiza ku rufatiro no kumusubiza umunezero we.”

Nakuriye mu muryango w'akababaro aho nta muntu washoboraga kwishima na rimwe, bityo nkagerageza gushimisha umuntu wese. Wasangaga meze nk'umuntu uzana amahoro hagati y'abantu mu buzima bwanjye. Najyaga nkunda kubaza umuntu nti mbese nagukorera iki ngo wishime. Nageragezaga gutunganya ubuzima bwa buri wese ariko njyewe ntashobora gutunganya ubwanjye. Nageragezaga kubera abandi urumuri no kwishimisha. Twige kunyurwa n'ibyo dukora. Uko akazi kawe kaba kameze kose, ujye ukishimira. Ntutegereze ko ibintu bizahinduka bikaba byiza mu buzima bwawe utarabanza kwiga kunezerwa. Tangira wige kunezerwa uherye ubu.

Ntugakunde kugenda uvuga uko utekeza ibintu buri gihe. Iyigishe gufata ibyemezo. Jya ukora ufite intego. Komeza imbere kandi usuzugure Satani ugaragaza kunezerwa nubwo waba utabishaka rwose. Ibyo bizamutesha umutwe akuveho.

Muri Yohana 15, Yesu yigisha abantu kuguma muri we. Kandi kuguma muri we bivuga mu mwanya w'uburuhukiro. Ku murongo wa 11 w'icyo gice, aravuga ati “*Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n'umunezero wanyu ube wuzuye.*”

Kuri njye birashaka kuvuga ko Yesu ashaka ko tunezerwa. Yabivuze muri uriya murongo kandi abisubiramo muri Yohana 10:10. Mu gice cya 17:13, yasengeye abigishwa be agira ati “*Ariko none ndaza kuri wowe, kandi ibyo mbivuze nkiri mu isi ngo bagire umunezero wanjye wuzuye muri bo.*”

Yesu ashaka ko tunezerwa. Ashaka ko tugira umutima unezerewe. Ashaka ko tugenda dufite kumwenyura ku isura yacu kugira ngo abo turi kumwe bose tubakongeze ineza n’ituze. Nyamara igihe kinini usanga turi ba nyamwigendaho tutihanganira ibyo abandi bibwira. Kandi turacyajya mu nsengero no gukomanga ku bandi ku bitugu ngo “*Ndagukunda mu izina rya Yesu.*” Urukundo rwacu rugaragarira mu bintu bito bito dukorera abandi-cyangwa tutabakorera kubera ko tutabishaka. Ni ikihe kinyuranyo twazana mu rugo rwacu, mu rusengero, cyangwa mu isi igihe twatangira kwerekana ibyishimo, gusekera abandi, no kugira umutima unezerwa?

### **10. *Umutima mushya.***

*Nanjye nzabaha umutima uhuye kandi mbashyiremo  
Umwuka mushya, umutima w’ibuye nzawukura mu mubiri  
wabo mbahe umutima woroshye.*

Ezekieli 11:19

Bibiliya iratubwira kugira umutima mushya. Muri iki gice, umuhanuzi Ezekieli arerekana ko Imana isezeranya ubwoko bwayo kubuha imitima mishya, igasimbuza iy’ibuye, imitima yinangiye yari muri bo ikabashyiramo imitima yumva kandi iyumvira. Iri sezerano yarisubiyemo muri Ezekieli 36:26, aho Imana yavugaga ngo, “*nzabaha n’umutima mushya, mbashyiremo Umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk’ibuye, mbashyiremo umutima woroshye nk’inyama.*”

Twese tumenyereye ikitwa guhabwa umutima mushya mu gihe cyo kuvuka ubwa kabiri. Ukuvuka ubwa kabiri cyangwa kubyarwa n’Umwuka bibaho iyo twakiriye Yesu mu mitima yacu. Ibyo bidukura mu buryo bwacu bw’imibereho y’isi bikadushyira “muri Kristo.” Ni uburyo bushya bw’imitekerereze, imivugire n’imikorere.<sup>3</sup> Ariko hirya y’ibyo byose, igitabo cy’Abaroma, 12:12 kitubwira kugira imitima ivuguruwe kuba mishya rwose. Muri Efeso 4:23, dusoma ko

tugomba guhora duhindurwa bashya mu mwuka w'ubwenge bwacu kandi tukambara umubiri mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse. Imyitwarire mishya itangirira mu mutima. Umutima wacu uhindurwa mushya n'Ijambo ry'Imana. Gusoma Ijambo buri muni bisazura imitima yacu kandi bigahindura imyitwarire yacu. Niba tugiye kuba abayobozi mu murimo w'Imana, kuyikorera tutaryarya no kwerekana kamere y'umubiri n'iy'Umwuka ashaka ko tugira, tugomba kwerekana imitima mishya buri gihe.

Dukeneye kuvugururwa mu bugingo umunsi ku wundi kandi kenshi bishoboka mu muni kuko byoroshye cyane kwandura imyitwarire itari myiza. Imana ntishaka ko tugira imitima yanduye, irashaka kuduha imitima mishya.

## **11. Umutima wumva**

*Mwana wanjye niwemera amagambo yanjye, ugakomeza amategeko yanjye, bituma utegera ubwenge amatwi, umutima wawe ukawuhugurira kujijuka, niba uririra ubwenge bwo guhitamo, kandi ijwi ryawe ukarangurura urihamagaza kujijuka, ukabushaka nk'ifeza, ukabugenzura nk'ugenzura ubutunzi buhishwe, ni bwo uzamenya kubaha Uwitaka icyo ari cyo, ukabona kumenya Imana.*

Imigani 2:1-5

Tugomba gusaba impano zo kubasha kumva Ijambo ry'Imana n'ubushake bwayo, kwiyumva bwacu no kumva abandi. Impamvu ituma tutumva abandi ni uko dutandukanye muri bimwe. Dutekereza ko iyo tudafite imyumvire nk'iyabo hari icyo bashobora kudutwara. Bigatuma tutabumva na gato. Ni yo mpamvu tugomba gusaba Imana umutima wumva abandi kuko, uwo mutima uri mu byo umuyobozi mwiza agomba kuba afite. Bishoboka bite ko twabwiriza abantu tutazi na gato ibibazo bafite?



Inzira imwe yatumenyeshya ibibazo intama zifite ni uko natwe twaba twarabiciyemo. Ntibivuga ko twaba duhura n'ibibazo byabo neza neza, ariko ndahamya ko umuntu adashobora kumva uko undi ababayeye atarigeze na we ubwe ababara. Biba byiza iyo dufashije umuntu uri mu bizazane natwe twanyuzemo. Nyamara biba bihabanye, bisa n'inkuru gusa, ibiganiro no gucira abandi imanza igihe bagutakira ikintu utigeze uhura na cyo mu buzima, ngo wige kucyihanganira. icyo gihe igisubizo cyawe kiba cyoroshye ngo "Yewe ga mushiki wacu, mwene data, urasabwa kwizera Imana gusa..." Urabona itandukaniro rihari iyo umuntu aje kudutura ikibazo natwe twahanganye na cyo amezi agashira andi agataha. icyo gihe twifata neza tukumva ikibazo cye tugira tuti "Ndakumva rwose uburyo uremerwe."

Twese dukeneye kumvwa. Usanga twese ari cyo twibutsa Imana tuboroga iyo tugeze mu bikomeye. Natwe dutakambira Imana ngo itwumve. Yesu arumva nk'uko tubibona mu Bahebulayo 4:15,16: "... *Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana na twe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse y'uko atigeze akora icyaha...*" Yesu ashobora kudufasha kuko azi ibitugora. Tugomba kumubwira ibyacu byose kuko yiteguye kutwumva. Niba dufite ubwoba bwo gucirwa imanza n'abandi no gusuzugurwa ibyo ntitwabishobora kandi n'abandi ntibazatwisanzuraho ngo badufungurire imitima yabo.

Ni yo mpamvu twebwe nk'abayobozi tugomba kugira umutima wagukiye kumva no kwiga kumva abandi. Uburyo bwo kugera kuri icyo kintu ni ugufata igihe tugatekereza uko mugenzi wawe aba amerewe mu bihe runaka. Dusanga mu itorero ryo muri iyi minsi ko abantu ari ba nyamwigendaho, barikunda. Twita ku nyungu zacu gusa. Dushoboye gutekereza by'ukuri ku bandi bantu, twajya ducira bugufi kubafasha mu bibagoye.

Ndemeza ko Yesu atajyaga asengera abantu igihe kirekire ngo bigaragare ko ababaranye na bo byo gukabya. Ahubwo ndibuka igihe kimwe muri Bibiliya aho umugabo waje atabaza Yesu amusaba kumukiriza umuhungu wari utewe na dayimoni wamutezaga ububabare bwinsi, Yesu yaramubajije ngo yafashwe ryari. Kuri Yesu nta kumukiza

kutari uko, ndahamya ko yamubajije atyo mu buryo bwo kugirira uwo mwana na se impuhwe nyinshi, kuko yari yazibagiriye akimubona.

Tujye twita ku ngorane z'abandi tubabaza ibibazo byerekana uko bamerewe nk'iki ngo – ibyo byakubayeho kuva ryari? Ubabara ute kandi kuva ryari? Iyo abizera bamwe babajije umuntu uko amerewe akabasubiza ko afite ibihe bitameze neza, usanga bamwe bashaka gusubiza ngo “nta cyo Imana ishimwe,” nyamara ku kibazo nk'icyo umuntu ubabayeye aba ategereje ko tumwereka umutima wo kumwitaho no kubabarana nawe.

Masenge n'umugabo we bari abakristo beza, ariko ntibari bahuje idini nk'uko tubisanga mu bakristo benshi. Ubwo marume yapfuka, abantu dukorana muri minisiteri yacu baje mu rugo nko guha icyubahiro cya nyuma nyakwigendera. Umwe muri abo twari turi kumwe yabonye masenge ari kurira, amuvugisha ubona nta mutima mubi abivuganye ati “Imana ishimwe.” Ubwo masenge yumvise akomeretse, kandi ayo magambo yamubabajije igihe kirekire, kugeza ubwo yaje kumbaza ati ariko bishoboka bite ko mu isi habamo abantu babona umuntu yapfushije umugabo bakavuga ngo Imana ishimwe?

Birumvikana koko ko mu bihe biruhije nka biriya tugomba gukomeza gushima Imana, ariko iyo ubona umuntu afite agahinda kenshi nk'uko masenge yari ameze icyo gihe, ijambo nk'iryo ntiryagombye guhinguka mu kanwa. Mu Bakorinto 1, 9:20, Pawulo yavuze ko igihe yabaga ari kumwe n'umuyuda yakoraga nk'ibyo akora, yaba ari kumwe n'umugiriki na bwo agakora nka we. Yakoraga gusa ikintu cyose cyabasunikira kuri Yesu gifpa kuba kitababaza. Urwo ni uruhare rumwe rwo kutaba nyamwigendaho.

Mu mwanya wo kuba nyamwigendaho no kwikunda, aho twitekerezaho ubwacu gusa, tube abantu bababarana n'abandi kandi babumva. Ibyo tubigeraho dushaka Imana. Tuyishaka dusoma ijambo ryayo, tuyisenga kandi tuvugana na yo buri muni. Kuyishakisha bizadutera kugira umutima wumva abandi.

## 12. *Umutima ugira intego*

*...Uwo ni wo mugambi wagiriwe isi yose, kandi uko ni ko kuboko kwaramburiwe amahanga yose. Ubwo Uwiteka nyiringabo ari we wabigambiriye ni nde uzamuvuguruzza? Ukuboko kwe kurabanguye, ni nde uzaguhina? Iyi mirongo iratwerekako ko Imana ari Imana igira umugambi, kandi ko iyo itekereje isohoza.*

Yesaya 14:26,27

Yesu yari azi umugambi w’Imana. Nk’uko twabibonye muri Yohana 10:10, yavuze ko yaje mu isi ngo tubone ubugingo. Muri Yohana 18:37, yabwiye Pilato ngo “...iki ni cyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi: ni ukugira ngo mpamye ukuri, uw’ukuri wese yumva ijwi ryanjye... Yohana yanditse kuri Yesu “...Ku bw’iyo mpamvu, Umwana w’Imana yarabonetse, kugira ngo akureho imirimo y’umwijima.”<sup>5</sup> Ni byiza ko tugira intego, nyamara abantu benshi si ko babibona. Baravangirwa kubera ko bakora nta ntego bakoreraho. Iyo tudafite intego, twumva nta cyo tumaze, turi imburamumaro. Nyamara tugomba kumva ko twambukiranya ibihe binyuranye mu buzima bwacu. Ndetse n’ubu mwumve ko mugeze mu keragati cy’urugendo rwambukiranya ruva mu gihe kimwe rubinjiza mu kindi. Niba ari ko biri kuri wowe ntucike intege. Imana izakwerekako icyo ukwiye gukora ku ntambwe ikurikiraho. Akenshi uzasabwa gusohoka hanze no gushakisha ibintu bike bishobora kugufasha kunezerwa, ariko wemere ko icyo wagambirira cyose ugomba kugira intego kandi ntuzagera ku munezero rwose utayigezeho no kuyigenderamo neza.

Imana ifite umugambi kuri buri wese muri twe. Irashaka ko twese twishimira ubuzima yaduhaye. Ibyerekeye intumbero zacu twiha, ibyo bishobora kunyurana nk’uko abantu na bo bazishyiraho banyuranye n’uko ibihe bigenda bikurikirana mu buzima. Mu ikubitiro, umugambi wacu ugomba kuba uwo kubaka urugo no kurera abana bacu. Uwo ni wo muhamagararwo mukuru. Iyo abana bacu bamaze gukura, tuba tugomba kwimuka tujyana abantu ku Mana binyuze mu masengesho no guhimbaza. Icyo twakora cyose, tugomba kugukora twagikoreye

umugambi kandi tukagikorana intego. Njyewe ndi umugore ugira intego, kandi ntibimbabaza kuko nzi ko abantu bagira intego ari bo bagera kuri byinshi mu buzima. Abayobozi bagomba kumenya intego zabo, kandi bagomba kwiyemeza gukorera mu ntego bihaye. Niba badakoze batyo nta cyo bazageraho.

Tugomba no gukunda intego zacu. Ntidukora ibintu kubera ko bitumereye neza gusa, ahubwo ni ukubera ko tugomba kubikora dutyo. Urukundo si ibyiyumviro byo mu mutima twihingamo ngo dukunde abantu ku ngufu, ni icyemezo dufata cyo gukunda abantu. No gutanga ni ko bimeze. Ntidutanga kubera ko tubishaka, dutanga kubera ko twemezwa n'Ijambo ry'Imana kubikora. Dutanga muri gahunda kandi dufite intego. Ni na ko biri ku byerekeye kuba umunyabuntu, kuba umuntu mwiza, kugendera mu Mwuka. Ntidukora ibyo bintu kubera ko tubishaka rwose, ahubwo kubera ko ari byo dusabwa gukora. Urukundo, ibyishimo, amahoro, ukwihangana, umutima mwiza, ingeso nziza kimwe n'izindi mbuto zose z'Umwuka<sup>6</sup> ibyo byose ni ibimenyetso by'Umwuka Wera twakira mu gihe twizera Yesu nk'umukiza wacu. Izo mbuto tubasha kuzuhira igihe tuzibungabunga muri ya ntego twiha.

Kamere yacu ntizemera buri gihe ko tubungabunga izo mbuto. Ariko tugomba guhitamo gukunda intego zacu, tugatanga dufite intego, tugashaka amahoro dufite intego. Niba dushaka amahoro, tugomba kwiha intego yo kuyageraho, kuko Satani na we ahagurukira kuyarwanya inshuro ijana buri muni. Ikintu cyose dukorera abandi kigomba kuba gifite intego, tukagikora nk'abantu bafite intego, kikava ku mutima ufite intego.

### **13. Umutima uzirikana.**

*...Ariko Mariya abika ayo magambo yose mu mutima we,  
akajya ayatekereza...*

Luka 2:19

Nk'uko tumaze kubibona, ni ngombwa kugira umutima uzirikana atari wa wundi utekereza cyane gusa. Imana ntishaka ko tugira

umutima ujya kure, ntishaka ko tugira umutima uhora wibaza cyane ku by'ubu buzima, ahubwo idusaba kuzirikana ibyo twumva. Birashoboka ko twakwerekana igihe twaretse kuzirikana tukagera mu gutekereza cyane, duhereye ku gihe twatangiriye guta umutwe kuvangirwa. Iyo tuvangiwe, ntituba tukibuka no kuzirikana mu mitima ahubwo tuba twinjiye mu ntekerezo zitagira iherezo zo muri ubu buzima.

Umwari Mariya yari afite ibintu byiza byaberaga imbere muri we. Yari inkumi nziza yubahaga Imana ku buryo malayika yamugendereye akamubwira ko azabyara Umwana w'Imana. Ashobora kuba yaratangiye gutekereza kuri Yosefu bari bagiye gushyingiranwa, ashobora kuba yarahise atekereza ku babyeyi be, uko yari kuzababwira n'uko bari kuzabifata, yahise yibaza niba hari umuntu ushobora kuzemera iyo nkuru.

Ibyo Mariya yatekereje byose n'ibyo yiyumvisemo, yakomeje kubitegereza kuko yabwiye Marayika w'Imana ati "Ibyo uvuze bingirirweho."<sup>7</sup>

Igihe umwana yavukaga, n'abamarayika bakabonekera abashumba bakabemerera kuza mu kiraro kuramya akana Yesu, abashumba bavuze ku byari byabaye. Ayo magambo ni yo Mariya yabitse mu mutima we akomeza kuyazirikana, nk'uko tubisoma muri Luka 2:19.

Ndizera ko iyo Imana ituvuzeho ibintu, tujya tubibika mu mitima yacu. Iyo Imana itubwiye ikintu, iduha n'ubushobozi bwo kucyizera. Iyo dutangiye kukibwira abandi, bashobora gutekereza ko twataye umutwe. Mushobora kuba mwarumvise amagambo yamvuzweho ubwo nari maze kubwira abantu ko numvise ijwi ry'Imana n'umuhamagaro wayo wo gutangira umuryango y'ivugabutumwa. Bafatiraga ku mateka yanjye bari bazi bakabona n'ibihe nari ndimo ntihagire n'umwe wo kunshyigikira. Iyo ni imwe mu ngorane yo kuganira n'abantu benshi ku iyerekwa ryawe, baduca intege aho gukomezwa. Abantu benshi nta mbaraga baba bafite zo kwizera ibyo Imana yatubwiye. Hari umuntu wavuze ko Dave nanjye tuyobora umuryango dukoresheje impano yo kwizera, nanjye nasanze ari byo koko, dufite impano yo kwizera mu byo dukora byose.

**Iyo Imana iguhamagariye gukora umurimo, iguha n'ukwizera ko kuwusohoza.** Ntugomba kujya wirirwa uvuga ngo ntiwabasha gukora ibyo yagutegetse gukora. Singitinya amaso y'imbaga n'ibyo abantu bantekerezaho. Sinkibaza ibyerekeye amafaranga yo kwishyura ibikorwa byo mu kazi kacu kandi ni menshi ku buryo butangaje, kuko tugomba kuvuga ubutumwa kuri radiyo na televiziyo inshuro nyinshi. Ivugabutumwa rikoresha itangazamakuru rirahenda cyane, ariko ibyo ntibinkanga! Byajyaga bimbaho kera ariko ubu byarangiye. Iyo tugize amahirwe yo gukorera kuri radiyo ihenda cyangwa ku murungo wundi usaba byinshi, ndivugira gusa nti “Yego, ndabyizeye, dushobora kujyayo,” iyo na yo iba ari impano yo kwizera.

Iyo ufite impano yo kwizera, ibintu byose bisa n'ibitworohye, ariko ku wundi ubuze iyo mpano, ibyo byagaragara nk'ibidashoboka. Igihe Imana yavugishaka Mariya icyiye mu umuhanuzi wayo, hari impano yo kwizera yamanukanye n'iryoyi ari na yo yatumye Mariya agira ati “Ibyo uvuze bingirirweho nk'uko ushaka Data.” Kandi yari n'umunyabwenge kuko atirukankiye mu mihana kubwira rubanda ngo “Imana yangendereye imbwire ko nzabyara Umwana w'Imana. Ngo ngiye gusama inda y'Umwuka Wera, kandi ngo umwana nzabyara azaba umukiza w'abari mu isi bese...” Iyo ajya gukora ibyo, yashoboraga gufungirwa ahantu hatazwi. Mariya yari azi gufata umunwa we no kuzirikana mu mutima we.

Nyamara twebywe iyo Imana ituvugishije mu Ijambo ryayo cyangwa mu mutima, icyo dukora vuba ni ugushaka kwiruka kubibwira buri wese ko Imana yatugendereye. Tugomba kumenya ko niba Imana yatubwiye ikintu kizasohora ku mugaragaro abantu bakakibona, si ibyacu rero kujya kumvisha abantu ko twumvise ijwi ryayo. Iyo Imana ivuganye natwe ikatubwira ibintu tutumva neza, bidasobanutse neza, ibintu tudashyikira neza, dusabwa kubitekerezaho gato aho kwirukankira kubibwira abantu bese. “Imana yambwiye... urabitekerezaho iki? Akenshi n'abantu twirukira tubasaba inama nta rufatiro baba bafite mu Mana, ahubwo bakaba aba mbere kutubwira ibyo dukwiye gukora.”

Kenshi turavuga cyane, ibyo bikatugeza muri kwa guta umutwe twavuze. Iyo Imana itubwiye ikintu dusabwa gutuza no gutegereza,

tugafunga iminwa yacu kandi tukazirikana mu mitima, tuyibwira tuti “Ibyo uvuze bingirirweho, umpe ubusobanuro bwuzuye kandi unyigishe uko nakwitwara muri ibyo bintu ushaka kunkorera.” Ntitukagire umutima wibaza cyane... tugire umutima uzirikana gusa ibyo twumvise kugira ngo twibere mu mutuzo n’amahoro.

#### **14. Umutima ubabarira**

*...Nuko Petero aramwegera aramubaza ati  
“Databuja mwene data nangirira nabi nzamubabarire  
kangahe? Ngeze karindwi? Yesu aramusubiza  
ati Sinkubwiye yuko ugeza karindwi, ahubwo yuko ugeza  
mirongo irindwi karindwi.*

Matayo 18:21,22

Nk’abayobozi, ntituzatera imbere niba tutazi kubabarira abadukorera amakosa. Ni cyo kintu tugiye kujya dukora buri gihe. Yesu atubwira yeruye muri Bibiliya ko nitutababarira abandi ibyaha byabo na Data wo mu ijuru atazatubabarira ibyo twamucumuyeho.<sup>8</sup>

Twakumva tumeze dute Imana na yo yanze kutubabarira, ntitwongere kugira ubusabane nayo? Ibintu byose mu buzima bwacu byaba bihagaze. Tujya twishuka ko dushobora kurakarira abandi bantu tugakomeza gushaka Imana ngo itubabarire ibicumuro byacu, nyamara Yesu atubwira muri Bibiliya ko atari ko biri. Yesu yatwigishije gusenga ngo “utubabarire ibicumuro byacu nk’uko natwe tubabarira aducumuyeho.”<sup>9</sup> Imana yacu ni Imana y’imbabazi, ariko ijambo gusaba imbabazi ni itegeko kuri yo. Mu ijambo ryayo ntihwema kutubwira ngo niba dushaka imbabazi natwe tubanze tuzitange.

Muri matayo 18:21,22 Petero yabajije Yesu inshuro agomba kubabarira mugenzi we ngo niba ari inshuro zirindwi gusa! Yesu yaramusubije ngo si zirindwi gusa, ahubwo ni mirongo zirindwi karindwi. Sinzi ibyawe ariko nishimiye ko Imana itashyizeho umupaka ku nshuro izababarira abantu bayo. Ni bangahe muri twe bakoze amakosa inshuro mirongo irindwi karindwi kandi Imana ikaba

yaratubabariye? Twebwe turashaka guhora tubona imbabazi ziva ku Mana ariko biratangaje kubona twebwe dushaka kuzitanga gake gashoboka. Dutanga imbabazi iyo tubishatse, ariko biratangaza iyo tubona tugora abandi, tukabashyiraho amategeko n'impamvu kugira ngo tubahe imbabazi nk'iyi badukoshereje mu buryo bumwe cyangwa mu bundi. Bibiliya yo iratubwira ngo ibyo abandi baducumuriye ni byo bike kurusha ibyo twacumuye ku Mana.

Muri Matayo 18:23-25, Yesu yaciye umugani w'umugaragu wari urimo shebuja akayabo k'amafaranga kandi yarakamubabariye. Nyamara uwo mugaragu yongera kugaragara yishyuzwa bya nabi undi mugaragu mugenzi we wamugombaga udufaranga duke, amushyiraho ibikangisho byo kumujugunya mu munyururu niba atamwishyuye ayo mafaranga ye uwo mwanya. Uwo mugaragu yakomeje kwinginga mugenzi we ngo amubabarire azamuhe amafaranga yayabonye ariko undi aranga amushyirisha mu munyururu. Abandi bagaragu babimenye, babwiye sebuja we iyo nkuru ahita ahamagara wa wundi arakaye cyane aramucyaha ati “Watinyutse ute kumva iruhande maze kuguha imbabazi z'akayabo k'amafaranga wari undimo ukihutira kujya kuniga mugenzi wawe ukurimo udufaranga tw'ubusa busa.”

Bibiliya itwigisha ko hari ibihano bitegereje imyitwarire nk'iyi. Ndahamya ko ibibazo byinshi dufite mu buzima ari ingaruka zo kutababarira abandi kwacu. Umwe mu bakobwa banjye yaravuze ati “Biragoye kubona akazi mu muryango wanyu, ariko na none birakomeye kukavaho wagahawe” Ibyo ni ko biri koko. Twitondera gusoma neza amabaruwa y'abo tugiye guha akazi, kandi tukabanza kubagenzura mbere y'uko bahamagarwa ngo babe abakozi b'umuryango wacu. Ariko iyo bageze ku murimo, turakorana, tukajya inama, tukabakosora kenshi cyane.

Akenshi nta gihe mba mfite cyo gukora utwo tuntu twose. Ariko Umwami ajya anyibutsa igihe kirekire yanyigishije mu myaka yose ngitangira umurimo w'ivugabutumwa, kuko icyo gihe nari mfite ibibazo. Ntiyigeze ansezerera kuri uwo murimo ngo ni uko byananiye ngitangira, ahubwo yaranyizeraga, yari yarantoranyije, agakorana nanjye, akangira inama kandi yakomeje kumfasha kuri uwo musozi



nazengurukaga. Uko ni ko natwe dukorana n’abakozi bacu. Igihe cyose umuntu ashobora gukosorwa, dushobora gukorana. Abo tudashobora gukorana ni ba bandi buzuye ubwirasi badashobora kubwirwa ijambo. Ikintu kimwe tudashobora kwihanganira ku kazi kacu ni amahane kuko yangiza umuhamagaro. Indunduro y’iyi nyigisho ni uko, niba tugiye gukorana n’abandi, tugiye no kwiga kubabarira.

### IMBABAZI ZIBYUTSA UMUHAMAGARO

Mu murongo wa 34 wa Matayo 18, Yesu atubwira ko shebuja wa wa mugaragu utagira imbabazi yahise amujugunyira abantu bamukubita, bakamuta mu nzu y’imbohe kugeza ubwo yamwishyuye wa mwenda we wose. Nahise numva ko iyo twanze kubabarira abandi, ni twe tuba twishyize mu munyururu w’intekerezo mu mitima yacu. Ni twe tuba twibabaza kurusha uko twababaza undi wundi, kuko iyo tubibye gusharira, kubabaza abandi no kutababarira bagenzi bacu, tuba twishyira mu ngorane.

Muri iyi mirongo, Yesu yigishaga abantu ngo *“Nuko rero nimutababarira ababacumuraho na Data wo mu ijuru ntazabababarira.”*

Niba mushaka gukoreshwa n’Imana mu mirimo muyikorera, mugomba kwiga kubabarira, kuko aho ni ho Satani akunda kurwanyiriza abakozi b’Imana. Arashaka ko twicwa n’ubusharire, guhemuka no kutababarira kuko azi ko amahane n’ububi bishobora gutuma dufunga imiryango yacu y’ivugabutumwa.

Bibiliya itubwira ko aho ubumwe buri haba hari ugusigwa kw’Imana.<sup>10</sup> Twamaze kubona ko gusigwa amavuta ari imbaraga z’Imana. Ni ubushobozi bwayo bushyirwa kuri twebwe budufasha gukora ibintu mu buryo butworoheye kandi byashoboraga kudukomerera. Ntibishoboka gukora umurimo w’Imana udasizwe amavuta. Hashobora kubaho ububyutse mu materaniro yacu hatariho gusigwa amavuta, ariko ntihabaho ivugabutumwa rihamye hatabayeho gusigwa k’umukozi. Iyo mu murimo hatarimo amavuta, abantu ntibaza gukizwa. Nubwo baza kandi, ntibatinda mu murimo kuko benshi

bagaragaza ukunyuranya hagati y'ububyutse n'ugusigwa amavuta. Ngomba kugira umuhamagaro w'Imana ngo nyobore umuryango wanjye, kuko nta kindi kindi mpugukiramo. Mfite impano yo kwemeza abantu, ibyo birampagije. icyo nzi ni uguhagarara imbere y'iteraniro nkagerageza guhesha Imana icyubahiro. Nta kindi kintu gitangaje nkora. Ntambuka gusa mu kwizera no mu gusenga nizeye ko Imana igiye kwikorera imirimo- kandi yadusezeranyije kubikora.

Nahishuriwe ko ntashobora kuba intababarira ngo nkomeze kumva amavuta y'Imana kuri nje. Sinshobora kugira umwiryane ku murimo, mu rugo, ku mugabo wanjye no mu bavandimwe ngo nkomeze kwizera amavuta y'Imana kuri nje. Niba ushaka kumva amavuta y'Imana n'umuhamagaro wayo, ugomba kwiga kugira umutima udasharira, wiyunga vuba, kandi wihutira kubabarira.



# UMUTWE WA 10



## IMIMERERE Y'UMUTIMA UTUNGANYE, IGICE CYA 3

**M**uri iki gice, turareba imiterere inyuranye y'umutima uboneye Imana ikeneye ko tugira kugira ngo idukoreshe nk'abayobozi batunganya inshingano zabo. Nk'uko watangiye kubishyira mu bikorwa, ndizera ko bigufasha guhaguruka mu mwanya uhagazemo ugana aho Imana ishaka ko uhagarara.

### *15. Umutima wagutse.*

*...Umugore witwa Lidiya waguraga imyenda y'imihengeri,  
wo mu mudugudu witwa Tuwatira wubahaga Imana  
aratwumva. Umwami Yesu amwugururira umutima, kugira  
ngo yite ku byo Pawulo yavugaga...*

Ibyakozwe n'intumwa 16:14

Mu mudugudu w'i Filipi aho Imana yari yayoboye Pawulo n'abo bari kumwe, hari itsinda ry'abagore bari bicaye ku mwaro w'umugezi basenga. Pawulo atangira kubavugisha ababwira ibintu batigeze bumva na rimwe. Bari bamenyerereye kubaho bakurikiza amategeko ya kiyuda, maze Pawulo abagezaho ubutumwa bw'imbabazi. Umugore witwaga Lidiya yari afite umutima wagukiye kwakira ibyo Pawulo yigishaga.<sup>1</sup>

Impamvu umutima wagutse ari ishingiro rya byose ni uko tutawufite ntaho twaba dutandukaniye n’abandi bose. Biratangaza ko hari ibintu byo muri Bibiliya tutizera kubera ko tutigeze tubyigishwa mbere hose. Kuki ukwizera kwacu kudatera imbere? Kuki tutemera ko hari ibintu bike tutazi? Ibyo ntibivuga kandi ko twakugururira Satani ngo adutureho ibyo ashaka, ahubwo bivuga ko tutakanira imitima yacu ngo tutigishwa ikintu gishya. Ntitugatinye kwegera ngo twumve ibivugwa ngo tubyigenzurire mu ijamba ry’Imana no kubaza Imana niba ari ukuri koko.

Turasabwa kuba abantu b’umutima umwe ntitube intumva. Mbabazwa n’abantu bibwira ko hari uburyo bumwe rukumbi ibintu bishobora gukorwamo, kandi ni ko na bo bakora ibyabo. Birakomeye gukorana n’abantu nk’abo. Tugomba kugira umutima wagutse. Uzatumenyeshako ibyo twumva ari ukuri. Ibyiyumviro byacu bishobora kuba bifunze ariko umutima wacu ujye wagukira Imana uyemerere gukora ibintu bishya mu buzima – atari iby’inzaduka n’utugambo tw’ibitwenge – ahubwo ibintu bishya koko. Abayobozi bamwe buzuye ubwirasi ku buryo badashaka kumva ikintu gishya umuntu ababwira. Umutima w’umuyobozi mwiza ufungukira kumva ukuri.

## INYOTA YO GUSHAKA KUMENYA IBINTU BISHYA

*...Bukeye bwaho Yesu ashaka kujya i Galilaya. Abona Filipino aramubwira ati “Nkurikira.” Filipino uwo yari uw’ i Betsayida, umudugudu w’iwabo wa Andereya na Petero.*

*Filipo abona Natanayeli aramubwira ati “Uwo Mose yanditse mu mategeko, n’abahanuzi bakamwandika twamubonye.*

*Ni Yesu mwene Yosefu w’i Nazareti.” Natanayeli aramubaza ati “Mbese i Nazareti hari icyiza cyahaturuka?” Filipino aramusubiza ati*

*“Ngino urebe!” Yesu abona Natanayeli aza aho ari*

*amuvugaho ati “Dore Umwisirayeli nyakuri, udafite uburiganya.”*

Yohana 1:43-47

Nakundaga gufata akanya ntekereza kuri iyi mirongo. Birashoboka ko Natanayeli yemezaga ibintu bitari byiza igihe yavugaga ngo “Mbese i Nazareti hari ikintu kiza cyahaturuka?” Nyamara mu murongo usozwa Yesu yabaye nk’umuhamya agira ati “*Mbonye umwisirayeli nyakuri.*” Nanjye nabisobanukiwe umunsi umwe. Natanayeli yari afite imyibwirire mibi kuri Nazareti kuko byari ibintu bizwi ko kuva kera nta kintu kiza kigeze kiba muri Nazareti.<sup>2</sup> Ni yo mpamvu Natanayeli akimara kumva ko Yesu aturuka i Nazareti ibyo kuba ari Mesiya byaramujije kubera gusa aho akomoka.

Natwe akenshi tumera nka Natanayeli. Twishyiramo ko umuntu adashobora gukora ikintu cyiza kubera aho akomoka cyangwa aho atuye. Tugira imyumvire idahwitse akenshi tutanabizi. Tugira guca imanza twatwe mu mitima n’abandi kera ubwo batubwiraga ibindi bintu. Iyo ni yo mpamvu tugomba kugenzura umutima wacu kugira ngo turebe ko wagutse by’ukuri.

Iyo Yesu yakundiye Natanayeli ni uko, nubwo bwose yari yaramaze kwitezwa ko nta kintu kiza cyaturuka muri Nazareti, yerekanye ubushake bwo kujya kwigenzurira. Nubwo yari yaragize imyumvire ifungiranye ariko yari afite umutima wagukiye kumenya. Filipino yaramubwiye ngo “*Ngino urebe!*” Kandi yaraje. icyabonetsemo ni uko yahise agirana ubusabane na Yesu.

*Natanayeli aramubaza ati “Wamenyeye he?” Yesu aramusubiza ati “Filipo ataraguhamagara, ubwo wari munsi y’umutini nakubonye.”*

*Natanayeli aramusubiza ati “Rabi, uri Umwana w’Imana koko. Ni wowe mwami w’abisirayeli.”*

Yohana 1:48-49

Muri Yakobo 3:17, muri ya Bibiliya yiswe *Amplified Bible*, tubonamo ibimenyetso by’ingenzi byerekana ubwenge bw’Imana. Kimwe mu byo uyu murongo werekana ku bwenge ni ubushake bwo kumenya impamvu y’ibintu. (kumenya impamvu bijyanye n’ukuri kw’Ijambo ry’Imana, nk’uko twabibonye mbere). Niba tudashaka kumva impamvu, ubwo nta bwenge tuba dufite kuko ubwenge burumva. Abantu bafite ubushishozi bazi neza ko batazi ibintu byose. Bafite kwiyoroshya, kandi ukwicisha bugufi kugira umutima wo kumva, kumaranira buri gihe kwigishwa ikintu gishya.

## 16. *Umutima wumvira*

*...Ariko Imana ishimwe kuko nubwo mwari imbata  
z’ibyaha, mwumviye ibyo mwigishijwe mubikuye ku  
mutima.*

Abaroma 6:17

Niba utumvira, ukwiye no kwibagirwa kuba umuyobozi mu itorero rya Kristo. Ntibishoboka. Muri uyu murongo, Pawulo yanditse avuga ko abizera b’abaroma bizeraga Imana n’imitima yabo yose. Imana yampishuriye ko abantu bashobora kubaha Imana mu myitwarire yabo yose atari ukuyubahisha imitima yabo gusa. Yampishuriye ibingibi yerekeza ku myitwarire nari maze kwandura yo gusuzugura umugabo wanjye kandi nkibeshya ko nshaka kwiha Imana mbikuye ku mutima. Numvise ko icyo ari cyo Imana yashakaga kunyigisha kandi ko nta kindi nashoboraga gukora mu muryango wacu, iyo myitwarire yanjye idakuweho rwose.

Nifuzaga kubaha Imana rwose ariko sinubahe byimazeyo Dave. Nashakaga kwitangira Imana byimazeyo, ariko sinitangire Dave. Hari ubwo Dave yansabaga kumukorera ikintu nnyewe nkiyangira. Niyumvisemo ko Imana yampataga kumvira cyane, ngakora ibyo Dave yansabaga kugeza ubwo Imana yanyigije imbere mu mwuka ikambwira iti “Urakora imirimo ni byo, ariko ntiwumvira kuko uracyakora amakosa mu mutima.”

Ku Mana, umutima ni ryo shingiro. Dushobora gukora icyo abadukoresha badusaba cyose ariko twitotomba kandi ducura ingoni inyuma yabyo. Niba tumeze dutyo ntituri abakozi Bibiliya yifuza ko tuba. Dushobora gusa n'abakorana ubushake ariko nta ngororano duteze rwose.<sup>3</sup>

Hari ingororano zo kubaha. Dukurikije uko Bibiliya itubwira, kubaha mu buzima bizana ingororano nziza.<sup>4</sup> Nahishuriwe ko ndamutse nkoze neza ibyo Imana ishaka ko nkora, imigisha yayo yansabagira ikandenga nkaba ariko nabikoranye umutima utunganye rwose. Imana ntireba ko uhagarara ubwiriza abandi ahubwo ireba umutima ubikorana.

Rimwe na rimwe nkora ibyo Dave ansaba gukora ariko nkabikora ntabishaka. Icyo gihe mba mbabaye mu mutima kandi narakaye. Nubwo bwose mba nkora ibyo ngomba gukora ariko ni ngombwa ngo nihane amakosa yanjye Imana imbabarire.

Kenshi usanga nsenga ngo *“Nyagasani, ni wowe uzi ukuri. Uzi neza ko ntashaka gukora ibi ngibi, sinzi neza niba ari ukuri, nzi ko bidahwitse. Ariko kubera ko ngukunda, ngiye kubikora. Ndagusaba umpe ubuntu bwo kubikorana umutima utunganye.”* Ibyo twese bitubaho. Yesu yatanze urugero rwo kubaha, mu gitabo cy'Abafilipi 2:5-8 ngo:

*“...Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.”*

Ndashaka gukangurira abantu gushyira umurego mu kubaha kwabo. Mugire umwete mu kubaha, ntimukazuyaze mu kubaha, mwubahe mudaciye ku ruhande, kandi mukabye mu kubaha kwanyu. Ntimukabe



ba bandi barwana n’Imana ibyumweru bigashira ibindi bigataha ibumvisha utuntu duto duto. Niba hari akantu kadahwitse hagati yawe na mugenzi wawe, kandi Imana ikaba iguhata kugatunganya, ntukazuyaze. Niba hari icyo utunze kandi Imana ikaba igusaba kugitanga, gitange. Tujya tugera mu bihe bimeze bityo kubera ko tuba dushidikanya ko iyo yaba ari Imana iduhata kubikora koko.

Si ukubera ko kamere yacu itifuza gukora icy’Imana isaba ko tutagomba kubaha Imana. Hari igihe nari mfite igikomo cyiza cyo kwambara ku kaboko. Yari impano nari naroherejwe n’inshuti. Nakundaga ibintu bishashagirana kandi natekerezaga ko ari igikomo cyiza. Umunsi wa mbere nacyambaye, umukobwa uririmba mu itorero ryacu yaranyegereye, ubwo ijwi ry’Imana rihita rinzaho ngo “Muhe icyo gikomo.” Sinashakaga kukimuha. Ariko nagiraga gutinya no kubaha Imana kuko nari nzi ko iyo imbwiye gukora ikintu haba hari impamvu nziza kandi ko ngomba kuyizera nkemeza niba mbikora cyangwa ntabikora. Aha simvuga ubwoba mu mvugo mbi, ndavuga guhinda umushyitsi byo kuyubaha, kuyikunda no kuyihimbaza.<sup>5</sup>

Kandi ubwo igihe cyose nabonaga uwo mukobwa yambaye icyo gikomo kamere yanjye yaransyaga (ariko buhoro). Mbese murumva iyo kamere? Nutegereza kuzakora ibintu bikuvuye ku mutima ntuteze kuzagira ibyo ukora bibaho. Tugomba kubaha Imana twabishaka tutabishaka, kandi tugomba kubikora tubyishimiye rwose. Ntitugomba kandi kwirirwa twivovota igihe tumaze gukora igikorwa cyo kubaha Imana. Iki ni cyo gihe cyo kujugunya udushwambagara n’ivu byacu. Kenshi twubaha Imana ariko bikarangira nabi twivovota. Usanga tugera kure tukicuza tunihebye kubera ibyo twakoze kubera kubaha Imana. Tujya dutekereza ngo ***huri gihe uko nzajya mbona ikintu Imana izajya insaba kugitanga***. Nyamara twibuke ko ingororano ziva mu kumvira.

Imana ntijya ishaka kutwambura ibintu byacu. Ishaka ko tugerageza gutera imbuto zizazana indi migisha mu buzima bwacu. Ntibishoboka ko Imana yadutangisha ibirenze urugero rw’ibyo dufite.

### 17. *Umutima wizera*

*“...ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera  
Imana akwiye kwizera ko iriho ikagororera abayishaka...”*

Abahebulayo 11:6

Umutima wizera ni ishingiro ry'ibyiza tugomba kugira kugira ngo Imana idukoreshe. Ibyo byakumvikana nko gukabya kuko twese twakijijwe mu kwizera. Twese ntidufite kwizera mu mitima yacu? Nyamara ndababwira ko atari ko biri. Itorero ry'Imana ryuzuye *abizera babuze ukwizera*.

Tugomba guhora twibaza tuti mbese kwizera ni ikintu kinyoroheye? Urugero, iyo tubona umuntu abwiriza akiza n'indwara mbese twizera koko ko ibyo bishoboka? Mu buzima bwanjye bwa gikristo nigeze gushidikanya ku byerekeye iyo mpano. Namaze imyaka myinshi igihe nari nkimara kuzuzwa impano z'Umwuka ubwo nabonaga impano z'Imana zigaragara cyane ku mugaragaro mu bice bimwe by'itorero kurusha ahandi, nabonaga abantu benshi bagerageza gukora ibintu bidasanze. Nahise numva nongeye gutakaza imbaraga zanjye kuko nari naramaze igihe kinini nibaza koko ko ibyo bishoboka. Nyuma ariko naje kwihana nsaba Imana imbabazi ndongera nsubira ku rufatiro nkomeza urugendo.

Uko nagendaga nerekana inyota yo kubona Imana ikora ibitangaza mu murimo wayo nkora kugira ngo mbashe gufasha abantu mu buryo buhwitse cyane, cyane cyane abari abarwayi n'abari bafite ubundi bubabare, Imana yanyeretse ko namaze igihe kinini ntizera ibyerekeye impano. Nari naratewe agahinda kandi mpinduka ushidikanya bitewe no kubona abantu bamwe bihimbira kandi bagakoresha nabi impano z'Umwuka Wera. Muri izo mpano harimo izo gukiza indwara no gukora ibitangaza. Turasabwa gutunga imitima yizera. Tube nk'abana bato, abo Yesu yavuzeho muri Matayo 18:3 ngo *“...ndababwira ukuri yuko nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru.”*

Ni yo mpamvu ibintu byinshi muri Bibiliya bishingiye ku kwizera. Abaroma 10:9-10 havuga ko kugira ngo umuntu akizwe agomba kwizeza umutima akatuzza akanwa ke ko Yesu ari Umwami. Ubwo rero agakiza kakavuga ibintu bibiri. Kugira ngo ubone agakiza k’Imana, ugomba kubanza ukizera ugakurikizaho kwatuzza akanwa kawe. Ibyo twizera tugomba kujya tubyatura aka wa mugani uvuga ngo *akuzuye umutima gasesekara ku munwa*.<sup>6</sup> Ntangazwa n’abakristo badafunguka, ntangazwa n’abantu bakizwa ariko bakagira iby’amatorero yabo ubwiru.

Itorero si ikintu cyo kugira ibanga. Ikintu cyabaye ku bakristo bakijijwe bwa mbere cyari icyo gusohoka bakajya kubwira abandi. Ntibishoboka ko umuntu amara kuzura izina rya Yesu ngo akomeze aribike mu mutima we gusa. Ndizera ko abaroma 10:9,10 bashobora kutubera umurongo w’icyitegererezo mu buzima. Nta kundi twabona ikintu kiva ku Mana atari mu kwizeza umutima wacu hanyuma tukabyatuzza akanwa kacu.

Muri Luka 24:25, Yesu yacyashye abigishwa batindaga kwizera. Nk’abayobozi tugomba kujya twihutira kwizera.

Matayo 8:13, ni umurongo ukomeye aho Yesu yagize ati...*bibabere uko mwizeye*. Usanga bishimishije iyo dukora ikintu dufite ukwizera ko twagishobora, ariko na none bikaba agahinda iyo tugikora dushidikanya ko twagishobora. Turasabwa kujya tuzinduka mu gitondo twatura kenshi aya magambo ngo “*Turabishobora, turabishobora...*” Muri Matayo 9:28 Yesu yarabajije ngo “*mbese murizera ko nabishobora?*” Nyuma muri Mariko 5:36 aravugaga ati “*...ntimugire ubwoba ahubwo mwizere gusa...*”

Namaze igihe kinini mu buzima naracitse intege ntazi n’ikintu nakora, numvaga hari ibitagenda mu buzima bwanjye kandi ko abantu bose bandwanyaga. Nk’igihe amafaranga yo gukora umurimo yabaga yanze kugwira cyangwa mfitse ikibazo cyo mu mubiri ntazi, wasangaga mbaza Imana ngo “*Mbese urashaka ko nkora iki Mana.*” Ijwi numvise inshuro nyinshi ryari ngo “*Izere gusa.*” Abaheburayo 4:3 batubwirako kwizera bidushyitsa mu buruhukiro bw’Imana. Iyo tugeze muri ubwo

buruhukiro, usanga ari byiza kubera ko nubwo amarushywa yacu aba adashize ariko ntiyongera kutubabaza kandi.

Muri Mariko 11:24 Yesu yaravuze ngo *“Icyo musaba cyose mu gusenga no kwinginga mucyerekejeho umutima mwizere ko mugihawe, kandi muzagihabwa.”* Muri Yohana 8:45, yaragize ati, *ndababwira ukuri ariko ntimunyizere.”* Ibyakozwe n’Intumwa 16:31 haravuga ngo *“Wizere Imana wowe n’urugo rwawe mwese murakira.”* Abahebulayo 11:6 hatwigisha ko uwegera Imana akwiriye kwizera ko iriho ikagororera abayishaka. Ese wifashishije ibi byanditswe wavumbuye uburyo kwizera ari ingenzi? Niba dushaka kubona iby’Imana idusezeranya tugomba kwizera ko ibaho koko hanyuma tukizera ko igira neza.

Abaroma 15:13 ni umurongo nkunda cyane, haravuga ko umunezero n’amahoro biboneka mu kwizera. Ndibuka igihe kimwe namaze naratakaje amahoro n’umunezero byo mu mutima. Sinari nzi ikibazo nari mfite gusa numvaga nta kigenda.

Ijoro rimwe ubwo nari nihebye burundu negereye agasanduku twitaga ak’amasezerano ntangira kukajejeza. Ubwo nakuyemo agapapuro gato, uwo mwanya ni bwo ijwi ry’Imana ryanjeho rimbwira ariya magambo yo mu Baroma 15:13 riti *“Umunezero n’amahoro bibonerwa mu kwizera”* Igihe nari nongeye gushyikira inkoni y’ukwizera, ibyishimo n’amahoro byahise binsaba. Nawe ni ko bimeze. Igihe utangira gushidikanya, utakaza ibyishimo n’amahoro, ariko iyo wongeye gufata ku rufunguzo rwo kwizera, ibyo watakaje byose birakugarukira. Imana yaduhaye igikoresho gituma duhorana amahoro n’ibyishimo byo mu mutima :tugomba kwizera gusa. Birumvikana iyo twongeye kwizera, Satani atangira kutwongorera ngo tubuze ubwenge, ngo mbese twakwizera ubusa ibyo twizeye ntibiboneke... Aho ni ho tugomba gucyaha Satani tuti *“genda Satani dufite ubwenge, tuti ‘None se twebwe twizeye tukabona ibyo twizeye wabigenza ute?’ Tuti kandi n’iyo tutabibona, bihesha amahoro n’ibyishimo kurusha uko twaguma mu kayubi ko gushidikanya.”*

Duhora mu rugamba tugwa miswi na Satani. Nta cyo duhomba iyo twizeye kuko tuba turi abakandida bo kubona ibyo twizereye, kandi n’iyo ibyo bitaba twigumira mu byishimo n’umutuzo. Ngiyo impamvu kwizera ari ishingiro ry’ibintu byose. Yesu yaravuze ngo tugomba kuba nk’abana bato. Abana bato bizera ibyo babwiwe byose. Uwababwira ukuntu dukuzwa mu mwuka iyo Satani atangiye kutwibazaho: iyo tuvuye mu birushya birimo kubabazwa no gucishwa bugufi, usanga bikomeye kumera nk’abana bato no gukomeza kwizera ibintu byose. Ariko aha biravuga ngo nubwo turi abantu bakuru tugomba kugaruka ku kwizera nk’ukw’abana batoya. Dushobora kugira umutima wizera niba tubishaka, kandi tubishaka iyo twemeye ko Imana idukoresha.

Mose yari umukozi w’Imana ukomeye. Ariko wibuke ubwo yahagarikaga umutima mu butayu yamazemo imyaka mirongo ine ayoboye Abisirayeli, agatangira kubivovotera kubera kutubaha Imana kwabo no kuyigomera, hakurikiyeho igihe mu buzima bwe cyo gukonja mu mutima ntakabanguke mu kwizera kwe. Ni yo mpamvu kugira ngo umugambi w’Imana ku bwoko bwayo usohore Imana yagombaga gukuraho Mose ikimika Yosua. Yosua yari afite amaraso mashya yuzuye kwizera n’umwuka mushya.

Hari igihe natwe tuba dukeneye amaraso mashya, ukwizera n’Umwuka bishya muri twe, nk’umutima wa Yosua na Kalebu wavugaga ngo “Tugende tugifate kubera ko tubishoboye kugifata.” Tugomba kugira umutima wizera ugira uti “Ese urashaka ko nkora nte Mana.” icyo untegeka cyose ndagikora Nyagasani. Ntidukeneye kugira kwa kuri k’uburyo butatu, ba bamalayika babiri, amajwi atatu y’impanda n’ubuhanuzi bune ngo tubone uko dutangira gukora umurimo. Tugomba kugira gusa umuhamagararwo wo mu mutima wacu utuma twumva ijwi ry’Imana.

Muri Yohana 1,4:16, tubwirwa ko tugomba kwizera urukundo Imana yadukunze, kandi mu Bakorinto 1,13:7 haragira hati “*Natwe twamenye kandi twizeye urukundo Imana idukunda.*”

Kandi mu bakorinto 1,13:17 tubwirwa ko urukundo rwizera byose. Mu yandi magambo urukundo rugira umutima wizera.

### **18. Umutima wagutse**

*Mwa bakorinto mwe, akanwa kacu  
karababumbukiye, umutima wacu uragutse, ntimubyigana  
muri twe ahubwo mubyigana mu mitima yanyu.*

2 Abakorinto 6:11,12

Bibiliya yitwa *King James Version* mu murongo wa 11 havuga ko umutima wacu wagutse. Uwo ni wo natwe dukwiriye kugira. Akenshi usanga dufite icyumba kigerwamo na buri wese mu mitima yacu. Dufite agatima gato ku buryo twumva twafunguriramo gusa abameze nka twe duhuje ku bintu bimwe, abatekereza kandi bagakora nk'uko dukora. Nyamara Imana iradusaba kugira ibyumba bihagije twacumbikiramo buri wese ndetse na ba bandi tutameze kimwe, ba bandi tudatekereza kimwe cyangwa tudahuje imikorere, ba bandi tudakunda, ba bandi bafite indi myumvire.

### **19. Umutima uboneye**

*...Hahirwa ab'imitima iboneye, kuko ari bo bazabona  
Imana.*

Matayo 5:8

Imana irashaka abayobozi bafite imitima iboneye rwose. Umuyobozi ufite umutima uboneye kandi ukorera Imana n'umutima we wose aba ari umuyobozi ufite imbaraga imbere y'Imana. Muri Zabuli 51:6, Dawidi yavuze ko kugira umutima uboneye bivuga kugira ukuri mu muntu wacu w'imbere kuko uwo ari we muntu nyakuri. Aho ni ho tugomba kurinda cyane kuko ari ho haturuka ibyo tuvuga, ibiyumviro byacu, imyitwarire n'impamvu z'ibyo dukora byose. Byamfashe igihe kirekire kugira ngo menye ko Imana itagororera ibikorwa biturutse mu mpamvu zidatunganye. Ukubonera k'umutima si kamere isanzwe umuntu avukana. Ni ikintu tugomba kwihingamo ubwacu. Muri 1Yohana 3:3, dusangamo ko ngo *kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneza nk'uko uwo aboneye*. Iyi ni inshingano buri muyobozi wese agomba kugira iye.

Ariko ntitugomba gufata inshingano nk'ihame gusa tudakoze ibyo iryo hame ridusaba. Imana yaturemeye kuyizera no kuyiringira, tukayizanira ibitugora kandi tukayemerera ikabidufashamo. Uretse twebwe ubwacu n'Imana yaturemye nta wundi wamenya ibiri mu mitima yacu. Ariko Imana yacu ni yo muhanga wo kurandura ibitagira umumaro muri twe igasigarana ibiyihesha icyubahiro.

Hari icyo tugomba gukora kugira ngo tugire imitima iboneye kandi ibyo bifite n'ingororano yabyo. Ntitukagire ubwoba bwo gukora icyo Imana idusaba kugira ngo ibashe gukora ibikomeye muri twe. Twebwe ntitugategereze gusa icyo Imana izatuzanira nta ruhare tubigizemo, ahubwo nidutunganye uruhare rwacu idusaba, Imana izatwitaho kandi iduhe umugisha.

## 20. *Umutima wa kibyeyi*

*...Kuko nubwo mufite ababayobora inzovu muri Kristo, ntimufite ba so benshi. Ninjye wababyaje ubutumwa bwiza muri Kristo Yesu.*

1 Abakorinto 4:15

Pawulo yari afitiye itorero ry' i Korinto umutima wa kibyeyi. Umutima wa kibyeyi ni wa wundi woroshye, ugabura, uhugura, wigisha, uhora ku bo ushinzwe ntubaveho ngo kubera ko batabashije kumva vuba ibyo bigishijwe. Umubyeyi ashimishwa no kwigisha abana be kumenya kugenda cyangwa gutera agapira. Ntarakazwa n'uko batabashije guhita batera intambwe bakibyigishwa bwa mbere. Agendana na bo kenshi kugeza ubwo bamenye ibyo abigisha rwose.

Pawulo yavugaga ko itorero ryuzuye abigisha n'abantu bashobora kwigisha ibibwiriza bakayobora abandi, ariko yongeraho ko ababyeyi atari benshi mu itorero.

Niba ushaka kuba umuyobozi mu itorero rya Kristo cyane cyane kuba umushumba, ugomba kugira umutima wa kibyeyi.

Uko umuhamagaro wawe wamera kose, ntibihagije kubwiriza cyane mu ruhame no gukora ibintu bitunganye ku mugaragaro gusa, urasabwa kugira imyibwirire itunganye yo mu mutima. Usanga akenshi muri twebwe twifitiye intekerezo twavuga ko bibaje kuzivuga.

Ni iby'igiciro kwiga byose birebana n'umutima utunganye wo gukorera Imana tukajya tuvugana n'Imana iteka tuti “*Karame, amina.*” icyo twamenye ni uko, iyo tumaze kwigishwa ibyo byose, mbere y'uko twinjizwa mu buyobozi, Imana igomba kubanza kutugerageza ngo irebe umutima dufite. Kuki? Kubera ko imyitwarire yacu igaragara mu gihe cy'igeragezwa.

Nk'uko tuza kubibona, hari ibintu biba muri twe tutajya tumenya ko birimo kugeza ubwo Imana ubwayo ibishyira hanze ngo bibashe gukosorwa. Ukugeragezwa kuduhishurira aho tudatunganye kugira ngo dufashijwe n'Umwuka Wera tubashe kuhakosora. Mu igeragezwa ni ho Imana igaragariza umutima tugomba kugira muri twe nk'abayobozi yitoranirije.







**IGICE CYA 3**

**KUGERAGEZWA**  
**K'UMUTIMA W'UMUYOBOZI**



# UMUTWE WA 11



## KUGERAGEZWA K'UMUYOBOZI, IGICE CYA 1

*Ububi bw'abanyabyaha bushire nawe ukomeze  
abakiranutsi. Kuko Imana ikiranuka igerageza imitima  
n'impyiko by'abantu.*

Zaburi 7:9

**M**uri uyu murongo, umwanditsi wa Zaburi araturwira ko Imana igerageza imitima yacu, ibiyumviro n'intekerezo zacu. Muri Yeremiya 11:20, umuhanuzi Yeremiya avuga ko Imana igerageza imitima n'ibitekerezo.

Ni gute tubasha kugerageza ikintu runaka? Tugishyiraho igitutu tugira ngo turebe niba kibasha gukora icyo kivuga ko cyakora, niba cyakomeza kikihangana no mu bihe bigoye. Imana na yo ni uko ibigenza kuri twe. Iyo dusenga tuyisaba kudukoresha no kudushyira mu mwanya w'ubuyobozi, igisubizo cyayo ni “*Reka mbere ya byose mbanze nkugerageze. Reka ngushyire mu kizamini.*”

Birambabaza cyane iyo mbonye ukuntu abantu benshi batajya babasha kurenga umutaru. Ntibatsinde icyo kizamini. Bamara ubuzima bwabo bwose bazunguruka umusozi gusa. Nyamara mu ishuri ry'Imana si uko dukwiye kubigenza. Tuguma mu kizamini tugakomeza kugikora kugeza aho tugitsindiye.

Bumwe mu buryo Imana itugeragezamo ni ukudusaba kugaragaza icyo tuvuga ko tuzi. Ubumenyi bwo mu mutwe ubwabwo bwonyine ntibuhagije. Nta cyo bumaze niba tudashobora kugaragaza ibikorwa.

Mu nkoranyamagambo yitwa Webster's 1820, ijambo "ikizamini" rivuga *"Ikintu runaka kigereranywa n'ikindi kugira ngo bigaragare ko gikwiriye, cyemewe hose."*<sup>1</sup> Iyo nkoranyamagambo ivuga kandi ko *"kugerageza ikintu"* ari *"ukukigereranya n'ibisanzwe byemewe, kukigerageza."* Kwerekana ko ikintu ari icy'ukuri kandi gikwiriye.<sup>2</sup>

Mu Gutegeka kwa kabiri 8:2, Bibiliya ivuga ko Imana yayoboye Abisirayeli imyaka mirongo ine mu butayu kugira ngo ibacishe bugufi, ibagerageze imenye ko bakwitondera amategeko yayo. Ibigeragezo biza mu bihe bigoye, si mu bihe byiza kuko icyo Imana idusaba gukora cyose si ko kiba cyoroshye. Ni yo mpamvu ibanza kutugerageza kugira ngo imenye niba tumaze gushyika mbere y'uko ituzamura mu ntera ku rwego rw'inshingano rwisumbuye.

Hari ibintu byinshi duhura na byo buri muni bigamije gusa kutubera nk'ikigeragezo. Nk'urugero, hari ubwo tuba tugomba gutegereza mbere y'uko tubona icyicaro aho tugiye gufungurira (Restaurant), bityo tukaza gufata amafunguro atameze neza, icyo ni ikigeragezo. Hari nk'ubwo waba witegura guhagarika imodoka yawe mu mwanya runaka uri muri Parikingi undi muntu agaturuka inyuma agahita ahagarara aho nawe witeguraga gushyira imodoka yawe, icyo ni ikigeragezo. Iyo umukoresha wawe agutegetse gukora ikintu runaka wumvaga utakora, icyo n'ikigeragezo.

Muri Yakobo 1:2-4 havuga ko ibitugerageza bishobora gutuma ibiturimo bijya ahabona. Iyo tugeragejwe ni bwo tubasha kwimenya neza no kumenya ibyo dushoboye. Petero nta bwo yiyumvishaga ukuntu yakwihakana Yesu, ariko ageragejwe niko byagenze.<sup>3</sup> Imana ntiyita cyane ku byo tuvuga ko dushoboye, ahubwo yita ku byo tugaragaje ko dushoboye turi mu bihe bikomeye. Nta bwo tuzamurwa mu ntera mu murimo w'Imana bitewe n'uko dufite Bibiliya irimbishije amabara, ahubwo ni uko tuba twageragejwe tugacishwa mu bintu bikomeye, ariko tukabasha gutsinda icyo kizamini.

Niba utewe ubwoba n'umuhamagaro w'Imana ku buzima bwawe, nakubwira ko urimo kugeragezwa. Uko Imana izakorana nawe mu gihe kizaza bizaterwa n'uko utsinda ibizamini mu gihe cya none. Reka turebe mu byanditse bimwe bivuga ku bigeragezo n'icyo bidukorerwa.

Yakobo yaranditse ati *“Hahirwa umuntu wihanginira ibimugerageza kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry'ubugingo, iryo Imana yasezeranije abayikunda.”*<sup>4</sup>

Dawidi yarasanze muri Zaburi 26:2 ati *“witeka unyitegereze, ungerageze, gerageza umutima wanjye n'ubwenge bwanjye. Si benshi muri twe basenga basaba ibigeragezo, ahubwo dusaba icyabiturinda.*

Muri 1 Petero 1:6,7 Petero araturwira ati *“Ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mu kwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibigeragezo byinshi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igiciro cyinshi (kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahesha ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa.”*

Muri 1 Petero 4:12, haraturwira ko tudakwiye gutangazwa cyangwa gukurwa umutima n'ibigeragezo, ko muri byo Imana iba igerageza ubushobozi bwacu, uko duteye. Aha Petero yandikiraga Itorero agira ati *“Mu gihe muciyeye mu bibagerageza ntimukamere nk'abagushije ishyano. Twese tubinyuramo. Ntimuhagarikwe imitima n'ibirimo kuba. Imana iba ibagerageza. Iba igerageza uko muteye. Iba ibagerageza ngo irebe abo muri bo. Iba igerageza imitima yanyu.”*

Iteka iyo Imana iduhaye ikizamini cyo kutugerageza, dushobora kumenya intambwe tumaze gutera n'aho tutaragera dukurikije uburyo twitwaye muri icyo kigeragezo. Hari imyitwarire tutari dusanzwe twiyizihohobora kugaragazwa n'igihe turi mu bihe bigoye by'ibigeragezo.

Ku murungo wa 13, Petero avuga ko dukwiye kunezerwa tukanesha mu mibabaro yacu kugira ngo icyubahiro cya Kristo gihishurirwe muri twe.

Muri 1 Timoteyo 3:10, Pawulo atubwira ko abayobozi bakwiriye kubanza kugeragezwa mbere yo guhabwa inshingano. Mu yandi magambo, abayobozi baba abayobozi nyuma yo kubihararira.

**Mu mikorere y’Imana, abayobozi ntibazamurwa mu ntera bitewe n’ibyo bazi cyangwa batekereza ko bazi, ubwenge bwo mu ishuri cyangwa uko batunganye, ahubwo biterwa n’uko bitwara mu bihe byo kugeragezwa.**

Ibihe byo kugeragezwa Imana yemera ko bitugeraho mu buzima bwacu mu by’ukuri biba biri ku nyungu zacu, ariko iyo turimo kubicamo, nta bwo ari buri gihe twiyumvisha ko bizatugirira umumaro.

### **BYOSE BIGAMIJE KUTUZANIRA BYIZA**

*Kandi tuzi y’uko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk’uko yabigambiriye.*

Abaroma 8:28

Uyu ni umurongo umwe mu yo nkunda cyane muri Bibiliya. Hashize igihe nigishijwe ko kuba ntumva neza ngo nsobanukirwe ikirimo kuba bitavuze ko Imana nta ntego ifite ku bwacyo cyangwa se ko kuba ntishimiye ikintu runaka bitavuze ko icyo kintu kitazaba icy’umumaro n’inyungu nyinshi.

Hari abantu benshi bashaka kuba abayobozi b’abandi nyamara batarahawe imyitozo yabugenewe. Sinahamya ko abantu nk’abo bashobora kumara mu buyobozi igihe kirekire cyangwa ko bazaba ari abayobozi bameze nk’uko Imana ibishaka kuko iteka Imana igerageza umutima w’umuyobozi w’abandi.

Muri iki gice, ndifuzza kurebera hamwe namwe urutonde rw’ibizamini bigerageza umuntu agomba gutsinda mbere y’uko Imana imuzamura mu ntera ku rwego rw’ubuyobozi.

### 1. *Ikigeragezo cyo kwizera*

*Ariko izi inzira nyuramo, nimara kungerageza nzavamo  
meze nk'izahabu.*

Yobu 23:10

Kimwe mu bigeragezo dushobora guhura na byo mu rugendo rwacu n'Imana ni ikigeragezo cyo kwizera. Dukwiriye kwiga kwizera Imana mu gihe tudasobanukiwe n'uko ibintu birimo kugenda mu buzima bwacu. Ni kangaha tubaza Imana tuti “Ni iki kibaye ku buzima bwanjye? Urimo urakora iki? Ni iki kibaye? Ibi simyumva na gato.”

Rimwe na rimwe ibitugeraho bimerank'ahobidutwaye mu cyerekezo gihabanye n'icyo twibwiraga ko ari cyo Imana yaduhishuriye. Urugero rwiza twatanga ni urw'umuhungu wacu mukuru witwa Dawidi ubu ni umuyobozi ushinzwe ibikorwa by'ivugabutumwa mu isi yose mu muryango wacu w'ivugabutumwa. Agenda hose ku isi kandi afite inshingano ikomeye yo kudufasha kubona ahantu haboneye twashora amafaranga yacu kandi tukizera ko akoreshwa neza.

Mu gihe gishize yamenyanye n'umukobwa barakundana maze barashyingirwa, uwo mukobwa yari amaze igihe yibwira ko azaba umumisiyoneri, ni cyo cyatumye ajya i Puerto Rico kwiga mu ishuri rya Bibiliya no kwiga ururimi rwaho. Hanyuma ubwo we na Dawidi bahuraga, barakundanye barashyingirwa. Nyuma yaho, nawe yagiye i Puerto Rico kwiga ururimi rwaho.

Twabonaga ko bafite umuhamagaru ku buzima bwabo, ariko twakomezaga kumva tutabasaba kuza i St. Louis kugira ngo badufashe muri uyu murimo. Mu by'ukuri nta nubwo bari batwitayeho, bumvaga bazaba abamisiyoneri. Bumvaga bayoborwa kugaruka ngo bakorane natwe, ariko ibyo ntibyagira icyo bibabwirwa.

Rimwe na rimwe ubwo ni uburyo Imana ituyobora, kandi dukwiriye kwitoza gukurikira inzira ituyoboye, naho ubundi twayoborwa n'imitwe yacu maze tugaca kure y'ubushake bw'Imana ku buzima bwacu.



Bityo, nubwo byari bibabereye urujijo, umuhunguwacu n’umufasha we bagarutse muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika bamara igihe babaza bati “Mana, niba twaragombaga kuzagaruka aha ni kuki twagombye kujya kwiga ishuri ry’idini? Ni mpamvu ki twagiye iriya gutegurirwa umurimo w’ubumisiyoneri?”

Igice kimwe cy’igisubizo turi bukibone mu byo turibuganire imbere byerekeye “Ikigeragezo cy’igihe.” Nta bwo kuba Imana idusabye gukora ikintu runaka tugomba guhita twiruka tukagikora ejo, umwaka utaha cyangwa ndetse no mu myaka itanu iri mbere. Iba ishaka ko tuyitegereza tukagenda neza mu gihe yagennye. Kubera iki? Kuko ibintu byose tuzakora hagati aho bizaba ari kimwe mu bigize ibyo tuzakora hanyuma, nubwo buri kantu ubwako konyine gashobora no kutagira icyo katubwira muri icyo gihe.

Nubwo twe n’abandi twumvaga ko hari umuhamagaro w’ubumisiyoneri ku buzima bw’umuhungu wacu, nta bwo twabonaga ko hari ibintu bimwe na bimwe bigomba kubanza gukoreka mu buzima bwe mbere y’uko ajya muri uwo muhamagaro. Dawidi yari umusore w’igitangaza, ariko yari akeneye ko hagira umurimo munini ukorwa mu myitwarire ye. Yari umuntu ufite igitinyiro kubera ko ateye, akunda kandi kurakara vuba. Iyo atabanza gutunganywa neza, nta bwo yajyaga kuba akwiriye cyangwa ateguriwe neza kujya mu mwanya w’ubuyobozi arimo ubu.

Ni byo, hariho umuhamagaro w’ubumisiyoneri ku buzima bwa Dawidi; ariko Imana yari ifite mu bwami bwayo umwanya w’akazi witwa “Umuyobozi ushinzwe ibikorwa by’ivugabutumwa ku isi mu muryango witwa *Life in the Word* ahitwa St Louis, Missouri” udafite uwurimo. Hari byinshi Dawidi yari akwiriye kubanza kunyuramo mbere y’uko asohozza umuhamagaro w’Imana, yagombaga guca mu bigeragezo byinshi kandi kimwe muri byo cyari ikigeragezo cyo kwizera. Yagombaga kubanza kwiga kwizera Imana nubwo ibyamushyikiraga muri icyo gihe atabisobanukirwaga. Aha ni ho abantu benshi bananirirwa bagatsindwa, aho bagira urujijo bagata inzira bagashakisha ikintu cyihuse kandi kiboroheye.

Niba muri uyu mwanya wumva uri mu gihe nta kintu na kimwe mu buzima bwawe usobanukiwe, izere Imana gusa. Ibwire uti “Iki gishobora kuba ni ikigeragezo.”

Kimwe mu bintu nize mu gihe cy’imyaka myinshi ni iki: **“Nta cyo bimaze kwizera Imana mu gihe hatari ibibazo udafitiye igisubizo.”** Niba dufite ibisubizo ku bibazo byose, nta mpamvu yo kwizera kuko tuba tuzi byose.

Igihe cyose Imana izaba irimo itwigisha kwizera iteka mu buzima bwacu hazaba ibintu tutabasha kwiyumvisha. Ni yo mpamvu dukwiriye kwiga kuvuga tuti *“Mana, nta bwo mbyumva, ariko ndakwizeye.”*

Tugomba kwiga kwizera Imana mu gihe hari ibyo tutabasha gusobanukirwa, iyo ijuru ryicecekeye. Ese ujya wumva wishimye iyo Imana yanze kugira icyo ivuga?

Dave nanjye tujya tunganira uko Imana ivugana natwe n’uko ituyobora, ariko mvugishije ukuri nta bwo tugirana ikiganiro na yo buri gihe aho itwereka umunota ku wundi icyerekezo cy’ubuzima bwacu.

Hari ubwo njya mara nk’imyaka ibiri ntabonye amabwiriza yihariye avuye ku Mana ubwayo anyereka umugambi wayo ifitiye ubuzima bwanjye n’uyu murimo. Ndayumva imbwire uko nkwiriye kubwiriza; kwifata mu gihe runaka, icyemezo cyo gufata n’ibindi nk’ibyo, ariko nta jambo ryihariye ryayo ryerekeye guhindura icyerekezo cy’ubuzima.

Hari ubwo numva binteye ubwoba nkumva navuga nti “Gira icyo imbwire Mana.” Ariko nize ko iyo itagize icyo imbwire, nkwiriye gukomeza gukora ikintu cya nyuma iheruka kumbwira, icyo ari cyo cyose, kandi ngakomeza kuyizera. Hashobora gushira imyaka itanu itaragira ikindi cyerekezo impa. Iyo igize ikindi imbwire, ubwo ndagikora. Ariko itarakimbwira, nkomeza gukora icyo yamaze kumbwira.

Iyo nta kwizera Imana, ubuzima buba bubu. Niyoy mpamvu dukwiriye kwiga kwizera Imana iyo hari ibyo tudasobanukiwe, iyo ijuru ryicecekeye, iyo tutabona iby’ejo hazaza.

Ubwe nanjye twumva iteka dukeneye igisubizo cy’ejo hazaza. Ariko se hari ubwo wari wiga ko igisubizo cy’ejo hazaza kiboneka ari uko ejo hazaza hageze? Ibi bisa n’inkuru za manu ziri mu Kuva 16. Ubwo Imana yamanuraga manu mu ijuru, yabujije Abisirayeli gufata ibirenze ibyo bakeneye ku muni umwe. Ndatekereza ko iki cyari ikigeragezo cyo kwizera.

Nawe bitekerezeho. Turi ahantu mu butayu nta byo kurya bihari maze Imana ikatumanuniraho ibyo kurya. Bikaba byinshi impande zacu hose. Twashoboraga gutora byinshi. byamara icyumweru, ariko Imana ikavuga iti “Oya, ntimubikore mutyo. Mufate gusa ibyo mukeneye umuni umwe, ibisigaye mubirekere hariya, ntimubikoreho.”

Ubwenge bwacu buke butangira gukora, bugatekereza buti nyamara nintabifata ngo mbikoreshe, birapfa ubusa. Imana si Imana ipfusha ubusa, bityo iryo jambo ntiryaba ari iryayo. Nimfata gusa ibyo nkeneye uyu muni, bizagenda bite ejo hatabonetse ibindi? Nzicwa n’inzara. Nkwiriye kugira duke ndenzaho nteganya ko hari ubwo Imana itabikora.

Ariko turibuka uko byagendekeye Abisirayeli ubwo bafataga ibirenze ibyo bakeneye ku muni umwe. Byaguye inyo biranuka.

Ndatekereza ko impamvu benshi muri twe bafite ibintu byinshi byaboze, binuka mu buzima bwabo ari uko duhugira mu kugerageza gushaka uyu muni ibigenewe ejo hazaza. Twashoboraga kurushaho kwishima, kandi tukanezererwa ibyo tubonye, iyo twiga kwizera Imana.

## 2. *Ikigeragezo gisaba gutuza*

*...ntitwiringire iby’umubiri cyangwa ibigaragara  
n’inyungu zifatika cyangwa ibiboneka inyuma.*

Abafilipi 3:3

Ntidukwiriye kwiringira umubiri waba uwacu cyangwa uw’undi uwo ari we wese. Imana ishaka ko ibyiringiro byacu tubishyira he? Muri yo gusa.

Muri Yohana 15:5, Yesu yaravuze ati *“Ni njye muzabibu namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo n we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.”*

Imana yanga cyane uwigira icyigenge. Ishaka ko twumva tugengwa nayo muri byose. Ishaka ko tugengwa nayo nk’uko ishami rimeze ku muzabibu - rihita ryuma iyo rikuwe ku muzabibu. Ishaka ko tuyigiraho kuri buri kintu cyose mu buzima bwacu.

Ni gute rero Imana itugerageza muri uru rwego rwo gutekanira muri yo?

Rimwe na rimwe hari ubwo twibwira ko dufite umutekano wacu mu Mana, hagira umuntu uza akatugirira nabi ntidusobanukirwe ibibaye n’impamvu yabyo. (Niba utekereza ko Imana idashobora kwemerera ibintu nk’ibi kubaho uribeshya, kuko ijya ibikora). Bashobora kutubabaza muri icyo gihe, ariko bakaba badufasha kugira ibyiringiro byacu aho biri n’aho bitari.

Ikibabaje ariko cy’ukuri ni uko abantu batabasha kuba abo kwiringirwa iteka. Niba uri mu itsinda ry’abantu ukaba utangiye kumva ubizeye ndakumenyesha ko bitinze cyangwa bitebutse umwe cyangwa benshi muri bo bazakwereka ko wibeshye. Hazagira uguhemukira akora ikintu utatekerezaga ko yakora cyangwa ntakore ikintu watekerezaga ko yakora. Uko ni ko ikiremhamuntu giteye.

Iyo ibyo bidushyikiye, Imana igerageza kudukiza uwo mubabaro n’agahinda itubaza iti *“Kuki mbere hose utabanje gushyira ibyiringiro byawe muri jye?”*

Yego dushobora kugirana imibanire n’abandi bantu. Dushobora kubagirira icyizere kugera ku rugero runaka. Ariko iyo dushyize mu bantu icyizere twari dukwiriye gushyira mu Mana yonyine, biba bibaye ngombwa ko Imana itugaragariza intege nke zabo, kugira ngo dusobanukirwe ko twashyize ibyiringiro byacu mu mwanya utari wo.

Ni gute Imana itegura umuyobozi? Imuha ibigeragezo, ikamuha ibindi ikongera ikamuha ibindi kuko ibigeragezo bituma ibibi biri muri

twe bijya ahabona maze bigasuzumwa. Nta kibasha kutwerekana uko turi nk'ikigeragezo.

Rimwe umukobwa wanjye yatuganirije uko amaze igihe yarageze mu mwanya yumva atuje afite amahoro adahangayikishijwe n'utuntu duke tutagenda neza. Ku muni wakurikiye, foromaje yagombaga gukoresha ku meza yaramucitse imeneka hasi mu gikoni. Yarayitoye ayiterera mu gakarito. Muri iki kigeragezo yabonye aho ari mu by'ukuri mu byerekeye kubaho mu mahoro. Ni ukuri ntiyayiteye ku rukuta nk'uko yajyaga abigenza umwaka mbere y'aho. Ariko na none nta bwo yabigizemo ituze cyangwa ubwitonzi nk'uko yibwiraga yakwitwara mu gihe nk'icyo.

Imana igenda iduha ibigeragezo bike bike igatuma dukomeza kubibamo buhoro buhoro kugeza tugize icyo twiga. Ibigeragezo ntibihinduka, ni twe duhinduka. Ntibyaba se ari ibintu bidushimishije turamutse dushoboye kugera ku rugero runaka aho nta na kimwe mu bintu byatera kurakara kikidutera impungenge?

Nagize inzara nyinshi y'amahoro ku buryo nageze ubwo niyemeza ko nzakora ibinshobokeye byose mu buzima bwanjye nkayabona kuko ntari ngishaka gukomeza kubaho mpangayitse buri gihe. Nasanze atari ibihe narimo byari bikeneye guhindurwa, ahubwo ari jye.

Mvugishije ukuri, usanga abantu bamwe bamara ubuzima bwabo bwose mu kugerageza uko abandi bantu cyangwa ibindi bintu byahinduka, bagerageza kugenzura abandi, kugenzura ikibi; kugenzura igihe bagezemo, ntibabashe kumenya isoko nyakuri y'agahinda n'umubabaro byabo. Bakomeza kuvuga bati "Mana nta bwo nishimiye ikibi kirankomereye. Abandi bantu bakomeje kumpemukira. Hari ibintu nkeneye kugira ngo mbashe kwishima none nta bwo ushaka kubimpa." Ntibigera bahinduka kuko iteka baba bategereje ko abandi cyangwa ibindi ari byo bihinduka.

Imana ishaka gukoresha abo bantu n'ibyho bintu byose tudakunda kugira ngo biduhindure. Bityo ubwo tuzaba twamaze guhinduka, bizakurwaho cyangwa se ntibizaba bikiduhangayikisha, uko bizaba bimeze kose nta cyo bizaba bikidutwaye.

## NI IKI WISHINGIKIRIJEHO?

*Nimureke kwishingikiriza ku bantu bafite umwuka mu mazuru; mbese mubaca iki?*

Yesaya 2:22

Aha Imana iratubaza iti “Ni kuki mushyira ibyiringiro byanyu mu bantu kandi ari abanyantege nke, boroshye kandi bataramba, babaho gusa akanya gato? Ni buryo ki bashobora gufatwa nk’abafite umumaro? Ahubwo, ibyiringiro byanyu mubishyire muri jye.”

Hanyuma mu murongo ukurikira muri Yesaye 3:1 turasoma ngo “*Dore Uwiteka Umwami Nyiringabo yanyaze ab’i Yerusalemu n’Abayuda icyari kibatunze n’icyo bari bishingikirijeho, umutsima wose n’amazi yose byabatungaga.*” Aha Imana iravuga ko ijya ikuraho ibyo ubwoko bwayo bwari bwubatseho.

Bigenda bite iyo ibyo twari twishingikirijeho bivanyweho? Duhita tumenya by’ukuri ibyo twari twishingikirijeho, dushoreyemo imizi, twubatseho. Mureke mbahe urugero.

Umugabo wanjye, Dave, nanjye dukina kenshi golufe. Ku kibuga cya golufe hari uduti bakunda kuhatera tukazagera ubwo dukura tukaba ibiti binini cyane. Utwo duti tuba ari duto tudafite umubyimba munini kandi tudakomeye ariko tuba dufite utuntu mu mpande akaba aritwo twishingikirizaho igihe dukura kuko nta zindi mbaraga cyangwa imizi tugira. Hatari utwo tuntu umuyaga ugahuha cyangwa imvura ikagwa, bishobora kwangiza utwo duti.

Uko ni ko tumera iyo tukiri abizera bashya. Iyo tugitangira urugendo rwacu n’Imana tuba dukeneye icyo kwishingikirizaho, ikintu kibasha kudufasha guhagarara twemye kandi dukomeye. Tuba dukeneye ko abantu batuba hafi bakomeza kutwigisha Bibiliya, gusenga no gushaka Imana. Tudafite ibyo bintu shingiro maze ibibazo by’ubuzima bikatuzaho, byashobora kutunyegeyaneza.

Ibyo twishingikirizaho byaba byinshi cyangwa byaba bike ariko ibyari byo byose, bizatinda cyangwa bitebuke maze Imana ikivaneho. Ubwambere ibi bisan'ibigoyekuko tuba tutabyumva, kandi tutabikunze. Dutangira rero kuvuga amagambo nka “Oh, Mana uragira ngo ndeke kujya muri iriya gahunda y'amasengesho? Sinzi ko nabibasha kumara icyumweru cyose ntafite iki kintu. Urashaka koko ko ndeka kujya mu murimo w'ubujyanama maze ahubwo nkaza kuri wowe? Urashaka ko ndeka kugendera mu murongo w'amasengesho ngo nizere gusa ko uzankiza. Oh, sinzi ko nabishobora ntafite ibi bintu.”

Ibyo twishingikirizaho Imana iheraho ikuraho bishobora kuba ari ibintu ubundi byadushimishaga tukanyurwa na byo, ibintu nko kuririmba cyangwa gucuranga icyuma cyangwa kuba umwe mu bagize itsinda ryo kuramya no guhimbaza. Hanyuma mu kanya gato, bitewe n'impamvu iyo ariyo yose, tugakurwa muri uwo mwanya, cyangwa Imana ikadusaba kuwureka. Icyo gihe ni bwo tumenya uko agaciro n'umumaro biterwa n'ibintu turi gukora.

Rimwe nakoraga nk'umupasitori wungirije mu Itorero rimwe muri St Louis. Nakoze imyaka itanu. Uwo murimo narawukunze. Nagize yo inshuti zanjye bwite. Buri wese yari anzi. Nari mfite icyicaró ku murongo w'imbere mfite n'umwanya hanze wanditseho izina ryanjye aho mpagarika imodoka. Nibwiraga ko ndi umuntu w'ingirakamaro by'ukuri.

Bitewe n'uko nagize amateka mabi yo kutabona urukundo n'indero nziza nk'uko nari mbikeneye kugira ngo mbe narabashije kumenya uwo nari we muri Kristo, sinabashije kumenya ko ndimo kubona agaciro n'umurimo mu byo nakoraga. Nubwo ari byo nari narahamagariwe, kandi Imana ishaka ko **ari byo nkora**, ntiyigeze ishaka ko **ari byo nshingira ho**. Yashakaga ko mbasha gutandukanya **ibyo nyikorera** n'uwo ndiwe **muri** yo, ku buryo nubwo naba ntabikora ibyo ntekereza ko ari iby'igiciro n'umumaro byaguma uko biri. Ntiyashakaga ko nibwira ko mu gihe naba ntakiri umwigisha cyangwa umuvugabutumwa mba nta cyo ndi cyo.

Bitewe n'uko iyo twemeye Yesu nk'Umukiza twimurwa mu mirimo y'isi tujya mu murimo w'Imana, ibyo ntibisobanuye ko hatari imitwari imwe y'ibyo twari dufite by'isi tuzana, ariko tutabikoresha kimwe mu by'Imana nk'uko twajyaga tubikoresha mu isi. Dukomeza kwigerageza mu myanya runaka. Turakomeza tukagerageza kwifatanya n'abantu bakwiriyeye, tukizera neza ko turi mu itsinda ry'abantu nyaryo, rizaduha icyo twifuzaga.

Dukwiriyeye kwiga kureka kwizamurira mu ntera ubwacu ahubwo tukareka Imana ikadushyira aho ishaka ko tuba. Naje kuvumbura ko Imana itajya ituma nguma ahantu itanshyize. Iyo ngize umwanya runaka nishyiramo, ubwo mba ngomba kuwigumishamo. Ibyo kandi biragoye kubikora.

Mu mibereho yanjye Imana yagiye ikuraho kenshi ibyo nari nishingikirijeho. Yampamagaye imvana mu murimo nari mfite muri iryo Torero ry'i St Louis. Naje gusanga ntagira cya cyicaro cy'imbere mu rusengeru na ha hantu nahagarikaga imodoka ari jye hagenewe ntakihafite. Nyuma y'igihe, n'abantu ku rusengeru batangiyeye kujya banyegera bakanyibwira hanyuma bakambaza bati "Ese uri umushyitsi aha?" Byarambabaje kandi birandakaza. Numvaga navuga nti "Nabaye aha hantu guhera igihe hazaga abantu mirongo itatu gusa! Nabaye umupasitori wungirije hano! None ngo nta bwo muzi uwo ndiwe?"

Nari meze nk'igiti cyakuweho ibyo cyari gishingiyeho. Nari mfite muri iryo torero itsinda ry'abakobwa bagera nko kuri cumi na babiri b'inshuti zanjye, nari narabashyizemo icyizere cyinshi. Igihe namaze aho hantu, bamwe muri bo barampindutse maze bavugaga ibintu ntigeze nkora. Numvise binkomereye cyane kandi mpemukiye. Sinashoboraga kubyumva.

Imana igomba gukuraho ikintu cyose twiringiye atari yo. Ni Imana isubizaho ibintu. Igarura ubwenge bwacu, amarangamutima yacu, ubugingo bwacu, ubuzima bwacu. Iyo dushatse kugarura ubwiza cyangwa agaciro gahenze k'ikintu, turabanza tugakuraho irangi rya mbere tukabona gusigaho irishya. Nusanga uko gukurwaho kuri gukorwa mu buzima bwawe, ntugahagarike umutima. Fatanya n'Imana muri uwo murimo.



Ntukabe nk’agati katwawe mu kirere n’umuyaga bitewe n’uko icyo kari gashingiyeho cyakuweho. Ahubwo, tangira umere indi mizi kugira ngo umunsi umwe uzabashe guhagarara ushikamye wemye ubaye igiti cyo gukiranuka.<sup>5</sup>

### 3. *Ikigeragezo cyo kwangwa*

*Mwibuke ijamba nababwiye nti “umugaragu ntaruta Shebujja. Niba bandenganyije namwe bazabarenganya.”*

Yohana 15:20

Abantu bazatwanga nk’uko banze Yesu na Pawulo n’izindi ntumwa n’abigishwa. Tuzangwa kuko Yesu yavuze ko umugaragu ataruta Shebujja, bityo ko nk’uko yanzwe, natwe tuzangwa. Birushaho kuba bibi iyo twanzwe n’abantu badafite ukuri kandi bavuga cyangwa bagakora ibitari iby’ukuri.

Zaburi 118:22 igira iti “*Ibuye abubatsi banze ryahindutse irikomeza imfuruka.*” Uyu murongo uvuga ibyerekeye Dawidi, wanzwe n’abayuda ariko nyuma akaza gutoranywa n’Imana ngo abe umwami w’Abisirayeli.<sup>6</sup> Muri Matayo 21:42, Yesu na we yavuze aya magambo ayabwira abatambyi bakuru n’abafarisayo, yerekeza k’ukuntu banze kwemera ko ari Umwana w’Imana, avuga ko ariwe buye rikomeza imfuruka z’Itorero.

Naho abantu batwanga, ariko tugashikama tugakomeza gukora icyo Imana idusaba gukora tunezerewe, dushobora kuba nk’ibuye rikomeze imfuruka mu mwanya wose idushyizemo. Imana ishobora kutuzamura mu ntera ikatugira umuyobozi w’abandi nubwo abandi bose baba batekereza ko nta cyo tumaze. Imana ibasha kutuzamura ikadushyira hejuru aho nta muntu w’undi ushobora kuhatugeza.

Ubwo natangiraga umurimo wo kubwiriza nta maharo nagize. Iyo abantu bahagurakaga bagasohoka mu iteraniro, umwanzi yarambwiraga ati bajanywe n’uko badakunda kubona abagore babwiriza. Ibi byagiye bibaho mu matorero aho Abapasitori bayo banyihanangirizaga iteka

ko hatigeze hagira umugore wicara mu myanya yabo bityo bakaba batizeye uko iteraniro ryabifata. Iyo byabaga, byarangoraga nkababara cyane.

Hanyuma Imana yampaye iki cyanditswe cyo muri Luka 10:16, *“Ubumvira ni jye aba yumviye, n’ubanga ni jye aba yanze, kandi unyanga aba yanze n’Uwantumye.”*

Imana yarambwiye gusa iti *“Ni jye waguhamagaye. Wikwita ku byo abantu batekereza. Nubyitaho, uzakomeza utyo ubuzima bwawe bwose kuko umwanzi atazigera areka gushakisha abantu batekereza ibintu bitari byiza kuri wowe.”*

Muri Matayo 10:14, ubwo Yesu yoherezaga abigishwa be mu midugudu no mu birorero kuvuga yo ubutumwa bwiza, yababwiye uko bazajya babigenza abantu nibabanga. Nta bwo yababwiye ngo bajye bahagarara maze barire bameze nk’abakomerekejwe kandi bababajwe. Ahubwo yarababwiye ati *“Kandi nibanga kubacumbikira cyangwa kumva ibyo muvuga, nimuve muri icyo nzu cyangwa muri uwo mudugudu, mukunkumure umukungugu wo mu birenge byanyu.”* Ku murongo wa 23, yarababwiye ati *“Nibabarenganyiriza mu mudugudu umwe muzahungire mu wundi. Ndababwira ukuri yuko mutazarangiza imidugudu yose ya Isirayeli Umwana w’umuntu ataraza.”*

Ni uko rero, niba ufite umuhamagaro mu buzima bawe, hanyuma hakagira umuntu umwe cyangwa benshi batakwemera, ntihazabura abandi bakwemera. Reka uko kwangwa maze ukomeze imbere.

Mu Byakozwe n’intumwa 28:1-5 tuhasanga inkuru ya Pawulo na bagenzi be bendaga kurohama ku kirwa cyitwa Melita. Ubwo Pawulo yari amaze guteranya umuganda w’inkwi ngo azishyire mu muriro bari babacaniye ngo bote, incira yavuye muri uwo muriro imuruma mu kiganza. Bene icyo gihugu babonye ibyo, baravuze bati *“Ni ukuri uyu muntu ni umwicanyi kuko nubwo yakize mu nyanja dore inzoka y’ubumara bwica iramuriye; bityo idaca urwa kibera ntikumundira kubaho!”*

Ku murongo wa 5 turasoma ngo *“Ariko akunkumurira icyo gikururuka mu muriro ntiyagira icyo aba.”*

Uyu murongo urimo ubutumwa bukomeye. Iyo umwanzi *“aturumye”* akagarageza gufata ahantu runaka ku buzima bwacu, wenda ni ugutinya, kwangwa, gucika intege, guhemukirwa, akagambane, kuba wenyine cyangwa ikindi cyose, Bibiliya itwereka icyo dukwiriye gukora: ***“gukunkumurira hasi icyo kintu tugakomeza.”***

Akenshi twangwa n’abantu batwegereye cyane. Abo mu muryango wa Yesu, bene se bwite, baramwanze banga n’umurimo we.<sup>7</sup> Ibintu nk’ibi byaba no ku uwo ari we wese muri twe.

Niba twiyemeje gukurikirana Imana no gukora ibitandukanye n’ibyo abandi bose bakora, bazabona turi abanyamakosa maze batwange. Ubu ni bwo buryo bashobora kubona ko ibyo bakora cyangwa badakora ari byo. Iyo ibyo bibaye, ujye ubikunkumurira hasi ukomeze umaranire kujya imbere ukora icyo Imana yaguhamagariye.

#### ***4. Ikigeragezo cyo “gusomana nk’ukwa Yuda”***

*Yesu aramubaza ati “Yuda, uragambanishiriza Umwana w’umuntu kumusoma?”*

Luka 22:48

Ikindi kigeragezo dushobora guhura na cyo ni icyo nise *“ikigeragezo cyo gusomana nk’ukwa Yuda,”* ari byo kuvuga ikigeragezo cyo kugambanirwa n’inshuti.

Rimwe naganiriye n’umuntu wari umaze kugira ingorane zibabaje kandi zimukomereye kuko zaterwaga no kwangwa no kugambanirwa na bamwe mu bantu yafataga nk’inshuti ze za hafi kandi yizera. Uwo muntu namubwiye ibintu nk’ibi ngiye gusangira namwe muri iki gitabo.

Hari ibintu Yesu yamaze gukora ku bwacu bikaba bitakiri ngombwa ko natwe tubicamo. Nk’urugero, yikoreye ibyaha byacu, bityo ntibikiri

ngombwa ko tubyikorera.<sup>8</sup> Ariko hari ibindi Yesu yacyiyemo arihangana kugira ngo bitubere urugero rw'ukuntu natwe tugomba kubicamo tugera ikirenge mu cye.<sup>9</sup> Kimwe muri ibi bintu ni ukwangwa, nk'uko twamaze kubibona. Ikindi ni ugahanwa ukaba wenyine, tuzabivugaho nyuma. Ikindi ni ukumvira tugakora ubushake bw'Imana nubwo tutari tubikunze. Ikindi ni ukugambanirwa.

Mbabwije ukuri, nta bantu benshi nzi babaye abayobozi bakomeye, abantu bamaze mu myanya y'ubuyobozi igihe kirekire, batigeze bagira mu buzima bwabo ubwo bagambanirwa n'abantu bakundaga, bubahaga kandi bizeraga.

Ni abapasitori bangaha bagize abapasitori bafatanyaga nabo hanyuma bakazatwara igice cy'abakristu bagashinga irindi torero? Ibi bibaho cyane, byahindutse nk'ibisanzwe.

Imana ishobora guhamagara umuntu mu Itorero ngo atangize umurimo mushya, ariko hari uburyo bwiza n'uburyo bubi bwo gukora uwo murimo mushya. Nta bwo ari byiza kuva ahantu mu bisa nk'intambara. Jya wibuka ibi iteka: Uburyo uvuye mu murimo wa kera ni bwo buryo winjira mu murimo mushya-ufata imico wari ufite ubwo wagandaga. Nigeze kuba mu Itorero aho ubuyobozi bwaryo bwumvaga ko atari byo ko mbwiriza hatabwirije umugabo wanjye. Babikoze ku mugaragaro, baratubangamira, baratubababza ariko Imana ikomeza gushyira mu mitima yacu ko tudakwiye kuhava mu mahane. Twategereje igihe kinini ariko dukomeza kubabazwa cyane muri icyo gihe cyo gutegereza. Ubwo twari dutegereje, Itorero ryatangiye kuzima. Abantu bazaga mu materaniro bagenda bagenda barushaho kuba bake, Umwuka w'Imana atagikora, bigaragara ko ari ikibazo gikomeye.

Abayobozi batangira kujya bagenzura cyane abanyetorero aho kugira ubuyobozi buboneye. Bararakaraga cyane iyo bumvaga ko hari umuntu ushaka kugenda cyangwa kugira ikindi akora. Bakoraga nk'aho abantu ari ababo, imyumvire nk'iyi ikaba atari yo.

Mu 2 Abakorinto 1:24, Pawulo yabwiye Itorero ry' i Korinto ko adashaka kubatwaza igitugu ku kwizera kwabo, ko ahubwo ari

ubashakira ibyishimo, kandi uku ni ko abayobozi bari bakwiriye kumera.

Abayobozi b'iri torero bagenje abantu benshi nk'uko batugenje. Imana ntizigera iha umugisha umuntu wese ufata nabi abandi bantu. Ubwo twari dutegereje, Imana yitaye kuri icyo kibazo. Nk'uko ijambo ryayo rivuga, ni umurengezi wacu.<sup>10</sup>

Iyo nza gufata iki kibazo ubwanjye sinite ku kuyoborwa n'Umwuka Wera, mba narahavuye ndakaye, nkomerekejwe kandi mfite amakare. Mu gutegereza, nashoboraga kuhava mfite umutima utuje kandi mpawe umugisha ku kintu cyose nzerekezaho amaboko. Dave nanjye nta bwo tuba dufite umurimo nk'uwo dufite ubu iyo tutumvira Imana muri kiriya gihe.

Satani akunda kugambanirana kandi iyo dukomerekejwe na byo, nta muntu tuba tucyizera. Twumva twabivamo, tukagenda tukigira “ahantu ha twenyine”, tukikorera “ibyacu gusa”, kugira ngo tutazongera kugira ubwo tubabazwa dutyo. Akagambane ni ikindi kintu tugomba kwiga gukunkumurira hasi no kutababazwa nacyo. Yesu ntiyacyemerereye ko kimubasha, natwe ntidukwiriye kucyemerera ko kitubasha.

Muri Matayo 24:10, Yesu aratubwira ko mu minsi y'imperuka ibintu nko kugambanirana biziyongera. Muri uwo murongo yerekana ibyo bihe bigoye agira ati:

*Ni bwo benshi bazasubira inyuma, bazagambanirana bangane. N'abahanuzi benshi b'ibinyoma bazaduka bayobye benshi. Maze kuko ubugome buzagwira, urukundo rwa benshi ruzakonja. Ariko uwihangana akageza imperuka niwe uzakizwa.*

Matayo 24:10-13

Niba twemera ko turi mu minsi y'imperuka, tugomba kumenya ibimenyetso biranga ibihe bya nyuma. Muri Mariko 13:7,8 havuga ibimenyetso bimwe birimo intambara n'impuha z'intambara, inzara, imishyitsi hamwe na hamwe, ariko si ibyo gusa. Kimwe muri ibyo

bimenyetso ni ukugambanirana, akaba ari byo ubu turi kurebera hamwe.

Ariko Yesu yavuze ko uzihanganira ibi byose akageza imperuka azakizwa. Bityo rero hari ibintu tugomba kwihanganira, akarengane n'imibabaro dukwiriye gucamo. Ariko iyo tubicamo nk'abizera tuba tuzi ko Imana idufasha; ko tuzabishobora kandi dufite guhitamo uburyo tubyifatamo. Ni nayo mpamvu tugomba rero guhitamo ko bigomba kutugira beza kurushaho atari ukutugira babi kurushaho.

Si ibitubaho bibasha kutumunga, ahubwo uburyo tubyitwaramo, ni bwo butumunga. Ariko ntudukwiriye kubyitwaramo uburyo butari bwo, dushobora guhitamo uburyo nyabwo. Nk'urugero, mureke turebere hamwe ibyabaye kuri Yesu na Yuda, bitiriwe iki kigeragezo.

### HITAMO NEZA

*Nuko iminsi mikuru y'imitsima idasembuye yitwa Pasika yendaga gusohora; abatambyi bakuru n'abanditsi bashaka uko bamwica, kuko batinyaga rubanda. Satani yinjira muri Yuda witwaga Isikariyota, yari mu mubare w'abo cumi na babiri. Aragenda avugana n'abatambyi bakuru n'abatware b'abasirikare, uko azamubagenzereza.*

Luka 22:1-4

Yuda yari umwe mu bigishwa cumi na babiri ba Yesu, nyamara tubona ko yinjijwemo na Satani. Dukwiriye kumenya ko Satani ashobora gukorera mu uwari we wese, yewe no mubatwegereye cyane. Ni yo mpamvu ari bibi kwizera cyane abantu badukikije tukarenza urugero. Tukimara kwizera ko badashobora kutubabaza, dutanze amahirwe menshi yo kuduhemukira.

Ibi ntibivuga ko tugomba gusharirira, gukarihira cyangwa kwanga uwo ari we wese tuvuga tuti “koko nta muntu n'umwe wo kwizerwa muri iki gihe.”

Ibyo si byo mvuga. Nkunda abantu, kandi ndabizera. Nta bwo mba mu buzima bwo gukeka buri wese duhuye. Ariko na none nta bwo mu buzima nizera ko hatagira umuntu umpemukira. Kuko nzi neza ko na bo ari inyama n’amaraso nkanjye, bisobanuye ko bashobora kuneshwa nk’uko nanjye neshwa. Bityo, nta bwo nizera abantu ahubwo inshuti inyegera cyane kundutira n’umvandimwe.<sup>11</sup> Mba nzi icyo azakora, ariko nta bwo mba nzi icyo abandi bantu bazakora. Bashobora kugukunda muri iki cyumweru, mu gikurikira bakakwanga.

Abantu bashobora guhinduka vuba cyane, nk’uko Yuda yahinduye imyumvire ye kuri Yesu, ari yo mpamvu yatangiye gushaka uburyo yamugambanira. Byose Yesu yari abizi. Yari azi ko Yuda yenda kumugambanira. None se ni mpamvu ki atagize icyo abikoraho?

Kimwe mu bintu nigishijwe ku Mana ni uko nubwo iba izi ibyo twenda gukora, ikomeza kuduha amahirwe yo guhitamo.

Kenshi Dave nanjye tugendana n’abantu tugerageza kubazana mu bintu runaka cyangwa kubaha uburyo bwo gukorana natwe uyu murimo, buri kintu kikagaragara mu maso yacu ariko bigasa nkaho ari ukutagira gahunda.

Muri icyo gihe mba numva navuga nti “Ni ukuri, tugomba kuba twataye Imana.” Ariko Dave akomeza iteka kumbwira ati “Oya, kuba bibaye bitya nta bwo bisobanura ko tubuze Imana. Imana iha abantu amahirwe. Uko bakoresha ayo mahirwe ni ibyabo.”

Bityo rero, na Yesu yari azi ubushobozi Yuda afite bwo gukora nabi, ariko yamuhaye amahirwe ngo yihitiremo ubwe kugira ngo arebe niba ashobora guhinduraagakora ibyiza.

## **SATANI YIFASHISHA INTEGE NKE ZACU**

*Nuko hasigaye iminsi itandatu Pasika ikaba Yesu  
ajya i Betaniya, aho Lazaro uwo Yesu yazuye yabaga.  
Bamutekerayo ibyo kurya bya nijoro, Marita arahereza,  
kandi na Lazaro yari umwe mu bicaranye na Yesu*

*basangira. Mariya yenda igice cy'indatira y'amavuta meza nk'amadahano y'agati kitwa narada y'igicro cyinshi cyane, ayasiga ku birenge bya Yesu abihanaguza umusatsi we, inzu yose itamamo ayo mavuta. Nuko Yuda Isikariyoti, umwe mu bigishwa be wendaga kumugambanira aravuga ati "Ni iki gitumye aya mavuta atagurwa idenariyo magana atatu ngo bazifashishe abakene?" icyatumye avuga atyo si ukubabarira abakene, ahubwo ni uko yari umujura kandi ari we wari ufite umufuka w'impinya, akiba ibyo babikagamo."*

Yohana 12:1-6

Yuda yari afite inzara y'amafaranga. Ni yo mpamvu yari agiye kugambanira Yesu. Yari afite ikibazo cy'ubusambo.

Ni iki Satani akora iyo ashaka kugera ku muyobozi? Ashaka umuntu wegereye cyane uwo muyobozi aziho tege nke runaka hanyuma akamukoresha gusenya uwo umuyobozi.

Nabonye ibi bimbaho mu buzima bwanjye. N'umwana wanjye bwite, unkunda cyane, afite tege nke runaka mu miterere ye zishobora kundakaza.

Ni isomo rikomeye kugira abana bawe bwite bakora mu murimo wawe. Turi ababyeyi babo, abashumba babo n'abakoresha babo. Kandi ni bo nshuti zacu za mbere. Tugomba kugira ubushobozi bwo guhindura vuba vuba tukabamenyesha ko "Muri uyu mwanya turakora nk'ababyeyi banyu, ubu bwo turakora nk'abashumba banyu, ubu bwo noneho turakora nk'abakoresha banyu, ubu bwo turakora nk'inshuti zanyu." Satani rero agerageza kugira icyo yakura muri buri gihe turimo kugira ngo agikoreshe azana ibibazo hagati muri twe, nk'uko yabikoze kuri Yuda na Yesu.

Agerageza ndetse kuzana kutumvikana hagati yanjye na Dave. Nk'abandi bese bashakanye, Dave nanjye ibihe byinshi tuba twumvikana ariko hari ibintu bimwe na bimwe umwe yakora bikaba byatera undi kurakara.



Dave ashobora kumara amezi n’amezi nta kintu na kimwe arakora ngo kindakaze, ariko rimwe Satani akaba yashaka kumbona amunyuzemo. Nubwo ibyo bintu biba bisa nk’aho byamaze gupfa bikanahambwa, ni nk’aho biba bizutse bigatangira bikandakaza na none.

Kimwe mu bintu bijya bimbangamira kuri Dave, nawe arabizi, ni uko aba ashaka ibisobanuro byinshi, kandi nje nifuzza kuvuga make gusa. Bityo, iyo ntangiye kumubwira inkuru, arampagarika akankosora. Iyo ndimo kuvuga nta bwo mba nshaka ko hagira unca mu ijamba, mba nifuzza ko abantu bantega amatwi bakumva icyo mvuga. Iyo natangiye, mba nshaka gukomeza. Nabigira ntyo, Dave akaba aravuze ati “Oya, si uko byagenze.” Ubwo agasubira inyuma akavugaga ibindi byinshi byerekeye iyo nkuru kandi nje nabonaga ko bitari ngombwa.

Nshobora kurangiza inkuru zigera kuri enye we agikurikirana utuntu duto duto two mu gice cya mbere cy’inkuru ya mbere.

Ni jye uri mu kuri cyangwa ni Dave? Mu kuri, nta n’umwe muri twe ufite ukuri cyangwa ufite amakosa, ahubwo gusa turatandukanye. Buri wese afite ibyo ashoboye n’ibyo adashoboye, ni uko Satani agafatira kuri izo ntege nke ngo azane intambara kuri twe no ku bandi.

Mu nkuru iri muri Yohana 12, turabona ko igihe cyari cyegereje ngo Yesu apfire ku musaraba ku bw’ibyaha byacu. Mu kanya gato, Satani atangira kuririra ku ntege nke za Yuda ku byerekeye amafaranga, ngo abone uko amukoresha mu kubabaza Yesu.<sup>12</sup>

Dukwiriye kumenya ko iyo Imana igira ngo ituzamure mu ntera, hazaba ubwo Satani azabyitambikamo agira ngo aduhagarike. Kenshi na kenshi ibi biba iyo uw’ingenzi mu migisha yacu wari hafi kutuzaho. Satani azadutera kugaragaza umwifato mubi no kwitwara nabi kugira ngo Imana ivuge iti “Ndabona utaritegura neza, ubwo rero haracyari urugendo.”

Twagenga dute mu gihe ibyo bibaye?

### **Bikunkumurire hasi.**

Dushobora kurira tugataka ngo ni uko twagambaniwe, ariko ibyo

nta cyo byatumarira, ahubwo bizatuma ibintu birushaho kuba bibi. Ahubwo tugomba kwiyemeza ko ibyo bitagomba kudukomeza, ko dukomeza kujyana n'Imana.

Muri ya nkuru yo kugambanira Umwami, Yuda yasanze Yesu aho yari mu gashyamba ka Getsemani maze amugambanira ku banzi be amusoma.<sup>13</sup>

Ariko Yesu si we wenyine muri Bibiliya wagambaniwe n'umuntu w'inshuti ya hafi cyangwa w'umuvandimwe. Abusalomo umuhungu wa Dawidi ubwe yaramugambaniye aba umukuru w'abamwigometseho ngo amukure ku goma.<sup>14</sup> Yozefu yagambaniwe na bene se, baramugurisha ngo ajye gukoreshwa uburetwa mu Egiputa aho yaje gushyirwa muri gereza azira icyaha atakoze.<sup>15</sup> Miriyamu mushiki wa Mose na Aroni umuvandimwe we baramuhindutse baramugambanira ubwo bashakaga kumwambura umwanya we wo kuba Imana ariwe inyuzamo icyo ishaka kubwira Abisirayeli, nubwo batabashije kubigeraho.<sup>16</sup>

Uko kugambanirwa kuratwerekeza mu kigeragezo gikurikira.



# UMUTWE WA 12



## KUGERAGEZWA K'UMUYOBOZI, IGICE CYA 2

**M**uri iki gice cy'iki gitabo, twakomeje kuvuga ku bigeragezo binyuranye Imana ishobora gukoresha kugira ngo ibidatunganye byo mu mitima yacu bijye ahagaragara. Iyo dushoboye guhagarara imbere y'ibyo bibazo, aho nibwo Imana ishobora gukorana natwe ikabikuraho maze ikadushyira ku rwego rw'inshingano rwisumbuye.

**Iteka Imana ibanza kuzamura uko duteye muri twe mbere yo kutuzamura mu ntera.**

Birashoboka ko nta na kimwe mu bigeragezo twavuze urahura na cyo, ariko birashoboka ko uzahura n'icyo utarahura na cyo mbere y'uko ugera aho Imana ishaka ko uba. Ibuka ko Imana itatugerageza igamije kutubabaza, ahubwo iba ishaka ko turushaho kuba abantu bashyitse, bityo mu gihe kizaza, tukazaba abayobozi bakwiriye.

### 5. *Ikigeragezo cy'imbabazi*

*Yobu agisabira bagenzi be, Uwiteka ahera ko  
aramwunamura amukiza ibyago bye amuha ibihwanye  
n'ibyo yari afite kabiri.*

Yobu 42:10

Iyo twagambaniwe cyangwa batugiriye nabi, tuba tugomba guca mu kigeragezo cyo kubabarira.

Nta bwo hano ndi buvuge cyane kuri iki kigeragezo kuko twamaze kukivugaho mu bindi bice by'iki gitabo. Twabonye abantu bazwi cyane muri Bibiliya bababariye abandi: Mose, Pawulo, Yozefu, Sitefano, Yesu n'abandi. Ariko nderekana uko muri Yobu 42:7-10 dusanga ko Yobu yasabiye inshuti ze zitigeze zimuba hafi mu mibabaro yagize ubwo ibye byose byamushiragaho, ahubwo zikamucira imanza, zikanavuga ko ari mubi. icyavuye muri uko kubasabira no kubababarira ni uko Imana yamuhaye umugisha wikubye kabiri.

Ibyo nabivuga mu yandi magambo nkoreshye iyi nteruro **“Nukora ibintu mu buryo bw’Imana, izagukubira kabiri ku bw’umubabaro wawe.”**

## 6. *Ikigeragezo cyo gukunda utari uwo gukundwa*

*Nimukunda ababakunda gusa, muzahembwa iki? Mbese abakoresha b'ikoro nabo ntibagira batyo?*

Matayo 5:46

Mu buzima bwacu, twese tugira abantu batubera nk'imiseno. Bamwe baba bameze nk'ipaki yose y'imiseno impande zose. Uko imiseno idukikije ari myinshi, ni ko tuba dufite ibibazo.

Ubwo Imana yampamagariraga ubwa mbere kubwiriza, nagize ibibazo byinshi. Nta gahunda nari mfite. Ubwo natangiraga kwigisha Bibiliya, nicaraga ku ibaraza ry'inzu yanjye nambaye imyenda migufi, meze nk'uuhira umwotsi wisigara mu maso ya buri wese kandi ndimo kubigisha Ijambo ry'Imana.

Murabona ko Imana itareba gusa aho turi ahubwo ireba n'aho dushobora kuba ubwo izaba imaze gukorana natwe muri uwo mwanya.

Nimumenye ko mu gihe nari meze ntyo, Imana itantaye ku isi. Yarandekaga nkaguma kuri icyo cyumba cy'inzu hamwe n'abantu makumyabiri na batanu.

Kugira ngo mbereke neza uko nari meze reka mbabwire ibibazo bimwe nagiraga. Nta cyo nari nzi cyerekeye imico y'umuntu, ubunyangamugayo, gukura, gukora byiza, ibintu bitangwa n'Umwuka. Ibi byose byari nk'ibintu by'ibinyamahanga kuri jye. Ni yo mpamvu kimwe mu byo Imana yakoze ari ukunshyira hagati y'abantu bashobora gutuma ngaragaza uburakari.

Har abantu batatu nabaga ndi kumwe na bo kenshi batumaga mba nk'usaze. Umwe ni Dave, undi ni umukobwa wari utuye hafi yacu, undi yari inshuti yacu ya hafi.

Ni ibyo. Uko Dave ateye muri we byampinduraga ukundi. Nabaga ndi imbere, nawe akanyoma inyuma. Byasaga nk'aho Dave afite umurimo wo gutegera Imana. Sinigeze ntegerereza Imana ubusa. Ni nk'aho ari jye wafataga icyemezo cy'aho turi bujye maze nkabwira Imana nti “Ngwino tugende.” Ubwo nkaba nirutse nagiyeye, Imana ikagerageza kunshyikira.

By'ukuri ari Dave ari jye ntawe ufite ukuri. Nasaga n'uri imbere y'Imana, Dave nawe ari inyuma yayo. Imana yagombaga gukora ku buryo igira ahantu runaka idushyira duhurira.

Ushobora nawe kuba warashakanye n'umuntu utuma wumva uguwe nabi. Ibyo ntibivuga ko washatse umuntu utagombaga gushaka.

Iyo Imana iba itarampaye Dave ngo ambere umugabo, nta bwo nari kubishobora kuko nta wari gutuma bimbaho. Yarankunze gusa nta kindi ahereyeho kandi uko narushagaho kugira ikibi kinturutseho, ni ko yarushagaho kunkunda. Yashoboraga kuba yanseka. Hari ubwo nahindukaga mu kanya gato nkijima, hanyuma akavuga ati “Yee, uriya ni wa muriro wa kera mu maso ye.” Mu gihe cyashize yigeze kumbwira ati “Nshuti yanjye icyo nzi neza ni uko ntigeze ngira ikibazo ntewe n'uko nagushatse.”

Ariko numvaga meze nk’aho mponyorwa. Nari narashatse umugabo utarakoraga ibintu nk’uko nashakaga ko bikorwa. Imana yambwiraga ko ngomba kumucira bugufi, ariko ntitwigeraga dutekereza kimwe ku kintu icyo ari cyo cyose. Igisubizo cyanjye cyari “Mana, niba ngomba guca bugufi imbere ye, nta cyo nzigera nigezaho!”

Nagiraga inshuti yakundaga ibintu bitunganye cyane kandi nari umuntu ubanguka kurakara, rero ku bantu barakara vuba, abakunda ibintu bitunganyije neza babasha gutuma barakara. Hanyuma hajyaga kubaho undi umuntu mu buzima bwanyje utaragiraga gahunda mu byo akora, kandi njye nari umuntu ukora yerekeza ku ntego runaka izwi neza kandi usobanura ku buryo bwumvikana icyo nshaka gukora. Byasaga nk’aho aho nerekezaga hose nahasangaga umuseno.

Natekereje ko buri wese agira ikibazo. Nakomeje kugenda mpangana n’ibintu byose kuri ubu nasobanukiwe ko ari Imana yabishyiraga mu buzima bwanyje. Ni bwo nyuma naje gusobanukirwa ko Imana ibasha kudushyira imbere abantu baturakaza ku buryo kandi tutabona aho tubahungira. Iyo dushatse kwiruka ngo duhunge umwe, duhita duhura n’abandi babiri bameze nka we.

Ubwo nahitaga ngendagenda aho ndirimba nti “Ndemeye.” Hanyuma ubwa mbere umuntu uje utari mwiza cyane, bikandenga nkumva namuhunga.

Turi kwiga uko twakunda utari uwo gukundwa. Ubutaha ubwo uzaba ugoswe n’umuntu ushaka kukurakaza uzibwire mu mutima uti “Wigira ikibazo, wa mubiri we. Iki ni ikigeragezo gusa.” Uzagikunkumurire hasi ukomeze.

Mu Abagalatiya 6:1,2 haratubwira ngo:

*“Bene Data, umuntu niyadukwaho n’icyaha, mwebwe ab’Umwuka mugaruze uwo muntu Umwuka w’ubugwaneza, ariko umuntu wese yirinde ngo na we adashukwa. Mwakirane ibibaremerera kugira ngo abe ari ko musohozza amategeko ya Kristo.”*

Pawulo aratubwira iki muri uyu murongo? Aratubwira ko dukwiriye kwiga kubana na buri wese. Dukwiriye kwiga kubana n'ibintu tudakunda. Nta bwo buri muntu azatekereza, azavuga cyangwa azakora nk'uko tubishaka. Ahubwo kubabarira ni kimwe mu byo tugomba gukora nk'abagize umubiri wa Kristo. Nta bwo buri wese azaba cyangwa ngo akore ibyo dushaka ariko dushobora kubababarira no kubakunda uko byamera kose.

### 7. *Ikigeragezo cy'igihe*

*Ariko bakundwa iri jambo rimwe ntirikabasobe, y'uko ku Mwami Imana umunsi umwe ari nk'imyaka igihumbi n'imyaka igihumbi ari nk'umunsi umwe.*

2 Petero 3:8

Imana ntigendera kuri gahunda yacu twishyiriyeho. Nta bwo ijya ikererwa ariko na none nta bwo ikora mbere y'igihe. Akenshi isaha yayo ni mu gicuku. Rimwe na rimwe itegereza kugeza ku isegonda ya nyuma ikabona kuduha ibyo dukeneye. Ni nk'aho iza kuturohora twari tugiye kurohama.

Dukwiriye kwiga gutegereza isaha y'Imana. Ariko tutarakora ibyo tugomba kugeza aho twumva ko nta cyo tugishoboye. icyo nshaka kuvuga ni uko ubushobozi bwacu no kumva twihagije bigomba kubanza bikarangira maze Imana ikabona gukora ubushake bwayo ku buzima bwacu n'ibihe turimo.

Mbere y'uko iza kudufasha, igomba kubanza kumenya neza nta gushidikanya ko tutagikomeje kwirwanirira no gukorera hanze y'isaha yayo.

Mu Babagalatiya 6:9 haranditswe ngo *“Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari.”*

Icyiza cy'uyu murongo ni uko usa n'aho wongerera imbaraga abantu. Muri uyu murongo nta cyo tubona Imana iratubwira, nta nubwo bigaragara neza igihe bizabera kuko *“igihe nigisohora”* bidasobanutse



neza. Dushatse igihe cyacu nk’uko Bibiliya ivuga, tubona gusa “*mu gihe cyagenw,*” “*igihe nigisohora,*” “*mu gihe gikwiriye.*” Kenshi iyo ntegereje igisubizo cy’Imana ku kibazo runaka maze ngatangira kumva ncutse intege kuko itinze gusubiza, hagira umuntu uza akampa umurongo nk’uyu. Numva binshubijemo imbaraga, ariko singira icyo menya cyane kuko igihe gikwiriye ari cyo Imana iba izi ko ari icy’ukuri.

Umwanditsi wa Zaburi Dawidi yanditse umurongo ufite imbaraga nyinshi muri Zaburi 31:14,15 *Ariko ku bwanjye ni wowe niringiye Uwitaka. Naravuze nti “Uri Imana yanjye.” “Ibihe byanjye biri mu maboko yawe, unkize amaboko y’abanzi banjye n’abagenza.”* Kimwe n’umwanditsi w’iyi Zaburi, dukwiriye kwiga gushyira ibyiringiro byacu mu Mana, tukiringira ko izaza kudukura mu ngorane turimo isaha yayo igeze.

Umwanditsi wa Zaburi arongera akatubwira muri Zaburi 34:19 ati “*Amakuba n’ibyago by’umukiranutsi ni byinshi, ariko Uwitaka amukiza muri byose.*” Ariko ntagaragaza **isaha** Imana imutabariraho, nta ntagaragaza **impamvu** akenshi hagomba igihe cyo gutegereza mbere y’uko Imana itabara.

Ndatekereza ko imwe mu mpamvu tugomba rimwe na rimwe gutegereza mbere y’uko Imana iza kutubohora ari ukugira ngo tubanze twigishwe kugirira impuhwe abo tuzayobora kera.

Mu myaka yashize nigeze kurwara cyane, mara igihe. Ndibuka ubwo nari ndyanye, nsenga ntakira Imana. Siniyumvishaga impamvu itazaga ngo inkize uwo mubabaro. Nari mfite ubwoba bw’ukuntu indwara izamera n’uko bizagenda.

Ntibyatinze Imana iba irambwiye iti “Iyi ndwara si iyo kwica, ahubwo ni iyo gukiza.” Nubwo ntari nsobanukiwe neza icyo bishatse kuvuga, Umwuka uri muri jye yatumye menya ko iri kongera ubuzima muri jye, kunyongerera kuyizera no gutuma ndushaho kuyegera. Nasobanukiwe ko ntakwiriye kugira ubwoba ngo indwara iranyica kuko Imana izankiza mu gihe gikwiriye. Kandi yarabikoze. Ihora ibikora.

Ikintu cy'ibanze ni uko dukwiriye gutegereza isaha y'Imana, tukiringira ko mu gihe tuba dutegereje ko idutabara hari umurimo munini iba ikora muri twe kubw'impamvu yayo.

## GUKURA MU KWIZERA

Mu 2 Abakorinto 12:7-9, Pawulo yavuze ku “*gishakwe cyo mu mubiri*” yari yarahawe, akinginga Imana gatatu ngo kimuveho. Hariho ibisobanuro bitandukanye bivuga icyo gishakwe icyo aricyo, impamvu yari yaragihawe n'impamvu Imana yanze kukimukuraho. Ariko usanga abantu barataye igisobanuro nyacyo kuko Pawulo ubwe yatanze ibisubizo kuri ibi bibazo:

*Kandi kugira ngo ne guterwa kwishyira hejuru kurenze ibikwiriye ni uko nahishuriwe ibikomeye cyane, ni cyo cyatumye mpabwa igishakwe cyo mu mubiri, ari cyo ntumwa ya Satani yo kunkubita ibipfunsi, ngo ne kwishyira hejuru kurenza ibikwiriye. Kuri icyo kintu ninginze Umwami wacu gatatu ngo kimvemo, ariko arampakanira ati “Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ariho imbaraga zanjye zuzura.” Nuko nzanezerwa cyane kwirata intege nke zanjye, ngo imbaraga za Kristo zinzeho.*

Muri Bibiliya yitwa *Amplified Bible* umurongo wa 9 wanditse ngo Imana yabwiye Pawulo iti Ubuntu bwanjye buraguhagije kugira ngo uhangane n'ikibazo gitwari. Bityo rero iyo Imana itaraducira inzira, iduha ubuntu bwayo, imbaraga n'ubushobozi bwo kwihangana mu byo ducamo tugakomeza kugenda mu mbuto z'Umwuka, dukora nk'uko twagombaga gukora.

Ndemera ko hariho inzego zitandukanye zo kwizera. Urwego rumwe rwo kwizera **rutubohoraho ibigeragezo**, ariko urundi rwego **rukadufasha turi mu bigeragezo**. Bamwe bashobora gutekereza ko urwego rwo kwizera rudukuraho ikigeragezo ari rwo rwiza. Ku giti cyanjye, sinemeranya na bo. Nta bwo ntekereza ko bisaba kwizera kungana iyo ugomba gusenga ngo ubuhorweho ikintu runaka n'iyo

usenga ngo ukomeze kwiringira imbaraga z’Imana mu gihe zitarimo guhita zigaragazwa. Ni muri ibyo bihe byo kugeragezwa dukura mu kwizera.

Hari ubwo Dave nanjye dusengera ikintu maze tukagihabwa ako kanya. Hakaba ubundi tugomba gutegereza igihe kirekire mbere y’uko duhabwa icyo twasabye. Mu bihe nk’ibyo tuba tugomba kwizera Ijambo ry’Imana aho kwizera inararibonye yacu. Iki ni kimwe mu bigeragezo bijyanye n’ubuyobozi, kandi bikaba kimwe mu bibutegura.

Ubwo Dave nanjye twahabwaga bwa mbere umuhamagaro w’umurimo, nari mfite akazi mbona amafaranga angana n’aya Dave. Nari mu mwanya w’ubuyobozi mu kigo kinini kigurisha ibyo kurya. Ubwo narekaga ako kazi kugira ngo nitangire wese uyu murimo, amafaranga twinjizaga yagabanutse kabiri. Habaga ah’ibitangaza kugira ngo tubashe kwishyura ibyo dukenera buri kwezi.

Natekerezaga ko kuba twaratanze igitambo kinini cyo kureka akazi kanjye gasanzwe, Imana izahita iza igakemura ibibazo byacu bijyanye n’amafaranga. Ariko twamaze imyaka itandatu tubasha kurangiza ukwezi bigoranye. Byabaye bibi cyane bigera aho tugomba gutegereza igitangaza cy’Imana ngo tubone ibikoresho bito bito byo mu rugo nk’isafuriya, igitambaro cyo kogesha ibintu, inkweto z’abana. Nta bwo nari menyereye kugomba gutegereza Imana ku tuntu duto nk’utwo kuko iteka nabaga mfite amafaranga ahagije yo kubigura.

Nabonaga harimo akarengane - twari dutanze ibirenze ibyo twatanze mu mibereho yacu yose. Ni mpamvu ki Imana itaduhaga umugisha? Mu by’ukuri yarawuduhaga. Ntiyaduhaga ibyo dukeneye byose, ariko yari itwitayeho. Twari tugizwe na yo kurusha mbere hose, rwose buri kwezi tukaba ari yo twiringiye gusa ngo tubashe kwishyura ibyo dukenera. Iri ni isomo ryari rinkomereye kwiga, kandi sinaryakiriye ntabanje gutera amahane.

Nakomezaga kwirukana abadayimoni, kwiyiriza ubusa, nsenga nshaka n’abantu kubyerekeye mafaranga ariko ntihagire igihinduka na gato. Sinumvaga ibyo ari byo. Ukwezi kugashira ukundi kugataha

ari uko biri, hashira imyaka itandatu. Hanyuma igihe kiragera inzira iraboneka, ibintu bitangira kuba byiza. Dutangira kurumbukirwa, buhoro buhoro Imana itumenaho imigisha mu buryo bw'ubutunzi bw'amafaranga.

Ubu iyo nshubije amaso inyuma nkibuka icyo gihe ni bwo menya neza impamvu byari ngombwa ko tugicamo. Mba nshobora nte kwizera ku byo nkenera ubu ngo nkore uyu murimo mpuzamahanga iyo mba ntarabanje kugira kwizera ku tuntu duto two mu ngo? Impamvu yari yatumye ntizera Imana kuri utwo tuntu duto, ni uko buri gihe nabaga nshoboye kutwigurira ubwanjye. Bityo, kugira ngo nigishwe kwizera k'ukuri, Imana yagombaga kureka nkabeshwaho na yo yonyine.

Mu gihe ibi byabaga biba sinabisobanukirwaga kuko cyari igihe cyo kugeragezwa. Namaze imyaka icumi ya mbere y'uru rugendo rwanjye n'Imana ndi hafi y'intebe yayo mbaza nti “*ni mpamvu ki?*” kandi “*ni ryari?*” Nyuma noneho ntangira kwizera.

Niba hari igihe kigoye urimo muri iki gihe, gishobora kuba ari igihe cyo kugeragezwa. Niba ari uko biri, iyemeze kuguma mu kwizera, wiringiye ko Imana izagukiza ku isaha yayo.

## **8. Ikigeragezo cyo kudasobanukirwa**

*Nta wumenya, nta wushaka Imana*

Abaroma 3:11

Hari igihe abantu twari twitezeho ko batwumva bakanatwitaho batabidukorera batyo. Ndemera ko iteka hazaboneka abantu batatwumva, batumva uko duteye cyangwa umuhamagararo uri ku buzima bwacu.

Ndibuka ko hari igihe abantu bambazaga bati “Ni mpamvu ki ukora ibintu muri buriya buryo?” Ibi byabaye mbere y'uko menya icyo nari narahamagiriwe gukora. Nari ntangaje gato. Icyo nshaka kuvuga aha ni uko akenshi nakundaga ibyo abandi badakunda, nkavuga cyangwa ngakora ibintu abandi bantu batekerezaga ko ntakora. Nabaga iteka nta

mikino mu byo nkora, nkomeje. Bityo abantu bamwe ntibanyumve cyangwa ngo bumve iyo mimerere yanjye.

Nsubiza amaso inyuma ubu ngasanga ibyangombwa byose nari nkeneye ngo nkore uyu murimo, nari nsanzwe mbyifitemo. Imana yagombaga gusa kubinogereza neza bikaba bigeze noneho mu mwanya wo kuba byakoreshwa. Iyo utazi icyo Imana yenda kuzagukoresha, hari ubwo wumva utari mu mwanya wawe. Wumva utaguwe neza mu bintu biba bikubaho ahagukikije.

Nuko rero niba nawe ubwawe wiyumvamo ko bigutangaje, birumvikana ko abandi bantu bakuzaho bakubaza ibitagenda bati “Ni ibiki bitagenda kuri wowe? Ni kuki ukora utya?”

Nta bwo baba babyumva. Nyamara na Yesu abantu ntibasobanukiwe ibye. Nta n’umwe wamusobanukiwe cyangwa ngo asobanukirwe n’umuhamagaro we.

Kuba abantu batumva ngo basobanukirwe ibyawe na cyo ni ikindi kigeragezo ugomba gucamo kugira ngo ube umuyobozi. Ugomba gutekereza ko uzajya uhagarara ugakora icyo Imana igusabye gukora n’aho nta muntu n’umwe waba ukumva, yemeranya nawe cyangwa agushyigikiye. Yesu arakumva, ibyo birahagije.

Iyo abantu batatwumva, ni umwanya mwiza wo gushyira mu bikorwa ibyo kubabarira no gukomeza kugira ubugwaneza.

### **9. Ikigeragezo cyo kuba umugaragu w’abandi**

*Nuko amaze kuboza ibirenge yambara imyenda ye, arongerera aricara arababaza ati “Aho mumenye icyo mbagiriye? Munyita Shobuja n’Umwigisha, ibyo mubivuga neza kuko ariko ndi koko. Nuko rero, ubwo mbogeje ibirenge kandi ndi Shobuja n’Umwigisha, ni ko namwe mukwiriye kubyozanya. Mbahaye icyitegererezo, kugira ngo mukore nk’uko mbakoreye.”*

Yohana 13:12-15

Imana izaduha uburyo bwo kuba abagaragu b'abandi, kandi ikurikirane irebe niba tubikora neza. Na Yesu yaduhaye urugero rwo gukorera abandi ubwo yozaga ibirenge by'abigishwa be, hanyuma arababwira ati "Namwe mukwiriye gukorera abandi nk'uko mbakoreye."

Hari abantu badashobora kuba abagaragu b'abandi kuko batazi icyo bari cyo muri Kristo. Keretse bafite ikintu cy'ingenzi bagomba gukora, ubundi bumva nta mumaro bafite.

Nta bwo nibwira ko dukwiriye gutangira kuvuga ukuntu bafite agaciro abakora icyo ari cyo cyose bahamagariwe ku bw'inyungu z'umurimo, uko cyaba kigaragara nk'igisanzwe cyangwa nk'igiciye bugufi kose. Hari abantu benshi b'igiciro mu mubiri wa Kristo, abantu bakora gusa icyo batekereza ko basigiwe gukora.

Dukwiriye kugira ubushake bwo gukora icyo Imana idusabye gukora cyose, cyangwa kuba igikoresho mu cyo ishatswe kudukoreshamo cyose. Abantu bameze batyo nibo babasha kugera ku rwego rwo hejuru cyane rw'ibyo Imana yageneye ubuzima bwabo.

Kugira umutima wo kuba umugaragu w'abandi ni ikintu cy'ingenzi, ariko uwo mutima ugomba kugaragara ahantu hose atari mu murimo gusa.

Hari abantu bumva baba abagaragu b'abandi ari uko bari mu nsengero, atari iwabo mu ngo. Uwabasaba gukorera iwabo ibyo bashaka gukorera mu rusengero bamusubiza bati "Mugira ngo ndi umuja wanyu hano?" Batekereza ko bidasanze gukorera Itorero ry'umuryango wabo. Icyo nshaka kuvuga ni uko ibyo twumva dushaka gukorera mu rusengero twakunda no kubikora iwacu mu ngo kuko mu by'ukuri ariho umurimo utangirira. Bamwe muri twe bakeneye kubanza kwiga koza ibirenge by'ab'iwabo imuhira (gukorera abandi) mbere yo kuza kubyoza abo mu rusengero.

Urugero rwiza rw'uko gukorera abandi bimeze n'igiciro cyabyo turubona muri Matayo 20:20-22:

*Maze nyina wa bene Zebedayo azana n’abana be aho ari aramupfukamira ngo agire icyo amusaba.*

*Na we aramusubiza ati “Tegeka ko aba bana banjye bombi bazicara mu bwami bwawe, umwe iburyo bwawe undi ibumoso.”*

*Yesu aramusubiza ati “Ntimuzi icyo musaba. Mwabasha kunywera ku gikombe nzanywereho?” Bati “Turabibasha.”*

Uko aba bagabo babiri batashoboraga kuguruka, ni ko batashoboraga, gukora ibyo Yesu yabasabye, kandi nta bwo bari mu kuri ubwo babisabaga. Ni yo mpamvu Yesu yababwiye ati “Ntimuzi icyo musaba.” Bashakaga icyicaro, ariko nta cyo bibazaga ku bikenewe ngo babe bateguriwe icyo cyicaro.

Ubwo Yesu yababazaga ati “Mwabasha kunywera ku gikombe nzanyweraho no kubatizwa umubatizo nzabatizwa? Mukutamenya n’ubwirasi byabo barashubiye bati “Oh, yego, yego, amina, turabibasha.” Nyamara ntibari babibashije na gato.

Maze Yesu arababwira ati:

*...Ni ukuri igikombe cyanjye muzakinyweraho, ariko kwicara iburyo bwanjye n’ibumoso si jye ubigaba, keretse abo Data yabitunganyirije. Ba bandi cumi babyumvise barakarira abo bavandimwe bombi. Yesu arabahamagara arababwira ati “Muzi yuko abami b’abanyamahanga babatwaza igitugu, n’abakomeye babo bahawe kubategeka ariko muri mwe si ko biri, ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu kandi ushaka kuba uw’imbere muri mwe ajye aba imbata yanyu.”*

Matayo 20:23-27

Iyi mirongo nta bwo ikeneye ko ivugwaho byinshi. Muri yo Yesu yagaragaje icyo bisaba ushaka kuba umuyobozi w’abandi.

Ntekereza ko buri muni Imana iduha uburyo bwo kubera abandi umugisha. Ndetse no hagati ya Dave nanjye ni kenshi haboneka uburyo bwo kugira ngo umwe agire icyo akorera undi. Rimwe nshobora kubona ayo mahirwe nk'ay'igiciro bikampa uburyo bwo gukorera Dave akantu keza, ariko ubundi hakaba ubwo kubikora bingora.

Rimwe na rimwe ashobora kunsaba kugira icyo mukorera, nakwanga cyangwa nkabanza gushidikanya kuko numva ntashaka guhaguruka ngo mpite ngikora ako kanya, akicecekeraga agahita ambwira ati “Rero, Joyce, nta kindi uretse ko umugisha wawe uwubuze.”

Ibindi bihe byose iyo ntashaka gukora ikintu umuryango wanjye unsabye gukora, barambwira bati “Wagiye ushyira mu bikorwa ibyo ubwiriza!” Baba bafite ukuri. Niba mbwiriza abandi ibyo bagomba gukora, nkwiriye nanjye kumenya niba ariko mbikora.

Bityo rero ikigeragezo cyo kuba umugaragu w'abandi ni uburyo dukoresha amahirwe cyangwa uburyo Imana iduha bwo kubera abandi umugisha, bigaragaza niba by'ukuri dushaka gufasha abandi cyangwa niba dushaka kugaragara mu maso y'abantu.

Iyo Imana isize umuntu nta bwo cyane cyane iba imusigiye kuba icyamamare. Ahubwo iba isigiye uwo muntu kuba umugaragu w'abandi kimwe na Yesu umwana wayo.

### **10. Ikigeragezo cy'ibicantega**

*Sawuli asubiza Dawidi ati “Ntiwashobora gutera uwo Mufilisitiya ngo umurwanye, kuko ukiri umusore w'umugenda kandi we ni umugabo wamenyereye kurwana uhereye mu busore bwe.*

1 Samweli 17:33

Inkuru ya Dawidi na Goliyati yaba ari yo rugero rwiza rugaragaza neza iki kigeragezo muri Bibiliya.



Ubwo Dawidi yagaragazaga ubushake bwo kujya kurwana n’iyo ntware, nta n’umwe wabimushyigikiyemo ngo amutere imbaraga. Bose baramubwiye bati “Uracyari muto, nta ntware nyazo ufite. Agusumbya kuba munini kandi aramenyereye kukurusha,” n’ibindi.

N’umwami Sawuli ubwe yibajije ku bushobozi bwa Dawidi bwabasha gutuma anesha icyo gihangange cy’umufilisitiya. Ariko Dawidi yumva atewe imbaraga yibutse uburyo Imana yatumaga anesha mu gihe cyashize:

*Dawidi asubiza Sawuli ati “Umugaragu wawe naragiraga intama za data, iyo zaterwaga n’intare cyangwa idubu zigakura umwana w’intama mu mukumbi, narahubukaga nkayikubita nkayiyambura mu kanwa kayo, yamvumbukira nkayicakira akananwa, nkayivutagura nkayica. Nuko ubwo umugaragu wawe yishe intare n’idubu, uwo Mufilisitiya utakebwe azapfa nk’imwe muri zo, kuko yasuzuguye ingabo z’Imana ihoraho.” Dawidi arongera aravuga ati “Uwiteka wandokoye mu nzara z’intare n’idubu, azankiza no mu maboko y’uwo Mufilisitiya.” Nuko Sawuli abwira Dawidi ati “Ngaho genda, Uwiteka abane nawe.”*

1 Samweli 17:34-37

Niba ushaka kuba umuyobozi no kugira icyo ukorera Imana, ukwiriye kumenya ko hazaza ibihe amajana cyangwa ndetse ibihe igihumbi aho Satani azaza kuguca intege. Ibyo abiterwa n’iki? Kuko azi neza ko hagomba ubutwari ngo tubashe gutsinda ibitero adutera ngo tudasohozwa umugambi w’Imana ku buzima bwacu.

Iyo ucitse intege, ubura imbaraga n’ubutwari wari ukeneye ngo ubashe gukomeza imbere. Wakora iki mu gihe uhuye n’ibicantege?

**Bikunkumurire hasi!**

## UMUNYANTEGENKE CYANGWA UMUNYAMBARAGA

Mu 1Abami 18 na 19 tuhasanga inkuru y'umuhanuzi Eliya wacitse intege. Ubwo yari amaze kunesha abahanuzi 450 ba Baali mu mpinga y'umusozi Karumeli ubwo hari ikibazo cyo kumenya Imana nyakuri, yabonye ubutumwa atumweho n'umwamikazi Yezabeli ko azamwica. Yatewe ubwoba cyane n'ibyo maze arahunga ngo yikize, ahungira mu butayu.

Bishoboka bite ukuntu umuntu w'Imana wazamutse akagera mu mpinga y'umusozi, akahubakira Uwiteka igicaniro, akica impfizi, akayicagagura maze akayishyira ku gicaniro aho Imana yohereje umuriro ugatwika igitambo, nyuma y'ibyo akicisha inkota wenyine abahanuzi 450 ba Baali, yaterwa ubwoba akiruka ahunga umugore umwe wenyine?

Iyo usomye iyo nkuru ubona ko Eliya yari amaze kunanirwa. Imbaraga ze zose yari yazikoresheje, akeneye nk'ijoro ryose ngo abe aruhutse, akeneye ibyo kurya, kandi ibyo ni byo Imana yamuhaye.

Yarirutse ahunga maze agera ahantu araryama ngo aruhuke, agisinziriye Marayika w'Uwiteka araza aramukangura aramugaburira. Acyongeye gusinzira Marayika yagarutse ubwa kabiri amusaba ko yongera akarya mbere y'uko akomeza urugendo.

Ikibazo cya Eliya cyari gusa gucika intege bitewe n'umunaniro. icyavuyemo ni uko yigendeye akanagira ibihe bibi. Yari arambiwe ku buryo yumvaga yiteguye no kuba yakwipfira. Ni yo mpamvu Imana yagombaga kumukurikirana no kumugarura haba mu buryo bw'umubiri no mu buryo bw'Umwuka, ibi bikaba bigaragaza ko n'umuntu w'Imana ukomeye cyane ashobora gucika intege.

Ngitangira uyu murimo wanjye nacitse intege cyane. Nta bwo ibyo bigikunda kumbaho ubu, ariko hari ubwo rimwe na rimwe ndwana n'ibicantegye, nk'undi wese.

Iyo ugomba gutegereza ikintu runaka igihe kirekire cyangwa se iyo ibintu byose n'abantu bose bikurwanya, bikageza aho wumva urushye

kandi imbaraga zawe zishize, hari ubwo uba utagishoboye guhangana n'ibicantege biva muri ibyo bintu byose .

Nigishijwe ko iyo ibihe nk'ibyo bije, ngomba gusenga. Nkabwira Imana nti “Mana, mfasha. Ndumva nashiriwe.” Hanyuma ngahaguruka ngakomeza.

Ntukarindire ko hashira iminsi itatu uri mu bihe nk'ibyo bibi ku buryo bizabera abakristo umutwaro uremereye baza ngo bagukure aho hantu. Nutangira kwiyumvamo kwiheba cyangwa gucika intege, shaka umuntu musengane cyangwa agusengere, cyangwa wowe ubwawe wisengere. Nta cyo kwiheba cyangwa gucika intege byakumarira. Nta na kimwe byahindura. Nta cyo byakora ngo urushaho kumera neza, ahubwo uzagenda urushaho kumera nabi kuko wijyana ubwawe mu gihe kibi. Iga guhangana n'ibicantege maze uvuge uti “Uyu musozi nigeze kuwuzenguruka mbere, nta bwo nata igihe cy’Imana nongera kuwuzenguruka na none. Nubwo ibintu bimeze bitya muri uyu mwanya kandi nanjye nkaba niyumva ntya, ndahaguruka nkomezanye n’Uwiteka.”

Ikintu gitangaje kuri iriya nkuru ya Eliya, ni uko ubwo hanyuma Imana yamuvugishije, ese uzi icyo yamubwiye? Yaramubwiye iti “Eliya we, urakora iki aho?” Yabimubajije inshuro ebyiri.

Ibi binyereka ko tugomba kujya kure yo gucika intege. Iyo dukomeza buri gihe ducika intege, Imana iraza ikadufasha. Ariko ntizatugirira imbabazi. Nta mpuhwe izagira. Nk’uko nabivuze hejuru, rimwe yarambwiye iti “Joyce, ushobora kuba umunyantegenke cyangwa umunyambaraga, ariko ntiwaba byombi icya rimwe.”

# UMUTWE WA 13



## KUGERAGEZWA K'UMUYOBOZI, IGICE CYA 3

**W**aba wabashije kwimenyaho ikigeragezo icyo ari cyo cyose mu byo twavuze haruguru? Ushobora kuba hari bimwe muri ibi bigeragezo wagiye ucamo ariko ukaba utarasobanukirwaga ikiri kuba ku buzima bwawe. Noneho ubwo umaze kugira byinshi wize kuri byo, si byiza kumenya no gusobanukirwa icyabaga cyakubayeho?

Umuntu wese ushaka kuba umuyobozi agomba guca mu bigeragezo, niba dushaka ko Imana idukoresha. Bidutegurira kuzamurwa mu ntera mu buyobozi itugambiriyeho.

Ndibwira ko kubyigaho kwawe hari icyo bihindura mu buzima bwawe.

### *11. Ikigeragezo cyo gutinya, guhindishwa umushyitsi nubwoba.*

*Simpindura ubusa ubuntu bw'Imana ...*

Abagalatiya 2:21

Twese tugira ibihe byinshi tubasha kugira ubwoba tugahinda imishyitsi. Dushobora gutinya iyo ibintu dushaka kubona byigaragaza bitinze cyane, iyo ibyo twahawe gukora bigoye cyane cyangwa kuko nta n'umwe uzadufasha. Dushobora kugira ubwoba kuko amafaranga

dukeneye atari kuboneka, cyangwa kuko agahinda, umubabaro n’imitwara twasenze ngo bidukurweho byakomeje kubaho.

Nzi icyo ubwoba bwinshi ari cyo kuko namaze imyaka myinshi mfite ubwoba. Nta cyo nari nzi cyerekeye ubuntu bw’Imana. Ubwo ni bwo nasobanukiye ko icyo ngize ubwoba, akenshi ari uko mba nigeragera ngo mbone ikintu runaka aho gutegereza Imana ngo abe ari yo ituma kiboneka. Iyo mfashwe nubwoba, ni ikimenyestso cy’uko ndi gukora nk’uwihagije cyangwa icyigenge. Kugira ngo dutsinde ikigeragezo cy’ubwoba, tugomba kureka kandi tukizera Imana akaba ari yo, ikora icyo ishobora gukora. Tugomba kureka Imana ikaba Imana.

Urumva ufite ubwoba ku byerekeye gukura kwawe mu Mwuka? Urumva uko umeze ubu hashize igihe ari ko uri? Bimeze nk’aho uko usenga ushaka Imana ariko ugenda urushaho kumera nabi? Urimo kurwana n’imwe mu mimerere yawe iguteza ingorane cyangwa hari ikimeze nk’uburetwa mu buzima bwawe urwana nacyo?

Niba ari uko biri, impamvu wumva ufashwe n’icyoba ni uko ugerageza ngo wowe ubwawe wihindure aho kwizera Imana ngo abe ari yo iguhindura. Umunota waramuka uvuze uti “Mana, sinshoboye, none ndabiretse”, niba ubaye umunyakuri koko, ushobora gusa n’uwumva itara ry’icyoba rizimye muri wowe.

Kugira icyoba no guhinda umushyitsi bizanwa no kugerageza kugira icyo ukora ku kintu runaka kandi nta na kimwe ubishoboyeho. Imana ni yo yonyine ishobora gutuma ibintu bikubaho mu buzima bwawe. Ni yo yonyine ishobora kuzana ibintu ushaka kandi wifuzaga mu buzima bwawe. Ni yo yonyine ishobora kugufungurira imiryango y’umurimo. Nta cyo izagukorera ngo wikurireho ubwawe iza nzuzi. Uko uzagerageza kwicira inzira, ni ko inzuzi zizarushaho gufunga cyane. Ariko nukora ibintu mu buryo bw’Imana, mu kanya gato yaba ifunguye inzuzi zari zikomeye cyane kandi ikabikora vuba kurusha uko byari kukugora. Ushobora kwirukanka, ushaka kwireshyeshya n’Imana cyangwa uburyo bwiza iguhaye.

Nategereje imyaka myinshi, ntanga inyigisho za Bibiliya cyangwa nigisha mu materaniro mato y'abantu mirongo itandatu, mirongo irindwi na batanu cyangwa ijana.

Iyo nabonaga iteraniryo ry'abantu magana atatu, numvaga ari ibintu bikomeye, bidasanze. Nashoboraga kwiyiriza ubusa ngasenga nkanizera kandi ngatanga amatangazo yo kwamamaza ariko hakaza abantu bake cyane. Ibyo nageragezaga byose, nta kintu cyabagaho. Byose byakomezaga uko bisanzwe. Numvaga ndambiwe kuko nashakaga kujya imbere.

Hanyuma igitondo kimwe, umugabo wanjye yiteguraga kujya ku kazi, nanjye ndimo nitegura kujya muri gahunda nari mfitanye n'undi muntu. icyo gihe twavugiraga ku maradiyo make tukanakoresha ibiterane mu gihugu hose birimo abantu magana atatu, magana ane cyangwa magana atanu.

Ubwo twese twarimo twambara, Dave Imana iramusura. Imana ivugana na we iramubwira iti “Igihe gishize cyose nabateguriraga kujya kuri Televiziyo none iki ni cyo gihe. Nimudakoresha aya mahirwe mbahaye, sinzongera kunyura mu nzira yanyu ukundi. Ubu muhawe kugenda.”

Byari byiza kuba Imana ibibwiye Dave ntabe ari jye ibibwira kuko Dave ari we wari ushinze ibibazo by'amafaranga. Si ibyo gusa kandi, Dave ni we wari ushoboye kuba yakwifata akavuga ati “Reka dutegereze turebe.” Bityo, nzi impamvu Imana yahisemo kuba ari Dave ibwira kuko hazamo amafaranga kandi ko yagombaga kudashidikanya ko ari ikintu Imana ishaka mbere y'uko agenda agisanga.

Nuko Dave aza aho ndi arambwira ati “Ndashaka kugira icyo nkubwira.”

“Nta gihe mfite,” ni ko namushubije. “Mfitanye gahunda n'umuntu.”

Hanyuma arambwira ati “Ndashaka kuvugana nawe **nonaha.**”

Maze mbona ko hari ikintu gikomeye cyabaye kuko yatitiraga. Ni nka gatatu gusa nabonye Dave atitira mu gihe cy’imyaka mirongo itatu n’itatu. Arambwira ati “Imana yafunguye umutima wanjye maze mbona uko abantu bamerewe ku isi yose.” Arongera ati “Joyce, twahawe igisubizo ku byo bakeneye. Dufite Ijambo. Imana yambwiye ko iki gihe cyose yaguteguriraga kujya kuri televiziyo, kandi irashaka ko ubikora nonaha.”

Nuko, muri uko kugendererwa n’Imana akanya gato kangana gaty, ubuzima bwacu bwose buba burahindutse.

Nari aho, nihishe kure muri St. Louis, Missouri. Ubwo ntangira kubwiriza neza nk’uko mbikora ubu. None se ni kuki Imana itanditse ngo nsubire kuri televiziyo mbwirize miliyoni z’abantu mbona ubu? Nta bwo yabikoze kuko nari ntaritegura. Nta bwo nari mfite imiterere ihagije muri jye yari ikenewe ngo ngende nkora ibyo nkora ubu. Nashoboraga kugera aho nshika intege nkabireka.

Kugira ngo ushobore kugendana n’Imana, ugomba kwiga kwizera isaha yayo no kudatinyishwa n’icyo ari cyo cyose.

## **12. Ikigeragezo cyo kwifuzza cyangwa ugushaka kwawe**

*Wa nyenyeri yo mu ruturuturu we, mwana w’umuseke ko uvuye mu ijuru, ukagwa! Uwaneshaga amahanga ko baguciye bakakugeza ku butaka! Waribwiraga uti “Nzazamuka njye mu ijuru, nkuze intebe yanjye y’ubwami isumbe inyenyeri z’Imana” kandi uti “Nzicara ku musozi w’iteraniro mu ruhande rw’impera y’ikasikazi, nzazamuka ndenge aho ibicu bigarukira, nzaba nk’Isumbabyose.”*

Yesaya 14:12-14

Ukwifuzza kwa Lusiferi niko kwamurimbuye. Mu kwishyira hejuru kwe yaravuze ngo “*Nzagira ntya*” inshuro eshanu zose. Igisubizo Imana yamuhaye ni “*Uzamanuka ikuzimu ugere ku ndiba ya rwa rwobo.*” Mu yandi magambo “*Uzajugunywa ikuzimu.*”

Iyo Imana idusabye gukora ikintu kinyuranye n'ubushake bwacu cyangwa ibyifuzo byacu, tugomba iteka kwibuka icyo Yesu yavuze: *“Data, niba bishoboka, iki gikombe kindenge, ariko ntibibe uko nshaka, bibe uko ushaka.”*<sup>2</sup>

Birashoboka ko iki ari ikigeragezo kigoye gutsinda vuba. Kudaca inzira dushaka ni kimwe mu bintu bishobora kutubabaza mu mibereho yacu. Iyo dushaka ikintu runaka, tuba tugishaka nyine, ntidushobora kukireka ku buryo bworoshye. Ni ibintu bikomeye kandi bisaba imbaraga kugira go dutwarwe mu mwanya tugomba kwemera tukajya mu biganza by'Imana, kugeza ubwo tuvuga tuti *“Mana, nakwifuzaga ko ukora ibi, ariko ndashaka ko ukora icyo ushaka cyose.”*

Mu buzima bwanjye, hari ibihe byinshi mba nshaka kugira umukozi runaka nsezerera, Imana ikambuza kubikora ntyo. Bityo nkavuga nti *“Yego, Mana niba ushaka ko nkomeza gukorana n'uyu muntu, nzabikora.”*

Rimwe dushaka kureka abantu kandi Imana idashaka ko tubareka. Hakaba n'ubundi tuba dushaka kugumana umubano n'abantu kuko twumva twiyemeza ko bazahinduka. Ariko by'ukuri twakwiyumvira mu mitima yacu, tukumva Imana itubwira iti *“Tandukana na bo.”*

Icy'ingenzi aha ni uko tugomba kugira ubushake bwo gukora icyo Imana ivuze cyose atari icyo twumva cyangwa dushaka. Ishobora kuba ishaka ko tureka ibintu tutashakaga gutandukana na byo. Ishobora kuba ishaka ko tujya ahantu tutashakaga kujya, ko dukora ibintu twumvaga tudashaka gukora, no gukorana n'abantu tutashakaga gukorana na bo. Ishobora kuba ishaka ko dufunga umunwa ntitugire icyo tuvuga kandi twumvaga dufite byinshi byo kuvuga. Ishobora kudasaba kuzimya televiziyo cyangwa filimi yari igeze hagati bitewe n'ibirimo bidashimishije Imana kandi twe twashakaga gukomeza kuyikurikira.

Icyo Imana yaba ishaka ko dukora cyose, kugira ngo tube abayobozi beza tugomba gushyira ubushake bw'Imana imbere y'ubushake bwacu bwite.



### 13. *Ikigeragezo cy'ubutayu*

*Mana, ni wowe Mana yanjye, ndazindukira kugushaka,  
umutima wanjye ukugirira inyota, umubiri wanjye  
ugukumburira mu gihugu cyumye.*

Zaburi 63:1

Ubundi buryo Imana itugeragezamo ni ukwemera ko duca mu bihe bikakaye, ubwo buri kintu mu buzima bwacu kiba gisa n'icyumye, igihe nta na kimwe tubona mu byo dukeneye, nta na kimwe gihembura ubugingo bwacu. Tukajya mu rusengero, ariko twataha tukumva nta ho dutandukaniye n'uko twaje. Tugasoma igitabo gishya cyangwa tukumva indirimbo isohotse vuba ikiri nshyashya, ariko nti hagire icyiza bitumarira.

Ibihe nk'ibyonyarabigize mu buzima bwanjye no muri uyu murimo. Naciye mu bihe bisa no mu mpinga z'imisozi n'ibindi bihe bisa no mu bishanga. Nagize ibihe byumanganye mu buzima bwanjye bwo gusenga no mu kuramya no guhimbaza kwanjye.

Nagize ibihe najyaga mu materaniro cyangwa ibiterane numva nsizwe amavuta, ngira n'ibindi nagendaga nta na kimwe numva muri jye. Habaye ibihe numvaga neza Imana inganiriza nkamenya by'ukuri ko numvise "ijambo ryo mu gihe nyacyo" ringenewe. Hakaba ikindi gihe singire na kimwe numva.

Nsubiye inyuma mu buzima bwanjye bw'umwuka, ndabona naragendaga ngwa mbyuka, nkagwa nkongera nkabyuka. Iyo nabaga mpagaze numvaga nkijijwe, naba naguye nkumva meze nk'uzimiye. Iyo nabaga mpagaze numvaga narahamagawe, naba naguye nkumva ko ntahamagawe. Iyo ibihe byumye byanzagaho, nararekaga bikankoraho. icyo gihe nta bwo nasobanukirwaga ibibaye n'impamvu yabyo. Ubu ni bwo namenye ko Imana yabaga igira ngo inkuremo ibintu by'amarangamutima ingeze ku rugero ukwizera kwanjye kutagishingiye k'ukuntu niyumva.

Ndababwiza ukuri, ubu sinkigira ibihe nk'ibyonyashamo. Ndashaka

kuvuga ko, nkunda Imana, ni ibyo. Ndayiramy, ni ibyo. Ndasenga, nkizera ko inyumva, ni ibyo. Nzi ko nahamagawe, ngenda hose nkora icyo nahamagariwe gukora, sinkigira birya byo kugwa no kubyuka nagiraga. Kuki? Kuko naretse ibyo gushingira ikintu cyose ku marangamutima yanjye. Sindeka ngo uko niyumva abe ari byo bigena niba nizeye ko Imana iri kumwe nanjye cyangwa itari kumwe nanjye. Mpitamo gusa kwizera ko iri kumwe nanjye.

Igihe gishobora kuba kirekire ntumva ko mfite gusigwa, kandi mba mbishaka iyo nsengera abantu mbarambuyeho ibiganza. Rimwe nkumva ko mfite gusigwa, ubundi simbyumve. Ngomba gusa kwizera, nabyumva ntabyumva, ko ariko gusigwa kuba kundihwo.

Ndemera ko Imana iba igomba kudukura mu marangamutima yacu menshi kuko ubundi ni ko duteye. Ntangiye kujya niyumva birenze urugero ko mfite imbaraga z'Imana, nshobora gutangira kwishyira hejuru uko ntakagombye. Bityo rero, Imana irabindinda kugira ngo ibashe gukomeza kunkoresha.

Dukwiriye kwiga kwizera ko Imana iba izi ibyo ikora. Niba twiyumvisemo ikintu, ni byiza. Niba kandi nta cyo twumva, na byo ni byiza. Tugomba kwibuka ko ibi bizamara igihe kirekire - atari gusa mu bihe aho twumva tumeze neza, tukumva turabyishimiye, ahubwo no mu bihe nta kintu na kimwe twumva.

Umwanditsi wa Zaburi Dawudi yanyuze mu bihe byumye, nk'uko tubibona muri Zaburi 63:1 *“Mana, ni wowe Mana yanjye, ndazindukira kugushaka, umutima wanjye ukugirira inyota umubiri wanjye ugukumburira mu gihugu cyumye.”*

Twese duhura n'ibihe nk'ibyo byumye:ibihe amasengesho yacu amera nk'ayumye n'ijuru ntiritabare, ibihe tutagira icyo twumva kivuye ku Mana. Hashoboraga kuba ibihe byiza mu buzima bwacu ubwo Imana yatangiraga kudukoresha, hanyuma mu kandi kanya ikamera nk'aho iduhanyye. Ku mpamvu tutumva cyangwa tutamenya ikareka tukicara tukamara ibyumweru, amezi ndetse n'imyaka nta cyo dukora. Habaho kandi n'ibihe byo kugeragezwa. Biba bisuzuma niba twizera ko dufite umuhamagaru n'intumbero.

Mu ntangiriro z’uyu murimo, nigishije Bibiliya mu ngo igihe cy’imyaka itanu. Hanyuma Imana iravuga iti “Ndashaka ko ureka gukomeza kwigisha izi nyigisho za Bibiliya.

Ahubwo, ndakora ikintu gishya.” Icyo kintu “*gishya*” Imana yari ingeneye kwari ukumara umwaka wose nta cyo nkora! Icyo cyabaye igihe gikomeye cy’urujijo kuri jye. Uwo mwaka wumye wagerageje kandi weza umuhamagaro w’Imana ku buzima bwanjye, kandi ugaragaza niba by’ukuri nizera ko nahamagawe n’Imana.

Igihe cyumye gishobora kuba igihe umuyobozi asa n’aho atagera ku cyo yifuza. Bagera ubwo imbaraga zabo zirangira mu byo kwitanga no gutegereza nta byiringiro ko ikintu runaka kizagaragara mu buzima bwabo.

Ariko byose bikagaragara byumye: kwizera kwabo, gusenga kwabo, kuramya no guhimbaza kwabo, gutanga kwabo. Habe n’inshuti zabo ntizishobora kubamara umubabaro.

Ni mu bihe nk’ibyo Ijambo ry’Imana riri muri Yesaya 43:18,19 risobanura neza: “*Ibya kera ntimubyibuke, kandi ibyashize mwe kubyitaho. Dore ngiye gukora ikintu gishya, ubu ko kigiye kwaduka ntimuzakimenya? Nzaharura inzira mu butayu, ntembeshe imigezi mu kidaturwa.*”

Ku muntu ufite inyota wumvise iri jambo, ni nko kubona amazi menshi akonje, afutse, ku buryo yahita yibwira muri we ati “**Yego, haracyariho ibyiringiro kuri jye!**”

#### **14. Ikigeragezo cy’ubwigunge, kuba wenyine**

*Uwo mwanya ahata abigishwa be ngo bikire mu bwato babanze hakurya, amare gusezerera abantu. Amaze kubasezerera aragenda, azamuka umusozi wenyine ajya gusenga. Bwari bugorobye ariyo wenyine.*

Matayo 14:22,23

Ndatekereza ko buri muyobozi ajya agera ubwo yumva ari wenyine. Sinzi icyo mutekereza ku mwanya nk'uko, ariko ndagira ngo mbabwire iri banga: Rimwe na rimwe habasha kubaho ubwigunge cyangwa kuba wenyine.

Kubera umwanya mfite, hafi buri wese nkorana na we buri muni aba ari jye akorera. Uko umukoresha abana n'abakozi be bitandukanye n'uko abana n'abandi bantu batamukorera.

Rimwe na rimwe abakozi ntibasobanukirwa ibintu ahubwo bagafata ko umukoresha wabo yitandukanya na bo kuko ngo aba yibwira ko abaruta.

Ikintu gikomeye kiboneka ni uko iteka iyo ngerageje kwegerana cyane n'abakozi banjye, ikintu cyo kumva ko dusanganywe cyangwa tumenyeranye kibajyamo kigatangira gukura maze hakaba ubwo biha uburenganzira batagombye kwiha cyangwa bagafata iyo mibanire yacu uko itari.

Hamwe n'inararibonye mfite, nigishijwe ko ntakwiriye kuba mugenzi w'abakozi banjye cyane kuko byanze bikunze bikurura ibibazo.

Iyo uri mu mwanya w'ubuyobozi, abantu baba bakubaha. Bashobora no kugutegerezaho ibintu bidashoboka. Baba bazi ko uri umuntu nka bo, ariko baba bashaka kureba ibyo ugira bibi n'intege nke zawe. Nk'urugero, ntibaba bashaka kugira na rimwe bakubona wananiwe kwihangana cyangwa ugira ikintu runaka cyangwa umuntu kanaka uvuga nabi. Iyo nk'ibyo bibaye, Satani arabongorera ati *“Ni gute mukora mu murimo w'umuntu ukora ibintu nka biriya?”*

Umwanya w'ubuyobozi wose urimo, menya ko ugomba gusaba Imana ikaguha icyo nise *“Guhuzwa n'abantu bivuye ku Mana”* mu buzima bwawe. Aha ndashaka kuvuga abantu bagukwiriye, abantu ushobora kwegerana na bo, abantu basobanukiwe umuhamagararo wawe n'uko bakwitwaraho mu murimo wawe.

Imana yampaye “*guhuzwa n’abantu bivuye ku Mana*” kwinshi. Bamwe mu bantu yanzaniye mu buzima bwanjye ni abakozi bankorera, ariko bashobora kuba barabanje gutegurirwa n’Imana imyanya barimo. Aba bantu iteka baritanga n’ubwenge kandi bakamenya uko bitwara ibihe byose mu mwanya uwo ari wo wose, iyo ndi hamwe na bo.

Kimwe mu bintu byerekeye ubuyobozi ukwiye gusobanukirwa ni uko niba ushaka kuba umuyobozi mwiza, uzagomba kugira inararibonye mu byo kuba wenyine. Nta bwo waba mugenzi wa buri muntu wese ngo mumenyerane cyane hanyuma kandi ngo ubabere umuyobozi.

Rimwe na rimwe, ushobora kujya gusangira na bo mu minsi mikuru, cyangwa mu bindi bikorwa bihuriramo abantu benshi ukajyana n’abantu uyobora. Ushobora kubakunda, ukabitaho kandi ukabana na bo kugeza ku rugero runaka. Ariko kugira ngo habeho kandi hagumeho icyubahiro bakugirira nk’umuyobozi ugomba kugira kwitsinda no kwifata. Gira intera runaka usiga hagati yawe na bo. Ibi ni byo Yesu yakoze, kandi atubera urugero.

Ibi abayobozi benshi nta bwo babisobanukirwa maze bikabashyira mu ngorane. Bitera kandi abantu bari muni yabo kubibazaho ibintu badasobanukirwa.

Naciye mu bihe byinshi byo kuba jyeniyine by’umwihariko ubwo narekaga akazi nakoraga mu Itorerero rya St. Louis. Umunsi umwe muri icyo gihe, Imana yanganirije ikintu cyamfashije cyane. Yarambwiye iti “*Inyoni ziguruka ziri hamwe nk’itsinda cyangwa ishya, ariko za kagoma cyangwa ibizu biguruka byonyine.*” Icyo bivuga ni uko, niba ushaka kuba nk’ikizu ku Mana, ugomba kwitoza rimwe na rimwe kugira ibyo ukora wenyine utagombye buri gihe kuba mu itsinda ry’abantu bagukikije.

### **15. *Ikigeragezo cyo kuba umwizerwa, indahemuka***

*Bakwiriye kubanza kugeragezwa maze nibatabaho umugayo babone gukora umurimo w’ubudiyakoni...*

1 Timoteyo 3:10

Twese tuzabona ibitugerageza. Nta we bizabaho - buri wese anyura mu bigeragezo bitandukanye mu mibereho ye. Nta bwo tuzazamurwa mu ntera tutaratsinda ibigeragezo duhawe, ariko byose ni nk'ibizamini bikorwa ababikora bemerewe gutwara ibitabo bakarebamo, ibisubizo by'ibigeragezo duhura na byo biri mu gitabo. Icyo twaba duciyemo cyse dushobora kubumbura Bibiliya tugahabwa ihishurirwa Imana yadushyiriyemo. Nta bwo izigera ibura ibintu bikomeye byose kutwigisha.

Byinshi mu bisabwa umuyobozi akwiriye kuzuzwa biboneka muri Bibiliya. Nk'urugero, muri 1Timoteyo 3:2-7 dusanga ko abayobozi bakwiriye kuba ari inyangamugayo, wigengesera, wirinda, wimenya, wumva abandi, witwara neza, wiyubashye. Agomba kuba ugira gahunda mu kubaho kwawe kandi ukunda gucumbikira abashyitsi, witonda cyangwa wiyoroshya kandi ureba imbere, umugwaneza utarwana ahubwo wihangana kandi w'umunyamahoro. Ntagomba kuba umukunzi w'impinya. Agomba kuba utegeka neza abo mu rugo rwe kuko utazi gutegeka abo mu rugo rwe atabasha kurinda Itorero. Kandi ntakwiriye kuba uhindutse umukristo vuba kuko abasha guterwa no kwishyira hejuru no kwirata. Hanyuma, akwiriye gushimwa neza n'abo hanze.

Ibi byangombwa byose byerekeza ku icy'ingenzi kimwe umuyobozi akwiriye kugira: Dukwiriye kuba abizerwa, indahemuka. Nk'uko Imana yagerageje Abayisiraheli mu butayu, dukwiriye kwiga kuba indahemuka no mu bihe bimeze nk'ubutayu, ibihe bigoye. Dukwiriye kuba abizerwa bakomeza gukora ibitunganye nubwo haba nta cy'ukuri kiratugeraho.

Nizera ko iyo ibisubizo byacu bitinze kuza, ibyo biba bitewe n'uko Imana igerageza gukora muri twe umurimo wimbitse, idutegurira imbere ikintu twe tuba tutaramenya.

Tugomba rero kuba indahemuka n'abo kwizerwa, tukazamura imitekerereze yacu, tugategurirwa umwanya w'ubuyobozi n'ibindi binyuranye biza kenshi bikurikiye amahirwe duhawe.

Ibihe nk'ibyo byo kugeragezwa ni bumwe mu buryo Imana iduteguramo. Niba dushaka ko Imana idukoresha, izabanza igire umurimo ikora muri twe. Ni ukuvuga ko tuzabanza tugaca mu gihe cyo gutegurwa. Ariko Imana itubwira mu Ijambo ryayo ko tutagomba gucika intege muri twe cyangwa ngo twumve twabivamo mu gihe iba ikidukuramo ibidatunganye biri muri twe.

Satani aba ashaka ko ducika intege mu ntekerezo zacu. Mu by'ukuri, aradutera mu bitekerezo akatubwira amagambo nka “Ibi ntibikunda. Ibi nta cyo bikumariye muri iki gihe nta n'icyo bizakumarira nyuma. Wari ukwiriye kubivamo ukareba ikindi ukora.”

Ni uko abantu bakabireka bagata ukuri kw'Imana mbere yo gucirwa inzira. Mu gihe cy'ibigeragezo, dukwiriye gukomeza kuba abizerwa kuko tuba tutazi igihe inzira yacu izacirirwa.

Tugomba kandi kuba twiteguye kwitanga nk'ibitambo kandi twiteguye guhabwa amasomo akomeye kuko tutaza dufite ubumenyi bukenewe bwose.

Najyaga ntekereza ko gutegurwa bizaba gusa kwiga Ijambo no kumenya ibyo nashobora byose mu Ijambo. Nyamara guterwa kwanjye kwaciye cyane cyane mu bunararibonye bwanjye no mu kwiga Ijambo.

## **INDAHEMUKA MU GIHE KIREKIRE KANDI KIGOYE**

Imana ikorera kandi igaha umugisha abantu b'indahemuka, abantu bakomeza bakaba indahemuka baba bari mu butayu cyangwa mu bihe baguwe neza. Indahemuka ni uwitanga ushyigikira abandi kandi w'inyangamugayo. Abantu b'indahemuka baba bakwiriye kwizerwa no kwiringirwa, bakomera kandi bashikanye, bisobanura ko bazaguma aho Imana ibashyize hose bakaba abanyakuri ku bo Imana yabahaye gukorana na bo. Hari ibihembo bibikiwe abantu nk'abo.

Niba dushaka gukoresha ubutware, tugomba kuba muni y'ubutware. Tugomba kwiga kuba abizerwa no kuguma aho Imana

idushyize kugeza ubwo ihadukuye. Tugomba kubaha no kumvira abadufiteho ubutware. Tugomba gukora iby'ukuri bitewe n'uko gusa ari iby'ukuri nyine, nubwo twaba tudasobanukiwe impamvu - ari na cyo kigeragezo nyakuri cy'ubudahemuka bwacu no kumvira. Tugomba kuba indahemuka tuguma muni y'ubutware n'aho byaba bisa n'aho atari iby'ukuri, kuko wasanga aho ariho umugisha wacu uzaturuka.

Dawidi yarakomeje aba inyangamugayo n'indahemuka ku mwami Sawuli, yemera kandi yubaha ugusigwa yasizwe n'Imana, nubwo Sawuli yashakaga kumwica. Mu gutozwa kwe kuzaba umuyobozi, Dawidi yigishijwe kuba mu nsi y'ukuboko kurinda kw'Imana. Nta bwo yarwanije Sawuli, yategereje ko Imana imubohora.

Yobu yakomeje kuba umwiringirwa ku Mana nubwo yahuye n'ibigeragezo n'imibabaro yacyiyemo mu minsi ye mibi kurusha indi. Ikigeragezo gikomeye muri byose gishobora kuba ukuntu Yobu atari azi cyangwa ngo asobanukirwe impamvu yagombaga kubabazwa.

Mose yabaye umwizerwa ku bwoko bw'Imana mu myaka mirongo ine bamaze mu butayu. Na we yahawe kenshi ikigeragezo cyo kuba indahemuka. Mbere y'uko Imana imuha ubwoko bw'Abaheburayo ngo abuyobore, yari yaragize igihe cyo gutegurwa. Mose yamaze imyaka mirongo ine mu ubutayu yigishwa kuba indahemuka. Nta bwo tuzi ibyahabereye, ariko byari ibyo kumutegurira kuzayobora abo bantu bose abakura mu buretwa.

Yohana umubatiza yarageragejwe maze aguma kuba indahemuka mu muhamagaro nk'integuza ya Kristo, byamusabye kuhasiga ubuzima bwe.

Izi ngero ziradutera imbaraga ngo natwe tube indahemuka, nubwo nta n'umwe waba atuzi cyangwa yitaye ku byo dukora cyangwa tunyuramo. Nubwo ingorane zihari, dukwiriye kuguma aho turi no gukomeza gukora icyo twahawe gukora kuko hari umurimo wimbitse Imana iba irimo gukora muri twe. Iba itwubaka, iduha ibikwiriye byose tuzakenera imbere.



Ntukagire na rimwe, na rimwe, ugira icyo ureka gukora mu byo Imana yagutegetse gukora, keretse ari yo ubwayo ikubujije kugikora.

### **BA INDAHEMUKA MU MYAKA ICECETSE**

Mu Abaheburayo 3:1,2 turabwirwa ngo *“Ni cyo gituma bene Data bera, mwebwe abafatanije guhamagarwa kuva mu ijuru, mukwiriye gutekereza Yesu ari we ntumwa n’umutambyi mukuru w’ibyo twizera tukabyatura, ukiranukira Iyamutoranije nk’uko Mose yakiranukaga mu nzu yayo hose.”*

Mu buzima bwe ku isi, Yesu yabaye indahemuka k’uwari yaramushyizeho. Kandi nyamara Yesu yaciye mu myaka icecetse mu buzima bwe. Nyuma yo kuvuka kwe gutangaje n’umubatizo we nk’uko byari byarahanuwe, nta kindi tumwumvaho kugeza agize imyaka cumi n’ibiri ubwo yasangwaga mu rusengeru agirana ikiganiro n’abigisha. Icyo tubwirwa cyerekeye iyi myaka icecetse ni iki *“...ni uko uwo mwana arakura, agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge kandi ubuntu bw’Imana bwari muri we.”*

Nyuma y’iyo nararibonye mu rusengeru ku myaka cumi n’ibiri, na none nta bwo Bibiliya itubwira icyabaye ku buzima bwa Yesu uretse ko *“...yakomeje kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n’Imana n’abantu.”*

Yesu yamaze imyaka mirongo itatu ategurirwa umurimo w’imyaka itatu, muri icyo gihe yari indahemuka kandi yumvira ababyeyi be bo ku isi ndetse na Se wo mu ijuru. Ni muri icyo myaka icecetse yakuze agwiza imbaraga, ubwenge n’ubumenyi.

Isi tubayemo iminsi ya none iramunga abantu kuko dushaka ibintu by’ako kanya kandi ku buryo bworoshye, twibwira ko ikivuye ku Mana cyose kigomba kuboneka uwo mwanya kandi mu buryo bworoshye. Ariko imbaraga z’Imana, ubwenge n’ubumenyi, gukura mu buryo bw’Umwuka no mu miterere yacu byubakwa muri twe uko tugenda

tunyura mu bigeragezo maze tugakomeza gukora ibyo tuzi ko ari ukuri nubwo kuri twe byaba bisa nk'ibitari ukuri cyangwa bitatubereye byiza.

Niba dushaka gukura mu Mana no gukora icyo yaduhamagariye, tugomba guca bugufi tukaba abizerwa n'indahemuka.

Nta "gukura gutewe n'utuntu duto" kubaho. Imiterere yacu itegurirwa mu nkono y'ubuzima bwacu, mu nkono itinda guhisha, inkono isa n'izafata ibihe byose kugira ngo igire icyo igeraho kirangiye.





## **IGICE CYA 4**

**IBISABWA KUGIRA NGO  
UMUNTU ABE UMUYOBOZI**



## UMUTWE WA 14



### GUKUZA INGESO N' IMIMERERE MYIZA

*Kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa  
n'ishusho y'umwana wayo, kugira ngo abe imfura muri  
bene se benshi.*

Abaroma 8:29

**M**u gice cya gatatu twaboneye hamwe ibigeragezo bipima imiterere  
y'umuyobozi. Wabaza uti imiterere imaze iki?

Imiterere myiza ni ingenzi kuko niyo yerekana uburyo tugaragara  
imbere y'abandi.

Pawulo atubwira muri Bibiliya (Umurongo wavuzwe haruguru) ko  
tugomba guhindurwa tugafata ishusho ya Kristo Umwana w'Imana.

Mu Bagalatiya 4:9 Pawulo yaranditse ngo “*Ariko none ubwo  
mwamenye Imana, kandi cyane cyane ubwo mwamenywe na yo, ni iki  
cyatumye musubira inyuma mu bya mbere bidafite imbaraga kandi  
bikena umumaro, mugashaka kongera kuba imbata zabyo?*” Ibyo  
bivuga ko tugomba guhindurwa tugasa na Kristo mu ngeso. Tugire  
ingeso nk'izo Kristo yari afite bityo tujye tumurikira abandi ishusho  
n'imiterere ye.

## MUMERE NKA KRISTO

*Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe...*

Itangiriro 1:26

Ubwo Imana yavugaga ngo “Tureme umuntu mu ishusho yacu” iyi si ishusho y’inyuma ahubwo ni umuco n’ingiro. Ntiyavugaga ko tugomba gusa na yo ku mubiri, ahubwo yavugaga kugira kamere n’imico ya yo, nk’uko yigaragaje mu mwana wayo Yesu.<sup>1</sup>

Mu Bakolosayi 1:15, Pawulo atubwira ko Yesu “*ari we shusho y’Imana itaboneka, ni we mfura mu byaremwe byose*” Nk’abizera tugomba guhinduka tugasa nawe.

Nk’uko twabibonye, tugomba kugera ikirenge mu cya Kristo. Intego nkuru ya buri mwizera, cyane cyane ba bandi bo muri twe bashaka gukoreshwa n’Imana ku ntebe y’abayobozi, ni ukugenda nka Kristo no gusa na we. Tugomba kumenya guhangana n’ibihe no gukemura ingorane nk’uko kristo yabyitwaragamo no gufata abandi bantu nk’uko yabafataga. Turasabwa kujya dukora ibintu nk’uko nawe yabikoraga. Ngiyo intego ya buri mwigishwa we.

Yesu agomba kuba urugero rwacu. Muri Yohana 13:15 yabwiye abigishwa be amaze kuboza ibirenge nk’ikimenyetso cy’umugaragu w’abandi ati “*mbahaye icyitegererezo, kugira ngo mukore nk’uko mbakoreye*” I Petero 2:21 haratubwira ngo: “*Kandi ibyo ni byo mwahamagariwe, kuko na Kristo yabababarijwe akabasigira icyitegererezo, kugira ngo mugere ikirenge mu cye.*”

Umuhamagaro mukuru wa buri mwizera wese ni uguharanira gufata ishusho ya Yesu Kristo. Imana izita ku gukorana na buri wese muri twe kugeza ubwo tuzagera ku rugero rwo gukora uko Yesu yakoraga mu bihe binyuranye by’ubuzima bwe, kugeza ubwo tuzerekana imbuto z’umwuka zimeze nk’izo we ubwe yerekenaga.

## TUBUMBWE MU ISHUSHO YE

*Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw’Umwami,  
tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu  
hadatwikiriye, duhindurirwa gusa nawe tugahabwa ubwiza  
buruta ubundi kuba bwiza, nk’ubw’Umwami w’Umwuka.*

2 Abakorinto 3:18

Muri Bibiliya yiswe “*King James Version*” uyu murongo uvugwa ngo tuba duhindurwa mu ishusho ye tuva mu bwiza tujya mu bundi ndetse no mu mwuka w’Imana. Ariko se uko guhinduka kuzabaho gute? Mu Baroma 8:29 dusoma mo ngo: “*Kuko abo yamenye kera yabatoranije*” Imana ntishaka ko tumerank’ababumbwe, ahubwo ishaka ko tuba tubumbye bushyashya rwose. Tubumbye mu ki? Tubumbye mu ishusho y’umwana wayo. Kuki? Kugira ngo [tubashe kugira muri twe ubwiza nk’ubwe] kandi abe imfura y’ibyaremwe byose. Mu mvugo ya Bibiliya, Imana ni umubumbyi, twebwe turi ibibumbano.<sup>2</sup> Tumeze nk’ibumba ridakomeye ndetse ritose ritabasha gutwarika ritangiritse. Nyamara Imana idushyira mu iforomo yayo ibumbiramo ngo iducure kandi idukore bushya. Nyamara usanga uwo murimo tutawishimira kuko utubabaza. Biraduhanda cyane kuko akenshi tuba tudashaka gukwirwa mu iforomo umubumbyi ashaka kutubumbiramo. Bityo Imana iba igomba guca bimwe mu bintu bisanzwe bitugize - agace hariya, akandi hariya, gutyo, gutyo...

Usanga turira ngo “Mana ndacyakunze igice cyanjye,” nkimaranye imyaka myinshi ndashaka kukigumana! “Uranshakaho iki Mana. Ibyo biratubabaza Bihagarike!” Imana ikomeza kudutunganya, irandura utuntu duto duto muri twe n’amakosa aba mu mitima, itubumba bushya inadusigiriza kugeza ubwo tuzahindurwa mu ishusho yayo buhoro buhoro tuva mu bwiza tujya mu bundi.

## MUJYE MUGIRA KWIHANGANA MURI MWE

*Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko Iyatangiye  
umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku  
muni wa Yesu Kristo.*

Abafilipi 1:6



Ntimukirenganye no kwirakarira ngo ni uko mutagera ku rugero mushaka kugeraho. Yesu ntiyakurenganya aje uyu muni agasanga umeze utyo. Igihe cyose ugerageza kwigira imbere, igihe cyose ubyuka buri muni ugakoresha uko ushoboye ngo ugire ubusabane n’Imana kandi ikwishimire.

Wibuke ko Imana izakomeza kudutunganya no kudukora bushyashya kugeza ku muni wa nyuma Yesu azagaruka ku isi. Ndi umubwirizabutumwa bwiza kuva mu myaka makumyabiri. Muri iyo myaka yose namaze ibihe byinshi cyane nsoma Ijambo ry’Imana. Nabaye mu materaniro menshi ntabasha kubara. Namaze amasaha menshi cyane niga kandi nandika. Muri urwo rugendo nabashije guhinduka kandi nkomeje guhinduka. Nkomeje kubabazwa n’ibintu bimwe na bimwe bikiboneka mu mikorere yanjye bigomba guhinduka kuko nshaka ko bihinduka kandi nzi neza ko guhinduka biza buhoro buhoro uko tuva mu bwiza tujya mu bundi . Abantu benshi usanga bashishikajwe no kuva ku rwego rumwe bajya ku rundi rw’ikuzo kubera ko batishimiye urwego bariho kuri uyu muni.

Ishimire urwego uhagazemo uyu muni mu rugendo urimo ugana aho usiganirwa. Ihangane ubwawe kuko uri mu rugendo rugana ku guhindurwa kutarangiza kuzageza ubwo uzagera ku rwego rushyitse rwose.

### **IMICO N’IMITERERE BIKUZWA NO KWIMENYEREZA**

Imana irashaka gukangura imiterere myiza yose iryanye muri twe. Akamenyero kanzwaga na gahunda umuntu yiha akayitoza kandi akayubahiriza cyangwa no kwanga rwose kwiha gahunda umuntu ngo ayikurikize. Dore imiterere yacu igaragazwa n’ibyo dukora kenshi mu buzima yerekanwa n’uko abandi bantu batubona, nko gukorera buri gihe ku gihe. Burya iyo dukoreye buri gihe ku isaha ibintu byose abantu babifata nk’ihame ko ari ko turi. Bazi ko bashobora kutwizera muri urwo rwego bityo umurava ugahinduka kimwe muri byinshi bigize imiterere yacu. Ni muri ubwo buryo na none iyo dukunda gukererwa, uko kutagira umurava kuba kimwe mu bigize imiterere yacu. Umurava ni kimwe mu

biranga imiterere yanjye nifuza guteza imbere kurushaho. Hari ibintu bimwe usanga nagaragajemo umurava cyane ariko mu bindi ugasanga ndi uwa nyuma. Hariho ariko n'ibihe ngeramo nkabura icyo gukora nko gutwara imodoka, ngahagarikwa n'umurongo w'izindi zitigira imbere. Ntutugomba guhagarara cyane ku kintu cy'imiterere, ariko tugomba gushyiramo intege ngo dushake imiterere itunganye cyane cyane aho tuzi ko tugaragaza intege nke muri ubwo buryo. Tugomba kwibuka ko imiterere n'imico bitunganywa n'akamenyero, kandi guhinduka mu miterere bizanwa no kwakira akamenyero kadasanzwe.

Niba tuzi ko dufite umuco wo gukererwa mu bintu byose, turasabwa kwitoza gutunganywa no gukosora aho hantu twiga kuba no gukorera ku gihe buri gihe.

Mbabazwa ariko n'abakristo benshi muri iyi minsi batazi akamaro k'umurava mu mirimo y'umwuka. Bibwira ko kuba mu mwuka ari ukwizengurutsa hirya no hino mu kivunge biririmbisha amakorasi na za Haleluya <sup>3</sup> nyinshi cyane no guhereza buri mukristo igitabo cya gikristo n'amakasete y'ibibwirizwa byabo.

Iterambere ry'imiterere myiza rifitanye isano ya bugufi na gahunda n'imico twakira. Nk'urugero, niba twemera ko dushobora kwiyigisha gukorera ku gihe, ndibwira ko ari nako dushobora kwimenyereza kumva no gutanga. Ikintu kinejeje ni uko iyo twitoje kumva abandi ari na bazajya batubwira kenshi ibyo bifuzwa cyangwa bakeneye.

Iyo tubaye abantu bo gutanga kandi bumva abandi by'ukuri, tubasha gufasha abandi kubona ibisubizo by'ibyo bakeneye kandi bakatuboneraho umugisha. Nyamara ikibazo cyacu ni uko tumara igihe kinini cyane tugeregeza kwihesha umugisha ubwacu aho kumara igihe kingana n'icyo tugerageza kuwuhesha abandi. Imiterere nk'iy'Imana ni ingenzi mu isi tubamo muri iyi minsi kuko harimo kugaragara imico ya Satani n'iy'abadayimoni mu bantu kurusha kwakira imico y'Imana.

Ikinezeza na none ariko cyane ni uko mu isi yose hari abantu bamaze imyaka igera mu majana bagaragaje imyitwarire n'imyumvire myiza nubwo bwose batakoregaga Imana n'imbaraga cyane ariko bakomeje

kwerekana umutimanama uboneye. Nyamara ab'isi ya none bo si ko bameze.

Dusoma muri Yesaya 60:1,2 ngo *“Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw’Uwiteka bukaba bukurasiye, dore umwijima uzatwikira isi, umwijima w’icuraburindi uzatwikira amahanga, ariko Uwiteka azakurasira, kandi ubwiza bwe buzakugaragara.”*

Turasabwa gusohoka tukamurika mu duce ducuze umwijima. Kugirango ibyo tubigereho, tugomba kuba inyangamugayo tukagira umuco n’imiterere bihwitse.

Nk’uko tugiye kubibona, imiterere si yo mpano.

### IMPANO SI YO MIMERERE

Mu magambo ya Webster, igisobanuro kimwe yahaye ijambo IMPANO ni “b. umwuka w’imbaraga uba mu muntu imbere: CHARM,<sup>4</sup> Ariko imiterere ni “3. Imbaraga zisanzwe zo mu mutima n’umutimanama we: INYANGAMUGAYO<sup>5</sup> “Hariho abantu benshi bafite impano ariko bakabura IMYITWARIRE MYIZA.”

Hari ubwo wowe najye dushobora kugira impano zishobora kutugeza aho imiterere yacu itakwihanganira kuba . Imiterere yacu yasobanurwa nk’imbaraga tugomba gukoresha ngo tugere ku kintu gitunganye nubwo bwose twaba tudashaka cyangwa tutanabyifuza.

Imyitwarire isobanurwa n’ibyo dukora iyo nta muntu utureba, icyo ni cyo cyakunze kundanga mu buzima bwanjye. Abantu benshi usanga bashaka kunezeza abandi aho gushaka kunezeza Imana.<sup>6</sup> Bagerageza gukora ibintu byiza barebwa n’abantu nyamara ntibifuze gukora neza nta muntu ubareba uretse Imana.

Nk’abakristo, inshingano yacu igomba kuba ngo “Ngomba kujya nkora ibintu bitunganye gusa kubera ko bitunganye.”

Imyitwarire igaragara na none iyo dukorera abandi ibintu bitunganye nubwo ibyo byiza bitajya bidukorerwa twebwe ubwacu.

Igipimo kimwe cy'imyitwarire yacu twakwibaza tuti, mbese dushobora gukorera abandi ibintu bitunganye nubwo bo batabidukorerwa? Tuzahesha umugisha abatuvuma?

Ibyo ni byo Yesu yakoze nk'uko tubisoma muri 1 Petero 2:22,23  
*“Nta cyaha yakoze nta n'uburiganya bwabonetse mu kanwa ke ; yaratutswe ntiyabasubiza, yarababajwe ntiyabakangisha, ahubwo aritanga yiha Idaca urwa kibera.”*

Tugomba kuba abantu b'imiterere myiza kuko imiterere n'imico myiza ni ibintu by'ingirakamaro muri iyi si yacu ya none.

*“Muri icyo gihe abantu ibihumbi bateranira aho yari ari, ndetse bigera aho bakandagirana. Nuko abwira abigishwa be ati mubanze mwirinde umusemburo w'abafarisayo ari wo buryarya, kuko ari nta cyatwikiriwe kitazatwikururwa, cyangwa icyahishwe kitazamenyekana. Nuko ibyo mwavugiye mu mwijima byose bizumvikanira mu mucyo, n'icyo mwongoreraniye mu mazu kizavugirwa hejuru yayo.”*

Luka 12:1-3

Tujye twitondera amagambo asohoka inyuma akarenga umunwa. Umuntu utaratunganyije neza imico ye usanga yerekana imikorere imwe igihe ari kumwe n'inshuti z'abakristo ariko akagira n'indi yerekana ageze mu rugo.

Tugomba guhora turi maso kuko hariho abantu bakora ibintu byiza gusa bashaka kwereka abandi ko ari beza, ariko bashyirwa ku gipimo bakagarara vuba ko badashyitse. Biroroshye gutahura abantu bafite imiterere itunganye n'abatayifite. Mu mpapuro zihera z'iki gice, turaza kurebera hamwe urutonde rw'ibintu umuyobozi agomba kugira o imyitwarire ikwiriyeye.

## IMYITWARIRE IKWIYE UMUYOBOZI

### 1. *Ubuzima bwo mu mwuka*

Umuntu wese ushaka kuba umuyobozi w'abandi agomba kugira imyitwarire myiza mu buzima bwe bw'umwuka. Ibyo ni ukuvuga gushyira Imana imbere mu bintu byose by'ubuzima bwe.

Tugomba twese kwirinda gukorera Imana niba tutagira umwanya uhagije wo kubana na yo. Kuba mara igihe kinini mu buzima mbwiriza abandi ntibisobanura ko ntugomba kubyuka buri gitondo nkamara igihe nganira n'Imana. Sinavuga ngo kubera ko namaze amasaha menshi ngukorera Data, ngiye gufata ibyumweru bibiri by'ikiruhuko mpereye ejo.

Birumvikana ko nshobora gufata ikiruhuko rimwe na rimwe mu muryango wanjye ariko iyo ngifashe, simba nduhutse kubana n'Imana. Sinatinyuka gukora ibyo.

Mu gihe gishize nasuye umugabo witwa Don Clowers wakoreye Imana mu ivugabutumwa imyaka myinshi cyane. Nubwo bwose ari umupasitoro mu itorero ry'i Dallas muri Leta ya Texas yigeze kuba umupasitoro ukiza indwara akorera amateraniro mu gihema kinini. Yari inshuti ya hafi ya A. A. Allen kandi yari azi byinshi by'abavugabutumwa bakizaga indwara bese bo mu myaka mirongo ine na mirongo itanu yashize. Njya nkunda guhura nawe rimwe na rimwe nkamubaza ibibazo byo muri icyo minsi. Ajya ambwira uko ibintu byari bimeze muri icyo myaka kandi akanyigisha byinshi ku byerekeye umurimo w'Imana. Igihe kimwe twaganiraga ku mpamvu zituma abantu bamwe bazamurwa, abandi bacishwa bugufi. Muri icyo kiganiro nashatse kumenya icyo abantu bakora ngo bagume mu byicaro byabo aho Imana yabashyize.

Impamvu namubajije icyo kibazo ni uko njyewe na Dave tubaye igihe kinini mu muryango w'ivugabutumwa tuyobora. Ntidushaka kuba ibitangaza uyu munsu, turi aba mbere mu ivugabutumwa ngo ariko ejo tuzave mu rubuga abantu basigare babaririza aho twagiye.

Imana yadukujije njye na Dave gahoro gahoro. Mu by'ukuri, byadufashe imyaka makumyabiri n'ibiri yose ngo tubashe gushikama kugeza aho tuvuga ubutumwa kuri radiyo na Televiziyo no kumenyekana ku isi hose n'imirimo myiza myinshi twifuza kuguma muri uwo mwanya. N'iyi twamara imyaka 90, turashaka kuyimara dukorera Imana imirimo ikomeye.

Ni yo mpamvu nabajije Don Clowers uburyo twaguma mu mwanya wacu w'icyubahiro. Niko kunsubiza ati “Mbese urabizi Joyce, ikosa rikomeye nabonye abantu bagira ni uko batekereza ko, iyo babashije kugera ku rwego rwo hejuru cyane badashobora gukomeza gukora imirimo yatumye bagera hejuru cyane kuri urwo rwego.” Yakomeje ansobanurira ko abakozi bagera ku rwego rwo hejuru ari ba bandi bagiraga ubwoba bukabije mu murimo kandi bubahaga Imana. Ba bandi bagiye bamarana igihe kinini n'Imana, bafataga abandi nk'abantu batabahutaje kandi bakoreraga by'ukuri mu mbuto z'Umwuka Wera. Imirimo Imana yabonaga muri kamere yabo yari iyo kuyihesha icyubahiro bituma ibakuza.

Nyamara umunsi bageze kuri urwo rwego bagatangira kwibwira ngo ni uko bakoraga neza kurusha abandi kandi bakareka imirimo yabo ya mbere, nta kabuza bazacishwa bugufi.

Tugomba kwibuka ko igishobora kuzamurwa cyose kibasha no kumanurwa.<sup>7</sup> None rero niba dushaka kuba abayobozi mu bwami bwayo tugomba kuguma mu bihe byacu byo gusenga no kwegera cyane Imana mu kuyihimbaza

## **2. Ubuzima bwacu bwite**

Umuntu wifuje kuba umuyobozi agomba kugira imiterere myiza mu buzima bwe. Ibigaragara ku muyobozi iyo avuye ku ntebe yo ku ruhimbi ni byo byerekana akamaro k'umurimo akorera ku ruhimbi. Ibyo bihamya icyo umuyobozi akora cyose kuko ikigaragara mu buzima bwe bwite bwa buri gihe kizerekana imbuto zizava mu murimo we akora.

Urugero, umuhamagaro n'amavuta jye na Dave twerekana iyo twasohotse twagiye kubwiriza ubutumwa bw'Umwami hanze y'umuryango wacu buzaterwa n'ibyo dusanzwe dukora iyo turi ku ruhimbwi. Niba dufite ibirushya n'ibiduhanda byinshi mu buzima bwacu ntituzashobora kubwiriza abandi nk'uko bikwiye mu materaniro.

Dushobora kuba dufite impano no guteza ububyutse mu materaniro ariko tudafite imyitwarire ihwitse, icyo gihe, ntidushobora gukoresha umuhamagaro. Ubuzima bwacu bwite burya bufitanye isano n'imyitwarire tugaragaza mu ruhamwe.

### 3. *Imibanire n'abandi*

Umuntu ushaka kuba umuyobozi agomba kwitwararika mu bandi. Ibyo umuyobozi ahitamo gukora - ibyo asoma, ibyo akora yishimisha kandi aruhuka, ibyo aganiriza inshuti n'umuryango, ibyo areba kuri televiziyo, filimi n'amashusho agaragara kuri za mudasobwa zacu - byose bifite akamaro, kuko byanga bikunda bihamya ukwizera kwe, amasaha amarana n'Imana asenga, n'imirongo ya Bibiliya yafashe mu mutwe. Iyo mirimo yose irebana n'iby'umwuka nta n'umumaro izagira igihe umuyobozi agendana kandi akerekana intekerezo mbi, amagambo n'ibikorwa bigayitse.

Umuntu ugaragaza ko akeneye ibirangaza no kuruhuka kenshi bimuhamiriza ko abuze imyitwarire. Isi yacu muri iyi minsi irangwa no gukunda ibinezeza. Ni byo koko ariko iyo tutabashije kujya turuhuka mu buryo bumwe cyangwa ubundi dushobora kumva tutamerewe neza mu mubiri. Tugomba gusubira inyuma tugakora ibyo Imana itubwira mu gitabo cyo kuva 20:9,10 *“Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwitwaga Imana yawe, ntukagire umurimo wose uwukoraho...”* Si ukuvuga ko Imana itubuza kuruhuka no kugira ibihe byiza rwose, ahubwo turuhuke ariko akazi gasumbe ibihe duha kuruhuka.

Ibihugu by'iburengerazuba (Uburayi n'Amerika) usanga byarinjiwemo n'umuco wo gukunda kuruhuka no kwinezeza. Tugomba kwitondera ibyo twigishwa mu rusengero. Yesu yabwiye abigishwa be

ati: “*Mwitondere ibyo mwumva.*”<sup>8</sup> Tugomba natwe kwitondera ibyo dusoma nubwo byaba ari ibinyamakuru bivuga ku muryango hashobora kubamo inkuru, amatangazo, n’amafoto ashobora kwigisha cyangwa kuyobya. Tugomba no kwitondera ibyo tureba kuri televiziyo na filimi mu rwego rwo kwirinda kwanduzwa no kwiyangiriza ubuhamya.

Njyewe nashakashatse filimi zose za Videwo zigisha ndaziteranya nzishyira mu rugo. Nagize izigera kuri 700. Abana banjye ntibashobora kujya kureba amafilimi muri ba bandi bayacuruza mu mujyi. Ahubwo bayashakira mu biro byange ahitwa muri “Joycebusters.”

Iyo nshaka kureba agafilimi keza kandi kigisha ibintu byiza, nshaka wiyibagiza ibintu byose byanduhije, singira ikibazo cyo kubona imwe ituzuye ibiterasoni ntashaka kureba no kumva. Naje gusoma ko iyo umwana agejeje ku kigero cy’imyaka 18 aba yarabonye ibikorwa by’urugomo birenga ibihumbi muri televiziyo ndetse na ya mafilimi yitwa “Cartoon” muri iyi minsi yuzuye ibikorwa by’urugomo, kandi turibaza impamvu abantu barimo gukora batyo muri iyi minsi.

Hari ubwo mvuze se ko twebwe abakrisito tutagomba kureba televiziyo na za filimi? Oya, ahubwo ndavuze nti tugomba gutoranya mu byo tureba. Tugomba kwibuka interuro ya za mudasobwa, iyo winjijemo ikintu kibi muri yo, usohoramo ikibi. Niba twinjije akamenyero kamwe mu buzima bwacu, umunsi umwe kandi mu buryo utazi ako kamenyero kazishyira ku karubanda. Sinzi ibyawe ariko jyewe nahitamo kwiycarira nigonze umugoroba umwe aho kwirogasha ibyo bintu no kwiyangiriza ubuzima bwo mu mwuka.

#### ***4. Imibanire n’abo mu rugo***

Umuntu ushaka kuba umuyobozi agomba kugira imyitwarire myiza mu buzima bw’urushako n’abantu baba mu rugo. Ngomba gufata neza uwo bashakanye, kubahiriza inshingano ze z’urugo, kumarana igihe kinini n’abana be, guha agaciro ibyo bashyize imbere, kumenya neza ibyerekeye ubuzima bwabo ndangabitsina ko bumeze neza no gutunganya neza gahunda zo mu rugo.



Ushobora kumva ibi ari ibitwenge, ariko agomba no gutunganya utwatsi two mu busitani, agakubura n'inzu imbere n'inyuma hagasa neza. Nkuko twabibonye muri 1 Timoteyo 3:1-5, agomba no gutegeka neza abana be no kubatoza ikinyabupfura. Agomba gushyira ubuzima bwe muri gahunda nziza kandi agatekerezwa neza n'abo hanze.

## 5. *Mu butunzi*

Umuntu wifuza kuba umuyobozi aba agomba kugira imyitwarire myiza mu butunzi (bwo mu rugo). Mbega aho uzi ukuntu ibigo byinshi bitanga inguzanyo bidashobora kuguriza amatorero kubera ko bazi ko amenshi muri yo atishyura amadeni ahabwa? Birumvikana ko amatorero yose atameze atyo. Hari amatorero amwe n'abayobozi bayo afite imico ihebuje yuzuye Umwuka w'Imana. Ariko hari n'ayandi atabikangwa kandi ayo ni yo Satani akoresha agatuma twese abasigaye tuboneka nabi.

Abari mu mwanya w'ubuyobozi bose bagomba kujya bishyura umwenda wabo ku gihe. Ntibakagire amadeni. Simvuze ngo ntibakagure na rimwe ibikoresho by'ideni, ariko bivuga ko batagomba kubaho ubuzima bukoresha imari isumbye ibyo binjiza. Umwanzi arimo gutuma abantu bajya mu buryo bworoshye mu madeni, arakongorera ngo "Gura aka kanya kandi ntishyure kugeza umwaka utaha." N'iyo igihe cyo kwishyura kigeze ntitwibuka n'icyo twaguze habe n'icyo twagikoresheje! Usanga kenshi tugenda twivovota twivugisha ngo "sinshaka aya madeni; Toka Satani" kandi turenganya Satani atari nawe wadutuye muri iryo deni, ni twebwe ubwacu kubera kutita ku bintu n'ubwenge buke.

Umuyobozi wuzuye umwuka agomba gutanga icya cumi kandi akitanga akarenza n'icyacumi asabwa n'amategeko. Agomba kugira ubushake mu gutanga kwe agashaka no kugera ku ntego y'Imana iba yaramuhaye ubwo buryo bwo gutunga. Biranzeza iyo mbona abana bacu batera imbere mu buryo bwo kurekura no gutanga. Buri wese muri bo akora icyo kintu. Nezezwa byimazeyo no kubona baba imigisha aho bageze hose. Umusaruro wo gutanga kwabo uba uwo kubona imigisha y'Imana ikabazamura nk'uko yabasezeranyije

izabikora.<sup>9</sup> icyo umuntu yerekanye umutima wo kukirekura gisobanura n’imiterere ye. Umuyobozi ni uwo gutanga ariko agatanga mu bwenge. Agomba gukoresha ubwenge mu butunzi bwe amenya uko yakoresheje amafaranga.

## 6. *Imvugo*

Umuntu ushaka kuba umuyobozi agomba kwitwararika mu mvugo ye, agomba kuvuga ukuri. Iki ni ikintu cy’ingenzi. Imyitwarire myiza usanga ibuze muri ba bandi baryoshya amagambo cyane mu nzira kugira ngo bumvikane neza, kuko bashobora gutahurwaho kutaba abizerwa.

Habayeho igihe twigeze kubona ubutumire bwo kujya kubwiriza mu itorero rimwe aho umupasitoro yari yatwemeje ko hari icyumba cyo kwakira abantu 2000. Tuhageze twasanze iyo nyubako itarenza abantu 900 aho kuba 2000. Twasanze ahubwo harimo parikingi y’imodoka zigera kuri 40. Uwo muni abapolisi bagombye guhurura ngo bafashe abantu guhagarika imodoka zabo kuko bari bazihagaritse badakurikije amategeko kubera ubwinshi bwazo. Ikintu nk’icyo si cyiza mu buhama bwacu. Hari igihe dukuza ukuri kwacu dufite icyo tugambiriye kugeraho cyangwa tukanga kuvuga ukuri kose kuko tudashaka kugaragara nabi.

Ni itegeko kuvuga ukuri kose mu bihe byose. Abayobozi bamwe batiyizeye babwira abantu ibyo bashaka byose kuko bafite ubwoba bwo gutakaza kwamamara kwabo nibaramuka banze ukuri.

## 7. *Ubunyangamugayo*

Umuntu ushaka kuba umuyobozi agomba kuba inyangamugayo, mu byo aganira n’abandi agomba kugenga ururimi rwe. Uwo niwe muntu w’inyangamugayo. Muri Matayo 21, dusomamo ingorane yabaye mu buzima bwa Yesu.

Matayo 21:18-19 *“Bukeye bwaho mu gitondo kare asubira mu murwa, abona umutini iruhande rw’inzira arawegera, asanga utariho*

*imbuto keretse ibibabi gusa, arawubwira ati ntukere imbuto iteka ryose. Muri ako kanya uruma.”*

Najyaga mbabazwa n’icyo giti cy’umutini, sinumvaga uyu mugani mbere kuko naribwiraga nti si ikosa ry’igiti, “*Kutera imbuto.*” None se Yesu yakivumiye iki? Hashize umwanya muto ni bwo Imana yampishuriye impamvu. Nk’uko uyu murongo wa Bibiliya yiswe “*Amplified Bible*” ubyerekana, ngo ubundi kuri icyo giti cy’umutini imbuto zizira rimwe n’amababi.

Niyo mpamvu ubwo Yesu yaboneraga kure akabona amababi y’umutini atoshye, yarakereye yizeye kukibonaho n’imbuto. Abuzeho na rumwe nibwo yakivumaga. Kuki? Kuko cyari cyararumbye; cyari gifite amababi gusa nta mbuto.

Mu itorero rya Kristo, tugomba kwitondera kugira amababi gusa tudafite imbuto. Ntituzabasha kubwiriza no gutsinda ab’isi ngo kubera ko dutwaye imodoka z’ibitangaza ziriho amafoto, imidari ya Yesu ku myenda yacu ya gishumba, amaradiyo afata amajwi twambara ku ntugu zacu, Bibiliya nini z’ibitangaza n’amakarito y’amakasete ariho ibibwirizwa byacu. Tugomba kugira imbuto kubera ko Yesu yavuze ko ari cyo kizaturanga.

# UMUTWE WA 15



## IBYZA BYO KUBA MASO

*Mwirinde ibisindisha, mube maso, kuko umurezi wanyu  
Satani azerera nk'intare ashaka uwo aconshomera.*

1 Petero 5:8

**N**emera ko turi mu isi ibuzemo kuba maso. Nemera kandi ko n'abantu benshi bayirimo batari maso. Kimwe mu bintu bikunze kuba ku bantu ni ukutaba maso. Kandi nabwo mu bintu bikunze kwigishwaho gake ni ukuba maso. Intumwa Petero yabivuzeho ibintu byinshi cyane. Atuburira kuba maso, no kwirinda ibisindisha, bivuga kugira gahunda no kwita ku bintu. Atubwira no kwirinda kuko dufite umwanzi Satani urekereje kugira ngo agire uwo aconshomera.

Mu Befeso 4:27 Pawulo avuga ibintu bisa n'ibi, atubwira kudasabwa n'umujinya, atuburira ngo “*Kandi ntimubererekere Satani.*” Akenshi, iyo Satani yamaze kutwinjirana, usanga tugerageza kumucyaha, ariko ntitwibaze aho yacye atwinjirana, ngo dufate ingamba zo kumwirukana anyuze mu muryango yanyuzemo yinjira. Uyu murongo ni umwe mu mirongo itwigisha “*kudaha urwaho Satani.*” Uratuburira ko Satani ahora ashakisha umuntu urangaye cyangwa utari maso, umuntu wita ku bintu bimwe, ibindi akabiterera iyo; mu yandi magambo, umuntu utagira

icyo yitaho. Iyo Satani abonye uwo muntu, aramwinjirana hanyuma agatangira kumwangiza. Umwanzi ahora ashaka kuduteza ibibazo, ariko ntazabona uko abigeraho nitutamukingurira. Rimwe na rimwe hari igihe uru rugi rutaba ikintu gikomeye cyo mu buryo bw’umwuka. Akenshi usanga ari akantu gato, koroshye twabayeho abanyamwuka cyane bigatuma tutakitaho.

### **ABANTU BASHOBORA GUKABYA KUBA ABANYAMWUKA?**

Nemera rwose ko kenshi na kenshi abantu babyawe ubwa kabiri, buzuye Umwuka Wera bajya baba intagondwa bagakabya kuba abanyamwuka. Ushobora kubaza ngo “*Ni gute umuntu ashobora gukabya kuba umunyamwuka?*”

Reka nkubwire icyo bivuga. Dufite uburyo busanzwe bwo kubaho tuba tugomba kwitaho. Iyo tutabwitayeho, bibangamira imibereho y’umwuka. Urugero, iyo tutitaye ku mibiri yacu, bishobora gutuma turwara. Iyo kandi turwaye bigira ingaruka ku mibereho y’umwuka. Iyo turwaye ntitwumva dushaka gusenga, kuzamura ukwizera kwacu, cyangwa ngo dusohoze umugambi w’Imana ku bugingo bwacu. Ku bw’ibyo usanga Satani akoresha uko ashoboye ngo aduteze indwara, ngo duhagarike gukora icyo Imana yaturemeye. Iyo dufite ikibazo ntibiba bishaka kuvuga ko tutitaye gusa ku by’umwuka. Akenshi biba biterwa n’uko twakabije kuba abanyamwuka, tukavuga ko nta mahoro mu isi. Igikenewe ni ukugira ubwenge.

### **GIRA UBWENGE**

Bumwe mu busobanuro butangwa n’inkoranyamagambo nyinshi kuri iri jambo, buvuga ko *kugira ubwenge* ari ugutunganya ibintu no kumenya gushyira buri kintu mu mwanya wacyo.<sup>1</sup> Inshinga “kugira ubwenge” isobanurwa n’inkoranyanya yitwa *Webster* nko “kumenya guhagarara hagati y’imbaraga zitandukanye ugakora ku buryo habamo uburinganire hagati yazo.”<sup>2</sup> Tugira ubwenge iyo tumenye uko dufata uburyo bwacu bwombi bw’imibereho hatabayeho uburyamira ubundi.

Twese twahawe ububasha cyangwa ubushobozi, ariko tugomba kubukoresha neza. Iyo dufite akazi kenshi ntitugire akanya gahagije ko kuruhuka, tuba tubuze ubwenge. Dutwarwa n’akazi kugeza ubwo tuguye agacuho. Biranzeza iyo nkora kandi nkabona umusaruro w’ibyo nkora. Kubera ko ndi umuntu ukunda kwita ku bintu byanjye, sinkunda ibintu bintasha umwanya ku busa. Ariko kubera kamere yanjye, nkunda kubura ubwenge aha hantu. Ngomba kwibuka ko ntagomba gukora gusa, ahubwo ko ngomba no kuruhuka. Birashoboka ko ushobora no gukabya; ukaruhuka cyane ntukore uko bikwiye.

Bibiliya yitwa *King James Version* isobanura Umubwiriza 10:18 muri ubu buryo: “*Ubute bugoramisha igisenge, kandi amaboko adeha atuma inzu iva*” Naho muri Bibiliya yitwa *Semeur* hakavuga ngo “*Iyo ufite ibiganza birimo ubute, igisenge kiragwa, kandi iyo ufite amaboko adeha, atuma imvura igwa mu nzu.*” Mu yandi magambo, abantu baruhuka cyane bakunda kugira ibibazo. Amazu yabo, imodoka, imyenda, imibiri, ikintu cyose cyitwa icyabo kigira ikibazo, kuko batabyonye umwanya wo kubyitaho. Ntibakoresha neza imbaraga zabo. Ntibababagize ubwenge.

## GUSHYIRA MU GACIRO BISABA UBWENGE

Abantu bamwe bakunda gukoresha amafaranga yabo, abandi bagakunda kuyabika. Nta na rimwe basohora amafaranga ku bwabo cyangwa ku miryango yabo. Bishobora guterwa n’ubugugu cyangwa gutinya ejo hazaza, bavuga ko bagomba kwizigamira uko bashoboye ku bw’ibibazo runaka bishobora kuza bibatunguye. Ku bw’ibyo ntibagire ubwenge. Abandi batanga amafaranga ku miryango yabo, bakiyibagirwa. Bagashiduka bisanga mu gahinda cyangwa ugasanga barumva ko barenganye. Umuntu warenganye, ni umuntu ukorera abantu ibintu, we ntigire icyo akuramo. Abantu bameze batya na bo, baba babuze ubwenge. Hari ababura ubwenge mu gukoresha amafaranga, bayatanga kugera aho basigara bakoresha amakarita y’imyenda [carte de crédit] bakazageza nubwo batanga bakagera no ku rugero batemerewe kugezaho! Hanyuma ugasanga barirukana

“umudayimoni w’imyenda. Bakifuza igitangaza kugira ngo bakosore amakosa bakoze yo kutagira gahunda.”

Kenshi usanga duhura n’ibibazo nk’ibi. Usanga twishoye mu bibazo, hanyuma tugashaka kubivamo mu buryo bw’ibitangaza. Hanyuma tukongera tugakora amakosa nka ya yandi tugashaka ngo byongere bigende gutyo. Tuva mu bibazo tujya mu bindi, kandi ntitunemere ko byose biterwa natwe. icyo tuba tugomba gukora ni ukugira ubwenge, tukishyira kuri gahunda. Ntitwagendera mu bucucu ngo twirengagize ingaruka zabyo. Imana yaduhaye ubwenge, iba yiteguye ko tubukoresha.

Nemera ko tugomba kurwanya Satani nk’uko muri Yakobo 4:7 habivuga. Ariko na none uwo murongo utwigisha ko tugomba kugandukira Imana. Ntidushobora gusuzugura Imana, hanyuma ngo niduhura n’ingaruka mbi zikatugereho, tukarwanya Satani, maze ngo twizere ko hari icyo tuzageraho. Byamfashe igihe kinini kugira ngo nsobanukirwe n’iri somo. Nk’umwana mu gakiza, nari narigishijwe ko ngomba gutegeka Satani, kandi ko ntagomba kumwemerera ko anyinjizamo ibintu bibi. Numvise ari ikintu gishya, ntangira gutegeka Satani. Naje gusanga ko ntakwiye gukingurira Satani ngo nindangiza ntangire mpangane n’ibibazo nikururiye njyewe ubwanjye. Nize ko mu kugandukira Imana ariho honyine nshobora kurwaniriza Satani.

Iri ni isomo ry’ingenzi kuri twese. Niba twitwara nabi, bikadutera ibibazo tutifuzaga ko bitugeraho, tugomba kwemera ko byose byatewe natwe, hanyuma tugakora ibishoboka byose kugira ngo dukosore amakosa twakoze.

Reka nguhe urugero, niba umuntu ataragize ubwenge mu gukoresha amafaranga ye, akaza kugwa mu myenda, agomba kwishyura iyo myenda. Ibi bishobora gusaba kwitwararika cyane ku bintu byinshi, no kumara igihe nta cyo wongeye kugura, usibye iby’ibanze cyane. Iki ntikiba ari igihe cyo kwibabarira cyangwa cyo kumva ucitse intege. Gutagaguza amafaranga bitera ibibazo bishobora gukosorwa gusa n’uko urekeye aho gutanga amafaranga. Bisaba igihe kugira ngo umuntu ajye mu myenda, kandi bisaba igihe ngo uve mu myenda. Bidusaba igihe

ngo twishore mu bibazo, ariko ugasanga bitunaniye gutegereza Imana iyo yanze kudusubiza mu buryo bw'igitangaza mu byumweru bike.

Imana igira neza. Hari igihe iza ikadukura mu bibazo twishyizemo. Ariko hari n'igihe itabikora, ariko nibikora umenye uko ukwiriye kwirinda ngo utazongera kubigwamo.

### UGOMBA KUGIRA UBWENGE IGIHE CYOSE

Kugira ubwenge ni ikintu cyo kugundirwa. Nta bwo ari ikintu ubona ngo nurangiza umare imyaka ukiri muri cyo. Ushobora kugira ubwenge kuwa mbere, kuwa gatatu ukaba wabuze ubwenge. Kandi nta nubwo umuntu agira ubwenge ku bintu byose icyarimwe. Duca mu bintu byinshi cyane. Kandi buri cyose tugomba kugicamo mu bwenge, hanyuma tugafata ingamba zo kwirinda mu minsi yindi ikurikira.

Imodoka ntishobora gukomeza gukora neza ititaweho ngo isukurwe. Amapine ashobora kwangirika. Kilometeraje zavamo bigatuma moteri irenza igihe cyo gusukurwa, amavuta agasaza bigatuma yica ibice bimwe bya moteri. Ibyuma bishinzwe guhuha umwuka byapfa, ugasanga imodoka yose yuzuye imikungugu. Umwuka wo mu mapine ugashiramo bigatuma imodoka igenda nabi, byarimba ntigende. Birashoboka rwose ko imodoka yose yakwangirika bikaba ngombwa ko isimbuzwa.

### GIRA IBYO UHINDURA

*Bene Data, sinibwira yuko maze kugifata, ariko kimwe cyo nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu kwavuye mu ijuru.*

Abafilipi 3:13,14

Niba dushaka kugira ubwenge, tugomba guhora twisuzuma kandi tugira ibyo duhindura mu mibereho yacu. Tugira ubwenge iyo tumenye



kugira ibyo duhindura mu buzima bwacu. Rimwe na rimwe biratugora guhindura imikorere ngo tugire ibyo dutangira gukora mu bundi buryo. Turitegereza tukabona ibikwiye guhinduka, ariko Imana yagira ibyo ishaka guhindura bikadutera ubwoba.

**Dore uko ibintu bimeze; niba dushaka ko ibintu bihinduka, tugomba kubireka bigahinduka.**

Mu buzima guhindura ni cyo kintu kidahinduka. Buri gihe haba hari ibigomba guhinduka, ariko twe ntitubikunda. Duhora dushaka kugendana n'ibigezweho, ariko ugasanga ntidushaka guhara ibyashize kuko tuba twumva bidushimishije kuba mu bintu nk'uko byahoze. Twumva tuguwe neza iyo dukora ibintu nk'uko tubimenyereye, n'iyi byaba bitubangamiye. Niba ari ko umeze, ugomba guhindura. Iyo dufite ubushake bwo kurekera aho gukora ibintu nk'uko dusanzwe tubikora, tugahitamo kubikora nk'uko Imana ibishaka, tuba turi guhinduka icyo Imana ishaka ko tuba cyo.

### USHOBORA GUTSINDWA

*Sebukwe wa Mose aramubwira ati “ibyo ukora ibyo si byiza. Ntuzabura gucikana intege n'aba bantu muri kumwe, kuko binaniranye biruta ibyo washobora gukora wenyine.”*

Kuva 18:17,18

Ntibyantangaza Imana itubwiye amagambo nk'aya wowe nanjye. Hari igihe tujya twumva ko tudashobora gutsindwa. Tukumva tudashaka kumva umuntu watubwira ko ibintu bikomeye cyane tutabishobora. Ubwo sebukwe wa Mose yamubwiraga ko ari akazi kamurenze gucira abisirayeli bose imanza, yari arimo kumubwira mu by'ukuri ngo: “birakomeye, ntiwabishobora wenyine.” Nari wa muntu utekereza ko nashobora gukora ikintu cyose nishyizemo. Numvaga nizeye ko nshobora byose muri Kristo umpa imbaraga.<sup>3</sup> Iyo hagiraga umuntu umbwira ibitandukanye n'ibyo natekerezagaga, byanteraga imbaraga zo kubikora. Ni byo, birakwiye ko twe nk'abakristo, tugira kwiyezameza kose igihe hari icyo tugiye gukora, kuko Satani akora uko

ashoboye ngo atubuze kukigeraho. Ariko iyo dutekereza ko dushobora gukora ikintu icyo ari cyo cyose, tuba tubuze ubwenge, kandi byatinda cyangwa byatebukaka, Imana igera aho ikabitwereka, ikatubwira ngo: “ntushobora gukora byose, ahubwo uzakora agace gato nagusigiye amavuta.” Iyo Imana ihamagaye umuyobozi, ntumusigira amavuta kugora umurimo runaka gusa, ahubwo isiga n’abandi bantu ku ruhande bazagira icyo bakora kuri wo. Icyo ni cyo Imana yashakaga kubwira Mose ubwo yakoresheye se bukwereka ngo: “kuko binaniranye biruta ibyo washobora gukora wenyine.”

Imyaka myinshi mu ivugabutumwa ryanjye nakoraga imirimo yose nnyenyine, usibye guhimbaza kuko ntarinzi kuririmba neza. Ariko ibindi byose narabyikorera. Nigishaga mu materaniro yose, ngasengera abantu, nyuma y’amateraniro nkarambika ibiganza ku bantu bose, n’iyo baba igihumbi cyangwa ibihumbi mirongo itanu nk’uko byakundaga kuba kenshi. Hagati y’amateraniro nakundaga kugenda ngasuhuza abantu aho bacururiza amakaseti, ngasinya mu bitabo ngakora hafi buri kintu cyose abantu bansabaga kubera ko nabahaga ikintu cyose bansabaga. Hanyuma nza kubona ko ninkomeza kugenza ntyo nzinanzira cyane.

Igituma umuntu abura ubwenge, ni ugushaka kunezeza abantu, aho kunezeza Imana. Nk’uko byagendekeye Mose, nabonye ko ntashobora kubishobora rwose - kandi ko ntari no kugerageza - kuko hari abo Imana yas - giye uwo murimo.

## SABA UBUFASHA

*Sebukwe wa Mose abonye ibyo akorera abantu byose aramubaza ati “Ibyo ukorera abantu ibi ni ibiki? Ni iki gituma wicara uri umwe, abantu bose bagahagarara bakugose bagahera mu gitondo bakageza nimugoroba?”*

Kuva 18:14

Ubwo Imana yaganirizaga Mose ikoresheje se bukwereka yaramubwiye ngo “Kuki wicara wenyine?” Abantu benshi cyane bajya bicara

bonyine mu ntebe z’ubuyobozi, bagakora imirimo yose bonyine. Niba Imana iduhamagarira umurimo runaka, izahamagara n’abo kudufasha kugira ngo tuwushobore. Bashobora kutawukora nk’uko twabyifuzaga cyangwa se kutawutunganya neza nk’uko byari kugenda iyo tubyikorera.

Haba mu kazi nkora, cyangwa mu rugo iwanjye ndetse n’umugabo wanjye unkunda cyane, barambwira ngo “Ujye wamamaza amakaseti kuko nta wundi ubikora neza nkawe,” noneho nkabikora. Bambwira ngo nkwiriye kwakira amaturo, nkabikora. Uzi uko byagenze? Muri iyo mirimo nakoraga njyenyine, natangiye kugira ibibazo by’ubuzima. Nubwo ntabishakaga, ntangira guhindura. Biratangaza cyane ukuntu iyo duhinduye Imana ihita ihagurutsa undi muntu kugira ngo akore bya bindi tutagikora. Narekeye aho kwamamaza amakaseti muri buri giterane. Ariko umukobwa wanjye abikora neza cyane, mbere y’uko amateraniro atangira kandi nta nubwo umubare w’ayo ducuruza wigeze ugabanuka. Aranamfasha mu kwakira amaturo kandi na yo ntiyigeze agabanuka. Uzi impamvu? Ni ukubera ko Imana yafashe bimwe byari biri kuri jye irangije ibishyira kuri we nk’uko yabigenje kuri Mose.<sup>4</sup> Yarabimuhaye, kuko yabonye ntagishoboye gukora njyenyine. Rimwe na rimwe Imana nta muntu iduha wo kudufasha kuko duhora dushaka umuntu utunganye, nyuma tukazashiduka twabuze n’umwe. Imana noneho ikakubwira ngo “Tekereza neza, wowe wari umeze ute ubwo natangiraga gukorana nawe?”

### IHANGANIRE IBIKUREMEREYE

*None umvira ibyo nkubwira: ndakugira inama, Imana iyigufashemo. Ube ari wowe mushyikirwa mukuru w’amagambo w’abantu n’Imana, ujye ushyira Imana imanza zabo kandi ujye ubigisha amategeko yayo n’ibyo yategetse, ujye ubereka inzira bakwiriye gucamo n’imirimo bakwiriye gukora. Kandi utoranye mu bantu bose abashoboye ubucamanza, bubaha Imana n’inyangamugayo, banga impongano. Ubahe ubutware bamwe batware igihumbi igihumbi, abandi ijana ijana,*

*abandi mirongo itanu itanu, abandi icumi icumi. Bajye bacira abantu imanza ibihe byose, kandi urubanza rukomeye rwose bajye barukuzanira. Ariko, urubanza rworoheje abe ari bo baruca. Ni ho uziyorohereza umuruho. Na bo bazajya bafatanyawe. Nugira utyo Imana ikabigutegeka, uzabishobora, kandi ubu bwoko bwose buzajya ahabwo bufite amahoro. Mose yumvira sebukwe akora ibyo yamubwiye byose.*

Kuva 18:19-24

Uzi inshuro nabwiye Imana ngo: “Sinshobora kwihanganira ibiza binsunika?” Naje gusanga ko ngize abo nemerera ngo bamfashe kuri ibyo bindemereye, byanyorohera kubyihanganira igihe kinini. Kandi nize ko ninkora byose kugira ngo nshimishe abantu, bitazanyorohera. Nize ko ninkora byose kugira ngo nshimishe Imana, izansigira gukora ibyo ngomba gukora. Ariko ko nintangira gushaka gushimisha abantu, ko itazabikora. **Imana ntishobora kudasigira amavuta gukora ibyo itadusabye gukora.**

Yesu ni we banze kandi ni we usohozwa<sup>5</sup> ariko ntashobora gusohozwa ibyo atangiye. Sebukwe wa Mose yamubwiye ko agomba gukora ibyo Imana yamutegetse ko ariho azabishobora.

Imana ntishobora kuduha ibintu tudashobora cyangwa ngo twihanganire. Iyo iduhaye umurimo wo gukora, iduha n'imbaraga zo kuwukora. Kandi sinshaka kuvuga guhora tuzerera twenda gupfa. Wibuke ko Yesu yavuze ngo yazanywe no kugira ngo tubone ubugingo kandi tubone bwinshi.<sup>6</sup> Ibuka igice kimwe cyo Kuva 18:23, “uzabishobora, kandi ubu bwoko bwose buzajya ahabwo bufite amahoro” Nizera ko iyo Imana iguhaye abantu ngo bagufashe wowe ntubakoreshe barababara; nta mahoro bagira. Ariko iyo tubakoresheje nk'uko Imana yabigambiriye, tubasha kwihanganira ibituremera, kandi na bo bakumva bishimye, buzuye kubera ko bari gukoresha impano zabo kandi bari gutera imbere.

Reba iruhande rwawe. Hari ibyo ukwiye guhindura kugira ngo ubashe kubaho utuje? Nubigenza utyo, nk’uko Mose yabigenje, uzagira umunezero n’amahoro menshi imbere y’umwanzi.

**UKURWAHO AMAHAGE WABIKOZE,  
UKANAKURWAHO AMAHAGE UTABIKOZE**

*Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y’Imana ni ko yamuremye, umugabo n’umugore ni ko yabaremye. Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti: “Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi”*

Itangiriro 1:27,28

Kubura ubwenge bituma umuntu atera imbuto. Kandi niba hari icyo Imana ishaka ko dukora, ni ukwera imbuto. Ikintu cya mbere Imana yabwiye Adamu na Eva ikimara kubarema ni “ukororoka.” Imana ishaka ko tuba abakristo bera imbuto. Muri Yohana 15:8 Yesu yaravuze ngo: “*Ibyo ni byo byubahisha Data, ni uko mwera imbuto nyinshi, mukaba abigishwa banjye.*” Muri icyo gice, umurongo wa 1 n’uwa 2 yavuze ibyo kwanganya amahage avuga ngo: “*Ndi umuzabibu w’ukuri, kandi Data ni nyirawo uwuhingira. Ishami ryose ryo muri jye ritera imbuto arikuraho, iryera imbuto ryose aryanganyaho amahage yaryo ngo rirusheho kwera imbuto.*”

Kuri twe, ijambo “Kwanganya amahage” ni ijambo ridashimishije, ritari ryiza, kuko rivuga “gutema,” “guca” cyangwa “kuvanaho.” Nta muntu ukunda ayo magambo. Akenshi na kenshi ibiti byera imbuto, bikunda kuzamuka cyane, cyangwa bikagira ibishami byinshi mu mpande, bakabikata. Natwe hari igihe dutumbagira cyane cyangwa tugatumbarara, Imana ikarinda kudukata.

Twigeze kugira igiti imbere y’inzu yacu, cyakundaga kugira udushami dufite utubabi tw’icyatsi kibisi hasi. Utwo dushami batwita

ibisambo kuko tunyunyuzaga igiti. Nta cyo twongera kuri cyo, ahubwo tunyunyuzaga amatembagiti, tukakibuza gukura neza. icyo gihe umuntu ashaka nk'umuhoro, hanyuma akadukuraho.

Hari igihe Imana iba igomba gukura utuntu duto duto mu bugingo bwacu. Hari igihe tuba dushaka kwibanira na two, ariko Imana yo iba izi umugambi ifite ku bugingo bwacu bwose. Niba Imana hari icyo ishaka ko tureka, icyaba cyiza ni uko twareka kikagenda, iba izi ibyo iri gukora.

Usanga tuvuga ngo “ariko Mana, nindamuka ndetse gukora ibi, ni jye jyeniyine uba usigaye mu bandi ndafite aho njya.” Imana ishobora kugira ibyo ikura mu bugingo bwacu, kugira ngo tubashe kumarana na yo umwanya munini. Iyo tumaranye umwanya na yo, dushobora kubona icyo twifuzaga by'ukuri. Dufite agati mu busitani bwacu gafite udushami twiza dusandara hose. Tuba tugomba kuzana icyuma cyabugenewe tugakata utwo dushami dusandara. Imana na yo ni ko ibigenza kuri twe. Biratubabaza kubona hari ibyo tugiye kureka, ariko hari ibanga ryo gukurwaho amahage nize, ngiye gusangira nawe.

Muri Yohana 15:1,2 Yesu yavuze ko nitutera imbuto azadukata kugira ngo turusheho kwera. Nitwera imbuto kandi azatwanganyaho amahage kugira ngo turusheho kwera nyinshi kandi nziza kurushaho.

**Ibanganiukotwakweraimbuto, tutazera, Imanaizatwanganyaho amahage!** Si nzi ibyawe, nakunda gukurwaho amahage kugira ngo ndusheho kwera imbuto, aho kugira ngo nkatwe ne kuzongera kwera ukundi.

## ISHYIRE KURI GAHUNDA

*Umuntu wese urushanwa yirinda muri byose. Abandi bagenzereza batyo kugira ngo bahabwe ikamba ryangirika, naho twe twegenzereza gutyo kugira ngo duhabwe iritangirika.*

I Abakorinto 9:25

Bibiliya yitwa *King James Version*, isobanura uyu murongo ngo “umuntu ushaka ubutwari mu kintu, yiboneza muri byose.” Ese ni gute dushobora kwizera kugira ubwenge mu mibereho yacu tutishyize kuri gahunda? Ngomba kwiha gahunda kugira ngo ngire ubwenge mu kazi. Hari igihe binsaba kwicara imbere ya mudasobwa (ordinateur) amasaha cumi n’abiri, ngahaguruka gusa njya kwihagarika cyangwa gushaka icyo kunywa. Si byiza gukora gutyo, kuko iyo ndigukora umurimo munini nko gutegura igiterane cyangwa kwandika igitabo usanga byakomeye. Iyo ninjiye mu murimo nywinjiranamo n’imbaraga zose, n’umwuka wose.

Dave yakunze kunsubiriramo kenshi ati “ntukicare ngo umare umunsi wose. Ujye ukora amasaha arindwi cyangwa umunani, hanyuma uruhuke. Nukora umunsi wose, ujye ugeraho urekere aho, ukore n’ibindi. Nibitaba ibyo, uzahura n’ibibazo.” Aba afite ukuri. Ntabashije kwishyira kuri gahunda, nshobora kwicara aho kugeza ubwo nanirwa nkaba nanasinzirira mu ntebe. Ngomba gushyira mu gaciro nkaba nahaguruka, nyuma y’amasaha abiri nkaruhuka ho gato. Kubera iki ntakora ntyo? Ni uko mba nshaka kurangiza akazi. Sinkunda guhagarara akanya ngo nduhuke. Nubwo uruhande rumwe mba nshaka gukomeza, ariko urundi ruba ruvuga ko nta bwenge burimo. Ubwenge ni iki? Nk’uko nabibabwiye, inkoranyamagambo nifashishije ivuga ko ari ugushyira mu gaciro. Kandi gushyira mu gaciro bivuga ko nitutagira gahunda, bizadushyira mu bibazo.

## IBINTU BIKENEWEMO UBWENGE

Nagerageje gukora urutonde rw’ibyo dukeneye kugiramo gahunda, dukeneye gushyira mu gaciro.

Icyamba mbere ni **imirire**. Niba ntashyize gahunda mu mirire, nzahura n’icyo nkunda, njye nkirya ubudasiba. Birumvikana ko imibiri yacu itaremewe gutungwa n’imigati gusa. Ntidushobora kandi kunywa gusa amata, kurya imigati, isukari n’ibirayi ngo twizere ko tuzagira ubuzima bwiza. Hari indwara nyinshi ziterwa n’imirire muri iyi minsi. Imwe muri zo ni iterwa no kubura poroteyine. Iyindi ni nko kubura imyunyu mu

mubiri. Sinshaka kuvuga ko nukurikiza iyi mirire utazananuka, ahubwo ndashaka kuvuga ko utazagira ubuzima bwiza nutagira ubwenge mu mirire. Niba Imana itaratubwiye ko tutagomba kurya buri cyose, si twe twabyiha. Buri wese akeneye kumenya imikorere y’umubiri we, ibyo ukeneye, n’ibiwunogeye.

Nize ko iyo nshaka guta ibiro nihuse, nshobora kurya ibiryo binanura. Ariko na none nize ko umubiri wanjye ukeneye za poroteyine nyinshi. Ibi bifitanye isano n’akazi nkora, n’imbaraga ngatakazaho. Bambwiye ko iyo nigisha mu biterane binini byikurikiranya, biba bimeze nko gukora umurimo w’amasaha umunani, kuko ari amaranga mutima, ari ibitekerezo, byose biba bikora cyane. Hari igihe nigishaga nk’inshuro eshanu cyangwa esheshatu. Nabaga nataye imbaraga nyinshi muri byo. Naje gusanga ko kugira ngo nongere kugira imbaraga binsaba kurya poroteyine nyinshi. Ndamutse ndi kurya ibiryo bituma nanuka, natakaza ibiro, ariko namererwa nabi kuko isukari yo mu maraso iba yagabanutse.

Umunsi umwe nari ngiye gupfira mu cyumba cy’ihoteri. Nibazaga ikibazo aho kiri. Ubwo natangiraga gushaka Imana, naje gusanga maze iminsi myinshi ntarya poroteyine. Ubusanzwe nkunda umutsima n’imboga ziribwa mbisi. Nashoboraga kubirya buri munsi. Nashoboraga kubaho ntarya inyama, ariko ndazikeneye.

Aho rero, nari ndwaye, nzenguruka, nirukana abadayimoni. Ariko ntiyari ikibazo cy’adayimoni - cyari ikibazo cy’ibyo ndya! Reka mbahe urundi rugero rwo kugira ubwenge mu mirire. Umunyamabanga mukuru wanjye apima ibiro 40 kandi afite umubyimba umwegereye biringaniye. Kuva aho yarekeye isukari akajya anirinda bimwe mu biribwa, yaje kuvumbura ikiribwa cyitwa “balance bar” ambwira ibyacyo; “yoo! Ni ikiribwa cyiza ku mubiri rwose. Gifite amavuta make, poroteyine nyinshi, ibitera imbaraga n’ibindi byose umubiri ukenera. Kingwa neza cyane.”

Nyuma naje kugura izo “balance bar” ntangira kujya nzigendana hose, nkajya nzirya mu gihe cyose nshonje n’igihe nkeneye ikintu cyanyongerera imbaraga. Hashize iminsi, wa mukobwa wari



warazimbwiye, atangira kujya aya enye cyangwa eshanu ku muni, hanyuma atangira kubyibuha cyane. Yatangiye kujya aya n'izindi zikozwe mu buki ndetse n'izikozwe mu mavuta n'izindi zirimo ubunyobwa. Mu bigaragara, umubiri we warivumburaga kubera ubunyobwa. Ubwo twatangiye kumuvugiraho ko yabuze ubwenge mu kurya za “balance bar.”

Birashoboka kubura ubwenge mu mirire. Kandi nk'uko twabibonye umuntu ashobora kubura ubwenge mu gutanga no mu gukora umurimo w'Imana.

Umugore washatse ku muntu utizera ashobora gusenya urugo rwe aramutse yibanze cyane mu mirimo ya gikristo nko gusenga, inyigisho za Bibiliya, no kuvuga Imana igihe cyose aho kuba yakwita ku bibazo by'umugabo we. Ntibivuga ko atagomba kubwira umugabo we iby'Imana, ahubwo ko agombaga kuvuga cyane ku bindi kuko atari ku rugero rumwe na we mu myizerere.

Abagabo bakenera umwanya munini wo kwidagadura, kandi baba bakeneye ikintu cyo kubifashamo. Mu yandi magambo baba bakeneye ibibarangaza. Mu rugo rwacu, nshobora kumara igihe kinini ntakinnye golufe kurusha Dave. Naje gusanga ko niba nshaka kugira urugo rwiza, ngomba gukina golufe buri gihe, kuko ari byo akunda.

Dave ni umukozi w'Imana, ariko ntibyamushimisha ndamutse mbaye aho gusa nkirirwa mubwiriza igihe cyose. Akeneye ibindi bindi hirya yo gusenga, gusoma Bibiliya no kwigisha ijambo ry'Imana. Tutabeshye, dukeneye n'ibindi. Abantu bamwe, bitewe n'ibyaho baha agaciro, baba bakeneye ibiruta iby'abandi. Iyo ushatse umuntu utari umunyamwuka cyane nkawe, kandi ugashaka kuba umunyamwuka igihe cyose, ugira ibibazo kuko uba ubuze ubwenge muri ibyo.

Kugira ubwenge mu **bitekerezo** birakenewe. Hariho abatekereza cyane, kimwe n'uko hari abatekereza birenze urugero. Ntibuka mu myaka yashize, ubwo njye na Dave twabyukaga kare, Dave akeneye kumva indirimbo, njye nkeneye gutekereza. Naratekerezaga, naho Dave anezerewe, jye merewe nabi. icyo cyari kuba ikemenyetso cy'uko hari abantu bagira gahunda nyinshi, abandi bakagira nke.

Ubwenge burakenewe no **mu magambo**. Abantu bamwe bavuga amagambo make abandi bakavuga menshi. Birambabaza kuba hafi y’abantu bavuga amagambo make. Kuko nta cyo baba bavuga, bisa nk’aho ngiye kuvuga ibintu byakagombye kuvugwa natwe twese. Birangora gutangiza ikiganiro. Nk’uko ngomba kwiha gahunda yo kutavuga amagambo menshi, hari abiha gahunda yo kurushaho kuvuga. Baba bakeneye gufasha abandi, kugira ngo badakomeza kuvuga bonyine.

Bwa nyuma tugomba kugira ubwenge **mu kuntu twiyumva**. Hari igihe twumva turenze abo turi bo, hari n’igihe twumva turi hasi y’uko turi. Mu Baroma 12:3 hatubwira ko tudakwiye kwitekereza uko tutari, cyangwa ngo twumve ko dufite agaciro karenze. Ahubwo ko dukwiye gushyira mu gaciro. Na none muri 2 Samweli 9:8 tubona umusore witwaga Mefibosheti wumvaga ameze nk’intumbi y’imbwa. No mu Kubara 13:33 tubona abatasi icumi bibonaga nk’inziye.

Dushobora kumara umwanya muremure twirebaho kandi twitekerezaho. Ariko na none dushobora kwiyibagirwa, tukibagirwa na bene wacu, bikaba byatera ibibazo bikomeye byo mu mutima.

Hashize iminsi nganiriye n’umwe mu bavugabutumwa b’ibirangirire bafite imiryango ikomeye y’ivugabutumwa, arambwira ngo yamaze imyaka mirongo itatu avuga ubutumwa, agira abantu inama, afasha abasinzi n’ibirara, ari na ko yita ku rugo rwe no ku bindi bintu bindi bye. Muri icyo gihe cyose yumva atunganye, atunganye. Igihe kimwe yumva abuze uko agenze, kuko mu by’ukuri atari atunganye. Abantu benshi bagira ishyamba bashobora kumara igihe kinini bafasha abantu uko bashoboye, ariko igihe kimwe ijwi rikabatungura riti “ariko se Jye meze nte? Jye bimeze bite?” Biba bidukwiye ko dufata akanya tukagira icyo dukora ku bwacu. Kugira ngo twumve tumeze neza. Si n’ikintu kidasanze tuba dukeneye. Kuri twe nk’abagore, bishobora gusa kuba ari ugukata inzara zacu, kugura amaherena, utuntu two kwiryoshyaho gato.

Ku bagabo bishobora kuba ari ukugura ikintu cyatuma barushaho kunezerwa cyangwa gituma barangara. Kenshi na kenshi, Dave akunda

kugura ibikoresho bishya byo gukina golufe. Aba afite byinshi, ariko usanga buri gihe ashaka ibindi. Hari igihe tuba dukeneye kugira icyo twikorera ubwacu. Nyuma yo gukoresha ibiterane byinshi, mba naniwe mu buryo bw'umubiri, mu mutwe mu mutima no mu mwuka. Mu bihe nk'ibyo nasanze ko ikimfasha ari ukujya guhaha. Sinjyenda ngo ngure ibintu by'akataraboneka cyangwa ngo ntange amafaranga menshi bitume najya no mummyenda. Hari n'igihe ntugira icyo nigurira nkagurira abandi. Ibi biramfasha kuko bituma ibitekerezo byanjye biba bihugiye mu bindi, bikava mu kazi kanjye ka buri muni. Gukora ntyo, bituma nongera gusubiza ubwenge ku gihe.

Nk'uko abagore benshi babigenza, nkunda guhaha; hari icyo binyigisha mu mutima. Imana yaduhaye amarangamutima, nubwo tutagomba kugengwa nayo, ariko ntitunibagirwa ko tuyafite. Tugomba gukora ibishoboka byose kugira ngo turusheho kugira ubuzima bwiza bwo mu mutima, mu mubiri, mu mitekerezereze no mu mwuka.

### IBICE BIBIRI BY'UBUZIMA

*Nuko rero mu mwakire mu Mwami Yesu mwishimye kandi abasa n'uwo mujye mububaha, kuko yagarukiye hafi yo gupfa ku bw'umurimo wa Kristo, ntiyita ku magara ye kugira ngo asohoze ibyasigaye byo kumfasha kwanyu.*

Abafilipi 2:29,30

Mu Bafilipi 2:25-30 tubona umugabo witwaga Epafuradito, warwaye kubera gukora cyane umurimo w'Imana. Yari afite umubabaro kandi akumbuye mu rugo. Birashoboka ko hari hashize iminsi myinshi atari mu rugo kandi ko yari arwaye cyane ari wenyine, ari hafi yo gupfa. Ariko intumwa Pawulo itubwira ko Imana yamugiriye ubuntu ikamukiza. Muri uru rwandiko Pawulo ari kwandikira Abafilipi ababwira ko yohereje Epafuradito mu rugo kuruhuka no kongera gufata agatege. Ibi biranshimisha cyane. Biragaragara ko nubwo Imana yari yakijije uyu mugabo, ariko ko byabaye ngombwa ko ajya mu kiruhuko kugira ngo aruhuke.

Iri hame kandi riragaragarira no mu nkuru ya Yesu azura umukobwa wari wapfuye. Muri Luka 8:40-56 tubona umukuru w’idini umwe witwa Yayiro yegera Yesu, akamubwira ngo naze mu rugo rwe amukirize umukobwa we wari ufite imyaka 12 wari ugiye gupfa. Mu gihe bari bari kujya kwa Yayiro, wa mukobwa arapfa. Ariko Yesu aramuzura. Akimara kubyuka ku buriri bwe, icyo Yesu yasabye ababyeyi cya mbere ni ukumugaburira.

Ku bw’izi nkuru uko ari ebyiri, nize ko hari ubuzima bw’umwuka, n’ubuzima busanzwe. Kandi bwose bugomba gufatwa neza. Yesu yitaye ku buzima bw’umwuka bw’uyu mukobwa, ariko asaba ababyeyi be kwita k’ubuzima bw’umubiri we.

Ibi bitubwira ko Imana idusaba gushyira mu gaciro no kuba mu mwuka. Tubona iryo hame mu byanditswe bigaragazwa n’ibyabaye mu buzima bw’umuhanuzi umwe ukomeye wo mu isezerano rya kera.

### **KUTAGIRA UBWENGE BYATEJE IBIBAZO**

*Nuko Ahabu atekerereza Yezebeli ibyo Eliya yakoze byose,  
kandi n’uko yicishije abahanuzi bose inkota. Yezebeli  
aherako atuma intumwa kuri Eliya aramubwira ati  
“Ubugingo bwawe nintabuhwanya n’ubwabo ejo nk’iki  
gihe, imana zizabimpore ndetse bikabije” Eliya abyumvise  
atyo arahaguruka arahunga ngo yikize, ajya i Berisheba y’i  
Buyuda aba ari ho asiga umugaragu we.*

1 Abami 19:1-3

Ni kuki mu isi haba umugabo nka Eliya wari watsinze abahanuzi b’ibinyoma 450 akanabica bose ubwe, hanyuma mu kanya gato akaza guterwa ubwoba n’umugore umwe Yezebeli, bigatuma ahunga kubera ubwoba?

Si ntekereza ko Yezebeli yari ateye ubwoba cyane ku buryo Eliya yari gukora kuriya. Ahubwo ndahamya ko yakoze kuriya kubera ko yari ananiwe kandi arushye. Umugabo umwe yambwiye ko yamaze

ibyumweru byinshi mu kiruhuko. Yambwiye ko yabonye ko amaze iminsi irindwi mu kiruhuko, ubuvumbuzi bwe bwongeye kugaruka. Naje gusanga ko n'ubushobozi bwacu bwo kuvumbura bujya buhagarara iyo duhora tunaniwe. Mbyiyiziho kwizera kwanjye kujya kuhagirira ibibazo iyo naniwe cyane. Muri ibyo bihe mba numva ntashaka gusenga.

Iyo ducogoye kandi tunaniwe, dusubiza abantu mu buryo butandukanye n'iyi tutananiwe. Dusubizanya amarangamutima, turakazwa n'ubusa. Akadukozeho kose kaduca intege, kandi akantu k'ubusabusa katagenze neza kakaturakaza.

Ibibazo byinshi abantu bagira muri iyi minsi biterwa n'uko batagize ubwenge. Kandi akenshi uko kubura ubwenge biterwa n'uko barushye. Mu ngo z'iki gihe, umugabo n'umugore bagomba kugira akazi kugira ngo babashe gukemura ibibazo. Nyuma y'akazi, baba bagomba gusubira mu rugo iwabo kugira ngo bite ku bana, bateke, bamese, banakore n'indi mirimo yo mu rugo, guhaha, kujya gukora mu busitani n'ibindi n'ibindi.

Gahoro gahoro bakagenda bananirwa, kubera ko ari abakristo bita no ku mirimo yo mu itorero - rimwe na rimwe n'imirimo itayobowe n'Umwuka Wera, bashobora kumva bashaka kuyikora. Ariko iyo batitonze, bashobora kwisanga bashaka kuba byose kuri bose, kandi bidashoboka. Bashobora kumva bagiye gutagarana kuko aho bageze hose basanga hari umuntu ubakeneye ngo bamukorere ikintu runaka.

Ibi ndabizi kuko nabinyuzemo. Atari uko gusa mfite umuryango mpuzamahanga nyobora, ahubwo ndi n'umugore, nyina w'abana bane bakuru, nyirakuru, inshuti n'izindi nshingano zindi n'abantu ngomba gusura. Mba mfite ibintu byinshi byo gukora ku buryo akenshi mba numva nenda gutagarana. Hari n'igihe umwuzukuru wanjye anyandikira akansigira n'udupapuro ku modoka, akambwira ngo "nyogoku, narakubuze, kandi ndumva nifuza ko tunganira." Hari igihe ku ishuri yigeze kwandika umwandiko uvuga ngo "Ni iyihe mpano itagaragara waha inshuti yawe?" Igisubizo cyari, "naha nyogokuru impano y'igihe, kuko aba afite akazi kenshi iminsi yose."

Ibyo ni ukuri. Ngira akazi kenshi cyane. Twese ni ko turi. Ni yo mpamvu dukeneye kugira ubwenge mu mibereho yacu. Aribyo bishaka kuvuga, kugira ibyo tureka gukora mu by'ukuri bitari ngombwa ko dukora, bishobora kudutera ibibazo, igihe tutemereye Imana ngo ibikureho nk'amahage mu bugingo bwacu.

Ibyo byose bishaka kuvuga kureka akazi ka kabiri twari twatangiye, twibwira ko twari twagafashe kugira ngo dufashe imiryango yacu. Birashoboka ko imiryango yacu iba idukeneye kurusha ikindi kintu icyo ari cyo cyose dushobora kuyiha. Hari ibintu bidusaba kugira ubwenge bitagomba guhinduka mu mibereho yacu - umubiri, ibitekerezo, umutima n'umwuka- nk'uko twabibonye mu buzima bw'umuhanuzi Eliya.

### **ELIYA N'ABAHANUZI BA BAALI**

Reka turebe mu buryo burambuye inkuru ya Eliya twarebye twihuta mu gice cyabanje.

*Nuko Eliya yegera abantu bose aravuga ati “Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ari we Mana nimumukurikire, kandi niba ari Baali abe ari we mukurikira.” Abantu ntibamusubiza ijamba na rimwe. Eliya arongerera abwira abantu ati “Ni jye jyenyine muhanuzi w’Uwiteka usigaye, ariko abahanuzi ba Baali ni magana ane na mirongo itanu. Nuko nibaduhe impfizi ebyiri bahitemo iyabo, bayitemaguremo ibice babigereke hejuru y’inkwi, ariko be gucanamo, nanjye ndatunganya icya kabiri hejuru y’inkwi ne gucanamo, muhereko mutambire izina ry’imana yanyu, nanjye ndatambira izina ry’Uwiteka. Maze Imana iribusubirisha umuriro, iraba ari yo Mana. Abantu bose baramusubiza bati “Ibyo uvuze ni byiza.”*

1Abami 18:21-24

Muri iyi nkuru, Eliya, umuhanuzi w’Uwiteka yabwiye umwami Ahabu, umugabo w’umwamikazi Yezebeli ngo bakoranye abahanuzi ba Baali 450 ku gasongero k’umusozo Karumeli. Ubwo bose bahageraga nubwoko bwa Isirayeli, Eliya atangira gukabiriza abahanuzi ba Baali. Mu 1 Abami 18:25-29, (byanditse hasi) Eliya yari yiteguye uko Imana nya Mana iri bugaragaze imbaraga zayo. Mu kubikora Eliya shyizemo imbaraga nyinshi.

### ELIYA ARABAKABIRIZA

*Nuko Eliya abwira abahanuzi ba Baali ati “Ngaho nimuhitemo iyanyu mpfizi, abe ari mwe mubanza kubaga kuko muri benshi, maze mutakambire izina ry’imana yanyu, ariko ntimucanemo.” Nuko bazana impfizi bahawe barayibaga maze batakambira izina rya Baali uherye mu gitondo kugeza ku manywa y’ihangu, bavuga bati “Nyamuna Baali, twumvire.” Ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa ubasubiza n’umwe. Basimbukira hirya no hino ku gicaniro bubatse. Bageze ku manywa y’ihangu Eliya arabashinyagurira ati “Erega nimutere hejuru kuko ari imana! Yenda ubu iriyumvira cyangwa hari aho igannye, cyangwa se yazindutse cyangwa irasinziriye, ikwiriye gukangurwa.” Barongera batera hejuru, bikebesha ibyuma n’intambi nk’uko basanzwe babigenza, kugeza aho amaraso yabereye imyishori kuri bo. Maze ku gicamunsi barakotsora bageza igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba, ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa usubiza cyangwa wabitaho n’umwe.*

1 Abami 18:25-29

Eliya amaze gukabiriza abahanuzi ba Baali, bakoze uko bashoboye ngo imana yabo ibasubize. Igitondo cyose basabye Baali ngo ibasubize ntiyabikora. Saa sita, Eliya atangira kubaseka ati: “Mutake cyane, ishobora kuba ihuze cyangwa hari aho inyarukiye.” Hari Bibiliya ivuga ngo: “ahari yagiye kwituma cyangwa yazindutse. Birashoboka

ko isinziriye ikaba ikeneye gukangurwa.” Ikigaragara cyo ni uko Eliya yavugaga ibirenze ibyo. Yari yahinduye abasazi abahanuzi ba Baali, na bo bagakaza umurego.

### IGIHE CYA ELIYA KIGEZE

*Eliya ahera ko abwira abantu bose at “Nimunyegere.” Bose baramwegera, asana igicaniro cy’Uwiteka cyari cyarasenyutse. Nuko Eliya yenda amabuye cumi n’abiri uko umubare w’imiryango ya bene Yakobo wanganaga, ariwe Ijambo ry’Uwiteka ryagezeho riti “Isirayeli ni ryo ribaye izina ryawe.” Nuko ayo mabuye Eliya ayubakisha igicaniro mu izina ry’Uwiteka, maze acukura impande zacyo uruhavu rwajyamo indengo ebyiri z’imbuto. Aherako agerekeranya inkwi, acagagura impfizi ayigereka hejuru y’inkwi. Maze arababwira ati: “Nimwuzuze intango enye amazi, muyasuke hejuru y’igitambo n’inkwi.” Arababwira ati: “Nimwongere ubwa kabiri. Arongera arababwira ati “Nimwongere ubwa gatatu.” Bongera ubwa gatatu. Amazi arasendera agota igicaniro, yuzura na rwa ruhavu.*

1 Abami 18:30-35

Umwanya wa Eliya ugeze, yabanje gusana igicaniro Yezebeli yari yarashenye. Hanyuma arangije acukura uruhavu iruhande rwacyo. Agikomeje gukabiriza ba bahanuzi ba Baali, yacagaguye impfizi ibice byazo abishyira ku gicaniro. Ndamutse nische impfizi, nkayicagagura nkayishyira ku gicaniro, byananiza cyane. Ibyo byonyine byamaramo imbaraga. Eliya yakoze akazi ko gusana igicaniro no gutemagura igitambo, amaze guseka abatambyi ba Baali umunsi wose.

Hanyuma arangije asaba abantu kuzuza ibibindi amazi no kubisuka ku gicaniro no ku gitambo - ntibabikoze rimwe, ahubwo babikoze gatatu. Byaranshimishije kuba yarashatse abandi bantu bo kumufasha kuko kugeza ubu yari akwiye kugirirwa imbabazi kubera ibintu byose yari yakoze. Nyuma y’ibi byose Eliya yarasenze ahamagara Uwiteka, araza aba ari we wikorera umurimo. Kandi Eliya yari ataracogora.



## UWITEKA YASUBIRISHIJE UMURIRO

*“Nuko agejeje igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba, Eliya umuhanuzi yegera igicaniro aravuga ati “Uwiteka Mana ya Aburahamu na Isaka na Isirayeli uyu muni bimenyekane ko ari wowe Mana mu Bisirayeli kandi ko ndi umugaragu wawe, nkaba nkoze ibyo byose ku bw’ijambo ryawe. Nyumvira, Uwiteka nyumvira kugira ngo aba bantu bamenye ko ari wowe Mana, kandi ko ari wowe ugarura imitima yabo.”*

*Uwo mwanya umuriro w’Uwiteka uramanuka, utwika igitambo cyoswa n’inkwi n’amabuye n’umukungugu, ukamya amazi yari mu ruhavu yose. Maze abantu bose babibonye bikubita hasi bubamye baravuga bati “Uwiteka ni we Mana, Uwiteka ni we Mana.”*

*Nuko Eliya arabwira ati “Nimufate abahanuzi ba Baali, ntihashimbuke n’umwe.”*

1 Abami 18:36-40

Ukimara gusoma ibi byose urumva unaniwe? Jye ndumva naniwe. Sinari narasobanukiwe akazi Eliya yakoze uwo muni. Nyuma yo guhangana n’abahanuzi ba Baali umuni wose, yarabafashe bese uko ari 450 abajyana mu kibaya, aho yabiciye bese. Kuko icyo cyari cyo gihano cy’abahanuzi b’ibinyoma muri icyo gihe.<sup>8</sup> Nyuma y’ibyo byose, yari akwiye kunanirwa- umubiri, ibitekerezo, umutima n’umwuka. Ariko akimara kurangiza ibyo byose yakomeje ahanurira Ahabu anasenga ngo imvura igwe.

## ELIYA ARAHUNGA

Maze Eliya abwira Ahabu ati “Haguruka ufungure kuko numva haza kugwa imvura y’impangukano.” Nuko Ahabu arazamuka ajya gufungura. Eliya na we arazamuka ajya mu mpinga y’umusozi w’i Karumeli, yicara hasi yubika umutwe mu maguru. Abwira umugaragu we ati: “Zamuka witegereze ku nyanja.”

*Arazamuka, aritegereza aragaruka aravuga ati “Nta cyo mbonye.” Amubwira gusubirayo agira karindwi. Agezeyo ubwa karindwi aravuga ati “Dore mbonye igicu gito kingana n’ikiganza cy’umuntu kiva ku nyanja.” Eliya aramubwira ati “Genda ubwire Ahabu uti “itegure igare ryawe, umanuke imvura itakubuza.”*

*Hashize umwanya muto, ijuru rirahinduka ryuzura ibicu n’umuyaga, hagwa imvura ya rukokoma. Nuko Ahabu yurira igare rye ajya i Yezereli. Imbaraga z’Uwiteka zijya kuri Eliya aracebura arirukanka, yiruka imbere ya Ahabu amutanga ku irembo ry’i Yezereli.*

1 Abami 18:41-46

Nyuma y’ibintu byose Eliya yari yakoze, yirutse kilometero nka 30 agera ku irembo ry’i Yezereli - asiga Ahabu wari mu igare!

Rimwe na rimwe, hari igihe gusigwa amavuta kuza ku muntu, agakora ibintu bitangaje, bidasanze nk’ibyo Eliya yakoze muri iki gice. Ariko ibyo ntibishaka kuvuga ko atari ananiwe ubwo yabirangizaga. Hari abantu bambwiye ko bajya bakora nk’ibyo nkora mu murimo w’ivugabutumwa wanjye ariko ntibananirwe. Sinshaka kugira uwo nita umubeshyi, ariko mbyibazaho kubera ko jye nanirwa. Kandi n’undi wese wambaye umubiri yananirwa.

Si ndi umukecuru rukukuri, ariko ndujukuruje. Hari ibihe mba nuzuye umwuka, nkumva nasimbuka nkagera ku ijuru.<sup>9</sup> Hari igihe mba numva nakwiruka kilometero mirongo itatu, nk’uko Eliya yabigenje muri iki gice. Ariko urambona nakoze ibi byose!

Nta n’umwe wo muri twe, uko yaba yuzuye umwuka kose, ushobora gukora ubutaruhuka. Uwakora atyo yatagarana. icyo ni cyo kibazo Epafuradito yagize. Yacogojwe no gukorera Imana. Uko ni ko byagendeye Eliya. Ubwo umwami Ahabu yageraga mu rugo, yatekerereje umwamikazi Yezebeli ibyo Eliya yakoze byose n’ibyo yavuze. icyo ni cyo gihe Yezebeli yahise yoherereza ubutumwa Eliya ko ari bumukure ku isi.

Hanyuma se uyu mukozi w’Imana, wari wishe abahanuzi 450 ba Baali agasiga igare muri kilometero 30 yabyakiriye ate? Yagize ubwoba, ahita ahunga uwo mugore umwe rukumbi. Yagenze kilometero nka 120 avuye kuri uwo mugore, ahasiga umugaragu we, ndetse aza no kuharenga.

Eliya yari yabuze ubwenge. Yari ananiwe, hanyuma acika intege, araruha, yumva yifuza kuba wenyine. Iryo ni isomo rikomeye twese tugomba kwiga. Iyo tunaniwe kandi tubuze ubwenge, igihita kitugeraho ni uguhanganayika no gucika intege.

### **NTA NA KIMWE KIBA CYIZA IYO UNANIWE**

*“Ariko agenda wenyine urugendo rw’umunsi umwe mu ishyamba, ahageze yicara munsi y’igiti cy’umurotemu, yisabira gupfa ati “Uwiteka, ndarambiwe. icyabimara ni uko ubu wakuraho ubugingo bwanjye, kuko ntaruta ba sogokuruza ubwiza.”*

1 Abami 19:4

Aha ni ho Eliya yabonye ko nta kigenda. Ibi natwe bitubaho iyo tunaniwe cyane. Nta kintu na kimwe kitubera cyiza iyo tunaniwe. Biba bisa nk’aho nta n’umwe udukunda, nta wo kudufasha, ntawutwitayeho. Tuba twumva byose bitureba. Tuba twumva turengana, nta gaciro, ntawe utwumva, ntawe utwitayeho. Akenshi na kenshi iyo twumva dufite ibibazo birenze, ikibazo tuba dufite ni uko tuba tunaniwe. Eliya yari ananiwe cyane, ku buryo icyo yumvaga yakora ari ugupfa. Nuko asaba Imana kwipfira. Ariko Imana ntiyita ku isengesho rye, kuko yari izi ko atari cyo mu by’ukuri yari akeneye mu gihe nka kiriya.

### **IGISUBIZO CY’IMANA KURI ELIYA**

*Nuko yiryamira munsi y’icyo giti cy’umurotemu arasinzira, agisinziriye marayika araza amukoraho aramubwira ati “Byuka urye.” Arakanguka abona umutsima utaze ku*

*makara, n'agacuma k'amazi biri ku musego we. Ararya aranywa, arongera ariryamira. Marayika w'Uwiteka agaruka ubwa kabiri, amukoraho, aramubwira ati "Byuka urye kuko urugendo ari runini rugukomereye." Nuko arabyuka ararya aranywa, iyo nda ayigendera iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, agera i Horebu ku musozi w'Imana.*

1 Abami 19:5-8

Iyo ndangije ibiterane by'icyumweru cyose, nkagera mu rugo ku wa gatandatu nimugoroba cyangwa ku cyumweru mu gitondo, buri gihe mba nshonje. Simba nshaka umugati ukonje, cyangwa imbuto. Ahubwo mba nshaka ibiryo bishyushye kuko ari byo bituma ngarura imbaraga.

Imana ikoresheje marayika wayo yabigenje ite kugira ngo Eliya yongere asubizwemo imbaraga zimubashisha gukora ikindi cyiciro cy'umurimo we? Yamuhaye amafungoro meza abiri, imuha no gusinzira yiziguye. Ibyo ni byo yamuhaye. Kandi mu 1 Abami 19:8 haratubwira ngo izo mbaraga yazikoresheje mu rugendo rw'iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, arinda agera i Horebu! Nta kintu kidasanzwe kiri aha ngaha. Eliya yari ananijwe n'ibintu byose yari yakoze umunsi wabanje, n'ibyo yari yanyuzemo byose. Umubiri we wari unaniwe by'ukuri, kandi yari acitse intege mu mutima. Ntiyari agifite kwifata nk'uko yari asanzwe abigenza. Yari afite ubwoba, arushye, acitse intege, ndetse yanakwiyahura.

Uwiteka aramubwira ati "Urananiwe, ukeneye ibiryo byiza bishyushye n'ibitotsi byiza." *Eliya* amaze kugarura imbaraga, amaze kugera i Horebu, ijambo ry'Uwiteka ryongera kumugeraho. Yongeye kubwirwa n'Imana gusubira ku murimo wayo.



## UMUTWE WA 16



### ABANTU BASANZWE ARIKO BAFITE INTEGO ZIDASANZWE

*Nuko Ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse  
n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri  
zidukoreramo.*

Abefeso 3:20

**I**mana ikoresha abantu basanzwe, boroheje ariko bafite intego n'intumbero idasanzwe.

Uko ni ko ndi - ndi umuntu usanzwe, woroheje ariko mfite intego n'intumbero. Ariko nubwo nsanzwe nkaba noroheje nta bwo nsa n'uworoheje. Si nkunda iryo jambo. Sinkunda kuba uworoheje. Nta bwo nkorera Imana yoroheje; ku bw'ibyo si njya nemera ko nkwiye kuba uworoheje – nawe kandi ni uko.

Kuba uworoheje urebye nta cyo bitwaye. **Si bibi kandi si n'igitangaza.** Ni ibintu biri aho gusa. Kandi si mpamya ko ari ko Imana ishaka ko tuba. Nizera ko umuntu usanzwe, woroheje ashobora gukoreshwa n'Imana ibikomeye. Nizera ko dushobora gukora ibikomeye biteye ubwoba, bishobora no kudutangaza niba twizera ko Imana ishobora

kudukoresha kandi niba dushobora gusa gutinyuka kugira intego n'iyerekwa [intumbero] bidasanzwe. Kandi icyo nita ikidasanzwe ni ikintu ubwenge budashyikira, bisaba kwizera Imana ku bwacyo.

Mu Abefeso 3:20 hatubwira ko Imana ibasha gukora cyane ibiruta kure ibyo dushobora kwizera gusaba cyangwa gutekereza, ku bw'imbaraga zayo nyinshi zikorera muri twe. Imana ibikora binyuze muri twe kubw'imbaraga zayo. Ariko na none bikoreka binyuze muri twe. Ni ukuvuga ko dukorana na Yo. Ibyo bikavuga ko tugomba gutinyuka mu kwizera no gusenga kwacu. Hariho bamwe muri twe batizera cyane. Tugomba kongera imbaraga mu kwizera kwacu. Tugomba kuba abantu basanzwe, bafite intego zidasanzwe.

### IMANA YAGUTORANIJE MU BUSHAKE BWAYO

*Muzirikane guhamagarwa kwanyu bene Data, yuko ab'ubwenge bw'abantu bahamagawe atari benshi, n'abakomeye bahamagawe atari benshi, n'imfura zahamagawe atari nyinshi. Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge. Kandi yatoranije ibinyanteye nke byo mu isi ngo ikoze isoni ibikomeye. Kandi n'ibyoroheje byo mu isi n'ibihinyurwa n'ibitariho, Imana yarabitoranije ngo ihindure ubusa ibiriho. Kugira ngo hatagira uwirata imbere y'Imana.*

1 Abakorinto 1:26-29

Pawulo aratubwira yeruye ibyo Imana yahisemo n'impamvu yabikoze. Avuga ko Imana yatoranije abaswa bo mu isi kugira ngo ikoze isoni abanyabwenge. Yatoranije abo abantu bitwa abanyanteye nke kugira ngo ikoze isoni abitwa abanyambaraga.

Nshimishwa cyane n'ubusobanuro Bibiliya yitwa “*Amplified*” itanga. Ivuga ko Imana **ku bushake bwa yo** yatoranije. Nta bwo nabaye uwayo ku bw'impanuka. Nta n'uwansunitse ngo ngwe kuri yo hanyuma ibone ko nta kundi yabigenza igomba gukorera umurimo muri jye kuko nta wundi ifite wawukora.

Ubwo Imana yagiraga igitekerezo cyo gutangiza umurimo w’*“Ubugingo mu Ijambo”*, yazengurukije amaso kugira ngo irebe umuntu uzayikunda cyane, uzayitunganira, uzakora cyane, umuntu uzitanga uko ashoboye, umuntu uzagira gahunda, kandi uzagerageza gushyira mu gaciro, umuntu utazasubira inyuma cyangwa ngo apfe kubivamo.

Si mfite impano zidasanzwe. icyo nkora neza gusa ni ukuvuga. Mfite umunwa kandi ndawukoresha. Ku mubiri wa Kristo ndi umunwa. Nyamara ariko n’ijwi ryanjye risa nk’aho atari ryiza cyane. Ni nde se waba waragiriye inama Imana ngo irifate irikoreshe ahantu hose. Ndetse akenshi na kenshi si mvuga ibyiza. Si navuga n’amagambo neza buri gihe cyangwa ngo buri gihe mbe ndi intyoza mu magambo. Bijya bintangaza ukuntu tujya dukoreshwa n’Imana tutabanje gutunganywa rwose ngo tugere ku rugero rukwiye rw’Ijambo ry’Imana. Abantu bareba inyuma, ariko Imana ireba imbere mu mutima. Ikinshimisha cyane ni uko icyo Imana yansigiye amavuta gukora ari cyo kiba. Abantu bantega amatwi kuko nsize amavuta. Baba bashaka uko gusigwa. Imana ibishatse ishobora no gusiga ingamiya.<sup>1</sup> Ishobora gutoranya kandi igasiga uwo ishate. Ntibituruka ku buranga, ku mashuri, ku butunzi cyangwa se ku mpano runaka. Bituruka ku mimerere y’umutima wacu, nubwo twaba dushaka kuzuzwa imirimo myiza runaka, kugira ngo dukoreshwe n’Imana. Noneho reka turebe ibyo abantu baba bujuje kugira ngo batoranywe n’Imana.

## IMANA IKORESHA NDE?

### 1. *Imana ikoresha abantu bakiranuka mu tuntu dutu.*

Abantu beshi ntibifuza gukora utuntu dutu. Bifuza gutangirana n’ibintu binini. Si nashobora kubabwira amateraniri ibihumbi nakoresheje muri iyi myaka irenga makumyabiri maze mu murimo w’Imana. Mfite umurundo w’inyigisho nigishaga muri ayo materaniri. Namaze amasaha menshi cyane niga Ijambo ry’Imana. Igituma nyobora umuryango munini cyane ubu ngubu, ni uko nakiranutse no mu tuntu dutu.



Ijambo ry’Imana ritubwira ko Imana itoranya uwo abantu bashobora gusuzugura, bashobora kutitaho, babona nk’udafite icyo avuze, nk’imbura mumaro, nk’utagize icyo amaze. Imana itoranya ibintu abantu babona nk’ibintu nyine, kandi bakabona nta cyo byabagezaho. Ibintu bisa nk’aho bitariho. Irabizamura ikabikomeza.<sup>2</sup>

Niba twumvaga hari icyo turi cyo, tugomba kwitonda no kwirinda kuko nk’uko twabibonye, Bibiliya ivuga ko Imana ari yo ishyira hejuru kandi ko ari yo icisha bugufi. Inavuga ko ibuye abubatsi banze ari ryo rikomeza imfuruka.

Ubwo natangiraga kuvuga ubutumwa bwiza, inshuti zanjye zampaye akato. Kuko aho navukiye nta muntu wizera inyigisho z’umugore. Baramwiraga ngo byaba byiza nta bikoze. Ikibazo ni uko nari naratangiye. Numvaga mbishoboye kuko Imana yari yarambwiye ko mbishoboye. Abantu benshi bagiye banyanga kandi bakangora. Byaranambabazaga. Ariko ubu ndatekereza ko abo banyanze, bakampa akato, bakambabaza, ubu badashobora guhitisha ikiganiro kuri televiziyo ubwabo bitanyuze mu biganiro byanjye.

Uko bimeze ni uko nidukiranuka mu byo Imana itubwira gukora, byatinda byatebuka izatubabarira hanyuma ikaduhembera imibabaro myinshi twanyuzemo kubwo kuyumvira. Ndetse ku bw’ibyoyi, nizera ko Imana izadukubira kabiri kubera imibabaro twanyuzemo.

## **2. *Imana ikoresha abantu bazayihira icyubahiro.***

Umurongo wa 29 w’ 1 Abakorinto 1, utubwira ko Imana ihitamo ibintu n’abantu uko ishaka, kugira ngo hatagira uwirata imbere ya yo. Buri gihe nibuka iyo naturutse. Iyo ngerageje kubyibagirwa, Imana ikoresha uburyo bumwe cyangwa ubundi kugira ngo inyibutse ko nta cyo ndicyo. Mwibuke ko bavuga ngo “Indakuzi nituma umugabo yivuga.”

Abantu rimwe na rimwe bajya babaza umuhungu wanjye muto bati “Ariko wumva bimeze bite kugira umubyeyi nka Joyce Meyer?” Akababwira gusa ati “ni mama.” Nta cyo bimubwiye kuba narazamuwe. Kuri we gusa ndi nyina. Abantu batuzi neza ntibajya bumva hari icyo turi cyo. Abatatuzi ahubwo ni bo babimenya.

### 3. *Imana ikoresha abantu bashaka kuyerera imbuto.*

Imana ikoresha abantu bemera ko igihe bazera imbuto bazemera no “gukurwaho amahage.” Niba dushaka kuba abayobozi bo mu Bwami bw’Imana, tugomba kwemerera Imana kugira icyo ikora kuri twe. Kandi byose hari igihe bitazaturyohera, ndetse bikanatubabaza. Ntituzanabikunda, ariko tugomba kwizera Imana.

Nta muntu n’umwe wo muri twe wujuje ibyangombwa byo guhita akoreshwa uwo mwanya. Twese dukeneye kubanza gutunganywa. Hari igihe tugura ibintu byanditseho ngo “ushobora guhita ugikoresha” kubera ko tutaba dukeneye guta umwanya wo kongera kubitegura. Ariko nta bwo umuyobozi ahita akoreshwa uwo mwanya. Nk’uko nabivuze mu ntangiriro z’iki gitabo, nta bwo nizera ko hari umuntu wavutse ari umuyobozi. Umuyobozi arategurwa. Birashoboka ko hari abantu ibihumbi byinshi cyane bafite muri bo impano zo kuyobora, ariko ntibemerera Imana ngo ikore ibyo ishaka gukora mu bugingo bwabo kugira ngo Imana ibategurire kwicara ku ntebe y’ubuyobozi. Ntibaguma mu ntoki z’umubumbyi cyangwa mu ifuru y’umucuzi. Bashaka ibintu byose ako kanya.

Twese ntitwihangana ngo dutegereze. Tumeze nk’abana bajyanye n’ababyeyi babo mu rugendo rurerure mu modoka, bamara kuva mu murenge batuyemo, bagatangira kubaza ngo “Ntituragera yo?” “Tuzagera yo ubwo tuzaba tugeze yo.” Birashoboka ko iryo ari “ijambo ryo mu gihe gikwiye” kuri twese uyu muni.<sup>5</sup> Tuzagera yo nitutareka Imana. Izi igihe gikwiriye. Ibyo ni byo Ibyanditswe byo mu Bagaratiya 6:9 bivuga ngo: “*Twe gucogora gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari.*” Biragaragara ko tuzagera aho Imana ishaka ko tugera nidukomeza gukiranukira Imana.

### 4. *Imana ikoresha abantu bafite ubushake bwo kurangiza ibyo batangiyeye.*

Abantu benshi batangira neza, ariko ntibarangize neza. Impamvu iroroshye kuyimenya. Amarangamutima ni yo atuma dutangira. Ni yo adutera umwete iyo tugiye gutangira ibintu. Tumara kumva Ijambo

ry’Imanacyangwa ubuhanuzi, ubwo tukababwagiye [twatangiyeye]. Ariko, ikibazo ni ukumenya igihe tuzamara twiruka, igihe amarangamutima azaba yayoyotse! Ndibuka umunsi umwe ubwo najyaga mu itorero rimwe, sinari narigeze mpateranira ibyumweru byinshi. Umunsi umwe hazabwo umuhanuzi atangira guhanura. Yashyize abantu ku murongo atangira kubasengera. Nanjye nagiyeye ku murongo. Yarambitse ibiganza kuri buri wese muri twe atangira kudasabira umugisha. Anzeho, yandambitseho ibiganza aravugako “Ndakubona urambura ibiganza ku bantu ibihumbi byinshi, kandi bese bakuzuzwa imbaraga z’Imana.”

Nahavuye ndi mu birere. Kuri jye iryo jambo ryashimangiraga icyo numvaga Imana iri kumbwira. Numvise bindenze, numva binteye ubwoba. Numvaga nta nzira mbona yo kubigeraho, ariko nkumva biranshimishije cyane. Hashize imyaka myinshi numva umunezero ukinyuzuye, ariko byaterwaga n’indi mpamvu. Byaterwaga n’uko kugeza icyo gihe nari ngitegereje ko bisohora. Byasaga nk’aho ntatekereza ko ntashobora gutegereza ibyo ngo nyure no mu bindi bihe.

Itangira ry’ikintu akenshi riba rishimishije. Ariko, ntabwo abatangira isiganwa banezerewe bese ari ko batsinda. Ahubwo ni abihambira kuri ryo kugeza ku mwisho, hamwe umuntu aba atagifite n’ibyishimo, hamwe abantu bese batakwishimiye, hamwe amarangamutima adafite icyo akubwiye, aho wumva ko utagishoboye gutera intambwe, aho wumva ko bishoboka ko utazarirangiza, igihe usigaranye gusa ijamba Imana yakubwiye ujya gutangira. Aho ni ho abazarisohozabatangira n’abatazarirangiza. Aba bahora bavugako gusa uko ibintu byagenze. Dukeneye gufata urugendo atari ukuvugako ibyarwo gusa.

### ***5. Imana ikoresha abaguma mu nzira ifunganye.***

Muri Matayo 7:13 na 14 hari imirongo nkunda cyane. Muri icyo mirongo Umwami Yesu avugako ku by’Ubwami bw’Imana: “*Munyure mu irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, n’inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi. Ariko irembo rifunganye, n’inzira ijyana mu bugingo iraruhije, kandi abayinyuramo ni bake.*”

Yavugaga ko byoroshye kugwa mu bishuko, kugwa mu byaha no kurimbuka. Biroroshye gukurikira isi no kugendana n’abisi. Kimwe tuzi neza ni uko ntawe uzagenda mu nzira ngari wenyine. Haba hari abagenzi benshi mufatanije urugendo kuko benshi bakurikira iyo nzira. Isi yuzuyemo n’ibihendo byinshi, yuzuyemo abantu bashaka kwigumira uko bari, bashaka kuguma ari akazuyazi no kwibera mu buzima bworoshye.

Biroroshye koroshya ibintu, no kuba “nyamuja iyo bijya” ariko abaca mu nzira ifunganye bahura n’ibibagoye byinshi. Nta bwo Satani azatuma abashaka gukora ibyo gukiranuka bagubwa neza - ni ukuvuga ba bandi bashaka kuvugisha ukuri, bakora neza, batekereza neza, bashora n’amafaranga yabo mu by’agaciro, batari banyamwigendaho, batikunda, bashaka kwizirika no kwihara mu by’Imana. Umwanzi azabarwanya ngo batabaho batyo. Intego ye birumvikana nta yindi ni ukugira ngo aduhangayikishe, kugeza ubwo twumva turemerewe, ducitse intege nyuma tubivemo, twigendere.

Ni yo mpamvu tugomba kurwanya Satani, tukihata mu by’Imana. Tumurwanya twiyegurira Imana tuguma no mu irembo rifunganye. Uburyo bumwe Satani aduhangayikishamo ni ukutwereka ko ari twe twenyine tunyura mu bigeragezo no mu makuba. Ukuri ni uko nzi ko hari abantu benshi baca mu ngorane. Bibiliya nta na hamwe itubwira ko tuzaca mu bigeragezo bishimishije.<sup>6</sup> Ahubwo idusezeranya ko tutazabicamo twenyine.<sup>7</sup> Kandi ivuga ko niduca muri byo tutazanukahwo umwotsi.<sup>8</sup>

Imana ikoresha abantu baguma mu nzira ifunganye, ndetse akenshi na kenshi abantu uzasanga muri iyo nzira ni wowe na Yesu. Ariko uzakomeze ugende gusa. Kandi ntuzakore nk’iby’abisi bakora. Nubwo ku kazi bose bakwanga gusangira nawe, ntibakuvugishe, ntuzajye usebanya ku kazi, ngo uregane, cyangwa ngo wange cyangwa ngo usenye iby’abandi nk’uko abandi babigenza. Ntuzagire inshuti mbi muri uko kwigunga, ahubwo uzakoreshe ako kanya kugira ngo urusheho kwegera Imana, urusheho kuyimenya neza.

## 6. *Imana ikoresha abantu bazi guhitamo neza*

Bibiliya itubwira iby'ubwenge n'imbaraga z'ubwenge kuva ku gitabo cya mbere kugera ku cya nyuma. Ntekereza ko dukwiye gusoma igitabo cy'Imigani cyane tukanagifata mu mutwe dushishikaye kuko kivuga cyane ku bwenge, kandi tudafite ubwenge nta cyo twageraho na gito. Abantu benshi bagira impano ariko ntibagire ubwenge. Hari n'abagira ubwenge ariko ntibabukoreshe. Hari n'abantu bagira impano ariko ugasanga imico yabo atari myiza kuko badakuze mu mwuka ngo bareke Imana ikorere mu bugingo bwabo ibyo ishaka gukoramo.

Dukeneye ubwenge mu mibanire yacu n'abandi no mu ko twifata. Dukeneye ubwenge mu bushuti tugirana n'abantu. Abantu benshi bakunda kubabazwa n'uko babwiye inshuti zabo ibyari bibari ku mutima, noneho izo nshuti zikabagambanira. Hanyuma bakabarakarira. Iyo baza kwicecekerana ntibari guhura n'ibyo bibazo. Bari bakeneye gukoresha ubwenge.

Nzi ko ibi bibaho kuko byambayeho kenshi. Imana rimwe yarambwiye ngo: “Joyce, niba udashaka ko inshuti zawe zikubabaza cyangwa ngo zikugambanire, ugomba guceceka. Rekerana aho kubabwira ibyo nakubwiye byose.” Iri ni ihame rikomeye ry'ubwenge. Nizera ko kubura ubwenge ari kimwe mu bituma abantu benshi batagera ku ntego zabo. Ntibakoresha ubwenge. Niba dushaka kuba abayobozi no gutuma hari abakora ibyo twakagombye gukora, tugomba kumenya uko dukwiye kubana n'abantu. Nasanze ko abantu batazemera kugendana nawe nutabafata neza. Abantu benshi muri iyi minsi usanga bahangayitse mu kazi. Ku bw'ibyo, ngomba gukoresha ubwenge kugira ngo menye uko mfata abakozi banjye. Ndatekereza ko nimbafata neza bazifuzaga kunkorerana. Urugero, nimbishyura neza, ntibazava ku kazi ngo bajye gushaka akandi. Ni byiza gukoresha ubwenge ku muntu udashaka gutakaza.

Mu Gutegeka kwa kabiri 30:19, Mose yabwiye abisirayeli ngo “*Uyu muni ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushyize imbere ubugingo n'urupfu n'umugisha n'umuvumo. Nuko uhitemo ubugingo.*” Nkunda iryo jambo kuko muri ryo Imana iri kutubwira

ngo: “Nshyize imbere yawe inzira ebyiri – inzira y’igihogere n’inzira ifunganye, kandi ndakugira inama y’iyo wahitamo.”

Ibi bimeze nk’ibibazo byo guhitamo, Imana yarangiza igatanga n’ibisubizo: “Nshyize imbere yawe A. Ubugingo B. Urupfu. Igisubizo: **Hitamo ubugingo!**”

Dushobora twese gusubiza kino kibazo. Imana ishaka ko duhitamo neza kuko amahitamo yacu ntagira imbaraga kuri twe gusa, ahubwo no kubo tubana harimo n’abana bacu. Ibivuga yeruye ko tugomba guhitamo neza kugira ngo twe n’abana bacu tubashe kubaho. Abana bacu bigira ku byo babona dukora. Niba dukunda amafaranga na bo bazakunda amafaranga. Niba dukunda gusebya abandi na bo bazajya basebanya. Niba tutagira icyo twemera na bo ni ko bazamera. Guhitamo kwacu n’ibikorwa byacu birigisha cyane kuruta amagambo tuvuga.

### ***7. Imana ikoresha abantu babera abandi intangarugero.***

Ikintu kimwe muzabona ni uko abantu bamwe ari abayobozi beza, ariko ugasanga batayobora. Abayobozi beza bafata ibyemezo byiza kuko bashingira ibyemezo byabo ku buryo bwizweho neza. Mu yandi magambo bagendera ku bitabo. Ariko na none abayobozi beza ntibagendera ku bitabo gusa, ahubwo babera intangarugero abo bashinzwe kuyobora. Imana ishaka abayobozi beza. Abantu ku bw’urugero rwiza batanga, bayobora abandi mu nzira yo gukiranuka.

Mu 1 Abakorinto 11:1, intumwa Pawulo yaranditse ngo: “*Mugere ikirenge mu cyanjye nk’uko nanjye nkigera mu cya Kristo.*” Mbega interuro irimo ubushizi bw’amanga!

Ese Pawulo yashakaga kuvuga iki mu by’ukuri muri uyu murongo? Yashakaga kuvuga ibintu bimwe bimeze nk’ibyoyanditse mu 1 Abakorinto 4:16: “*Nuko rero ndabingira kugira ngo munyigane.*” Yashakaga kubwira Abakorinto ngo “Murebe uko mbayeho, muzabona uko Kristo ashaka ko mubaho.” Ibyo ni byo Imana ishaka ko dukora. Ishaka ko dushira amanga tugakoresha imbaraga zacu twubaha Imana kugera ku rugero rwo kutagira ubwiko ku muntu uwo ari we wese.

Ishaka ko dushira amanga ku buryo udukurikiye azahinduka nka Yesu mu mico no mu myifatire.

Nkunda Abaroma 5:19: *“Kandi nk’uko kutumvira Imana k’umuntu umwe kwateye ko abantu benshi baba abanyabyaha, ni ko no kuyumvira k’umuntu umwe kuzatera ko abenshi baba abakiranutsi.”*

Uyu murongo uvuga ko umugabo cyangwa umugore umwe bashobora guhindura isi yose. Niba ari ko bimeze, byanze bikunze buri wese muri twe ashobora guhindura abo baturanye, aho akora, inshuti bagendana - niba duhisemo neza. Adamu yahisemo nabi akururira umuvumo abantu ibihumbi n’ibihumbi bavutse nyuma ye. Yesu yahisemo neza ahindura abamukurikiye. Yarakiranutse mu isi yuzuye ibyaha, yigarurira byose. Byose byaganaga irimbukiro, hanyuma aboneka ku mugaragaro avuga ati “Ndabigisha ubundi buryo bundi kubaho.” Dave na njye tuzi neza uburyo ari iby’igiciro kugendera mu bushake bw’Imana. Duhabwa umugisha. Ariko iyo tudakoze gutyo byose biba akavuyo. Ibyo bishobora kuba kuri buri wese. Bibiliya ibisubiramo inshuro nyinshi.

Muri Zaburi ya 119:6, umwanditsi wayo yaravuze ngo *“Ubwo nzita ku byo wategetse byose ni bwo ntazakorwa n’isoni.”* Mu yandi magambo, “Ninsoma ibyanditswe byawe, ngakurikiza icyo bivuga, ubuzima bwanjye bwose buzatunganirwa.” Ni kuki tugomba kongera kwandika Ibyanditswe, twongeraho utugambo n’ubundi busobanuro, dutekereza ko ahari Imana izahindura imigambi ya yo igakora iyacu? Ni ryari tuzumva ko Imana iturusha ubwenge hanyuma ngo twige kuyumvira?

Jye na Dave twabonye ko Ijambo ry’Imana ari nk’inkike ku buzima bwacu. Ni nk’aho Imana itubwira ngo “Nimuguma muri urwo ruzitiro, ibyo muzakora byose bizaba byiza. Umwanzi ntazabageraho. Nzabaha umugisha kandi mbiteho. Tuzagirana ubushuti n’ubusabane. Muzatunga muzishima, kandi muzagira amahoro. Ntimuzacirwaho iteka kuko ibyaha byanyu bizaba byarababariwe. Muzahora mu busabane nanjye.

Ariko hanze y’izo nkike, hari ubwoko bwose bw’abanyabyaha, abagome, ibiteye ubwoba n’ibisumizi. bibategereje ngo bibarimbure.” Niba Imana yaratubwiye ityo, twarangiza tukajya hanze y’izo nkike mbese ikosa ryaba ari iryande?

Ibyo ni byo abisirayeli bahoraga bakora. Iyo umwami yubahaga Imana, abaturage na bo bubahaga Imana, igihugu cyose kigahabwa umugisha. Byabaga biteye agahinda iyo imigisha yabaga myinshi noneho umwami akumva ko byose biterwa na we. Byaratindaga cyangwa bigatebuka bakimura Imana bagatangira gukorera izindi mana. Iyo byagendaga gutyo, ibyago byose byabazagaho kugeza ubwo bavuze bati “rwose twaracumuye!” Niba dushaka guhabwa umugisha n’Imana no gukoreshwa na Yo, tugomba kuguma mu nzira ifunganye. Umuntu umwe usanzwe, ukora ibyo gukiranuka, ashobora guhindura abandi bantu basanzwe, akabakomeza, bagakora ibintu bidasanzwe. Dukeneye guhindura abandi. Dukeneye kubigisha ko bashobora gutuma abantu bakora ibyiza, kandi ko bafite ibyo bandikiwe n’Imana bagomba kuzuza.

## GARUKA MU RUGENDO

*Kuko turi abo yaremye, ituremeye imirimo myiza  
muri Kristo, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo  
tuyigenderemo.*

Abefeso 2:10

Turi ibibumbano by’intoki z’Imana. Yaturemesheje intoke zayo. Iyo twiyanduje, twongera guhindurwa bashya muri Kristo Yesu. Tugomba kuvuka ubwa kabiri kugira ngo twigire imbere dukore imirimo myiza yose Imana yaturemeye gukora, Satani ataratwicira umumaro. Iyo duhuye n’ibibazo cyangwa twakoze amakosa, ibyo nti bivuga ko imigambi y’Imana kuri twe yahindutse. Iba igihari. icyo tuba tugomba gukora ni ukongera tugasubira kuri Yo.



## EMERA GUKORESHA

*Nuko bene data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu ibe ibitambo bizima byera kandi bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.*

Abaroma 12:1

Waba uzi icyo kwiha Imana bivuga? Bishaka kuvuga gushyirwa ku ruhande kugira ngo ukoreshwe na Yo gusa. Hashize imyaka mbonye iyerekwa rimbwira ko nta kiri uwanjye, ko naguzwe igiciro. Nashyizweho ikimenyetso nka cya cyindi umworozi ashya ku nka ze kugira ngo yerekane ko ari ize. Uko ni ukuri kuri buri wese. Dufite ikimenyetso cy'Umwuka Wera kuri twe.<sup>10</sup> Ntitwakagombye kumva ko Imana ari iyacu, ko tugomba kuyibwira ibyo twishakiye byose, tuyigisha n'uko yakora kugira ngo tugere ku byo dushaka. Ntitwari dukwiye kujya dutangira umunsi duha Imana urutonde rw'ibyo twifuzaga ko biba mu masaha makumyabiri n'ane y'umunsi kugira ngo ize kutunzeze. Namaze imyaka myinshi mbikora. Nakundaga gusenga ngo: “yoo Mana, niba udafite amafaranga menshi, sindibubuyihanganire, wagombye kugira icyo ukora.” Iyo yari imyaka namaze mu butayu. Iyo tuvugaga dutyo tuba tutaragera mu gihugu twasezeranijwe. Niba dushaka kuva aho tukagera mu gihugu twasezeranijwe, tugomba kwiha Imana, tukitanga kandi tukagira gahunda.

Ikibazo kuri twe ni uko akenshi dutekereza ku byo tudashobora gukora, aho twatekereje ku byo dushobora gukora. Ikintu cyose Imana idusaba, dushobora kugikora. Icyo gusa idushakaho ni uko twemera gukoreshwa. Kandi twese turabishobora. Dushobora kudashobora gukora buri cyose, ariko dushobora gusohozza icyo twatangiyeye. Dushobora kuguma mu nzira ifunganye. Dushobora kwiyemeza kandi tukagira gahunda. Dushobora gukora cyane, tukagenda mu bwenge, tugashyira mu gaciro ibyo tuvugaga n'ibyo dutekereza ngo binezeze Imana iyo twayemereye ngo ikorere muri twe umugambi yagambiriye ku bugingo bwacu.

## IMANA IGUFITIYE UMUGAMBI MWIZA

*Erega nzi ibyo nibwira kubagirira! Ni amahoro si ibibi,  
kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma.  
Ni ko Uwiteka avuga.*

Yeremiya 29:11

Icy'ingenzi cyane si uko dutangiye, ahubwo ni uko dushoje. Abenshi batangirana imbaraga, ariko ntibarangize ibyo batangiyeye. Abandi batangira buhoro buhoro, ariko bakarangizanya ubutwari. Ibyo twabibonye ku bakozi dukorana mu buyobozi. Bamwe barazaga, hatarashira n'ibyumweru bitatu, tugatekereza ko bashobora gukora byose bikoresheje. Tutaramenya neza n'abo ari bo, tukaba turabakunze cyane. Tukabaha imyanya y'ubuyobozi mbere y'uko tumenya abo ari bo by'ukuri nk'uko byari bikwiye. Hanyuma ugasanga ibintu byahindutse. Nyuma y'igihe gito ugasanga barifuza kwigira ahandi. Ugasanga utamenya ibyo barimo. Ugasanga ntibemera kuyoborwa. Ukabona bafite impano n'ubushobozi, ariko ugasanga nta mutima n'umwuka utunganye bafite.

Ikindi gihe, hari abandi bazaga ugasanga mu itangira bararandaga cyane ku buryo twibazaga niba tuzakomeza kubakoresha, kubera ko kwiga kwabo kwafataga igihe kinini. Bagasa n'abatari gusobanukirwa vuba. Ariko Imana ikatubwira ngo “Mubihanganire igihe gito.” Tukagumana na bo igihe gito ugasanga bashinze ibirindiro mu kazi. Ubu abenshi muri bo ni abayobozi b'imena tugira. Ibyo na byo bikaba bigaragaza ko icy'ingenzi atari uko dutangiye, ahubwo ari uko turangije. Nta nubwo kandi bigize icyo bivuze kuba twaraguye inshuro nyinshi mu rugendo. Ukurikije Imigani 24:16 “...Umukiranutsi naho yagwa karindwi yazongera akabyuka.”

Imana ifite umugambikuri buri wese muri twe. Uwoni wotwaremewe. Ariko nk'uko twabivuze ibyo ni ibintu bishoboka si itegeko rigomba kubaho uko byamera kose. N'iyi umuntu yaduhanurira ibitangaza bimeze bite mu izina ry'Imana nk'uko byambayeho, ibihanurwa biba ari icyifuzo kiri ku mutima w'Imana n'ubushake bw'Imana kuri twe. Ibyo

ntibishaka kuvaga ngo uko byamera kose bizaba nk’uko byahanuwe nituramuka tudakoranye n’Imana tugahitamo kwikorera ibibusanye n’ubushake bwayo kuri twe. Bwa buhanuzi ntibuzasohora.

Imana ifite umugambi ku bugingo bwacu, ariko tubifitemo uruhare kugira ngo wa mugambi uzasohore. Imana ntishobora kugira icyo ikora tutagize ubushake bwo gukorana na yo. Mu gice cya mbere cy’iki gitabo kirebana n’ubuyobozi twavuze ku bushobozi. **Ntekereza ko umurimo wacu wa mbere buri muni ni ugukorana n’Imana kugira ngo dutenze imbere ubushobozi bwacu.** Buri muni wakagombye kudusigira isomo, buri muni twakagombye gukura. Buri muni twakagombye gutera intambwe ijya imbere ugereraniye n’aho yari iri umuni washize. Kimwe mu byo tugomba kumva ni uko hano ku isi nta muntu n’umwe wishingiye gukuza ubushobozi bwacu. Yego ni byo twese dushaka gufasha abantu kugira ngo bakoreshe ubushobozi bwabo, cyane cyane abana bacu n’abuzukuru bacu. Ariko ishingiro rya byose ni uko nta we uzabikorera undi, kandi nta n’uwiteguye kubidukorera. Tugomba kubyikorera. Tugomba twese kuvumbura impano twahawe n’Imana, ubuhanga buri muri twe, ibyo dushoboye koko, hanyuma tugafata intego yo kubiteza imbere kugeza ku rugero rwo hejuru rushoboka.

Imana ifite umugambi kuri buri wese muri twe. Ni umugambi mwiza, umugambi udasanze, umugambi ukomeye, udaciriritse cyangwa ngo ube uwo hasi.

### WIBA NYAMUJYA IYO BIJYA

Uwitwa John Mason yanditse ibitabo bibiri ndakugira inama yo kubisoma. Kimwe yacyise “*An Enemy Called Average*”<sup>11</sup> [Umwanzi witwa impuzandengo]. Ikindi kitwa *Conquering an Enemy Called Average*<sup>12</sup> [Gutsinda umwanzi witwa impuzandengo]. Ndashaka ko dusangira ibyo nakuye muri ibyo bitabo.

“Menya aho ubushobozi bwawe bugarukira, ibisigaye ubyirengagize.”<sup>13</sup> Nzi ibyo nshobye, ariko kandi nzi n’ibyo ntashoboye.

Nzibanda ku byo nshoboye ndeke ibyo ntashoboye. Abantu benshi bihata ibyo badashoboye. Bakihambira ku byo batajya bakora neza, aho bakoze ibyo bashoboye gukora neza. Ugasanga barafatirwa mu makosa, ku buryo bata ishusho y’uko dukorera Imana ifite imbaraga.

Abaheburayo 12:2 haravuga ngo “*Dutumbira Yesu [tukareka ibiturangaza]...*” Akenshi na kenshi, ibyo tudashoboye biraturangaza. Tugomba kureka kubitumbira tugatumbira Yesu. Niba ushoboye gukora ikintu kimwe, bwira ubwenge bwawe ko ari cyo ugiye gukora neza. Fata icyemezo ko ugiye kugikora neza cyane. John Mason aravuga ngo “Ijambo rya mbere mu atagira icyo akungura ni nyihanganira.”<sup>14</sup> Imwe mu mpamvu ituma abantu batagira icyo bakora ni uko bahora bavuga ngo nyihanganira “Sinabishobora, birakomeye cyane. Nta we mfite wo kumfasha. Nta mafaranga na make mfite.” Mama Tereza ajya mu Buhinde yari afite gusa amakuta 3 n’Imana kandi ntiyigeze ahemuka.

Waba warumvise ijambo ryitwa “status quo?” [kureka ibintu uko biri]. Ni ijambo ry’ikiratini ryerekana uko ibintu biba byifashe.<sup>15</sup> Mu yandi magambo risobanura ibibazo turimo. Iyo tuvuze ngo “ibi bintu ntibihinduka” tuba dushaka kuvuga mu by’ukuri ngo “Ibi bibazo turimo.” John Mason yaravuze kandi ngo, “Kora ibyo abandi bavuga ngo ntibishoboka.”<sup>16</sup>

“Ntukemerere inama ziturutse ku bwoba”<sup>17</sup> kandi “ntukicare ngo ufate ibije. Ahubwo kurikirana icyo ushaka kugeraho.”<sup>18</sup> Nkunda kuvuga ko isi yuzuye abantu buzuye ibyifuzo, ariko benshi ntibakora cyane. Kwifuza nta cyo gukora. Igenzure! Ese igihe cyawe, imbaraga zawe, ubuhanga bwawe, ubushobozi bwawe, ubuzima bwawe ubikoresha ute? Ese uri gukurikira abandi mu nzira ifunganye?

### **Wiba nyamuja iyo bijya.**

Ntugapfe kwiruka inyuma y’ibintu ngo ni uko buri wese ari kubikora. Hindukiza ubwato bwawe, hanyuma ugashye werekeza aho umuvumba uturuka. Ntutakaze umwanya wawe ukurikira aho umuvumba werekeza, nubwo bisaba imbaraga kugashya ugana aho uruzi ruturuka, cyane cyane iyo bose berekeza mu cyerekezo kibusanye n’icyawe!

## BYUKA WAKIRE IYEREKWA

*Ni cyo gituma bivuga ngo, “usinziriyeye we, kanguka uzuke, Kristo abone uko akumurikira! Nuko mwirinde cyane uko mugenda, mutagenda nk’abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk’abanyabwenge, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye ibyo Umwami wacu ashaka.*

Abefeso 5:14-17

Uzi ubushake bw’Imana kuri wowe? Ufite iyerekwa? Ese waba uzi uko uzakoresha ubuzima bwawe? Wakagombye kuba ubizi. Mu bisanzwe iyo abantu bakiri bato batangiye ubuzima bashobora kutamenya icyerekezo cy’ubuzima bwabo, kandi ibyo nta kosa ririmo. Bagomba gutangira kugira icyo bakora, hanyuma ibintu bikazagenda byisobanura bakamenya icyo bari bakwiriye gukora mu buzima. Ariko niba ufite imyaka mironko ine, mironko itanu, wakagombye kuba uzi neza icyo wakabaye uri gukora. Ibi ni ukuri si ugucurika ibintu. Maze imyaka myinshi kuruta iyo nshigaje. Niba ubu ntazi icyo nakagombye gukora ibintu byaba bimeze nabi. Hari abantu benshi bo mu kigero cyanjye batazi n’ubu icyo gukora.

Hashize imyaka myinshi cyane nakiriye iri jambo ryo mu Befeso kuko narihawe ubwo nahamagarirwaga umurimo w’ivugabutumwa. Muri iyo minsi, nari ndi mu bibazo byinshi, ku buryo nicaraga mu ntebe ngatebera maze gusinziriza abana, maze nkarira nk’amasaha abiri. Icyo ni cyo narinshoboye kubikoraho gusa. Mironko cyenda ku ijana by’igihe nabimaraga ndakariye Dave. Nahoraga ndemerewe, mfite ibibazo by’ubwoko bwose mu buzima bwanjye. Ubwo kandi nayoboraga amatsinda yo kwiga Ijambo ry’Imana iwanjye mu rugo buri wa kabiri nimugoroba. Nakundaga Imana, ariko nari mfite ibintu bimbise byinshi mu mibereho yanjye. Imana yatangiye kunyereka ibyanditswe ndigusangira namwe muri iki gitabo. Rimwe muri byo ni ukuvuga ibintu utomoye. Webster ibivuga nko “gusobanura ibintu uko biri, kubishyira ku murongo.”<sup>19</sup> Reka nywubabwire.

**MENYA ICYO URI GUKORA - N'IMPAMVU!**

*Kuko kera mwari umwijima none mukaba muri umucyo mu mwami wacu. Nuko mugende nk'abana b'umucyo. Kuko imbuto z'umucyo ari ingeso nziza zose no gukiranuka n'ukuri. Mushakashake uko mwamenya ibyo Umwami ashima. Ntimukifatanye n'imirimo y'ab'umwijima itagira umumaro, ahubwo muyihane kuko ibikorwa na bo rwihishwa, biteye isoni no kubivuga. Ariko byose iyo bitangajwe n'umucyo na byo ubwabyo bihinduka umucyo, kuko ikimurikiwe n'umucyo cyose gihinduka umucyo. Ni cyo gituma bivuga ngo "Usinziriye we kanguka uzuke, Kristo abone uko akumurikira! Nuko mwirinde cyane uko mugenda, mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge. Mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo Umwami wacu ashaka."*

Abefeso 5:8-17

Tugomba kuba abantu bafite intego. Tugomba kumenya impamvu turi gukora ibyo turi gukora. Tugomba kumenya neza ko tutari guta icyerekezo cy'aho tujya. Dushobora kuba tumaze imyaka icumi dufite intego dushaka kugeraho, ariko tukaba tukiri mu rugendo. Ahari turimo gukora ikintu cyasizwe ariko tukabona nta mavuta ari kuri cyo. Niba urushinge rwari rwararyamye hakaba hari hashize imyaka icumi, iki ni igihe cyo kogera kurubyutsa. Reka mbahe arugero rw'inkuru yabayeho kugirango mu byumve neza. "Iyi ni inkuru yo mu Burusiya yo mu gihe cya ba Tsari [abami bo mu Burusiya]. Muri parike ya Mutagatifu Petersburg's Winter Palace, harimo ubusitani bwiza cyane, muri ubwo busitani harimo intebe y'urubaho rwo kwicaraho. Hirya y'iyi ntebe y'urubaho, hari abarinzi babiri. Buri masaha atatu abo barinzi basimburwaga n'abandi. Nta n'umwe wari uzi impamvu yabyo. Umunsi umwe, umuliyetona umwe w'umusore w'umunyamatsiko aza gushingwa kurinda aho hantu. Yatangiye yibaza ndetse abaza n'abandi ibibazo. Nyuma... azakubona umugabo usheshe akanguhe, wari ushinzwe amateka y'aho hantu.

Wa musaza aramubwira ati “Ni byo, ndibuka ko ku ngoma ya Petero Mukuru, ubu hashize imyaka 200, iyi ntebe bayisize irangi. Umwami atinya ko abagore bashobora kuza kwicara kuri iyo ntebe ikabanduriza imyenda n’irangi. Hanyuma ateguka ko hajyaho umurinzi wo kururinda. Itegeko ntiryigeze rikuka. Hanyuma mu 1908 buri barinzi b’ahantu hose bakubwa kabiri kubera gutinya amahindura [révolution]. Guhera icyo gihe uru rubaho rwarinzwe n’abantu babiri.

Rimwe na rimwe ni byiza kwibaza ngo “kubera iki ndi gukora ibi?” Kenshi njya mbwira abayobozi b’imirimo dukorana ngo “Mugomba kujya mureba mukageza no hirya y’imikorere mwashyizeho.” Ibihe bimwe mu mwaka birakwiye ko musubiza amaso inyuma mukareba gahunda mwashyizeho muri buri cyiciro cy’akazi mukareba niba igenda. Mugomba kugenzura mukareba niba amaraporo mutanga aturuka muri buri cyiciro asomwa cyangwa niba umuntu akiyakeneye. Icyo ni ikintu jye na Dave twifuje mu myaka itandatu ishize ubu ntitukigisubiramo. Ushobora kuba uta igihe cyawe, wirirwa uzenguruka ku bintu byataye igihe cyangwa bitari ngombwa.

### **8. *Imana ikoresha abantu batajya bacogora***

Ushobora guhatirwa gusubira inyuma. Ariko ugomba guhatana ukajya imbere. Ubuzima butarimo kwihata nta cyo bugeraho. Abantu batekereza ko uko mu buzima tutagira ikitugora ko ari ko burushaho kuba bwiza. Ariko ibyo ni ukwibeshya. Ikintu kimwe twibeshyaho twebwe abanyamerika, ndetse kinatwicira n’ubuzima, ni uko usanga nta kintu dufitite cyo gutindahaho dukora, akantu kose ni ugukanda buto [bouton], dukanda za buto ibyuma bikatuzamura bitujya mu magorofa yo hejuru [esanseli], twakanda buto ibikoresho byo mu gikoni bikijyana mu mashini ibyoza, twakongera kuyikanda bikavamo byogeje. Dushyira imyenda mu mashini imesa, twakanda buto igasohokamo imeshe. Tukayishyira mu yindi tugakanda buto igasohokamo yumye. Kandi iyo umuntu ayikuyemo vuba na bwangu ntiyipfunyapfunya ku buryo ikenera guterwa ipasi. Turataka kubera ko dufite amamashini duha gahunda agakora ibyo dushaka! Tukifuza ku kubaho nta kwiyuha icyuya, tekereza ku nkuru ikurikira.

“Bafashe inzuki ziguruka, bazikoraho ubushakashatsi, bazishyira mu mwuka uzikurura kugira ngo barebe uko zihanganira rukuruzi. Mu mwuka uzikurura, zarerembaga hejuru yawo nta kibazo. Raporo y’ubwo bushakashatsi bayihinye muri aya magambo ngo “Zarishimishije mu kuguruka, ariko zarapfuye.”<sup>21</sup> Dushobora kwishimira ko ibintu byose byoroha, kugeza ubwo twishimira n’ubuzima butadusaba imbaraga, ariko bushobora kutwica. Twaremewe gukorana imbaraga, twaba tubizi cyangwa tutabizi, twaremewe gukora, kugira uruhare mu bintu no guhangana n’ibindi. Nta bwo tugomba guhangana na buri kintu cyose, ariko na none ntugomba kuba ba bantu bacika intege bakava mu bintu vuba.

Muri Luka 18:1 dusoma amagambo akurikira: “*Abacira umugani ko bakwiye gusenga iteka ntibarambirwe.*”

Muri uyu mugani Yesu avuga inkuru y’umupfakazi wakomeje kuza k’umucamanza udakiranuka. Amubuza amahwemo aramutitiriza amwinginga kugeza ubwo umucamanza yamurenganuye. Umwanzuro wa Yesu uravuga ngo “Niba uyu mupfakazi yarabujije amahwemo uyu mucamanza udakiranuka kugira ngo amurenganure, ese Imana ntizabakorera nk’ibyo nimuyitakira ku manywa na nijoro?”

Ibya wa mugore wari imugongo wahatanaga mu kivunge cy’abantu agana kuri Yesu akibwira ati “Ninkora gusa no ku myenda ye ndakira” byagenze gute? Yesu yamukirije ubwitange bwe no kutita ku iterabwoba ry’abantu bari bamukikije bamubuzaga kumugeraho.

Ibya Zakayo utarashoboraga kureba Yesu ari gutambuka kubera ko yari mugufi cyane agahitamo kurira igiti cy’umuvumu kugira ngo amurebe byagenze gute? Yesu ntiyamubwiye ngo niyururuke araza kurara iwe? yabonye muri we umutima w’umuntu yifuzaga kuri buri wese. Yabonye ko Zakayo atitaye ku ngaruka zari gukurikira, ahubwo ahitamo gushaka uburyo yagera ku ntego ye.

Zakayo yashoboraga kwibwira ngo: “Ndashaka kureba Yesu, ariko ndi mugufi.” Abantu benshi bahagarikwa na **ariko**: “Nashaka gukora gutya **ariko**... Ndifuzaga kuba nakora gutya, **ariko**... iyaba nari umuyobozi,



**ariko...**” Ntitugomba kwemera gutezuka. Ibuka Pawulo avuga ngo ikiruta byose akora ni ukwibagirwa ibiri inyuma, **agakurikirana**. Niba dushaka kuba abayobozi ibyo ni byo tugomba gukora na twe. Tugomba kwirinda gutezuka, kabone n’iyo haza iki.

### NTUCIKE INTEGE

*Mu mwaka wa kane wa Yehoyakimu mwene Yosiya umwami  
w’u Buyuda, iri jambo ryaje kuri Yeremiya rivuye ku  
Uwiteka riti “Enda umuzingo w’igitabo, ucyandikemo  
amagambo yose nakubwiye nguhanisha Abisirayeli na  
Yuda n’amahanga yose, uherye igihe navuganye nawe ku  
ngoma ya Yosiya kugeza ubu...”*

Yeremiya 36:1,2

Muri iki gihe Yeremiya yari mu nzu y’imbohe. Abantu bashoboraga kuza kumusura, ariko we ntiyasohokaga. Yabonaga ubuhanuzi buturuka ku Mana na we akabwandika. Imana yashoboraga kumuha ubutumwa na we akabwandika ku muzingo w’igitabo. Hanyuma umwe mu bakozi be yashoboraga kuza agashyira ubutumwa rubanda, kubera ko Yeremiya atasohokaga. Aha rero turabona ko Imana itajya ibuzwa gukora n’ibibazo biriho, ishakisha izindi nzira zindi ngo umurimo ukorwe. Kubera ko abantu b’icyo gihe batagiraga za mudasobwa (ordinateur) n’imashini zo gusohora ibyo zanditse, abakarani, cyangwa amakaramu nk’aya yacu ndetse n’udukayi two kwandikamo, kwandika wari umurimo ugoye cyane. Byandikwaga n’ibaba na wino ku muzingo. Iyo hakenerwaga impapuro zirenze rumwe, na zo zandikwaga n’intoki kugira ngo zise n’iza mbere. Bikaba byari ibintu bitinda, binaniza, birimo n’imvune.

Hanyuma Imana yahaye Yeremiya ubuhanuzi bwa Isirayeli na Yuda kandi imutegeka kubyandika ku muzingo. Yeremiya ahamagara umunyamabanga we Baruki, yakandika Yeremiya amubwira ibyo yandika.

Umwami yumvise iby’umuzingo, ategeka ko bawuzana i bwami bakawumusomera. Mu gihe umugaragu we Ehudi yari ari kumusomera uwo muzingo, umwami yafataga impapuro nke zimaze gusomwa akazicagagura n’icyuma, hanyuma akazitwikira mu muriro bari bacanye imbere ye kuko cyari igihe cy’itumba.<sup>25</sup>

Birashoboka ko umwami yari yicaye iruhande rw’umuriro yishyushya n’agacuma ka vino mu ntoki. Uko byari bimeze kose, ntiyigeze yishimira ibyo Ehudi yari ari gusoma kuko yakundaga imibereho ye yuzuye gukiranirwa, kandi akumva atiteguye kuyihindura. Hanyuma acagagura za mpapuro atwika urupapuro ku rundi, kugeza ubwo ubuhanuzi bwa Yeremiya burangiye.

Ushobora gutekereza uko Yeremiya yumvise ameze, yumvise inkuru y’uko bya bintu yanditse bimugoye byatwitswe? Ushobora kwishyira mu mwanya we? Wari wamara umwanya ukora ikintu, wakoze uko ushoboye, hanyuma mu buryo utazi umwanzi akabiyivangamo akabisenya byose?

### ONGERA USUBIREMO

*Umwami amaze gutwika umuzingo n’amagambo ya Baruki yari yanditse uko yavaga mu kanwa ka Yeremiya, ijambory’Uwiteka riza kuri Yeremiya riti “Ongera wende undi muzingo, uwandikemo amagambo yose yari mu muzingo wambere, uwo Yehoyakimu umwami w’u Buyuda yatwitse.”*

Yeremiya 36:27,28

Mbese Imana yashubije iki Yeremiya ku bw’amayobera no gucika intege yari arimo? “Ongera wende undi muzingo, uwandikemo amagambo yose yari mu muzingo” Mu yandi magambo **Ongera usubiremo.**

Niba wowe nanjye dushaka kuba abayobozi beza bo mu Bwami bw’Imana, tugomba kwiga gukora ibintu, - tukabisubiramo, tukongera tukabisubiramo iyo ari ngombwa - kugeza ubwo turenze imitego yose, tukarangiza icyo Imana yaduhamagariye gukora.





**UMWANZURO**





## UMWANZURO

**N**iba ushaka kuba umuyobozi ukoreshwa n’Imana ku rugero runaka, Ushobora kuba we. Imana ihora ishaka abantu izamura mu ntera - kandi ushobora kuba umwe muri bo. Ufite ubushobozi butangaje n’ibyangobwa bihagije; icyo ukeneye gukora ni ukubirera ukabikuza. Uko kubikuza bijyana no kwemerera Imana ikaguhindura. Ibyo bishobora kukubabaza, ariko kera kabaye uzabyungukiramo. Uyo uri kurera ubushobozi bwo kuyobora Imana yashyize muri wowe, umenye ko uba uri kuzigamira ejo hazaza. Ushobora gusa gusohozza umugambi w’Imana ku bugingo bwawe igihe uzahitamo kutaba ikindi, uretse kuba uwo ushobora kuba we. Ibanga ryo kuva ku ntera uriho kugira ngo ugere ku ntambwe ushaka kubaho, ni ugukomeza ntucogore.

Ese umuyobozi mwiza arabivukana cyangwa ahinduka we? Abantu bamwe bavukana impano y’ubuyobozi iba ikeneye kurerwa. Ariko ntutekereze ko ubuyobozi ari ikintu kigerwaho gusa na ba bantu bake bafite impano zidasanzwe. Binezeza Imana gukoresha abantu basanzwe ibintu bidasanzwe.

**Abantu basanzwe bafite intego zidasanzwe bashobora kwiyemeza ibintu bidasanzwe kugira ngo bafashe umubare w’abantu udasanzwe, bashobora na bo kuyobora abandi bantu basanzwe kugira ngo bakore ibintu bidasanzwe.**

Koresha neza ubutunzi bwawe ububyaze umusaruro wuzuye. Kandi hagati aho ufashe n'abandi gukoresha neza ubutunzi bwabo. Gera ku ntera yo hejuru ishoboka, hanyuma ufashe n'abandi kugera hejuru hashoboka.



**ISENGESHO RYO KUGIRANA  
UBUMWE BWIHARIYE N'IMANA**







## ISENGESHO RYO KUGIRANA UBUMWE BWIHARIYE N'IMANA

Imana irashaka ko wakira Impano yayo y'ubuntu y'agakiza. Yesu arashaka kugukiza no kukuzuzza Umwuka Wera kurusha ikindi kintu cyose. Niba utarigera utumira Yesu, Umwami w'amahoro ngo akubere Umwami n'Umukiza, ndakurarikira kubikora nonaha. Senga isengesho rikurikira kandi nurivuga urikuye ku mutima, urabona ubugingo bushya muri Kristo Yesu.

*Mana Data, wakunze isi cyane, bituma utanga Umwana wawe w'ikinege kubw'ibyaha byacu kugira ngo umwizera wese atazarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.*

*Ijambo ryawe ritubwira ko dukizwa n'ubuntu kubwo kwizera nk'impano ituruka kuri wowe. Nta cyo twakora ngo tubone agakiza. Ndizeye kandi natuje akanwa kanjye ko Yesu Kristo ari Umwana wawe, umukiza w'isi. Ndizera ko yapfuye ku musaraba ku bwanjye kandi ko yikoreye ibyaha byanjye akabinyishyurira.*

*Ndizera mu mutima wanjye ko wazuye Yesu mu bapfuye. Ndagusaba ngo umbabarire ibyaha byanjye. Ndahamya ko Yesu ari Umwami wanjye, nk'uko ijambo ryawe rivuga.*

*Ndizeye kandi kuzabana ubuzira herezo nawe. Urakoze, ndagushimiye cyane! Mu izina rya Yesu, Amina*

Soma Yohana 3:16, Abefeso 2:8,9; Abaroma 10:9,10; 1 Korinto 15:3,4; 1 Yohana 1:9; 4:14-16; 5:1,12,13.



## UBUSOBANURO

### Iriburiro

- <sup>1</sup> Reba mu Bagalatiya 5:22,23

### UMUTWE WA 1

- <sup>1</sup> Mariko 10:27,
- <sup>2</sup> reba 1Tesalonike 2:13, Hari ubusobanuro bumwe bw'uyu murongo butsingira ko Imana ari yo ikorera muri twe... Kubera ko Imana ari yo yikorera umurimo muri mwe abizeye (TEV) Izindi Bibiliya nyinshi zitsingira ko Umurimo w'Imana ukorekera muri twe ku bw'Ijambo ry'Imana: Ijambo ry'Imana rikorera cyane muri mwe abizeye (AMP)
- <sup>3</sup> Matayo 18:19
- <sup>4</sup> Umwuka Wera ni zo mbaraga z'Imana ziza muri twe mu gihe cyo kuvuka ubwa kabiri, igihe twakiriye Yesu Kristo nk'umwami n'umukiza. Umwuka Wera aba ahari igihe cyose, arayobora, akereka inzira, hanyuma agakorera no mu mwuka wacu kugira ngo tubashe kumva no guhabwa Imbaraga z'Imana mu buryo bukomeye. (soma yohana 16:13). Afite imbaraga kandi arakomeye kandi ashobora gukorera muri twe ibyo tutakwishoboza ubwacu. Iyo twumviye Umwuka Wera tuba tubeshwaho n'Imana.
- <sup>5</sup> American Dictionary of the English Language, 10<sup>th</sup> Ed. (San Francisco:Foundation for American Christian Education, 1998) Facsimile of Noah Webster's 1828 Edition. Uburenganzira bw'umuhanzi bwa Rosalie J. Slater, S.v. "Pontential"
- <sup>6</sup> Soma Abagalatiya 3:16,19.
- <sup>7</sup> Webersrter's 1928 Edition, s.v. "Development"
- <sup>8</sup> Zekariya 4:10
- <sup>9</sup> soma Itangiriro 2:7

- <sup>10</sup> soma Itangiriro 1:26,27  
<sup>11</sup> Yohana 10:10  
<sup>12</sup> Yohana 8:44  
<sup>13</sup> Gutegekwa 1:2  
<sup>14</sup> Soma Yakobo 4:5,6, Abaheburayo 4:16; Abefeso 2:8  
<sup>15</sup> Soma Timoteyo 3:4,5

## UMUTWE WA 2

- <sup>1</sup> Roger K. Burker Consulting Editor, Health, Physical and Recreation Reprint Series (USA: Brown Reprint, 1970), pp 273,477.
- <sup>2</sup> “Igereranya. Amavuta yashushanyaga Umwuka Wera ...w’Imana, nk’ihame ry’ubuzima bw’umwuka buturuka ku Mana kugira ngo buze bwuzuze kamere isanzwe y’icyaremwe imbaraga z’ubugingo buva ku Mana. Gusigwa amavuta cyari ikimenyetso cyo kubabwamo n’umwuka w’Imana ku bw’umurimo umuntu yabaga atoranirijwe.” New Unger’s Bible Dictionary (Chicago:cyabanje gutangazwa na Moody Press, 1988), s.v. “oil” ryakoreshejwe bitangiwe uruhushya.
- <sup>3</sup> 2 Korinto 3:2  
<sup>4</sup> Kubara 20:3-13  
<sup>5</sup> Abefeso 4:22-24  
<sup>6</sup> Yakobo 1:2,3  
<sup>7</sup> Kuva 18:21  
<sup>8</sup> 2 Timoteyo 2:15  
<sup>9</sup> Matayo 25:20-25  
<sup>10</sup> Abafilipi 3:14  
<sup>11</sup> 1Korinto 15:58

### UMUTWE WA 3

- 1 Matayo 24:27-44; Ibyahishuwe 19:11-16
- 2 soma Ibyakozwe 2:17 “Ijambo “iminsi y’imperuka” rishaka kuvuga neza igihe kizaza muri rusange. Ariko kuko kuza kwa Mesiya ku Bayuda babonaga kwegereje, kikaba ari cyo kintu cy’ingenzi cyari gitegerejwe...iri jambo ryaje ari nk’ubusobanuro bwa byo... Iminsi iheruka, cyangwa iminsi ya nyuma y’isi, yari iminsi ya Mesiya. Aha rero ntihagaragara kandi ndetse ntihashaka no kuvuga ko isi yari igeze ku iherezo. Ibyo babonaga byari ikinyuranyo cy’uko ibintu biri. Bihutishaga ubwami bw’icyubahiro bwa Mesiya bwari kuramba. Kandi uku gutegereza kwaterwaga n’amasezerano y’ubwami bwe bw’iteka ryose. Amasezerano yavugaga gukuzwa kw’ingoma ye itari kugir iherezo...” Albert Barnes, D.D. Barnes’s Notes, Electronic Database (copyright©1997 by BibleSoft). Uburenganzira bw’umuhanzi
- 3 Websiter’s II New College Dictionary (Boston/New York:Houghton Mifflin Company, 1995), s.v. “stability”
- 4 Wycliffe Bible Commentary, Edited by Charles E. Pfeiffer and Evererr F. Harrison, Electronic Data Base (Moody Press, copyright©1962). Uburenganzira bw’umuhanzi. Soma Abaroma 8:4-15
- 5 Joyce Meyer, Managing Your Emotions (Tulsa:Harrison House, 1997)
- 6 Matayo 23:1-3
- 7 Soma Abaheburayo 13:7
- 8 Soma Imigani 16:18

### UMUTWE WA 4

- 1 Soma Abaroma 5:8-10; 1Korinto 15:3,4
- 2 Soma Abaheburayo 13:8
- 3 Soma Abefeso 1:11,12

- 4 Soma Jamieson, Fausset and Brown Commentary, Electric Database (copyright©1997 by Biblesoft). Uburenganzira bw’umuhanzi.
- 5 Abaroma 8:29
- 6 1 Petero 5:8
- 7 Zaburi 62:8
- 8 Imigani 17:17
- 9 Soma Abaroma 6:10,11
- 10 Matayo 26:41

## **UMUTWE WA 5**

- 1 Petero 3:4
- 2 Soma 1 Korinto 9:4-12
- 3 Soma 1 Korinto 3:13-15
- 4 Soma 1 Ingoma 28:9; Iyahishuwe 2:23
- 5 Soma 2 Samweli 11:24:10
- 6 Abaheburayo 11:6
- 7 “Ku ruhande rumwe, Imana yambitse ubusa ku mugaragaru kutizera itanga impano y’igitangaza y’amazi. Ku rundi ruhande ihana Mose na Aroni kubera intege nke zo kutizera kwabo.” Keil&Delitzsch Commentary on the Old Testament:New update Edition, Electronic Database (copyright©1996 na Hendrickson Publishers, inc.). Gikoreshejwe tubihereye uburenganzira. Uburenganzira bw’umuhanzi.
- 8 Abaroma 1:17
- 9 Soma Zaburi 23:3 n’izindi Bibiliya
- 10 Yohana 8:32
- 11 Yakobo 1:22
- 12 Andrew Murray, D.D., Humility: The Beauty of Holiness (Fort

Washington, PA Christian Literature Crusade, Edition of 1961, Reset 1980, Pocket Companion Edition, Unbridged, Edited and Reset 1991)

<sup>13</sup> Webster's 1828 Edition, s.v. "Presuming"

<sup>14</sup> 1 Samuel 16:7

<sup>15</sup> Tito 1:15

<sup>16</sup> Soma Matayo 5:13,14

## UMUTWE WA 6

<sup>1</sup> Matayo 6:14,15

<sup>2</sup> Luka 6:27-38

<sup>3</sup> Itangiriro 37,39

<sup>4</sup> Itangiriro 41-40

<sup>5</sup> Itangiriro 42-45

<sup>6</sup> 2 Ingoma 16:9

<sup>7</sup> Ibyakozwe 7:59,60

<sup>8</sup> 1 Korinto 13:4-8

<sup>9</sup> Kubara 12:1-2

<sup>10</sup> Matayo 7:12

<sup>11</sup> Itangiriro 12:1

<sup>12</sup> Abafilipi 3:13, 14

<sup>13</sup> Yesaya 43:18,19

<sup>14</sup> "nta muntu wabaga ufite inenge ku mubiri cyangwa ubumuga runaka washoboraga kuba umutambyi (Abalewi 21:16-21). Kutagira inenge k'umubiri by'umutambyi byashushanyaga kuzura no kwera k'umutima" Nelson's Illustrated Bible Dictionary (copyright©1986 na Thomas Nelson Publishers). Uburenganzira bw'umuhanzi. Gikoreshejwe tubihereye uburenganzira.



- 15 Matayo 15:14
- 16 Imigani 28:1, 2 Timoteyo 2:24
- 17 Zaburi 18:39

## **UMUTWE WA 7**

- 1 Yesaya 61:3
- 2 Abaheburayo 11:6
- 3 Yakobo 1:12
- 4 1 Korinto 14:33
- 5 Luka 1:26-38
- 6 Luka 2:19
- 7 Zaburi 138:8
- 8 Abaheburayo 11:6

## **UMUTWE WA 8**

- 1 Soma Matayo 25:31-40
- 2 Zaburi 115:17
- 3 Soma Yohana 11:44
- 4 2 Timoteyo 1:6,7
- 5 Umubwiriza 9:10
- 6 Hagayi 1:7
- 7 Abaroma 12:5,6
- 8 Soma 1 Samweli 16:1-13
- 9 1 Samweli 2:6,7
- 10 W.E. Vine's Complete Expository Dictionary of Old and New Testament Words (Nashville: Thomas Nelson Inc., 1984, 1996)  
"An expository of New Testament Words," P. 223, s.v. "Faithful,

Faithfully, Faithless” pistos

<sup>11</sup> Matayo 25:21,23

<sup>12</sup> Abaroma 8:37

<sup>13</sup> Abafilipi 4:13

<sup>14</sup> 2 Korinto 2:14

<sup>15</sup> Iyahishuwe 1:18; Matayo 28:18-20; Abefeso 1:17-23; Yohana 8:44; Gutegekwa 28:13; Yohana 3:16

<sup>16</sup> 1 Timoteyo 6:12

## UMUTWE WA 9

<sup>1</sup> Nehemiya 8:10

<sup>2</sup> Soma Matayo 23:27

<sup>3</sup> Soma Yohana 3:3-7

<sup>4</sup> Mariko 9:21 (umwanditsi yabivuze mu magambo ye)

<sup>5</sup> 1 Yohana 3:8

<sup>6</sup> Abagalatiya 5:22,23

<sup>7</sup> Luka 1:26-38 (umwanditsi yabivuze mu magambo ye)

<sup>8</sup> Matayo 6:14,15

<sup>9</sup> Matayo 6:12 (umwanditsi yabivuze mu magambo ye)

<sup>10</sup> Soma Zaburi 113:1-3

## UMUTWE WA 10

<sup>1</sup> “Lidiya ... yahimbazaga Imana.” Iyi nteruro irirekana idini rye... ni ko abaproselite [icyo umwanditsi yabivuzeho: umuntu wabaga uhindukiriye idini y’abayuda]... yakundaga kujya aho basengeraga ku nkombe y’uruzi, ahantu hari babereye imihango ijyanye no gusenga kw’abayuda y’abayuda. Aho ni ho Pawulo na bagenzi be bamusanze. International Standard Bible Encyclopedia, Original

James Orr 1915 Edition, Electronic Database (copyright © 1995 - 1996 na Biblesoft) Uburenganzira bw'umuhanzi.

- 2 “Imico y’abanyanzareti abantu bayifataga nkaho ari mibi kwitwa umunyagaliiraya cyangwa umunyanazareti byari ibintu bisuzuguritse. (Yohana 7:52). Natanayeli yarabajije ngo mbese Mesiya ashobora kuva ahantu abantu bose bazi ko ari abanyabyaha. Ubu bwari uburyo bwo kwibaza ku bintu byasaga n’ibidasanzwe. Nta bwo kwari ukureba uko ibintu bimeze, ahubwo gushingira k’uko byahoze...” Barnes’ Notes, John 1:46.
- 3 Abefeso 6:5-8
- 4 Gutegekwa 28:1-14
- 5 Nelson’s Illutrated Bible Dictionary, s.v. “fear”
- 6 Matayo 12:34
- 7 Kubara 13:30

## UMUTWE WA 11

- 1 Webster’s 1828 edition, s.v “test” (izina)
- 2 Wesbster’s 1828 edition, s.v. “test” (inshinga)
- 3 Matayo 26:34-75
- 4 Yakobo 1:12
- 5 Yesaya 61:3
- 6 Adamu Clarkes’s Commentary, Electronic Database (Copyright©1996 By Biblesoft). Uburenganzira bw'umuhanzi. “Zaburi 118:22”; Matayo 21:42”
- 7 Yohana 7:5
- 8 Soma Abaheburayo 9:28
- 9 Yohana 15:18-20
- 10 Soma Abaheburayo 10:30

<sup>11</sup> Imigani 18:24

<sup>12</sup> Mu isezerano rya kera, Satani yashatse kwica uruhererekane rw'igisekuru cya Mesiya. Mesiya amaze kuba umuntu, Satani ashaka kumwica (Ibyahishuwe 12:4,5)... Satani yashoye abantu mu byaha mu buryo bwinshi. Hari igihe yabizana ari nk'igitekerezo, nk'uko byabaye kuri Yuda Isikariyota (yohana 13:2,27)... ubundi igaca mu ntege nke z'umuntu (1Ingoma 7:5).” Nelson’s Illustrated Bible Dictionary, s.v. “satan”

<sup>13</sup> Matayo 26:48-49

<sup>14</sup> 2 Samuel 15:1-14

<sup>15</sup> Itangiriro 37, 39

<sup>16</sup> Miriyamu nk'umuhanuzikazi, atari uko ari mushiki wa Mose na Aroni gusa, yafashe umwanya wa mbere mu bagore b'Abisirayeli; na Aroni akaba nk'umutambyi mukuru w'ubwoko bwose bwa Isirayeli. Ariko ariko ntibishimiye ukuntu Imana yakorana na Mose wenyine n'ubububasha yamuhaye. Miriyamu kandi asa nkaho ari we nyirabayazana kuko izina rye ni ryo rivugwa mbere (Kubara 12:1) kandi n'igihano (Kubara 12:10) cyagiye kuri we wenyine” Barnes’Notes, Numbers 12:1.

## **UMUTWE WA 12**

<sup>1</sup> Yohana 11:4

## **UMUTWE WA 13**

<sup>1</sup> Yesaya 14:15

<sup>2</sup> Matayo 26:39

<sup>3</sup> Soma 1 Korinto 16:9

<sup>4</sup> Abaheburayo 12:3

<sup>5</sup> Soma 1 Samuel 24:1-7

<sup>6</sup> Yobu ni urugero rw'umunyamwuka w'intungane - umuntu

wakomeje kwizera kwe nubwo yari afite ibica ntege byinshi bijyanye n'ububabare yari afite.” Nelson’s Illustrated Bible Dictionary, s.v. “Job”

<sup>7</sup> Soma Mariko 6:16-27; Yohana yari umwambari wa Yesu, atari mu murimo we cyangwa mu nyigisho gusa (Matayo 3:1; 4:17) ndetse no mu rupfu rwe, Nelson, s.v. “John the Baptist”

<sup>8</sup> Luka 2:46,47

<sup>9</sup> Luka 2:40

<sup>10</sup> Luka 2:52

<sup>11</sup> William Smith, LL.D., revised and edited by FN na MA Peloubet, A Dictionary of the bible (Nashville:Thomas Nelson, 1962), s.v. “Yesu Kristo” p. 308. “Yesu yatangiye umurimo ubwo yari afite nk’imyaka mirongo itatu.”

<sup>12</sup> Soma Luka 2:51

## UMUTWE WA 14

<sup>1</sup> “Ishusho no gusa bigomba byanze bikunze kuba mu bitekerezo, umutima n’ubugingo bwe bigomba kuba byarahinduwe na kamere no kwera kw’Imana ye. Ubwenge bw’umwana w’umuntu buracyafite ubushobozi burenze urugero, bwari ikirenga ubwo bwamaraga kuva mu biganza by’uwaburemye. Imana yari iri kurema umwuka, kandi uwo mwuka waremwe hakurikijwe kwera na kamere bya Yo. Imana ni yo soko y’uwo mwuka, ku bw’ibyero amazi agomba gusa n’isoko akomokamo. “Adam Clarke’s Commentary, Electronic Database (copyright©1996 na Biblesoft). Uburenganzira bw’umuhanzi. “Itangiriro 1:26”

<sup>2</sup> Abaroma 9:20,21

<sup>3</sup> “...the brilliant concluding piece of Part II of Handel’s Messiah,” The Columbia Encyclopedia, sixth Edition (copyright © 2000, Columbia University Press); available from <<http://www.infoplease.com/ce6/society/A0822457.html>>

4 Websiter's II "charisma"

5 Websiter's II "character"

6 Abefeso 6:6

7 1 Samuel 2:7

8 Luka 8:18

9 Gutegekwa 28:2

10 Matayo 7:16

## UMUTWE WA 15

1 Webster's II, s.v. "balance"

2 Webster's 1828 edition, s.v. "balance"

3 Philippians 4:13

4 Numbers 11:16,17

5 Hebrews 12:2

6 John 10:10

7 1 Kings 18:27 (umwanditsi yabivuze mu magambo ye)

8 "igikorwa cya Eliya gishyigikiwe n'amategeko. Kubera ko uwasengaga ibigirwamana mu bisirayeli yicwaga, kandi bigashyigikirwa n'irindi rivuga ko umuhanuzi, mu gihe cy'ubutegetsu bw'Imana yashoboraga gushyira itegeko no kuryubahiriza, igihe umwami yananiwe inshingano ze." Barnes' notes 1 Abami 18:40

9 Soma Zaburi 18:29

## UMUTWE WA 16

1 Soma Kubara 22:21-33

2 Soma 1 Abakorinto 1:27,28

3 Nk'uko twabibonye mu gice kibanza, ririya buye rikomeza imfuruka

bavuga muri Zaburi 118:22, risa n'iryerekeza kuri Dawidi. Dawidi wanzwe na Sawuli n'abandi bayobozi b'abayuda, nyuma yaje gutoranywa n'Imana aba ari we uyobora Isirayeli. Yesu, ibuye rikomeza imfuruka (soma muri Matayo 21:42), yanzwe kandi abambwa n'abayuda, aza kuzuka nk'impongano y'ibyaha y'abari mu isi. Dushingiye ku gitabo cyitwa "Adam Clarke's Commentary, Electronic Database (Copyright©1996 by BibleSoft). All rights reserved. "Zaburi 118:22," "Matayo 21:42" n'Abefeso 2:20.

<sup>4</sup> Yesaya 61:7

<sup>5</sup> Imigani 15:23

<sup>6</sup> Soma Petero 4:12,13

<sup>7</sup> Soma Yesaya 43:12,13

<sup>8</sup> Soma Yesaya 43:2

<sup>9</sup> Soma 1 Abakorinto 6:20

<sup>10</sup> Soma Abefeso 4:30

<sup>11</sup> John Mason, *An Enemy Called Average* (Tulsa:Harrison House 1990)

<sup>12</sup> John Mason, *Conquering an Enemy Called Average* (Tulsa:Insight International, 1996)

<sup>13</sup> Mason, *Conquering*, P. 15

<sup>14</sup> Mason, *Conquering*, P. 35

<sup>15</sup> Webster's II, s.v. "status quo"

<sup>16</sup> Mason, *Conquering*, P. 77

<sup>17</sup> Mason, *Conquering*, P. 93

<sup>18</sup> Mason, *Conquering*, P. 117

<sup>19</sup> Webster's II s.v. "average"

<sup>20</sup> Paul Lee Tan Th.D., *Encyclopedia of 7,700 Illustrations* (Rockville, MD:Assurance Publishers, 1979), p. 1504

- <sup>21</sup> Dave Grant, *The Great Lover's Manifesto* (Eugene, OR: Harvest House Publishers, 1986), p. 13
- <sup>22</sup> Matayo 9:20-23
- <sup>23</sup> Luka 19:15
- <sup>24</sup> Ahantu nko ku ruhu rw'inyamanswa cyangwa ku mabuye bandikagaho mu gihe cya Bibiliya... ikaramu ikoze mu gati (3 Yohana 13), ikaramu ikoze mu cyuma cyangwa utundi tuntu tundi tumeze nk'uburoso nitwo bakoreshaga bandika ku bintu byoroshye. (Yobu 19:24; Yereimiya 17:1). Hakoreshwaga wino y'umukara rimwe na rimwe iri mu cyuma... "Nelson's Illustrated Bible Dictionary, s.v. "writing materials"
- <sup>25</sup> Yereimiya 36:22,23





## IBITABO BYIFASHISHIJE

*American Dictionary of the English Language*, 10<sup>th</sup> Ed. San Francisco: Foundation for American Christian Education, 1998. Fascimile of Noah Webster's 1828 edition, permission to reprint by G.& C. Merriam Company, 1967 & 1995 (Renewal) by Rosalie J. Slater.

Burker, Roger K. *Health, Physical Education and Recreation Reprint Series*. United States of America: Brown Reprints, 1970.

Grant, Dave. *The Great Lover's Manifesto*. Eugene, Oregon: Harvest House Publishers, 1986.

Mason, John. *An Enemy Called Average*. Tulsa: Harrison House, 1990.

Mason, John. *Conquering an Enemy Called Average* Tulsa: Insight International, 1996.

Murray, Andrew, D.D. *Humility: The Beauty of Holiness*. Fort Washington, Pennsylvania: Christian Literature Crusade, Edition of 1961, Reset 1980, Pocket Companion Edition, Unabridged, Edited and Reset 1991.

Tan, Paul Lee, Th.D., *Encyclopedia of 7,770 Illustrations*, Rockville, Maryland: Assurance Publisher, 1979.

Vine, W.E. *Vine's Complete Expository Dictionary of Old and New Testament Words*. Nashville: Thomas Nelson Inc., 1984, 1996.

*Webster's II New College Dictionary*. Boston/New York: Houghton Mifflin, Company, 1995.



## **IBINDI BITABO BYAGUFASHA BIVUGA KU BUYOBOZI**

Blanchard, Ken. *The Heart of a Leader*. Tulsa: Honor Books, 1998.

Briner, Bob and Ray Pritchard. *The Leadership Lesson of Jesus: A Timeless Model for Today's Leaders*. Nashville: Broadman & Holman Publishers, 1997.

Cathy, Truett. *It's Easier to Succeed Than to Fail*. Nashville: Olivier Nelson, 1989.

Damazio, Frank. *The Making of a Leader*. Portland: City Bible Publishing, 1988.

Hammond, Mac. *Positioned for Promotion: How to Increase Your Influence and*

*Capacity to Lead*. Tursa: Harrison House, 2000.

Maxwell, John C. *The 21 Irrefutable Laws of Leadership: Flow them and People Will Follow You*. Nashville: Thomas Nelson 1998.

Ziglar, Zig. *See You at the Top*. Gretna, Louisiana: Pelican, 1977.



## IBYEREKEYE UMWANDITSI

Joyce MEYER yabaye umwigisha w'Ijambo ry'Imana guhera mu 1976. Hanyuma yiyegurira burundu umurimo w'ivugabutumwa guhera mu 1980. Nk'umufasha wa pasitori mu Itorerero rya "Life Christian Center" mu mugi wa Mutagatifu Ludoviko muri Misuri, yatangiye, ayobora kandi yigisha mu materaniro ya buri cyumweru azwi ku izina ry' "Ubuzima mu Ijambo" (Life In The Word). Hashize imyaka irenga itanu, Imana yaje kubisohozza, imuyobora gushinga umuryango we w'ivugabutumwa awita " Ubuzima mu Ijambo, inc." (Life In The Word, inc.) Iradiyo na Televiziyo by'uyu muryango wa Joyce Meyer, Life In The Word, inc. byumvikana kandi bikagaragara muri Amerika yose no mu isi. Abantu bo ku isi yose bakunda amakaseti y'inyigisho ze. Akunda kugenda hirya no hino akora ibiterane by' "Ubugingo mu Ijambo."

Joyce Meyer n'umugabo we Dave bamaze imyaka irenga 34 babana kandi bafitanye abana bane. Abo bana bose uko ari bane barashatse, bose kandi n'abo bashakanye bakorana na Joyce Meyer muri uwo muryango w'ivugabutumwa. Joyce yizera ko umuhamagaro we ari ugukomeza abakristo mu Ijambo ry'Imana. Avuga ko "Kristo yapfuye kugira ngo abohore imbohe, ariko kugeza na n'ubu hari abakristo benshi badafite na mba cyangwa bafite intsinzi nto mu buzima bwabo bwa buri muni." Kubera ko na we yabaye muri ubwo buzima imyaka myinshi, hanyuma akaza kubaturwa kugira ngo abeho mu ntsinzi ishingiyeye mu gushyira mu bikorwa Ijambo ry'Imana, Joyce afite ibikinewe kugira ngo abohore imbohe kandi atume abantu bambikwa ubwiza mu kimbo cy'ivu. Joyce yizera ko umuntu ugendera mu nsinzi ayobora abandi benshi mu nzira y'insinzi.

Joyce nta mbereka agira, kandi inyigisho zijyana n'ibiriho ku buryo umuntu yazifashisha mu buzima bwe bwa buri muni. Joyce yigishije ku gukira intimba zo mu mutima, n'izindi nyigisho zisa n'izo mu gihugu hose afasha abantu ibihumbi byinshi. Yakoze amakaseti yo kumva atandukanye arenga 200 kandi yanditse ibitabo 39 kugira ngo afashe umubiri wa Kristo mu nyigishozitandukanye. Hari itsinda ry'inyigisho

zivuga ku gukira ibikomere byo mu mutima zimara amasaha 23. Amakaseti amwe y'izo nyigisho avuga ku "Kwiringira" (confidence), "Ubwiza mu kimbo cy'ivu" (Beauty for Ashes), Kugenga ibiyumviro byawe (Managing your Emotions), "Gusharirirwa, kuzinukwa no kutababarira"

(Bitterness, Resentment and Unforgiveness), "Umuzi wo kutemerana" (Root of Rejection) *n'indirimbo z'iminenta 90 zo kuri kaseti yitwa* "gukiza abafite imvune z'umutima" (Healing the Brokenhearted). *Irindi tsinda ry'amakaseti ya Joyce avuga ku "Bitekerezo" ririmo amakaseti 5 yerekeye imitekerereze:* "Ibihome byo mu bitekerezo n'imatekerereze" (Mental Strongholds and Mindsets), "Imitekerereze y'ubutayu" (Wildness Mentality); "Imitekerereze ya kamere" (The Mind of The Flesh) "Imitekerereze izerera, ifite impungenge" (The Wandering, Wondering Mind) n' Ibitekerezo, umunwa, ibiyumviro n'imyifatire." (Mind, Mouth, Moods and Attitudes) *Iri tsinda ririmo kandi igitabo cyiza cyane kitwa "Urugamba rwo mu bitekerezo" (Battlefield of The Mind) . Ku ngingo y'urukundo, afite amatsinda atatu y'amakaseti, "Urukundo ni...", "Urukundo: imbaraga z'ikirenga", no "Gukunda Imana, kwikunda no gukunda abandi."*

Andikira ibiro bya Joyce Meyer ubashe kubona urutonde rw'ibitabo n'ayandi makuru y'uko wabona amakaseti ukeneye kugira ngo ubone gukira kuzuye mu bugingo bwawe.

*Niba ushaka kubona umwanditsi, andika:*

Joyce MEYER Ministries  
P.O. Box 655  
Fenton, Missouri 63026  
Cyangwa uhamagare kuri (636) 349 - 0303  
Urubuga rwa interineti: [www.joycemeyer.org](http://www.joycemeyer.org)

*Niwandika uzashyiremo n'ubuhumya cyangwa ibyagufashije wakuye  
muri iki gitabo. Ibyifuzo byawe na byo bihawe ikaze.*

Ushaka kwandikira umwanditsi muri South Africa, andika:

Joyce MEYER Ministries South Africa  
P.O. Box 5  
Cape Town, 8000  
Cyangwa uhamagare kuri: +27 (21) 701 – 1056

Muri Ositarariya andika:  
Joyce Meyer Ministries – Australia  
Locked Bag 77  
Mansfield Delivery Centre  
Queensland 4122  
Cyangwa uhamagare kuri: 07 3349 1200

Mu Bwongereza, Andika:  
Joyce MEYER Ministries  
P.O. BOX 1549  
Windsor  
SL 4 1GT  
Cyangwa uhamagare kuri: (0) 1753 – 831102